Kwizera k'umukristo gushingiye ku masezerano avugwa n'Ijambo ry'Imana,ayo masezerano ntashidikanywaho.

Ibyiringiro dufite ni ukwizera kwishingikirije ku Ijambo ry'Imana,kandi gufite ubwishingizi kubyo Imana yasezeranye cyangwa yamenyekanishije mbere y'igihe.

Iyo dukoresha Ijambo kwizera ni nkaho twakavuze ko gushyigikira ibyasezeranijwe ari ihame ridakuka.
Mu Byanditswe Byera,kwizera kugaragaza ko amasezerano ateganijwe kubaho mu gihe kizaza azasohora nubwo abakristo batanyura mu buzima busa.
Kwizera ntabwo ari ibintu twiha ngo twireme agatima dutinya iherezo ry'ubugingo bwacu,ahubwo ni urufatiro rw'imibereho yose ya gikristo. Niko guhagarariye ku isi ukuri kw'ibyo tuzabona.

Kubera ko kwizera k'umukristo gushingiye ku masezerano y'Imana,ntigushobora gukoza umuntu isoni cyangwa ngo kumutetereze (Abaroma 5:5).

Kwizera kudashingiye ku masezerano y'Imana ntigufite ireme,nta gaciro gufite,ntigufite ishingiro.

Kwizera k'umukristo niko kwizera nyakuri.

Umwami wacu Yesu KRISTO ubwe n'Imana Data wa twese baradukunze maze baduha ku buntu "ihumure ry'iteka ryose n'ibyiringiro byiza" (Abatesaloniki 2:16).

Uko kwizera kwitwa ibyiringiro by'umugisha, ku buryo bw'umwihariko ku bijyanye no kugaruka kwa Yesu KRISTO "dutegereje ibyiringiro by'umugisha nibyo kuzaboneka k'ubwiza bwa Yesu KRISTO,niwe Mana yacu ikomeye n'Umukiza (Tito 2:13).

Kwizera nanone kwitwa ibyiringiro bizima. ".....tubiheshejwe no kuzuka kwa Yesu KRISTO" (1 Petero 1:3).

Kwizera k'umukristo kumuha ubushobozi bwo kwihanganira gutinda kw'ibyasezeranijwe gusa n'aho kutagira iherezo,gutuma kandi yihanganira imibabaro imugeraho,gutotezwa,ndetse n'urupfu,bamuhora KRISTO. Azi ko byose ari ubusa busa ugereranije n'ubwiza abikiwe mu gihe kizaza.

Pasteur KANYABIGEGA Silas ni Pasteur mu ITORERO METHODISTE LIBRE AU RWANDA- E.M.L.R.

- Fondateur wa MPCR ''MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA''

- akaba ari Gradué muri Théologie '' BAC'' muri Université Nationale des Eglises Protestantes " U.N.E.P."muri R.D.C. , Année Universitaire 1997 - 1998.
- kandi akaba ategura icyiciro cya Kabiri muri iryo shami.
- kandi akaba ari Ingénieur Radio - T.V- HI-FI

KWIZERA

YESU KRISTO

N'iherezo ry'abatamwizera, tumurikiwe na Bibiliya



Pasteur
KANYABIGEGA Silas

Tous droits de reproduction et traduction réservés pour tous pays.
Aucune partie de ce livre ne peut être reproduite, même par photocopie, sans permission écrite.
® Mai 2005

Pasteur KANYABIGEGA Silas
B.P. 1959 Kigali - RWANDA
Tél: (0250) 08610991, 08451611, 513580
E-mail: kanyasilas@yahoo.fr, inmovchrist@yahoo.fr

KUGIRANGO UMUNTU WESE UMWIZERA ATARIMBUKA, AHUBWO AHABWE UBUGINGO BUHORAHO.

Yohana 3:16

ABO DUTUYE IKI GITABO.

.Ababyeyi banjye :

BUHAKE Thaddée (+) na NYIRUMURINGA Julie (+), kuko bagize uruhare rukomeye mu kugirango mbashe kwizera umwami YESU.

.Umufasha wanjye NZAVUGANKIZE Vénantie, udahwema kungira inama, no kumfasha mu murimo w'Imana, ariko cyane cyane, kuko dufatanya neza intambara nziza yo kwizera.

.Abana banjye bose :

- MUSHIMIYIMANA Joyce,
- NSENGIYUMVA Josué,
- MANISHIMWE Evanyse,
- NIYIMPA Judith,
- NISHIMWE Fortunée,
- SEZERANO Samuel Silvain,
- NIYONSHUTI Tite,

n'abandi Umwami YESU azaduha.

.Amatorero yose yizera Yesu Kristo by'ukuri, kuburyo bw'umwihariko,

Umuryango w'Ivugabutumwa:

MOUVEMENT POUR CHRIST AU RWANDA (M.P.C.R)

AMAGAMBO Y'IBANZE.

Turashima cyane Umwami YESU Kristo waduhaye umugisha wo kwandika iki gitabo. Nahabwe ikuzo iteka ryose.

Mu kurangiza iki gitabo, turashimira ku buryo bwihariye abadufashije bose kugirango cyandikwe. Bose turabasaba ngo bakire ishimwe ryacu.

Turashimira kuburyo bw'umwihariko abayobozi bo mu matorero anyuranye batwemereye gusubiza ibibazo twababajije bijyanye no kwizera.Abo ni aba:

Rév. Pasteur Hesbey MURALI, Umunyamabanga mukuru w'Itorero INKURU NZIZA,

Rév. Pasteur Mathias BIMENYIMANA, umwe mu bayobozi b'Itorero ry'Abapantikoti mu Rwanda -A.D.E.P.R –,

Rév.Pasteur NSENGIYUMVA Emmanuel, Umuvugizi wungirije w'Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda –E.M.L.R –

Bose uko bavuzwe haruguru, turabashimiye, tubikuye ku mutima.

IRIBULIRO

Ijambo « KWIZERA » rikoreshwa kenshi, kandi henshi, kuburyo usanga ari ijambo rimenyerewe. Abigisha ijambo ry'Imana bakunze kurivugaho, ariko abenshi ntibaricengera cyane, kandi aribwo Butumwa nyakuri tugomba kujyana. Ni ubutumwa bwuzuye. Twibaze gato kuri iki kibazo : Uramutse ugiye gusura umurwayi, ugasanga ashigaje igihe kitageze ku munota ngo apfe, ndetse ukabona atangiye gusamba, ariko agifite ubushobozi bwo kumva no kuvuga nibura ijambo rimwe ; nk'Umukozi w'Imana ubutumwa cyangwa ijambo wamubwira ni irihe ? Wamusaba ngo akore - avuge- iki mbere yo gupfa ? Mu gihe atarabatizwa, birumvikana ko aba atakibatijwe, mu gihe yaba atarigeze aruhuka umunsi uyu n'uyu, ntabwo yaba akibashije kubikora ; kandi ukaba utekereza ko atemera YESU. Igisubizo cy'iki kibazo : wamusaba ko yizera YESU nk'Umukiza n'Umwami. Aramutse apfuye amaze kwatura ko amwizeye gutyo, ngirango YESU nawe yahita amubwira ati : « uyu munsi turi bubane muri Paradizo. Ngubwo Ubutumwa Bwiza bukwiye kubwirwa n'abandi. Ngo « duhore twiteguye kuko tutazi umunsi cyangwa igihe »

ICYADUTEYE KWANDIKA IKI GITABO, NDETSE N'INTEGO YACYO

Hari impamvu nyinshi zatumye dutegura, tunandika iki gitabo. Mbere na mbere, ni uko natwe turangwa no kwizera Umwami YESU Kristo bikaba byaratwinjiyemo cyane, ku buryo ari bwo buzima bwacu bwa buri munsi. Iki gitabo rero icyo kizadufasha, si ugucengera gusa mu bijyanye no kwizera, ahubwo kizatuma natwe twimenya kurushaho, no kumenya abo turibo muri urwo rwego. Imbaraga ziri mu kwizera, nizo zatumye Itorero ryuzura Umwuka Wera, maze ribaho, kandi ibitangaza byigaragaza muri ryo. Ntabwo kwiga tewolojiya cyane aribyo bituma umuntu abwira umusozi ngo nukurwe aha uterwe mu nyanja, ngo maze nawo umwemerere ahubwo ibyo bishobokera mu mbaraga ziri mu kwizera. Igihe Petero abwira ab'i Yudaya n'abatuye i Yerusalemu ati « wa wundi mwishe mukamubamba … »

si imbaraga ze zamuvugishije ibyo, ahubwo ni imbaraga zo kwizera zari muri we. N'ubwo bimeze bityo, kwizera ntikuvugwaho kimwe n'Amadini, ndetse n'Amatorero yemera Kristo. Bamwe bemera ko kwizera guhagije kugirango uwizeye wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Abandi bavuga ko kwizera kudahagije kubera impamvu zinyuranye. Twagerageje kubaza (interviews) bamwe mu Bayobozi bo mu Matorero atandukanye ngo basobanure uko bumva kwizera, icyo ari cyo, n'ibindi. Ibibazo babajijwe n'ibisubizo batanze murabisanga mu mpapuro ziheruka z'iki gitabo.

Igipimo cy'imyizerere yacu ni Bibiliya, Ijambo ry'Imana. Iryo jambo ritubwira ko kwizera ari Kumwe, Umwami ari umwe n'Umubatizo ari umwe. Nkuko abakristo bemera ko Umwami ari umwe, birakwiriye ko no kwizera kuba kumwe. Tureke kwizera kube Itimasi mu Matorero yacu, nibwo tuzitwa abakiranutsi.

(Yesaya 28 : 17 ; Amosi 7 :7-9 ; 2 Abakorinto 21 : 13)

Mu gihe nk'iki amadini amaze kuba menshi, imyizerere n'imyemerere imaze kuba myinshi no mu matorero ya gikristo, Itimasi irakenewe kugirango inyigisho z'ibinyoma zibone uko zihabwa akato, maze abatuye isi bamenye Inzira n'Ukuri n'Ubugingo.

AHO TWAKOMOYE IBIKUBIYE MURI IKI GITABO, N'UBURYO BWAKORESHEJWE MU KUCYANDIKA

Icyi gitabo cyanditswe twifashishije izindi nyandiko. Twifashishije kandi kubaza abantu (interviews) bafite inararibonye mu Ijambo ry'Imana, kandi babwiriza Ubutumwa Bwiza;ndetse bari mu mwanya uyu n'uyu w'ubuyobozi mu Matorero twita « akomeye ».

Twanditse kandi iki gitabo duhereye no ku bumenyi bwacu bwite, ndetse n'ukuntu natwe ubwacu tubaho mu kwizera, mu mibereho yacu ya buri munsi.

13. TOWER WATCH, IBSA, Should you bilieve in the trinity ? Kinyarwanda(ti-yw), éd. Bible and tract Society and International Bible Students Association , New York, Inc, 1992, pp7,12,15,16,18,22,29,31,32.
14. MAC DONAD William, Le commentaire Biblique du disciple, éd. J-P BURGAT/ La joie de l'Eternel, NASHVILLE, TE(USA), mars 2001
15. Campus pour Christ, Les quatre lois spirituelles

II. INYANDIKO ZITATANGAJWE MU BURYO BWO KUGURISHA(SOURCES INEDITES)

1. MAKELELE K. Cosmas, Eschatologie, Cours inédit, dispensé en G3, Université des Eglises Protestantes(U.N.E.P), Bukavu, Année Universitaire 1997-1998.

III. IBYO TWABWIWE (INTERVIEWS)

1. Rév. MURALI Hesbey, Executive Secretary, INKURU NZIZA Church, interviewé le 12 janvier 2001.
2. Rév. BIMENYIMANA Mathias, Association des Eglises Pentecôte au Rwanda – ADEPR-NYARUGENGE- interviewé le 22 janvier 2001.
3. Rév. NSENGIYUMVA Emmanuel, Vice- Représentant, Eglise Méthodiste Libre au Rwanda, interviewé le 29 mars 2001.

URUTONDE RW'IBYIFASHISHIJWE(BIBLIOGRAPHIE)

I. IBITABO N'IZINDI NYANDIKO

1. GUTHRIED D.,MOTIYER J.A., STIBBS, WISEMAN D.J, Nouveau Commentaire Biblique, éd. Emmaüs, 1806 Saine – Légier, 1984, pp 312.
2. PACHE RENE, l'inspiration et l'autorité de la Bible
3. HALLEY H. HENRY, Manuel Biblique, éd. Vidas, Florida, 1989.
4. Dictionnaire Biblique, éd. Emmaüs, 1806 Saint Légier sur Vevey.
5. La société biblique au Rwanda, La sainte bible en kinyarwanda, Bibiliya yera 1993, B.P. 788 Kigali Rwanda, 1993.
6. Edition de Littérature Biblique, Les Témoins de Jéhovah à la lumière de la Bible, D-Morsbach, sd, ttes les pays.
7. TENNEY MERRIL C., Petit Dictionnaire Biblique, éd. Vida, Miami, Floride, 1989, p. 65.
8. BRIGHT Bill, Dans l'attente du Réveil, Ed. spéciale, CH-8005 Zurich, 1197, p.10
9. KANYABIGEGA Silas, Les charismes spirituels à la lumière du Nouveau Testament, cas des Eglises au Rwanda, Travail de fin de cycle, UNEP B.P 2433 Bukavu, Année Universitaire 1997-1998, P.94.
10. WALVOORD John F., ZUCK Roy. B, Commentaire Biblique du chercheur, éd. Béthel, Sherbrooke Québec, J1H5M4, 1988, P. 504.
11. BOBERT A., FEUILLET A., Introduction à la Bible, Tome I, éd. Desclée & Cie, Lutetioc Parisiorum, di-Februari, 1957, p. 545.
12. MAC DONARD William, un jour é la foi, éd. Spéciale pour l'Afrique, 2750, chemin Sainte-Foy, 1996

INYANDIKO ZIFASHISHIJWE

Twifashishije ibitabo byanditswe n'abahanga cyane muri Tewolojiya, ku bijyanye no « kwizera », tutibagiwe Bibiliya, ndetse n'ibitabo biyisobanura. Twifashishije kandi amasomo ya bibiliya ndetse n'udutabo duto duto natwo twigisha ijambo ry'Imana. Amasomo yo muri Kaminuza, ishami rya tewolojiya, nayo yagiye yifashishwa hamwe na hamwe. Icyo twemeza cyo, ni uko Bibiliya yafashe umwanya wa mbere muri ibi byose, ndetse buri cyose cyanditswe, tukagishyira ku gipimo cyayo, kandi hamwe no gusenga, Umwuka Wera akabigiramo uruhare rukomeye.

IBYO TWABWIWE (interviews)

Twaganiriye n'abapastoro bo mu matorero anyuranye. Ku bashakashatsi mu Ijambo ry'Imana, ibyo abo bayobozi mu matorero anyuranye batubwiye bishobora kuba iby'ingirakamaro. Kubataramenya YESU, ngo bamwizere, bashobora kureba muri rusange uko Amatorero afite imyumvire inyuranye ku KWIZERA, maze bikaba byabafasha no kwihitiramo Itorero bashatse, cyane cyane bamaze gupimisha
imyizerere ya buri Itorero Ijambo ry'Imana, nkuko twagerageje kubibafashamo muri iki gitabo.

IMIBEREHO YACU BWITE

Nkuko tumaze kubivuga, turemeza ko turi bamwe mu bizera YESU nk'Umukiza n'Umwami. Twabyawe ubwa kabiri, turi abana b'Imana,kandi turi abakozi bayo.
Twagiriwe ubuntu bwo gusobanukirwa KWIZERA icyo ari cyo, bityo rero imibereho yacu ya buri munsi yiganjemo byinshi mu biranga umutwe mukuru w'iki gitabo, ariwo : KWIZERA.

UBUSHOBOZI BWO KWANDIKA IKI GITABO AHO BUGARUKIRA

Dushingiye ku buremere bw'izina ry'iki gitabo, kandi na none hakurikijwe igihe twashoboye kubona, ntabwo twakwihandagaza ngo tuvuge ko twakoze ubushakashatsi buhanitse, kubijyanye no KWIZERA. Ariko n'ubwo bimeze bityo, twashoboye kugenda dukomoza ku mpande zinyuranye zo kwizera.

Twabanje gusobanura ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana, kugira ngo hatazagira uwibwira ko KWIZERA ari ijambo ryavuye mu kirere. Tuvuga ku ngingo nyinshi zo kwizera, twerekana iherezo ry'abatizera iryo ari ryo, dutanga inama ku bantu no ku Matorero, muri rusange tugamije ko nta muntu wazajya mu muriro utazima(nta n'umwe tubyifuriza), ahubwo ko buri wese yakwizera, ntazarimbuke, ahubwo agahabwa ubugingo buhoraho.

INGORANE TWAHUYE NA ZO.

Kwandika iki gitabo ntabwo byatworoheye na busa, cyane cyane ko Satani yagombaga kukirwanya kuko kimusenya byimazeyo. Twitwashoboye kubona ibitabo byose twifuzaga. Hari ibitabo byadusabaga kugera ku nzu z'ibitabo za kure cyane bityo ntitwabona ubushobozi bwo kugerayo. Kubera ubushobozi buke na none, ntitwashoboye kugera ku bantu bose twari twaratoranije kugira ngo baduhe ibisubizo ku bibazo bimwe na bimwe.

Zaburi 8 : 3	Yaramijwe n'abana	Matayo 21 : 15-16
Zaburi 41 : 10	Yagambaniwe n'inshuti magara	Luka 22 : 47-48
Zakariya 11 ; 12	Yagurishijwe ibice by'ifeza 30	Matayo 26 : 14-15
Zaburi 35 ; 11	Yashijwe n'abagabo b'ibinyoma	Mariko 14 : 57-58
Yesaya 53 : 7	Yararuciye ararumira mu gihe bamuregaga	Mariko 15 : 4-5
Yesaya 50 : 6	Yaciriwe amacandwe akubitwa n'ibiboko	Matayo 26 : 67
Zaburi 35 : 19	Yanzwe nta mpamvu	Yohana 15 : 24-25
Yesaya 53 : 5	Yapfuye ari igitambo ku bandi	Abaroma 5 : 6-8
Yesaya 53 : 12	Yabambanywe n'abagome	Mariko 15 : 27-28
Zakariya 12 : 10	Bapfumuye ibirenge n'ibiganza bye	Yohana 20 : 27
Zaburi 22 : 8-9	Yarasuzuguwe kandi baramukoba	Luka 23 : 35
Zaburi 69 : 10	Yaragawaga kandi agatukwa	Matayo 27 : 35-36
Zaburi 109 : 4	Yasengeraga abamwangaga	Yohana 19 : 32,33,36
Zaburi 22 : 18-19	Bafindiye ikanzu ye	Matayo 27 : 35-36
Zaburi 22 : 2	Yaretswe n'Imana	Matayo 27 : 46
Zaburio 34 : 21	Nta gufwa rye na rimwe ryavunywe	Yohana 19 : 32-33,36
Zakariya 12 : 10	Bamucumise icumu mu rubavu rwe	Yohana 19 : 34,37
Yesaya 53 : 9	Yahambanywe n'abakomeye, bakize	Matayo 27 : 57-60
Zaburi 16 ; 10, Zab 49 :16	Yagombaga kuzuka	Mariko 16 :6-7
Zaburi 68 : 19	Kuzamurwa mu Ijuru kwe , n'umwanya we imbere y'Imana	Mariko 16 : 19 ; 1 Abakorinto 15 : 4 ; Abefeso 4 :8

ANNEXE IV : IBYAHANUWE KURI MESIYA BYASOHOJWE NA YESU KRISTO NKUKO BYAGOMBAGA GUSOHORA

Ubuhanuzi	**Ingingo nkuru y'icyigisho**	**Gusohozwa**
Itangiriro 3 : 15	Urubyaro rw'umugore	Abagalatiya 4 : 4
Itangiriro 12 : 3	Ukomoka kuri Aburahamu	Matayo 1 : 1
Itangiriro 17 : 19	Ukomoka kuri Isaka	Luka 3 : 34
Kubara 24 : 17	Ukomoka kuri Yakobo	Matayo 1 : 2
Itangiriro 49 : 10	Wo mu muryango wa Yuda	Luka 3 : 33
Yesaya 9 : 6	Umuragwa w'ingoma ya Dawidi	Luka 1 : 32, 33
Zaburi 45 : 7,8 ; 102 : 26-28	Uwasizwe, Uwiteka	Abaheburayo 1 : 8-12
Mika 5 : 1	Yavukiye i Beterehemu	Luka 2 : 4-5, 7
Daniyeli 9 : 25	Igihe cy'ivuka rye	Luka 2 : 1-2
Yesaya 7 : 14	Yabyawe n'umwari	Luka 1 : 26-27, 30-31
Hoseya 11 : 1	Guhungira mu Egiputa	Matayo 2 : 14-15
Yeremiya 31 : 15	Itsembatsembwa ry'abana	Matayo 2 : 16-18
Yeremiya 40 : 3	Inzira yateguwe	Luka 3 : 3-6
Malakiya 3 : 1	Yabanjirijwe n'integuza	Luka 7 : 24, 27
Malakiya 4 : 45,6	Yabanjirijwe na Eliya	Matayo 11 : 13-14
Zaburi 2 : 7	Yahamijwe ko ari umwana w'Imana	Matayo 3 : 17
Yesaya 8 : 23 ; 9 : 1	Umurimo yakoreye i Galiraya	Matayo 4 : 13-16
Gutegekwa kwa kabiri 18 : 15	Umuhanuzi	Ibyakozwe 3 : 20, 22
Zaburi 78 : 2-4	Avugira mu migani	Matasyo 13 : 34-35
Yesaya 61 : 1-2	Yaje gukiza abafite imvune mu mitima	Luka 4 : 18-19
Yesaya 53 : 3	Yanzwe n'abo mu bwoko bwe/ Abayuda	Yohana 1 : 11 ; Luka 23 : 18
Zaburi 110 : 4	Umutambyi mu rwego rwa Merkisedeki	Abaheburayo 5 : 5-6
Zakariya 9 : 9	Yakiriwe nk'uwanesheje	Mariko 11 : 7, 9, 11
Yesaya 53 : 1	Ntiyizewe	Yohana 12 : 37-38

IMIGABANE IRI MURI IKI GITABO

Iki gitabo kigabanijemo imigabane minini itatu, hatarimo umwanzuro.
Mu mugabane wa mbere, twerekanye mu buryo burambuye ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana.
Mu mugabane wa kabiri, twacukumbuye ijambo KWIZERA, kuburyo twibwira ko iby'ingenzi byinshi twabivuzeho.
Mu mugabane wa gatatu, twavuze ku iherezo ry'abatizera, ariko cyane cyane dutanga inama, kugira ngo turebe ko hazakizwa benshi, kuko imbere y'abanze kwizera, umuriro utazima uri gutera ibishashi ushaka uwo uconshomera.
Aha turamenyesha abatizera Yesu – kimwe n'abatamwemera nk'Imana - ko tutabanga,kandi ko turwanya amacakubiri ashingiye ku kintu icyo aricyo cyose,harimo n'amadini.Turabakunda,kandi tunabifuriza kumenya Ukuri kubahesha ijuru kugirango tuzaribanemo.
Hanyuma rero,umwanzuro wadufashije kwandika mu buryo busobanutse,kandi bw'inshamake,ibitekerezo by'ingenzi byavuzwe muri iyi migabane uko ari itatu.

IGICE CYA MBERE : IBYANDITSWE BYERA

Kugirango tumenye neza ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana, ni ngombwa ko tumenya amateka y'Ibyanditswe Byera.

I.1. GUHUMEKWA.

I.1.1. Ubusobanuro.

Ihishurwa ni umurimo Imana ikora kugirango yimenyekanishe ku byaremwe byose.
Guhumekwa ni ubutware bw'Umwuka Wera, mu gushyira ibitekerezo bye mu banditsi b'Isezerano rya Kera, n'Isezerano Rishya, kugira ngo bamenyeshe, kandi bandike mu buryo buzira ikosa, kandi bafite ubutware, Ubutumwa bahawe n'Imana.
Guhumekwa kwa kabiri ni umurimo w'Umwuka wera, mu kuvugisha mu buryo bw'Umwuka no kuzuza umwuka w'abanditsi b'abantu, akabayobora kuburyo bategura Ibyanditswe bihumetswe, bidashobora kubeshya no kwibeshya, Igitabo cy'Ijambo ry'Imana, kandi Umwuka w'Imana abana na cyo iteka, ubudatandukana.

I.1.2.Guhumekwa kw'Ibyanditswe (Inspiration)

Ibyanditswe Byera byose byahumetswe n'Imana (2 Timoteo3 : 16), Ibyanditswe Byera ni Ijambo ry'Imana *(2* Timoteo 4 : 2-4). Satani yahereye kera kose arwanya Ijambo « *Imana yavuze mu by'ukuri ko… »* (Itangiriro 3 : 1).
Nyamara dushobora kwemeza hamwe na Kristo ko *« Ijambo ryawe ni ukuri » (Yohana 17 : 17).* Twe kuzajya tuvuga nka Pilato ngo : *« Ukuri ni iki ?» (Yohana 18 : 18).*
Tugiye kurebera hamwe icyo Bibilia ubwayo ivuga ku guhishurwa, no guhumekwa byayo.

ANNEXE III. INSHAMAKE Y'IGITABO CY'IBYAKOZWE



" Icyakora muzahabwa imbaraga , Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya i Yerusaremu N'i Yudaya yose n'i Samariya no kugera ku mpera y'isi " Ibyakozwe 1 : 8

IBICE	IBYAKOZWE 1-7	IBYAKOZWE 8- 12	IBYAKOZWE 13-28
KWAGUKA KW'ITORERO	I Yerusalemu	Yudaya hose n'i Samariya	M u isi
UBUTUMWA BWIZA	Gutanga ubutumwa mu mugi	Gutanga Ubuhamya mu ntara	Gutanga Ubuhamya mu isi
INYIGISHO NKURU	Imbaraga n'amajyambere mu Itorero	Gukura kw'Itorero	Ingendo eshatu za Pawulo n'imanza ze
ABABWIWE	Abayuda	Abasamariya	Abapagani
UMUKOZI W'IMANA	Petero	Filipo	Pawulo
IGIHE	Imyaka 2(+33 kugeza +35)	Imyaka 13 (+ 35 na + 48)	Imyaka 14 (+ 48 na + 62)
ITERAMBERE	Gutsinda	Byabaye bihagaze	Ingendo n'imanza

ANNEXE II. **UBUZIMA BWA YESU KRISTO**



N'UMURIMO WE KU MUGARAGARO



I.1.3 Guhishurwa kw'Ibyanditswe (révelation)

I.1.3.1. Kuki guhishurwa gukenewe ?

Umuntu ku isi, ariho mu buryo imitekerereze ye igenda rimwe na rimwe inyuranya n'iy'abandi. Kubera ko afite ubwenge ndetse n'uburyo bwo kubona ibintu, usanga ahora akeneye kumenya impamvu n'akamaro ko kubaho kwe, inkomoko y'ikirere n'imiterere y'Uwamuremye.

Mu by'ukuri, usanga azengurutswe n'umwijima. Yakwisubiramo, agasanga adashobora gusubiza n'ibibazo bimugeraho kandi bimwegereye : akomoka he ? Kuki ari umuhigo w'imibabaro n'urupfu ? Ese hari igihe azigera abona umunezero n'amahoro ? Nyuma hazaba iki : kurimbuka, urubanza, cyangwa ubugingo buhoraho ? Ariko cyane cyane: ese Imana iriho ? Niba ari ko bimeze, kuki iri kure yacu ? Kandi se tuzashobora gute guhura nayo ?Amadini yose, n'ibitekerezo bihanitse by'abanyabwenge (philosophie), ni ubuhanga bw'imbaraga z'icyifuzo umuntu afite, aricyo gushakisha ukuri, no kumenya Imana.

Dushobora kwemeza ko ubwo bushakashatsi ari ntacyo bugeraho kigaragara, ndetse rimwe na rimwe bigakurura akaga.

Kugira ngo umuntu agere ku kumenya ubwenge nyakuri, biramukwiriye kwakira ihishurwa riva mu ijuru, ahanini kubera impamvu ebyiri zikurikira :

a. Imana uko iteye ntishyikirwa no kumenya gusanzwe kw'ibyaremwe.

Gushobora byose kwayo, kubaho kw'iteka kwayo, ubutungane bwayo bwihariye, ntibibasha ubwabyo gushyikirwa n'ubwenge bwacu bufite aho bugarukira. Reba Yesaya 55 : 9.

Umucyo wayo ntuhangarwa. Nta muntu n'umwe wari wabona Imana, nta n'ushobora kuyibona (1 Timoteyo 6 : 15-16). Ni ibintu byumvikana ko umuntu ashoboye gusobanukirwa Imana uko yakabaye, yaba abaye Imana ubwe Yesaya 45 :10, ariko Imana ishimishwa no kwihishura. Yaremye umuntu mu ishusho yayo kugirango ayimenye, ayikunde, ayiheshe icyubahiro.

b. Mu kugwa kwe, umuntu yatandukanijwe n'Imana.

Amaze kwirukanywa muri Paradizo, kuva icyo gihe ari mu rupfu rw'umwuka (Itangiriro 2 :17 ; 3 : 24 ; Abefeso 2 : 1,5), n'urw'ubuhumyi. Reba 1 Abakorinto 2 : 14 na 2 Abakorinto 4 : 4.

Umuntu w'umunyabyaha aba atarahindurwa mushya, ntashobora kureba ubwami bw'Imana cyangwa ngo abwinjiremo. Ibyo kugirango bishoboke birasasba ko umuntu abyarwa ubwa kabiri, mu kwakira ihishurwa riva mu ijuru. Reba 1 Abakorinto 2 : 9-10.

c. Ese Imana ishobora kwihishurira umuntu ?

Mu yandi magambo, ese ihishurwa ubwaryo ririho ? Abanyabwenge bamwe babihakanye bavuga ngo : ni gute ibidashira bishobora kuvugana n'ibishira, kandi ibyo byashoboka bite hagati y'Umuremyi n'ibyaremwe ? Reba Zaburi 19 : 4-5.

Ihishurwa, byanze bikunze ni igikorwa cy'Imana, nkuko ibitekerezo nyakuri by'umuntu bidashobora guhishurwa n'undi muntu uretse nyirabyo (1 Abakorinto 2 :11). Bibiliya itugaragariza hose ko Imana itwiyegereza, ngo ivugane na twe, kandi ko umunezero wacu uruta iyindi ari ukuyitega amatwi. *« Umva wa juru we, tega amatwi nawe wa si we, kuko Uwiteka avuga* » (Yesaya 1 : 2).

Ikiremwa ntigishobora kubaho, Umuremyi wacyo atabigizemo uruhare, kandi umuntu wamaze guhindana, nta kindi cyamukiza uretse ihishurwa ry'Ishobora byose ubwayo. *« Ubugingo buhoraho ni uko bakumenya wowe Mana y'ukuri yonyine bakamenya n'Uwo watumye, ari we Yesu Kristo* » (Yohana 17 : 3).

d. Amahishurwa abiri y'Imana.

Imana y'ubushobozi n'urukundo, ishaka kwimenyekanisha no gukunda ibiremwa byayo. Irabyigaragariza, kandi ikimanura kugeza aho ibitekerezo by'abantu bibasha kuyishyikira. Mbere yo kugwa k'umuntu, yari yahishuye Iyo ari Yo, ndetse n'uko iteye.

ANNEXE I. ABANDITSI B'ISEZERANO RISHYA

Izina	Ubwenegihugu	Umugi akomokamo	Umurimo we	Umurimo w'imana	ibice yanditse	Imirongo yanditse	Ibitabo Yanditse
Matayo	Umuyuda/ Umuroma	Kaperinawumu	UmukoreshaW'ikoro	Intumwa ya Yesu	281.	071	Ubutumwa bwa Matayo
Mariko	Umugereki	Yerusalemu	-	Umwigishwa wa Petero	678		Ubutumwa bwa Mariko
Luka	Umugereki	Antiyokiya	Umuganga	Umwigishwa wa Pawulo		52 2.158	Ubutumwa bwa Luka
Yohana	Umuyuda	Betsayida	Umurobyi	Intumwa ya Yesu Kristu	50	1.414	Ubutumwa bwa Yohana
Pawulo	Umuyuda / Umuroma	Tarusisi	Umudozi w'amahema	ntumwa ya Yesu Kristu	87(100)*	2.033(2.336)*	Abaroma, 1 na 2 Abakorinto Abagalatiya, Abefeso, Abafilipi, Abakolosayi, Filimoni, Abatesaloniki, 1 na 2 Timoteyo, Tito, (Abaheburayo)
Yakobo	Umuyuda	Nazareti	Sharpantiye ?	Mwene se wa Yesu	5	108	Yakobo
Petero	Umuyuda	Betsayida	Umurobyi	Intumwa ya Yesu	8	166	1 na 2 Petero
Yuda	Umuyuda	Nazareti	Sharpantiye	Mwene se wa Yesu	1	25	Yuda

III.5.3. Urupfu 214
III. 5. 4. Imbaraga ziri mu kwizera..... 215
III. 5. 5. Inama zigirwa Itorero rya Kristo..... 217

UMWANZURO 220

URUTONDE RW'IBYIFASHISHIJWE 226

ANNEXE I. ABANDITSI B'ISEZERANO RISHYA 236

ANNEXE II. UBUZIMA BWA YESU KRISTO 237

ANNEXE III. INSHAMAKE Y'IGITABO CY'IBYAKOZWE 238

ANNEXE IV. IBYAHANUWE KURI MESIYA 239

INGINGO NKURU Y'ICYIGISHO 241

I. IBITABO N'IZINDI NYANDIKO 241
III. IBYO TWABWIWE (INTERVIEWS).....242

I- **Ihishurwa ry'Imana mu byaremwe.**

Mu by'ukuri, ukwera kutaboneshwa amaso kw'Imana, ubushobozi bw'iteka, n'ibindi…, kuva isi yaremwa, dusa n'aho tubyitegereza n'aya maso yacu, cyane cyane nk'iyo usomye Abaroma 1 : 19-21 ; Zaburi 19 : 2-5.

Dukwiye kumenya ko turi bato cyane ugereranije n'ibyo Imana yaremye, nayo ubwayo. Reba Zaburi 8 : 4-5 ; Yesaya 40 : 12, 5.

Imana yaretse amahanga yose yikurikirira inzira zayo bwite n'ubwo itahwemye gukomeza kubigisha Iyo ari yo, ibagirira neza, ibavubira imvura iva mu ijuru, ikabaha n'ibihe by'uburumbuke, ikagenda ibaha ibyo kurya bihagije, kandi ikuzuza imitima yabo ibyishimo (Ibyakozwe 14 : 15-17).yo Mana « yashatse ko abantu bayishaka, kandi ko bagerageza kuyibona bagombye gukabakaba, n'ubwo itari kure ya buri wese muri twe,kuko ari muri Yo dufite ubugingo bwacu, tugenda turiho » (Ibyakozwe 17 : 27-28). Kugirango umuntu ahinyure iby'Imana ni uko yaba ari impumyi, cyangwa yigize yo ku bushake. Reba Zaburi 14 :1 ; Abaroma 1 : 18-22. Tureke kwiyobagiza .Soma Abaroma 1 : 25.

Tuvuge ko kwihishura kw'Imana mu byo yaremye kuduhagije. Gutuma umuntu abona ubushobozi, ubuhanga buhanitse, no kubaho kw'iteka kw'Imana, ariko ntikwerekana neza isura y'Imana, ukwera kwayo, gukiranuka kwayo, cyangwa se cyane cyane urukundo rwayo rucungura abantu, n'imigambi yayo y'iteka kuri twe; ikitwemeza ko bimeze bityo ni ukuntu bamwe bafite ukundi babona ibintu, ndetse n'imitekerereze inyuranye cyane n'ibyo Ijambo ry'Imana ritubwira, hamwe na hamwe. Abo ni nk'abakuru b'abanyebabuloni, abanyegiputa, abaroma kimwe n'abayisilamu, abahindu, ababudiste, n'abandi. Birakenewe ko isi imurikirwa n'umucyo.

- **Ijwi ry'Imana mu mutima-nama.**

Paulo atubwira ko umuntu agira ijwi ry'Imana, rivugana n'umutima-nama we. Soma Abaroma 2 : 14 –16. Irema umuntu mu ishusho yayo, Imana yamuhaye ubugingo n'umwuka. Ingingo nkuru z'amategeko y'Imana zashyizwe mu mutima we; kumenya akamaro k'ibyiza, n'ibyishimo byo

gukora neza, kumenya ko ikibi kirwanya ubushake bw'Imana, kugira umutima wicira urubanza, kugira icyifuzo cyo gukiranuka, kumenya ko ibyo ukora Imana Umuremyi izabikubaza; ikaguhemba mugihe uzaba wakoze neza, ikaguhana mu gihe uzaba wakoze nabi. Birashoboka ko umuntu yakwihindura mubi, agacecekesha umutima-nama we. Umuntu ku giti cye cyangwa ubwoko, ashobora kujya kure cyane ya za ngingo nkuru. Uretse n'umuntu mukuru, n'umwana muto iyo akoze icyaha arabimenya, kabone naho cyaba ari gito. Urugero : iyo asuzuguye, iyo yibye, iyo abeshye mu buryo butaremereye. Niyo mpamvu ku isi nzima, amoko yose usanga ashishikajwe bikomeye no kubona icyayabera inshungu y'ibyaha byayo. Mu buryo wenda bunyuranye, amadini y'abantu yerekana ubugome bw'umuntu wacumuye ku Mana. Amake cyane muri yo niyo atigisha abantu ku byerekeye igitambo kiva amaraso, kishwe, bagamije kugitura Imana cyangwa ibigirwamana mu mwanya w'umuntu wakoze icyaha. Ijambo « hatamenetse amaraso ntihariho kubabarirwa ibyaha » urebye ntiryavuye ku bantu, kuko tubona ko ahubwo ari ihishurwa Imana yahaye abakurambere bacu bakimara kugwa : Kwambara ubusa kwa adamu na Eva kwahishwe n'impu z'inyamaswa, ntagushidikanya zishwe ku bwabo (reba Itangiriro 3 :21 na 1 : 29 ; Abeli yatsindishirijwe n'igitambo cy'inyamaswa z'uburiza zo mu mukumbi we, n'ibinure byazo (Itangiriro4 : 4 ; Ababeburayo 11 : 4) ; Nowa asohotse mu nkuge, yatambiye Uwiteka ibitambo byoswa (Itangiriro 8 :20-21) n'ahandi.

Mu by'ukuri ; umuntu usobanukiwe n'amahishurwa yombi: iry'ibyaremwe n'iry'umutima-nama, ubundi byakagombye kumworohereza kwakira agakiza : mu gihe abonye ubuto bwe agereranije n'imbaraga zaremye isi n'ijuru n'ibirimo byose, aramya umuremyi n'ubwo atamureba, ndetse agahindishwa umushyitsi n'uko atamukiranukira muri byose. Iyo Umwuka w'Imana amaze kumwemeza, yemera ko nta bushobozi na buke afite bwo guhanagura icyaha yakoze, n'ubwo gukora neza, nkuko abisabwa .Ubwo rero yumva ahumurijwe no kumenya inkuru y'uko hari Umukiza uvugwa hose muri Bibiliya, ihishurwa ryanditse.Reba Ibyakozwe 8 : 27-38 (inkuru y'umunyetiyopiya), Ibyakozwe 10 :1-48 (Umutware utwara

II.15.5. Ibihangange by'isi byo mu bihe bya Bibiliya
II.15.6. Inyamaswa–ntama (agneau) Ibyahishuwe 13 : 11-18)
II.15.7 Gufatanya kw'inyamaswa-ngwe n'inyamaswa-ntama
II.15.8. Babuloni
II.15.9. Icyitonderwa
II.15.10. Imyizerere y'amadini anyuranye ahinyura ubumana bwa Yesu
II.16.Amadini atizera Yesu n'amwitirirwa ariko atemera ko ari Imana.
II.16.1 Amadini atizera Yesu
II.16.2. Amadini yitirirwa Kristo atamwemera nk'Imana
II.16.3. Icyo Bibiliya ivuga ku nyigisho zinyuranye
II.17. Umubatizo.
II.17.1. Amoko y'imibatizo
II.17.2. Umubatizo wo gukebwa
II.17.3 Umubatizo w'abapfuye
II.17.4. Umubatizo w'umuryango
II.17.5. Umubatizo waba utanga agakiza ?
II.17.6. Twahitamo uwuhe mubatizo ?

IGICE CYA III. IHEREZO RY'ABATIZERA YESU

III. 1. Iherezo rya Satani.
III.2. Urubanza rwa nyuma
III.3. Purigatori ntayibaho ?
III.4. Umuriro utazima urindiriwe abatizera Yesu
III.4.1. Gehinomu ni iki ?
III.4.2 Kubabazwa k'uwo muriro.
III.4.3. Igihano kizatangwa hakurikijwe ibyo umuntu yakoze, uko bingana
III. 4.4. Igihe icyo gihano kizamara
III. 4.5. Twahunga umuriro utazima dute ?
III. 5. Imbaraga ziri mu KWIZERA , n'uruhare rwacu muri iki gihe twitegura
III. 5.1 Inama tugira « abanyedini » nsa
III. 5.2. Mu gihe cya vuba tuzaba turi mu kirere

II.5.3. Umukristo uyoborwa n'umubiri 92
II.5.4. Icyitonderwa : « Umukristo » w'umunyedini 93
II.6. Kubyarwa ubwa kabiri 95
II.6.1. I cyo kubyarwa ubwa kabiri kutari cyo 96
II.6.2. Kuki tugomba kubyarwa ubwa kabiri ? 97
II.6.3. Ni gute umuntu ashobora kubyarwa ubwa kabiri ? 99
II.6.4. Nigihe ki umuntu ashobora kubyarwa ubwa kabiri ? 102
II.7. Isano n'ubusabane uwizera afitanye n'Imana 103
II.8. Ubwishingizi uwizera afite, no kudashidikanya ku gakiza ke.....109
II.9. Umutekano dufite mu kwizera Yesu.....112
II 10. Umwuka Wera nawe adutangira ubuhamya. 114
II.10 .1. Umwuka Wera ni nde ? 114
II. 10. 2 Bimwe mu byo Umwuka Wera ahamya ku bizera Yesu 117
II.10.3. Icyaha cyo gusuzugura Umwuka Wera.....118
II.11. Byose bishobokera uwizeye.....119
II.12. Kwizera gukurura ibitangaza 123
II .13. Ibyitegerezo by'abizera nyakuri.....128
II.13.1. Kwizera bijyana no kwihana by'ukuri 128
II.13.2. Kuba umwigishwa wa Yesu 129
II.13.3. Kwizera icyo ari cyo dukurikije Abaheburayo 11 :1 132
II.13.3. Ibyitegererezo by'abizera tubona mu Abaheburayo 11 135
II. 14. Amateka y'Itorer 149
I.14.1. Konstantini 151
II.14.2. Gupaganisha itorero.....152
II. 14.3. Gutoteza no kwica urubozo 153
I.14.4. Imyobo y'ubwihisho y'abakristo(les catacombes 155
II.14.5. Intambara hagati y'abakristo n'Abislamu 156
II. 15. Umwanzi w'Imana, na bamwe bamutiza umurindi babizi cyangwa batabizi.....157
II.15.1. Satani 157
II.15.2. Urutonde rw'abatiza Satani umurindi 159
II.15.3. « 666 » Umubare w'inyamaswa (Ibyahishuwe 13 : 18) 161
II.15.4. Inyamaswa-ngwe(isa n'ingwe), Ibyahishuwe 13 : 1-10 161

umutwe w'abasirikari, witwa Koruneriyo).

Abapagani b'abakurambere, bateye umuremyi umugongo kugirango baramye ibigirwamana, ibishushanyo, abapfumu, ndetse n'inyamaswa. Abapagani bo muri iki gihe cy'amajyambere, bariramya ubwabo, bagashyira hejuru umuntu mu buryo bwo gusuzugura Imana, mu gihe bagitegereje kuramya umuntu udasanzwe, Antikristo.(Abaroma 1 :21-25 ; 2 Abatesalonike 2 : 3-4). Reba 1 Timoteyo1 : 19 ; Abaroma 1 : 20. Mu kugira ngo itumenyeshe urukundo rwayo rucungura, Imana yagombye kuduha ihishurwa rya gatatu, ari ryo ry'Ibyanditswe, aribyo Bibiliya.

Mbese, umupagani wabonye gusa ihishurwa ry'ibyaremwe, n'umutima-nama, ashobora kugera ku gakiza ?Paulo abikomozaho avuga ko buri wese azacirwa urubanza hakurikijwe uko yagiye amurikirwa. Reba Abaroma 2 :12.

Kristo yapfuye ku bw'ibyaha byo mu isi yose. Ari ibyakozwe ataraza ku isi, kimwe n'ibindi byakozwe mu bihe, n'ahantu hataragerwaho no kwigisha Ubutumwa Bwiza (reba Abaroma 3 :25). Umwami Imana rero, azamenya uko agirira buri munyabyaha, bikorewe mu rukundo rwe no gukiranuka kwe. Ibingibi ariko ntabwo byatubuza, twebwe abagiriwe ubuntu bwo kumurikirwa n'Imana mu buryo bwose, kugeza umucyo w'Imana kuri buri kiremwa. Mu by'ukuri, kubera imyijima iteye ubwoba biberamo, bangana iki bariya « bapagani bari mu kuri ? . Imibiri yabo barayihindanije, imitima-nama yabo barayangije, n'imitima yabo yigaruriwe n'imyuka mibi.

e. Ubwenge bwatuma tugera ku kumenya Imana.

Umuntu watandukanijwe n'Imana no kugwa kwe, yamaze kwanduzwa hose n'icyaha. Ntabwo akiri ikiremwa gitunganye, cyaremwe mu ishusho y'Imana. Reba Abaroma 1 : 21-22 ; 1Abakorinto 2 :14-16 ; 1 :19-20 ; 2 Abakorinto 10 : 5 ; Abakorosayi 2 : 8. Aya magambo uyatekerezeho.

Birumvikana ariko na none ko igihe ihishurwa ry'ibyaremwe, iry'umutima-nama n'iry'ubwenge bitagize icyo bigeraho, inzira imwe iba isigaye yo

kumenya Imana ku giti cyawe, kandi by'ukuri, ari ihishurwa Yo ubwayo yishimira kuduha ikoresheje Umwuka wayo.

f. Inzego z'ihishurwa kuva ku kugwa kwa muntu.

Ako kanya nyuma yo gusuzugura kw'abakurambere bacu, Imana yahise itangira gahunda yo gukiza umuntu. Dukurikije Bibiliya, ntabwo ari umuntu ushaka Imana y'ukuri (Abaroma 3 : 11). Icyemezo cyo gushaka undi cyagizwe n'Imana, ishaka ubudatuza intama zazimiye. Ubugingo buhoraho ni uko bamenya Imana y'ukuri yonyine n'uwo yohereje, Yesu Kristo (Yohana 17 : 3). Imana ikoresha ibyabigenewe byose ngo igere ku muntu bavugane, si ku byiza byayo byonyine, ahubwo imusobanurira Iyo ari Yo ubwayo. Reba 2 Petero 1 : 3. Icyo gikorwa ariko kiremereye gityo birumvikana ko kitashyirwa mu bikorwa mu munsi umwe, ahubwo byagiye biba bikurikirana, ndetse mu buryo bunyuranye. Reba uruhererekane rwabyo.

- Kubonekerwa (les théophanies : kuboneka kw'Imana.

Biragaragara cyane mu bitabo bya Bibiliya bya mbere. Yazaga ubwayo, cyangwa nka Malayika w'Uwiteka.

Imana yabonekeye :

– Aburahamu (Itangiriro 17 : 1,22 ; 18 : 1 n'ahandi),
– Isaka (Itangiriro 26 : 2),
– Mose (Kuva 3 : 2-6 ; 33 :11),
– Gedeyoni (Abacamanza 6 : 12, 14-18 n'ahandi).

Bamwe bibajije niba uriya Malayika w'Uwiteka, wari ufite ibiranga Imana byose, atari ukwigaragaza mbere y'igihe, kandi k'umwanya muto, kwa Yesu Kristo ubwe. Umwana w'ikinege niwe wenyine umenyekanisha Imana (Yohana 1 : 18).

Nyamara iyo usomye Kuva 23 : 20-21, Imana ivuga kuri uwo Malayika, Utandukanye na bagenzi be, ngo : « Izina ryanjye riri muri we ». Uyu tuvuze haruguru niwe wavuganye na Mose kuri Sinayi (Ibyakozwe 7 : 38), ni nawe wakijije Abisirayeli mu byago byabo byose (Yesaya 63 : 9).

.

I.2.4. Uko Kiliziya gatolika ibona ubutware bw'ibyanditswe 29
I.2.5. Imana yihinduye umuntu.....31
I.3. Bibiliya.....32
I.3.1.Bibiliya ni ijambo ry'Imana.....32
I.3.2. Amwe mu mateka ya Bibiliya.....35

IGICE CYA KABIRI : KWIZERA YESU KRISTO.....38

II.1. Imana, umuntu, icyaha, kristo niwe muti 38
II.1.1. Imana 38
II.1.2. Umuntu 41
II.1.3. Icyaha 44
II.1.4. Yesu Kristo 48
II.2. Umusaraba wa Yesu.....65
II.2.1. Amateka y'umusaraba wa Yesu 65
II.2.2. Umusaraba 71
II. 2.3. Uko kubambwa byakorwaga 72
II.3. Kwizera gukorwa gute? 73
II.3.1. Ubusobanuro bwo kwizera 73
II. 3. 2. Ni nde twashyiramo ibyiringiro byacu? 76
II. 3. 3. Wakwizera ute ? 76
II.4. Bimwe mu bintu biboneka iyo umunyabyaha yizeye Yesu 82
II.4.1. Yitwa umukiranutsi 82
II.4.2. Arezwa 83
II.4.3. Aba yiyunze n'Imana.....83
II.4.4 Arahinduka.....85
II.4.7. Ahindurwa mushya, abyarwa ubwa kabiri.....87
I.4.8. Aracungurwa 88
II.4.9. Ararobanurwa 88
II.4.10. Ahinduka umwana w'Imana 89
II.4.11. Imana imuha ubwiza.....90
II.5. Isi ituwe n'abantu batatu 90
II.5.1. Umuntu utari umukristo.....91
II.5.2. Umuntu wizeye Yesu Kristo.....91

IBIRIMO

ABO DUTUYEIKI GITABO 2

AMAGAMBO Y'IBANZE 3

IRIBULIRO 4

ICYADUTEYE KWANDIKA IKI GITABO NDETSE N'INTEGO YACYO.....4

AHO TWAKOMOYE IBIKUBIYE MURI IKI GITABO N'UBURYO

BWAKORESHEJWE MU KUCYANDIKA.....5

Inyandiko zifashishijwe.....6
Ibyo twabwiwe (interviews) 6
Imibereho yacu bwite.....6

UBUSHOBOZI BWO KWANDIKA IKI GITABO AHO BUGARUKIRA.....7

INGORANE TWAHUYE NA ZO 7

IMIGABANE IRI MURI IKI GITABO.....8

IGICE CYA MBERE : IBYANDITSWE BYERA.....9

I.1. GUHUMEKWA.....9
I.1.1. Ubusobanuro.....9
I.1.2.Guhumekwa kw'ibyanditswe (Inspiration).....9
I.1.3 Guhishurwa kw'ibyanditswe (révelation).....10
I.2.UBUTWARE BW'IBYANDITSWE BYERA 25
I.2.1. Ubuhamya bwa Bibiliya 26
I.2.2.Guhamya kw'intumwa 27
I.2.3. I myizerere ivuguruye 28

- Inzozi n'amayerekwa (Kubara 12 : 6).

Ingero z'abagiriwe ubuntu bwo kubyemererwa :

– Yakobo (Itangiriro28 : 12-16),
– Salomo (1 Abami3 : 5-15),
– Danieli (Danieli2 :19,28 ; 7 : 1 ; 10 :7-8),
– Yozefu Umugabo wa Mariya (Matayo1 : 20 ; 2 :13, n'abandi).

Kumva ijwi ry'Imana hatiriwe habaho kuboneka kwayo kwihariye

– Imana isanga Balamu (Kubara 22 : 9 ; 23 : 4),
– Imana yavuganaga na Mose, imbona nkubone, nk'uko umuntu avugana n'inshuti ye (Kuva 33 :11)Ibitangaza n'ibimenyetso

Bituma umuntu arushaho gutekereza ku Mana, kandi bikagaragaza imbaraga n'ubushobozi, hamwe no kwera, kubaho, n'ibikorwa by'Imana isumba byose :

– Igihano cy'umwuzure, no gukizwa kwa Nowa (Itangiriro 6 : 9),
– Gusenyuka kwa Sodomu, no guhungishwa kwa Loti (Itangiriro 19),
– Igihugu gishya, ibyago bya Egiputa,
– Inkingi y'igicu, gukira kw'Abisiraeli (Kuva 3 kugeza 15),
– Ibitangaza byo mu butayu (Kubara), no kwinjira muri Palestina (Yosuwa), n'ibindi.

Abahanuzi

Imana yihishuriye abantu batoranirijwe umurimo wayo, ibohereza kubwira ubwoko bwayo ibyo bumvise.

Uwa mbere mu bahanuzi (cyangwa mu bajyanaga ubutumwa) bakuru ni Mose, uwahishuye amategeko (Kuva 4 : 10-12 ; Gutegeka kwa kabiri 18 : 18).

Amayerekwa n'amagambo,akenshi usanga umuntu yabyitiranya. Reba Amosi 1 :1.

Kera umuhanuzi yitwaga « bamenya » (1Samweli 9 : 9); hanyuma icyarangaga abiyitaga abahanuzi ataribo, ni uko ntacyo berekwaga (Ezekiyeli 13 : 3).

Abahanuzi bakoreshwaga n'Umwuka w'Imana.

Reba: Kubara 11 : 25,29 ; 1Samweli 10 : 6,10 ; Nehemiya 9 :30, kimwe na Zakariya 7 : 12 ; Ezekiyeli 1 : 3 ; 3 : 14, 22,24 ; Mika 3 : 8 ; 2 Petero 1 : 21.

Umurimo w'abo bantu wagize akamaro na none muri Israeli, nyuma y'uko ubu bwoko bwangiye ubutegetsi bw'Imana ubwayo, kandi bukishyiriraho n'ingoma ya cyami (1Samweli 9 : 7). Ntacyo Imana ikora itabanje kumenyesha abagaragu bayo (Amosi 3 :7). Umurimo w'abahanuzi na none wari uwo gutegura intambwe ikurikiraho y'ihishurwa (Révélation) ryo kwihindura umuntu kw'Imana, n'umurimo wo gucungura wa Mesiya.

Ihishurwa ry'Imana muri Yesu Kristo.

Aya mahishurwa yose tumaze kubona yacaga ku bandi bantu, cyangwa mu bundi buryo, ariko ugasanga hari ikibuze. Mu by'ukuri, yavugaga Imana y'ukuri, ariko ikiri kure, kandi itaboneshwa amaso y'abantu, cyangwa se ayo mahishurwa akaboneka mu gihe gito ; iyerekwa, ubutumwa bufitiye abantu akamaro, n'ubundi butuma abantu bagira icyo bibwira, ariko byanze bikunze ugasanga hari ikibuze.

Yesaya, umunyamwuka kurusha abandi bahanuzi, nawe yabonaga ko hari ikibuze, ubwo yasakuzaga cyane (reba 45 : 15 ; 63 : 17,19). Ariko na none, abona habonetse igisubizo ku bantu b'abanyabyaha.(Yesaya 35 : 4).

Yesu Kristo ni Imana yigize umuntu, Jambo uhoraho yihinduye umuntu. Ntabwo ari ihishurwa rishya atuzanira gusa, ahubwo We ubwe niwe iryo hishurwa. (Reba Yohana1 : 18 ; Matayo11 : 27 ,kandi Kristo nawe ubwe aravuga « Yohana 14 : 9 ».

Afite ibigize Imana byose : ubushobozi bwose, ukwera kutagereranywa, urukundo ruzira inenge, kubera hose icyarimwe, kumenya byose. Reba 1 Abakorinto 1 : 30, Abakorosayi 2 : 9.

Ibyo Data wa twese azi byose, Yesu nawe arabizi, kuko We ariwe bwiru bw'Imana …», akaba ahishwemo ubutunzi bwose bw'ubwenge no kumenya » Abakolosayi 2 : 3.

- Ikibazo cya 7 : Uwamaze kwizera by'ukuri ashobora kugwa mu cyaha cyo kutizera ?

Igisubizo : Birashoboka

- Ikibazo cya 8 : Uwizera Kristo yakira Umwuka Wera gihe ki ?

Igisubizo : Igihe yemeye kuyoborwa n'Umwuka Wera.

- Ikibazo cya 10 : Kwizera bikorwa gute ?

Igisubizo : -

- Ikibazo cya 11 : Umuntu yakira, yizera Yesu inshuro zingahe ?

Igisubizo : umuntu yakira Yesu inshuro imwe gusa.

- Ikibazo cya 12 : Uwizera afite kamere zingahe ?

Igisubizo : Uwizera afite kamere ya Yesu Kristo.

Igisubizo :Abafite kamere ebyiri ntibashobora kunezeza Imana. Uwizera aba afite kamere imwe gusa y'Imana. Ntawukeza abami babiri. Aba afite kamere imwe ariko ikapta – Yakira amajwi nk'iradiyo- Iby'Imana cyangwa ibya Satani. Imana yahaye cyangwa yaremanye umuntu ubushake(liberté, volonté), umuntu ashobora kurambirwa Imana cyangwa akirevolta(akigomeka)kuri Satani.

C. Rév. NSENGIYUMVA Emmanuel, Umuvugizi wungirije w'Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda, taliki ya 29/03/2001.

- Ikibazo cya 1 : Dukurikije ibyanditswe byera cyane cyane Yohana 3 : 16, umuntu yakora iki kugirango abone agakiza ?

Igisubizo :Umuntu yakwemera ibyaha bye, akabyihana, kandi akizera Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza.

- Ikibazo cya 2 : Iyo umuntu yizeye Yesu, ahita aba icyaremwe gishya ?

Igisubizo : Ijambo ry'Imana ritubwira neza ko iyo umuntu ari muri Kristo Yesu, aba ari icyaremwe gishya, kuko ibya kera biba bishize. Aba yambuye umuntu wa kera umutoza gukora icyaha , yambaye umuntu mushya umubuza gukora icyaha.

- Ikibazo cya 3 : Icyaha kizatuma umuntu arimbuka ni ikihe ?

Igisubizo : Ijambo ry'Imana ritubwira ko icyaha icyo ari cyo cyose kijyana umuntu kurimbuka.

- Ikibazo cya 4: Umuntu wageze ku musaraba, yizeye Yesu by'ukuri abasha kurimbuka ?

Igisubizo : Mu gihe yageze ku musaraba, ariko ntagumye gutinya icyaha, abasha kurimbuka.

- Ikibazo cya 5 : Umukristo wizeye by'ukuri ashobora kumenya gute ko azajya mu ijuru ?

Igisubizo : Umuntu wizeye by'ukuri, ashobora kumenya ko azajya mu ijuru, abihamirijwe n'Ibyanditswe Byera.

- Ikibazo cya 6 : Garanti y'ibyo twizera ni iyihe ?

Igisubizo : Nta garanti yo kwizera ibaho

Urwandiko rw'Abaheburayo rushyira mu ncamake amateka y'amahishurwa. « Kera Imana yavuganiye na ba Sogokuru mu kanwa k'abahanuzi mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose, niwe yaremesheje isi » Abaheburayo1 : 1-2.

Muri Yesu, amagambo yose y'Imana yashyizwe mu bikorwa : igitambo cyo ku musaraba cyatumye dusobanukirwa neza n'urukundo, n'ubutabera by'Imana, mu gihe yatanze impongano y'ibyaha byacu. Hanyuma kandi asohoza amasezerano y'ubugingo buhoraho, igihe yazuraga Umwana we mu bapfuye.

Kristo, Imana yuzuye yigaragaje, niwe rero herezo ry'amategeko (Abaroma 10 : 4), ariko kandi ni nawe herezo ry'amahishurwa yose. Ni nawe herezo ryayo, kuko Umwuka we ariwo uhumeka buri buhanuzi (1Petero1 : 11 ; Ibyahishuwe 19 : 10), kandi ko kugeza iteka ryose tuzahora tureba « Ihishurwa rya Yesu Kristo ». Ibyahishuwe 1 : 1.

Ibyanditswe

Amahishurwa yose tumaze kubona iyo atandikwa, ubu tuba tuyaziho iki, ko abo yahawe batakiriho ? Mbere amategeko yandikiwe Abisirayeli, banamenya kandi ubushake bw'Imana binyuze ku Bahanuzi. Nyuma yahoo, Abahanuzi bandika amagambo yabo yari afite imbaraga nk'iz'umuriro. Ubwa nyuma haza inyigisho za Kristo, n'iz'intumwa. Ubwo Butumwa bw'Imana bwarakiriwe , burandikwa bugera no ku bantu.

- Ubuhamya bwa bibiliya

Dukurikije 2Timoteo 3 : 16-17, *Ibyanditswe byose uko byakabaaye bifite umumaro :*

- **Wo kwigisha** : Ni ukuvuga gushyiraho urufatiro rw'ukuri kw'Imana. « Kwigisha no gucukumbura ibyanditswe biruta amasomo yose ya tewolojiya n'ay'iyobokamana. Reba Gutegeka kwa kabiri 4 : 36 ; Zaburi 94 : 12 ; Abaroma 15 :4.

- **Wo kwemeza** : (bivuga kimwe no muri Yohana 16 : 8) gukora kuburyo umuntu yemera, kugaragaza ikosa ry'icyahamijwe ko ari ukuri ukoresheje ibimenyetso binyuranye n'ibya mbere, kuburizamo ikosa, kandi burya ikosa niryo ribi cyane kurusha ubujiji. Umuntu afite ubwenge buri w'icuraburindi, n'umutima unangiwe (Abefeso 4 : 18) ; birasaba imbaraga z'Ijambo ry'Imana ngo zimufungure amaso, kandi zimwemeze ukuri. Yeremiya 23 : 29 ; Abaheburayo 4 : 12).
- **Wo kumutunganya** : gusubiza mu nzira iboneye umwana w' Imana wazimiye, kumwihanangiriza, kumwereka amakosa ye mu rukundo, n'ubutware bw'Imana ubwayo.Umuntu ayoba mu buryo bworoshye mu mibanire ye n'abandi, ndetse n'amategeko y'idini ; nka cya giti kikiri gito, akeneye umurezi umwitangira.Reba Zaburi 119 : 9,11
- **Wo kumuhanira gukiranuka** : Ibi bisobanura kurera abizera, no kubigisha. Ubwo burezi bw'Umwuka, nibwo butugeza ku kigero nyakuri cya Kristo. Ibyanditswe ntibiduhugura gusa mu mitekerereze, no mu ngeso zacu, bigenda bitwereka na none intandaro yo kubaho kw'ibyaremwe. Reba Zaburi 119 : 98-99,130 ; 2Timoteo 3 :15 ; kugirango umuntu w'Imana abe yuzuye kandi abe afite ubushobozi bwo gukora umurimo mwiza wose, ashyitse, atabuzeho na gato (Yakobo 1 : 4).

- Guhumekwa kw'Ibyanditswe, ni igitangaza cy'Imana.

Twashobora kumenya iki nibura ku ruhererekane rw'ihumekwa?

Inkomoko y'ihumekwa, dukurikije 1 Abakorinto 1 na 2 :

a Hari ugutekereza kw'Imana, Ubwenge bw'ubwiru bw'Imana bwahishwe kandi buhoraho (1 abakorinto)

b Umuntu wa kamere wahumishijwe n'icyaha cye, ntashobora kumenya uko gutekereza, cyangwa ngo akwakire. Ubutumwa bwiza kuri we ni ubusazi
(1 Abakirinto 2 : 14,9 ; 1 : 18,23)

c Imana ubwayo niyo ifata iya mbere ikatumenyesha iyo ari Yo, ndetse n'agakiza kayo, ikoresheje Umwuka wayo. Iryo hishurwa

- Ikibazo cya 4 : Umuntu wageze ku musaraba, yizeye Yesu y'ukuri abasha kurimbuka ?

Igisubizo : Impanda iramutse imutunguye cyangwa apfiriye mu cyaha runaka, uwo ararimbuka. Ntiyakwitwaza ngo yigeze kwizera.

- Ikibazo cya 5 : Umukristo wizeye by'ukuri ashobora kumenya gute ko azajya mu ijuru ?

Igisubizo : Iyo akijijwe avuga ngo azajya mu ijuru. Ahora yizeye ko azjya mu ijuru, kuko niyo aguye mu ntege nke ahita yihana. Arwana buri munsi.

- Ikibazo cya 6 : Garanti y'ibyo twizera ni iyihe ?

Igisubizo : Twizera Imana y 'ukuri, nyamara ikomeye. Garanti yacu ni Yesu Kristo n'Umwuka Wera uduhamiriza ko turi abana b'Imana.

- Ikibazo cya 7 : Uwamaze kwizera by'ukuri ashobora kugwa mu cyaha cyo kutizera ?

Igisubizo : Ashobora kukigwamo akihakana uwo yari yizeye. Akizera undi. Ni rebelle(inyeshyamba) akazarimbuka.

- Ikibazo cya 8 : Uwizera Kristo yakira Umwuka Wera gihe ki ?

Igisubizo : Iyo umuntu yakiriye Yesu Kristo aba yakiriye Imana imwe mu butatu.

- Ikibazo cya 9 : Kwizera ni iki ?

Igisubizo : Kumenya rwose udashidikanya, wiringiye ko ibyo utareba ko ari iby'ukuri(Abaheburayo

- Ikibazo cya 10 : Kwizera bikorwa bite ?

Igisubizo : Umuntu yizeza umutima we, no kwihana ibyaha bye, agasaba Imana imbabazi.

- Ikibazo cya 11 : Umuntu yakira, yizera Yesu inshuro zingahe ?

Igisubizo :Yakira Yesu inshuro imwe , ariko iyo aguye arongera akezwa, kuko Yesu aba yagiye. Ni ukugaruka.

- Ikibazo cya 12 :Uwizera afite kamere zingahe ?

utareba ko ari iby'ukuri(Abaheburayo 11 : 1)

- Ikibazo cya 10 : Kwizera bikorwa bite ?

Igisubizo : Abaroma 10 : 17, 19. Kumva ijambo ry'Imana, Kwemera ko Yesu ari Umukiza wawe bwite no kwemera ko Yesu ari Umwami.

- Ikibazo cya 11 : Umuntu yakira, yizera Yesu inshuro zingahe ?

Igisubizo : imwe.

- Ikibazo cya 12 : Ese Yesu ashobora kuva mu mutima w'umwizera ?

Igisubizo : Oya.

- Ikibazo cya 13 : Uwanze kwizera Yesu by'ukuri impanda y'imperuka iramutse ivuze cyangwa apfuye, hari icyaha atihannye yarimbuka ?

Igisubizo : Oya.

- Ikibazo cya 14 : Uwizera afite kamere zingahe ? Ese kamere y'Imana ishobora kumuvamo ?

Igisubizo : Imwe. Kamere y'Imana ntishobora kumuvamo.

B. Rév. BIMENYIMANA Mathias, Ishyirahamwe ryAmatorero ya Pantekoti mu Rwanda, Umushumba wa A.D.E.P.R- Nyarugenge, tariki ya 22/01/2001

- Ikibazo cya 1 : Dukurikije Ibyanditswe Byera cyane cyane Yohana 3 : 16, umuntu yakora iki kugirango abone agakiza ?

Igisubizo : Agomba kwizera. Kwizera guheshwa no kumva. Kwizera bimwereka ko ari umunyabyaha, noneho akihana.

- Ikibazo cya 2 : Iyo umuntu yizeye Yesu, ahita aba icyaremwe gishya ?

Igisubizo : N'abadayimoni baramwizera(Muri Yakobo)

- Ikibazo cya 3 : Icyaha kizatuma umuntu arimbuka ni ikihe ?

Igisubizo : Abamwizera nta teka bacirwaho. Icyo cyaha ni ukutizera. Kuba umuntu atizeye bimubereye urugi rutuma apfira mu byaha.

a Kristo, Umwana w'intama w'Imana yari yarateguriwe kuba Umuhanuzi w'agakiza kacu, kuva isi itararemwa (1 Petero 1 : 19-20, 10).

b Umwuka we yageze ku Bahanuzi (yari muri bo, mu mutima), abahishurira igihe n'uburyo Mesiya azazamo, ndetse no kubabazwa kwe, n'ubwiza bw'uburyo bwinshi bwagombaga kuguheruka (1 Petero 1 : 11), kuko ubwo ari bwo Butumwa bw'ihuriro, kandi bw'ingenzi bw'Ibyanditswe.

c Iryo hishurwa ryari rirenze ubwenge bw'Abahanuzi, bari bazi neza ko abandi (ab'igihe kizaza) ari bo bazabona gusohora kw'Ibyasezeranijwe.

d Inkuru y'umurimo wa Kristo ku isi, n'abamalayika babigirira amatsiko, bashaka kubirunguruka ndetse n'abandi batuye ijuru ni uko. (1Petero 1 : 12 ; Abefeso 3 : 16).

e Bayobowe n'Umwuka Wera, Abahanuzi bavuganaga ubutware ibyo Imana yabahaga (2 Petero1 : 21) ; babitugejejeho mu buryo bwanditse kuko bahishuriwe yuko batabyirekewe, ahubwo ko ari twe babyerekewe (1 Petero 1 : 12).

f Ubutumwa (message) bw'Abahanuzi ba kera (isezerano rya kera), mu miterere yabwo, ntaho butaniye n'Ubutumwa Bwiza (Isezerano rishya), buri kubwirizwa muri iki gihe, mu mbaraga z'Umwuka Wera, ari nawe wakoranaga na bo (1Petero 1 : 12 ; 1Abatesalonike 1 : 5). Dukwiye gutangazwa n'ubushishozi Bibiliya yandikanwe, ndetse n'ukuntu itagiye ivuga iby'amanjwe, ahubwo yagiye gusa ivuga ibyangombwa,ihora yemeza igitangaza cyo guhumekwa kw'Ibyanditswe.

- Uburyo Imana yagiye ivugana n'Abahanuzi bayo.

Reba Abaheburayo1 : 1-2. Imana imwe niyo yavugiye mu Isezerano rya Kera, ndetse no mu Isezerano Rishya. Turebe uburyo bunyuranye yagiye ikoresha :

yariteguriye abayikunda. (1 Abakorinto 2 : 9-12)

d Kuva twaragiriwe ubuntu bungana butyo tugomba kubuvuga no kubutangaza (1 Abakorinto 2 : 13 ; 1Abatesaronike 2 :13), na none ariko tukabushyira mu nyandiko. (1Abakorinto 4 : 8,15 ; 1Abakorinto14 : 37) Muri uwo murimo, intumwa zari ziyobowe bigaragara, kandi bakandika kurusha uko bavugaga, muri byose bigishwa n'Umwuka w'Imana (Abakorinto 2 : 13).

e Umuntu w'Umunyamwuka, ni ukuvuga uwahindutse, wabyawe ubwa kabiri, kandi uyoborwa n'Umwuka Wera, ahabwa imvugo y'ihumekwa.Arayimenya,ndetse akamenya icyo igamije : aba anafite gutekereza kwa Kristo. Reba 1 Abakorinto2 : 14-16.

Ibyo intumwa Petero yahamije :

Petero avuga ibisa n'ibyo tumaze kubona, nawe akibanda ku kuntu abanditsi bo mu isezerano rya kera bahumekeweho (1 Petero 1 : 10-12 ; 2 Petero1 : 19-21) ; Ijambo « umuhanuzi » rikumvikana ko rivuga « *uvuga ihishurwa mu izina ry'abandi*.»Uburyo Umuhanuzi ahura n'Imana bugaragaza itangiriro ku murimo yahamagariwe.

Uko guhura, kwerekana ko Imana ariyo ubwabo yafashe icyemezo mu gutoranya no gutegura igikoresho cyayo, na mbere yuko imuha Ubutumwa ajyana.

§ **Mose**, ari kuri cya gihuru kigurumana, yagerageje kwisobanura, ngo ntazi kuvuga. Imana iramusubiza ngo : « Ninde waremye umwana w'umuntu ?…. Jyewe rero, nzabana n'akanwa kawe, kandi nzakwigisha icyo uzaba ugomba kuvuga…Aroni azajya akubwirira abantu, azakubera akanwa, nawe uzamubera nk'Imana » (Kuva 4 : 11-12,16).

§ **Samweli** . « Ijambo ry'Uwiteka ryari imboneka rimwe muri icyo gihe, amayerekwa ntiyari akiri menshi…Samweli yari ataramenya Uwiteka, kandi ijambo ry'Uwiteka ryari ritaramuhishukirwa ». Imana ihamagara inshuro eshatu Samweli, nawe arayisubiza, ati : « Vuga, Uwiteka kuko umugaragu wawe ndumva… Samweli ntiyigeze atuma hari ijambo ry'Uwiteka

URUTONDE RW'IBYIFASHISHIJWE

I : IBYO TWABWIWE (INTERVIEWS)

A. Rév. Hesbey Murali, Executive Secretary of Inkuru Nziza Church Le 12/01/2001

- Ikibazo cya 1 : Dukurikije Ibyanditswe Byera cyane cyane Yohana 3 : 16, umuntu yakora iki kugirango abone agakiza ?
Igisubizo : Ni ukwizera Yesu (cyane cyane ashingiye no kuri Yohana 5 : 24).
- Ikibazo cya 2 : Iyo umuntu yizeye Yesu, ahita aba icyaremwe gishya ?
Igisubizo : Ahita aba icyaremwe gishya (2 Abakorinto 5 : 17)
- Ikibazo cya 3 : Umuntu utazajya mu ijuru azaba yakoze ikihe cyaha ?
Igisubizo : Azaba yakoze icyaha cyo kutizera.
- Ikibazo cya 4 : Umuntu wageze ku musaraba, yizeye Yesu by'ukuri abasha kurimbuka ?
Igisubizo : Ntashobora kurimbuka(Yohana 10 : 28).
- Ikibazo cya 5 : Umukristo wizeye by'ukuri ashobora kumenya gute ko azajya mu ijuru ?
Igisubizo :Amasezerano aboneka mu Byanditswe Byera, Ibyahishuwe 14 : 13.
- Ikibazo cya 6 : Ubwishingizi uwizera Yesu afite ni ubuhe ?
Igisubizo : umwuka we uhamanya n'Umwuka w'Imana ko ari umwana w'Imana.
- Ikibazo cya 7 : Uwamaze kwizera by'ukuri ashobora kugwa mu cyaha cyo kutizera ?
Igisubizo : Ntibishoboka. Yuda 24
- Ikibazo cya 8 : Uwizera Kristo yakira Umwuka Wera gihe ki ?
Igisubizo : Igihe yizeye.
- Ikibazo cya 9 : Kwizera ni iki ?
Igisubizo : Kumenya rwose udashidikanya, wiringiye ko ibyo

Hari ingingo ikomeye n'abigisha benshi badakunze kuvugaho ku buryo burambuye – ntituzi impamvu- ariyo : « umuriro utazima ». Dutekereza ko Satani nawe akora ibyo ashoboye byose ngo uwo « muriro » utavugwaho kuko azi ko mu gihe abantu baba bamaze gusobanukirwa n'uburemere bw'icyo kibazo, bakwihana, bakizera Umwami Yesu, bakawuhunga, bityo bakaba baramucitse kandi icyo akaba aricyo atifuza, kuko yifuza kuzarimburanwa n'umubare munini w'abantu uko bishoboka kose.

Twagerageje rero kuvuga ku muriro utazima, ku buryo burambuye. Twasobanuye uwo muriro icyo aricyo. Tuvuga icyo Gehinomu ari cyo, tuvuga ku kubabaza k'uwo muriro, tuvuga ko igihano kizatangwa hakurikije ibyo umuntu azaba yarakoze,tuvuga igihe icyo gihano kizamara. Turebera hamwe dukurikije Ijambo ry'Imana, ukuntu abantu bahunga umuriro w'iteka.

Igika cya kabiri kirerekana ku mbaraga ziri mu kwizera, n'uruhare rwacu muri iki gihe twitegura kugaruka kwa Yesu no kuzamurwa kw'Itorero.

a. Inama tugira « abanyedini nsa » : Twerekanye ko icya ngombwa atari idini, ahubwo ko buri wese akwiye guharanira kwakira umwami Yesu mu bugingo bwe kubwo kwihana no kumwizera. Ntabwo tuvuze ariko ko umuntu atagira Itorero abarurirwamo kuko ibyo nabyo ari byiza.
b. Inama tugira « Itorero » rya Kristo ni ukwegerana, bakima agaciro ibibatanya kuko ibibahuza aribyo bikomeye kandi dutekereza ko ari byo byinshi.

   Bakwiye guhuza iyerekwa ryo kugeza Ubutumwa Bwiza mu mahanga yose, bereka buri wese Imana, bashyize imbere ko ibanga ryo kujya mu ijuru riri gusa mu KWIZERA YESU KRISTO, maze umuriro w'iteka ukazajyamo ubusa – cyangwa bake- maze ijuru rikazuzura.
c. Inama tugira buri mukristo wese wakijijwe ni ukwikorera umusaraba we akihanganira isoni zawo no kubabazwa – uko bukeye agakurikira Yesu, kandi inshingano ye y'ibanze ya buri munsi ikaba iyo KWAMAMAZA YESU KRISTO.

abwiwe ripfa ubusa, ngo areke kurivuga…Uwiteka yihishuriraga Samweli muri Silo, akoresheje Ijambo ry'Uwiteka » (Samweli 3).

§ **Yesaya** yabonye Uwiteka, mu kwera kwe. Umuserafi yeza akanwa ke, akoresheje ikara ryaka yari akuye ku gicaniro. Uwo muhanuzi yakomeje avuga ati:« Numva ijwi… » Yesaya 6 : 1-9.
§ **Yeremiya**. « Ijambo ry'Uwiteka … » (Yeremiya 1 : 4-9) , « Ndashaka ko Ijambo ryanjye mu kanwa kawe riba nk'umuriro, buriya bwoko bugasa nk'inkwi, kandi uwo muriro ukabatwika » (Yeremia 5 : 14). Reba na Yeremiya 5 :15-16, 19.
§ **Ezekiyeli**…Uwiteka amurisha umuzingo w'igitabo cyanditswemo amagambo yoroheje, n'andi asharira agomba kuvuga (Ezekiyeli 2 : 1, kugeza 3 : 11).

Amosi aravuga ati *« Ntabwo ndi umuhanuzi, cg umwana w'umuhanuzi, ahubwo ndi umushumba kandi ndi umuhinzi w'ibiti by'umutini. Uwiteka yantoye ndagiye amatungo, maze Uwiteka arambwira ati : genda uhanurire ubwoko bwanjye, Israeli* »(Amosi 7 : 14-15)

§ **Paulo**. *Ananiya aramubwira ati : Imana ya ba sogokuruza yagutoranije kera kumenya ibyo ishaka no kubona wa mukiranutsi, no kumva ijwi riva mu kanwa ke : kuko uzaba umugabo we wo guhamiriza abantu bose ibyo wabonye n'ibyo wumvise » Ibyakozwe 22 :14-15*

  Paulo nawe ubwe aravuga ati : « Ariko Imana yantoranije nkiri mu nda ya mama, impamagara kubw'ubuntu bwayo, kandi ubwo yashimaga kumpishurira Umwana wayo, ngo mvuge Ubutumwa bwe bwiza mu banyamahanga, sinahereyeko ngisha inama abafite umubiri n'amaraso (Abagalatiya 1 : 15-16)
§ **Yohana** *« Ku munsi w'Umwami wacu nari ndi mu Mwuka, inyuma yanjye numva ijwi rirenga nk'iry'impanda rivuga riti : « icyo ubona ucyandike mu gitabo, ucyohereereze amatorero arindwi…Nuko wandike ibyo ubonye, n'ibiriho n'ibiri bukurikireho hanyuma (Ibyahishuwe 1 :10-11,19).* Yohana nawe yagombaga *« kurya igitabo* » Nyuma niho bamubwiye bati ukwiriye kongera guhanura

iby'amoko menshi, n'indimi nyinshi n'abami benshi. (Ibyahishuwe 10 : 8-11).

§ **Kristo** ubwe, Ijambo ryihinduye Umuntu, yahabwaga Ubutumwa na se. Yesaya yavuze kuri We, ngo : *« Nimunyumve mwa birwa mwe, namwe mahanga ari kure ni mutege amatwi. Uwiteka yampamagaye ntaravuka, nkiri mu nda ya mama yanyise izina ; akanwa kanjye yagahinduye nk'inkota ityaye, ampisha mu gicucu cy'ukuboko kwe kandi ampinduye umwambi usennye, mu kirimba cye nimo andindira rwose (Yesaya 49 : 1-2).*

« *Umwami Imana impaye ururimi rw'abigishijwe, kugirango menye gukomeresha urushye amagambo, inkangura uko bukeye, ikangurira ugutwi kwanjye kumva, nk'abantu bigishijwe. Umwami Imana inzibuye ugutwi : sinaba igipande ngo mpindukire nsubire inyuma (Yesaya50 :4-5).*

Hirya cyane Imana na none ibwira Umugaragu wayo iti: kuko ndi Uwiteka Imana yawe, ntera imiraba kuzikuka, mu nyanja igahorera. Uwiteka Nyiringabo, niryo zina ryanjye. Kandi nshyize amagambo yanjye mu kanwa kawe, ngutwikirije igicu cy'ukuboko kwanjye, kugirango ntere ijuru rishya, nshinge imfatiro z'isi nshya, mbwire i Siyoni nti : *« muri ubwoko bwanjye. »* (Yesaya51 : 15-16).

Yesu ku ruhande rwe nawe avuga yeruye ati : « *ubwo muzamanika Umwana w'umuntu, nibwo muzamenya ko ndi We, kandi ko ari ntacyo nkora ku bwanjye, ahubwo yuko uko Data yanyigishije, ariko mvuga (Yohana 8 :28).* Hanyuma abwira na Se, ati : « *Nabahaye amagambo wampaye, kandi barayemeye, bamenya by'ukuri ko naturutse kuri wowe, bizera kandi ko ari wowe wantumye. » (Yohana 17 :8,6).*

Guhumekwa kugengwa n'ubutware bw'Imana ubwayo.

Ntabwo guhumekwa ari ikintu gihoraho, kuko Uwiteka avuga cyangwa akandikisha mu gihe no mu buryo ubwe yishakiye. Akenshi dukunda gusoma ibisa n'ibi bikurikira :

Ijambo ry'Uwiteka riza kuri Yeremia mu gihe cya Yosiya, umwaka wa

ikiganza cyawe ugipfumbatishije isabato ntubasha neza kwakira agakiza, kuko ntawakwakiriza impano ikiganza gipfumbase.

Twasobanuye n'impamvu abakristo baruhuka ku cyumweru. Twerekanye kandi ko Yesu atabuzwaga gukora ibitangaza n'uko ari ku Isabato.

Inyigisho yavuzwe na none ni umubatizo. Kimwe n'Isabato, abakristo bakwiye kubatizwa, ndetse mu mazi menshi, ariko ntibubake ku mubatizo. Umukristo ufite ikiganza gipfumbase umubatizo « w'amazi menshi » n'ubwo natwe ariwo twemera- ntazoroherwa no kwakira impano y'Imana.

Rambura ikiganza cyawe cyo kwizera maze wakire impano y'agakiza, Imana iguhera ubuntu. N'udafite ifeza nawe naze…

mudatanze ifeza cyangwa ibindi biguzi(Yesaya 55 : 1). Twakomeje twerekana, amoko y'imibatizo avugwa muri Bibiliya, ndetse twifashishije n'Ijambo ry'Imana, tugerageza gusubiza ikibazo kibaza niba umubatizo waba utanga agakiza. Turangiza dusobanura ko, dushingiye kuri Bibiliya, umubatizo w'amazi menshi ariwo ukwiye gukoreshwa.

Igice cya gatatu,igika cya mbere, kiravuga ku iherezo ry'abatizera Yesu. Twahereye ku Iherezo rya Satani, dukurikizaho urubanza rwa nyuma. Twagaragaje ko aho bamwe bateze amakiriro , ariho bita « Prigatori » hatabaho.

kw'inyamaswa-ngwe n'inyamaswa-ntama, twavuze kuri Babuloni no gusenyuka kwayo, hanyuma turangiza tuvuga ku myizerere y'amadini amwe n'amwe atiza Satani umurindi.

Mu gika cya cumi na gatandatu, twavuze ku madini atizera Yesu, dutanga urugero ku ba Iyislamu, hanyuma tuvuga no ku madini avuga ko ari « amakristo », ariko ntiyemere ko Kristo ari Imana , ntiyemere n'Ubutatu bw'Imana imwe. Rimwe muri ayo afite imyizerere imeze ityo, twatanze urugero ku Bahamya ba Yehova. Iri dini ry'Abahamya ba Yehova, ntiryemera ihumekwa, n'ubusobanuro bw'Ibyanditswe Byera, k'ubumana bwa Kristo, ntiryemera kuzuka kwa Yesu, ntiryemera kubaho k'Umwuka Wera ndetse n'umurimo we. Abahamya ba Yehova ntibemera ko hariho kurimbuka k'umuntu upfuye atizeye Yesu, ngo nyuma y'urupfu hari amahirwe ya kubona agakiza kuri bose ngo keretse umuntu uzirangaraho icyo gihe(nyuma y'urupfu). Ntibemera kubaho k'umuriro utazima, ngo Imana ni nziza cyane birenze, kuburyo itakwemera ko habaho umuriro w'iteka . Bafite n'ikibazo ku kugaruka kwa Yesu, no ku mugambi w'Imana kuri Israyeli no ku Itorero. Twashoje tuvuga ku bindi biranga Abahamya ba Yehova.

Mu gika gikurikiraho, twavuze ku myigishirize inyuranye itangwa muri amwe mu matorero yemera Kristo. Aha, ntabwo duhakana ko ayo matorero yizera Yesu, ahubwo turashaka kwerekana icyo Bibiliya ivuga ku Isabato ndetse n'umubatizo. Igitambo cya Kristo, Bibiliya itubwira ko cyuzuye. Amaraso ya Yesu afite ububasha bwo gukuraho ibyaha byose kuri buri wese wizeye Yesu. Ntabwo rero igitambo cya Yesu cyitwa ko cyuzuye ari uko ushyizeho Isabato. Kugabanya agaciro k'amaraso ya Yesu ni umutego ukomeye cyane Satani yateze abakristo bamwe na bamwe. Iyo umaze kumenya agaciro k'amaraso ya Yesu Kristo ni naho ubasha gusobanukirwa uburemere bw'icyaha cyo kumva ko hari uruhare rwawe wayongeraho. Ese ubundi ubwo agakiza kaba kakiri impano y'Imana ?

(Abefeso 2 : 8-9)

Ese iyo umuntu aguhaye impano hari uruhare uba uyigizeho uretse kuyakira? Impano ya Yesu tuyakiriza ikiganza cyo « Kwizera ». Iyo

cumi na gatatu w'ubwami bwe (Yeremiya 1 : 2) ;
mu gihe cy'amapfa (Yeremiya 14 : 1);
umwaka wa kane wa Yoyakimu (Yeremiya 25 : 1);
mu ntangiriro y'ubwami bwa Yoyakimu (Yeremiya 26 : 1) ,muri uwo mwaka,
mu ntangiriro y'ubwami bwa Sedekiya (Yeremiya 28 : 1) ;
mu gihe Nebukadineza yategekaga (Yeremiya 34 :1),
mu rugo rw'inzu y'imbohe (Yeremiya 39 : 15), n'ahandi…

Habakuki we aravuga ngo : « *Nari mpagaze hejuru y'umunara aho ndindira, ndarangaguza ndeba aho ari ngo numve icyo ambwira, n'icyo nsubiza, kubw'icyo namuganyiye. Maze Uwiteka aransubiza ati : « Andika ibyerekanywe ; ubigaragaze ku mbaho, kugirango ubisomye abyihutire.»*(*Habakuki 39 :15).*

Bityo rero, Abahanuzi ntibivugiraga ibyo bishakiye n'uko bishakiye, n'igihe bishakiye cyangwa ku minsi runaka yagenwe. Bategerezaga ko ubutumwa bubabwirwa buvuye ku Mana. Uwiteka yavuganaga na Mose,umunwa ku wundi, bahanganye (Kubara 12 : 6-8). Ariko Yashoboraga no kwihishura mu nzozi nkuko byagendaga kuri Danieli (Daniyeli 7 : 1), mu iyerekwa (Daniyeli 8 : 1), ubundi Ikohereza Malayika (Daniyeli 9 : 21-22 ; 10 : 5-11), cyangwa igihe umuntu yatwawe mu buryo bw'umwuka (ariko ibyo ntibikunze kubaho) reba 2 Abakorinto12 : 2-4 ; Ibyahishuwe 1 : 10.

Muri rusange, umwanditsi w'Ijambo ry'Imana yagumanaga uburyo bwe bwo gutekereza, yabaga ari umuntu usanzwe, ufite ubwenge.

Yaganiraga n'Imana, akabaza ibibazo, ndetse akagaragaza uko yakiriye ibyo amaze kumva.(Yesaya 6 : 11 ; Yeremiya 14 : 13 ; 15 :15 ; Ezekiyeli 9 : 8 ; 11 : 13), n'ahandi. Daniyeli yatewe ubwoba n'ibyo yari amaze kwerekwa ; ariko ubusobanuro ahita abuhabwa ako kanya (Daniyeli7 : 15-16, 19,28 ;8 : 15-16,26), uretse ko yahise ahabwa itegeko ryo kudahita atangaza ibigize ubwo butumwa (Daniyeli 8 : 26 ;12 : 4,9 ; Ibyahishuwe 10 : 4).

Abahanuzi bari bafite ibyiringiro byuzuye ko amagambo bagezaga ku bantu ari amagambo y'Imana ubwayo.

* **Mose** asubiramo inshuro zirenga mirongo itanu mu gitabo kimwe gusa cy'Abalewi,interuro ivuga ngo : *« Uwiteka ahamagara Mose … aramubwira ati : « Bwira abana b'Israeli, ubabwire uti… » uretse imirongo igeze kuri cumi n'ibiri ku bice 10 na 24, igitabo cy'abalewi cyemeza ko kigizwe m'amagambo y'Imana, yashyizwe mu nyandiko na Mose, ayandikira Ubwoko bwe.*
* **Dawidi** nkuko tumaze kubibona nawe yavuze yeruye ati : « Umwuka w'Uwiteka avugira muri jye, kandi Ijambo rye riri ku rurimi rwanjye » 2Samweli 23 : 2.
* **Yeremiya** akoresha kenshi imvugo imeze itya : « Ijambo ry'Imana rinzaho, riti… », « *Uwiteka arambwira ati*… », « *Uwiteka aravuga ati*…. »
* **Paulo** ntagingimiranya iyo avuga ati : *« Ijambo ry'Imana twabahaye mwararyakiriye, ntimwaryemeye nkaho ari ijambo ry'abantu, ahubwo mwaryemeye nk'Ijambo ry'Imana, nkuko riri koko* » Abatesaloniki 2 : 13.
* **Yohana** aratangaza yeruye, ati : « *Ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, agatuma Malayika we nawe akabimenyesha imbata ye Yohana, uhamya ibyo yabonye byose, ko ari ijambo ry'Imana no guhamya kwa Yesu Kristo*.», « *wandikire Malayika w'itorero ry'i Tuwatira uti : umwana w'Imana, ufite amaso asa n'ibirimi by'umuriro, n'ibirenge bigasa n'umuringa w'umuteke, aravuga aya magambo ati… »*, « *Ufite ugutwi niyumve icyo Umwuka abwira amatorero »*, arambwira ati : « *andika uti, hahirwa abatorewe ubukwe bw'umwana w'intama. Kandi ati : ayo ni amagambo y'ukuri kw'Imana.* Ibyahishuwe 1 :1-2 ; 2 : 18, 29 ; 19 :9.

I.2.Ubutware bw'Ibyanditswe Byera .

Hari ubuhamya bwinshi bwerekana ko Ibyanditswe Byera bifite ubutware. Urugero :

Mu gika cya cumi, twagaragaje ko Umwuka wera atangira ubuhamya abizeye Yesu Kristo by'ukuri. Twatangiye tuvugta Umwuka Wera uwo ariwe. Twasanze ko Umwuka Wera afite ibiranga – Mana byose by'Imana, ndetse Umwuka Wera ni umwe mu Butatu bw'Imana imwe. Twashoje twerekana uko Umwuka Wera atangira ubuhamya abizera bose.

Mu gika gikurikiraho, twasobanuye dushingiye ku Ijambo ry'Imana ko byose bishobokera uwizeye. Twasanze ko abizera by'ukuri bakwiye kwirinda gushidikanya ku Mana yabo, kuko byose bishobokera abizeye.

Mu gika cya cumi na kabiri twasanze ko kwizera gukurura ibitangaza. Twabigaragarishije ibitangaza Imana yagiye ikorera bamwe mu batubanjirije mu kwizera.

Mu gika gikurikiyeho, twavuze ku byitegererezo nyakuri nkuko tubibona mu Baheburayo 11, duhereye kuri Abeli ukageza ku muhanuzi Elisa. Twagiye dutanga ubusobanuro kuri buri wese twavuzeho. Ubundi kwizera kujyana no kwihana by'ukuri. Twatanze zimwe mu ingero z'abantu b'Imana bagaragaje kwihana by'ukuri. Twarangije twerekana kuba umwigisha wa Yesu icyo aricyo,n'icyo bisaba. Iyo urebye neza, usanga kuba umwigishwa wa Yesu atari umukino, ariko nubwo bimeze bityo, dushobozwa byose na Kristo uduha imbaraga(Abafilipi 4 : 13)

Mu gika cya 14, twavuze ku by'ingenzi ku mateka y'Itorero, mbere yo kwinjira mu cyiciro kivuga ku batizera Yesu. Twatangiye tuvuga uko ibihe byagiye bisimburana, ndetse n'ibihangange byagiye bitegeka isi muri ibyo bihe, twavuze gato kuri Kiliziya, ku bwami bwa Roma, ku mwami w'abami Konstantini, ku kuntu bapaganishije Itorero, dukomeza tuvuga ku gutotezwa kw'Itorero, n'ukuntu abakristo bishwe urubozo, ku myobo y'ubwihisho y'abakristo(les catacombes), hanyuma dusoza igika, tuvuga ku ntamba.ra zabaye hagati y'Abislamu n'Abakristo

Mu gika gikurikiyeho, twagaragaje umwanzi w'Imana uwo ari we, twerekanye n'abamutiza umurindi, babizi cyangwa batabizi. Twabonye ko umwanzi w'Imana mu by'ukuri ari Satani. Twifashije Bibiliya twerekana Satani uwo ariwe n'uko akora. Twavuze kuri Antikristo, ku mubare « 666 » (Umubare w'inyamaswa). Twavuze ku nyamaswa- ngwe, ku bihangange by'isi byo mu bihe bya Bibiliya, ku nyamaswa- ntama, ku gufatanya

Ikindi ni uko umuntu ari umunyabyaha, igikurikiyeho ni uko icyaha kiriho, kandi kikaba kigomba kubonerwa umuti, kuko Imana yanga icyaha. Yesu Kristo rero aza nk'umuti ku cyaha, ariko abigirira gusa umwizeye.

Twashoje iki gika, tugerageza kuvuga Yesu Kristo uwo ari we. Muri icyo gice cya kabiri, ku gika cya kabiri, twavuze ku mateka y'umusaraba wa Yesu. Igika cya gatatu, twagerageje gusobanura ku kuntu kwizera gukorwa, cyane cyane tugaragaza ko Yesu ariwe banga ryo kwizera.

Mu gika gikurikiyeho, twavuze kuri bimwe biboneka iyo umunyabyaha yizeye, tugaragaza ko icyo umuntu akora ari ukwizera, naho ibyinshi bigakorwa n'Imana, kandi byose mu gihe kimwe.

Mu gika cya gatanu, twasobanuye ukuntu isi ituwe n'abatizera, abizera, n'abanyamwuka, n'abizera b'abanyamubiri, abo bose nibo twise abantu batatu.

Igika cya gatandatu, kivuga ku kubyarwa ubwa kabiri. Twabisobanuye mu buryo burambuye, tugaragaza igihe bibera, n'uko bikorwa n'intego yo kubyarwa ubwa kabiri.

Mu gika gikurikiyeho, twasanze ko iyo umuntu amaze kwizera, akavuka ubwa kabiri ,agirana isano n'Imana, kandi akagirana ubusabane nayo. Twagaragaje ko hariho abantu batatu mu buryo bw'umwuka. Uwo twahereyeho ni umuntui utari umukristo, ntagira Yesu mu bugingo bwe, ntarizera. Uwa kabiri ni umukristo uyoborwa n'umwuka, afite Yesu mu bugingo bwe, yamaze kwizera kandi asabana n'Imana. Uwa gatatu, ni umukristo wiyobora, ufite Yesu mu bugingo bwe, yamaze kwizera, afitanye isano n'Imana, ariko ntasabana nayo.

Twasobanuye isano icyo aricyo, dusobanura, ubusabane icyo ari cyo.

Mu gika cya munani twerekanye ukuntu Bibiliya iduhamiriza ko Uwizeye by'ukuri atarimbuka, ahubwo ko afite ubugingo buhoraho. Bityo uwamaze kwizera by'ukuri afite ubwishingizi bw'Ijambo ry'Imana, ntakwiriye gushidikanya ku gakiza ke.

Mu gika gikurikiyeho, turabona ko agakiza k'uwizeye karinzwe, gafite umutekano wuzuye. Twamaze impungenge abakristo bizeye by'ukuri, kandi bagahora bahagaritse umutima.

I.2.1. Ubuhamya bwa Bibiliya

Bibiliya ntiwema kutwereka ko Ibyanditswe Byera bifite ubutware bwatanzwe n'Imana ubwayo. Icyo rero, nicyo kigomba kuba imbarutso y'ubusobanuro ku butware bw'Ibyanditswe Byera. Ahantu hose, haba mu Isezerano rya Kera, haba mu Isezerano Rishya, Ibyanditswe usanga bivugana ubutware utasangana umuntu. Ahenshi ubwo butware burigaragaza, ndetse bukabyerura. Dufashe urugero nko kuri Mose, muzi neza ko Imana ubwayo ariyo yamuhereje amategeko ndetse n'amabwiriza ku buryo busobanutse, kugeza no ku busobanuro bwerekeranye n'ukuntu bari bagiye kuvugurura ihema ry'ibonaniro.

Abahanuzi bemezaga ko atari amagambo yabo bwite bagezaga ku bantu, ahubwo rwose ko ari ubutumwa Imana ubwayo yabahaga ngo bageze ku bantu.

Umwami Yesu yavuganaga ubutware kuko yari azi neza ko ari kuvuga, Atari nk'Umwigisha udasanzwe mu mateka, ahubwo ni Umwana uhoraho. Abigishwa, nta gushidikanya na guke bigeze bagira ku butware bw'ibyo bavugaga, haba mu gusubira mu magambo ya Yesu, haba mu kwigisha Ubutumwa bwa gikristo bayobowe n'Umwuka Wera.

Hari aho usanga Isezerano Rishya rivuga ibyo usanga mu rya Kera, ibyo bikaba byerekana nabyo ubutware busobanutse bw'Ubutumwa bwanditswe bwa Bibiliya. Ibyo rero, bikaba bigaragara cyane mu nyigisho za Yesu ubwe. Bityo, inshuro eshatu yasubirishije umushukanyi Ijambo ngo « *Handitswe ngo.»* Kuri wa musozi yaboneyeho ubwiza budasanzwe, yabwiye abigishwa be ko byanditswe ko Umwana w'Umuntu agomba kubabazwa cyane, kandi agahanwa na rubanda. Ku Bayuda bakundaga kugenzura Ibyanditswe, yarahamije ati : « *birampamya* ». Amaze kuzuka, yasubiriye abigishwa be mu Byanditswe Byera, byavugaga kuri We. Abagaragariza ko « Ibyanditswe kuri We mu mategeko ya Mose, no mu Byanditswe n'Abahanuzi, no muri Zaburi, byagombaga gusohora ». Aya magambo, kimwe n'andi bisa, arerekana ko Yesu ubwe yemera guhumekwa n'ubutware bw'Ijambo ryanditse; ku buryo bw'umwihariko, ubuhamya ryatangaga mbere y'urupfu no kuzuka kwe. Na none kandi

usomye Yohana 14 : 26 na 16 : 13, usanga ko yategerezaga kandi agasezeranya guhumekwa gusa n'ukwe, kugeza ku ntumwa zizaba zamuhamije mu bandi.

I.2.2.Guhamya kw'Intumwa

Ubuhamya bw'Intumwa ku butware bwa Bibiliya na bwo burasobanutse neza. Mu Butumwa Bwiza hose, bashimangira ku buryo bukomeye ko Yesu Kristo, ndetse n'umurimo we, byari byaratangajwe n'Ibyanditswe, mbere.

Intumwa Paulo asubiramo kenshi Isezerano rya Kera ; uburyo bwe bwo kubwiriza Abayuda, bwibanda ku kugerageza kubagaragariza ko ibiranga Yesu kristo byose byerekana ko ari Mesiya, ukurikije amategeko, n'ubuhanuzi bw'Isezerano rya Kera.

Ibivugwa muri 2 Timoteyo 3 : 16, bishyira mu ncamake uburyo bwe bwo kubona iyi ngingo. Usomye neza muri Bibiliya, umurongo wa 15 w'icyi gice, uratwereka ko Paulo avuga Isezerano rya Kera, kandi ayifata nk'iyahumetswe n'Imana. Abandi Banditsi b'Intumwa, basubiramo kenshi Isezerano rya Kera. Urwandiko rwa kabiri rwa Petero, rutanga ubuhamya bugaragaza ko Bibiliya yahumetswe, mu nteruro zegereye cyane izo mu rwandiko rwa kabiri rwa Timoteyo. Ibivugwa muri 2Petero 1 :21 birerekana aho Ijambo ry'ubuhanuzi ryakomokaga : ni ku Mana, Umwuka Wera : « *kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana, bashorewe n'Umwuka Wera.* »

Na none muri 2 Petero 3 : 16 dushobora kubona ko Ijambo ryo muri Bibiliya ari Ijambo ryuzuye ubutware, ari nayo mpamvu tugomba kuryegera duha Imana icyubahiro no kwicisha bugufi. Uyu murongo urashimishije kuburyo bw'umwihariko kuko ushyira ihuriro hagati y'inzandiko za Paulo n'ibindi Byanditswe, ni ibintu rero byumvikana ko Abanditsi b'Intumwa bari bazi neza neza ko ibyo bariho bandika byabaga byiyongera ku byemewe ko biboneka mu Isezerano rya Kera, kandi ryari rifite ubutware bw'Imana, bityo bakaryuzuza.

UMWANZURO

Mu gusoza iki gitabo , turashaka kuvuga mu ncamake, ibikubiye muri cyo, kugirango wowe ugisoma ubashe kuvanamo iby'ingenzi.

Mu gice cya mbere, twerekanye mu buryo burambuye ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana. Ibyo twabitewe nuko hari bamwe bavuga ko batayemera nka ryo. Mu gusobanura rero ko Bibiliya ari Ijambo ry'Imana, turatekereza ko abayishidikanyagaho noneho batakongera gukerensa ibikubiye muri yo, cyane cyane kubivuga kuri Yesu, dore ko byose ari nawe bishingiyeho kandi bigenda bigarukaho.

Twagaragaje uburyo Bibiliya ubwayo nayo yitangira ubuhamya yuko ari Ijambo ry'Imana, tubyerekanisha « guhishurwa kw'Ibyanditswe », ukuntu Imana ishobora kwihishurira umuntu ikoresheje ibyaremwe, n'umutima-nama w'umuntu, kubonekerwa, inzozi n'amayerekwa, kumva ijwi, ibitangaza n'ibimenyetso, n'ihishurwa ry'Imana binyuze muri Yesu Kristo. Uretse rero ibijyanye n'ihishurwa, twavuze no « Guhumekwa kw'ibyanditswe », ku nkomoko y'ihumekwa dukurikije 1 Abakorinto 1 na 2 n'ibyo intumwa Petero yahamije, n'uburyo Imana yagiye ivugana n'abahanuzi bayo.

Igika cya kabiri, twagishoje tuvuga ku butware bw'Ibyanditswe Byera. Twahereye ku buhamya bwa Bibiliya, dukurikizaho guhamya kw'intumwa tuvuga no ku myizerere ivuguruye.

Ubutware mu gihe cya none, amadini anyuranye ntabuvugaho rumwe yose, twatanze urugero kuri Kiliziya Gatolika.

Twasanze ari ngombwa kandi kuvuga ku kuntu Imana yihinduye umuntu, hanyuma igice cya mbere tugisoza tuvuga muri make ku bivugwa muri Bibiliya muri rusange.

Igice cya kabiri, twibanze ku kwizera, dusobanura KWIZERA icyo ari cyo. Twasanze hari impamvu kandi zikomeye, zituma biba ngombwa ko umuntu yizera Yesu nk'Umukiza n'Umwami. Icya mbere ni uko hariho Imana , Imana kandi Yera, idutegeka ngo tube abera nkuko nayo ari Iyera.

k'Umwami wacu no kuzamurwa ku Itorero. Tubwirize abantu bo mu mahangaa yose Ubutumwa Bwiza, bwo kwizera Umwami Yesu, abantu bamenye IBANGA ry'agakiza, bizere, bakizwe, tuzabamurikire Imana

« Si ngombwa ko twese dutekereza kimwe kuri buri kintu kugirango tubashe guhimbariza hamwe.

Ubumwe mu by'ingenzi, UMUDENDEZO MU BISIGAYE, ariko cyane cyane urukundo, rube ikiranga-ntego cyacu. »

Amatorero kandi ahirimbanire kugira ibihe bihagije byo gusengera hamwe.

« Umwanzi w'Imana aduha urw'amenyo iyo tugerageza gukoresha imbaraga zacu ngo duhindure isi, ariko ahubwo ahindishwa umushyitsi no kubona umuto mu bakristo ari ku mavi.

Hafi y'ibitabo byose byo mu Isezerano rya Kera, imirongo yabyo imwe n'imwe igenda igaruka mu Isezerano Rishya, imbona nkubone.

Mu Isezerano Rishya, agaciro k'ibanze k'Isezerano rya Kera kaba mu buhamya riba ryaravuze mbere, kuri Yesu Kristo. Niba ari ukuri ko ubwo buhamya ari bwo budufasha mukutubera ishingiro mu kwemeza ko Yesu ari Mesiya, na none ni ukuri ko umurimo we, wa Mesiya, ukora gukiranuka kuzuye kubyo ubuhanuzi bw'Isezerano rya Kera bwemeza.

Tubona kandi ko igika cy'amateka cyo mu Isezerano rya Kera cyose, cyemerwa ko ari ukuri kandi gifite ubutware. Urugero : Umwami Yesu nta na hamwe ashidikanya ku isano iri hagati ya Mose n'amategeko, cyangwa kucy'uko Dawidi ari umwanditsi wa Zaburi 110. Intumwa zemeza ko ibyabaye bikuru mu mateka y'isezerano rya kera byose ari ukuri :

Adamu no kugwa (1Timoteyo 2 : 13-14),

kwambuka inyanja itukura (1Abakorinto10 : 1),

igice kivuga ibya balamu (2 Petero 2 : 16),gusenyuka kw'i Yeriko (Abaheburayo 11 : 30),

Kubohorwa ko mubihe by'abacamanza (Abaheburayo 11 :32),

ibitangaza bya Eliya (Yakobo 5 : 17)…

Aho ari ngombwa, Isezerano Rishya rijya rirushaho kumurika ku murongo uyu n'uyu wo mu Isezerano rya kera, nubwo kaba ari akantu gato cyane, kugirango turusheho gusobanukirwa,

(reba Abagalatiya 3 : 16).

Tugomba natwe gushimangira ko Bibiliya yemeza ku buryo bukomeye ko ifite inkomoko yayo ku Mana, kandi kubw'ibyo, ikaba ifite ubutware bw'Imana, yemeza mu buryo busobanutse ko Ubutumwa bwayo bukomoka ku Mana. Kubera ko yihamiriza ubwayo ko ari Ijambo ryanditse ry'Imana, idushyira imbere y'ibintu bibiri bishyamiranye : Kwizera no kutizera. Hahirwa uwizera kandi akarwana intambara nziza yo kwizera

I.2.3. Imyizerere ivuguruye

Abavuguruzi batangiye imyizerere, nabo babonaga neza ko Isezerano Rishya ari ikntu cy'ingirakamaro cyane ku buhamya Imana ivuga kuri

Yesu Kristo, no ku mahame y'agakiza. Bahamyaga ko inyigisho z'Isezerano rya kera zijyanye n'imitekerereze myiza y'abantu, ari ingirakamaro cyane mu rwego rwo gushyirwe ahagaragara, ku bushake bw'Imana, ku bwoko bwayo.

Ibyagenderwagaho mu by'Umwuka by'ibanze bijyanye n'isano y'Imana n'Abisirayeli, bisa n'ibigenga isano Imana ifitanye n'Abakristo, ndetse ifitanye n'Itorero gikristo ; byashushanyaga kandi bigashimangira ukuri kw'Imana.

Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya ntibitandukanywa, rimwe ni integuza ,irindi ni irisoza. Iyo ikibwirizwa cyo mu Butumwa Bwiza gitanzwe, birashoboka ko umuntu aba umukristo, umenye agace gato k'Ibyanditswe, ariko kugirango ahinduke umukristo ukuze, ni ngombwa ko amenya inama y'Imana mu buryo bwuzuye. Abavuguruye imyizerere bizeraga ko Ibyanditswe ari ukuri kwahumetswe, kuberako bari baracengewemo ko ari Ijambo ryanditse, Ijambo ryatanzwe kandi rigashyirwa mu bikorwa n'Umwuka Wera. Bigishaga buri gihe ko Ijambo rigomba kubahwa, rikakirwa kandi rigakurikizwa.

Buri gihe bibukaga iteka ko Imana ari Umwami w'ibyanditswe, kandi ko ari ijwi rye rigomba kumvwa, igihe cyose Bibiliya izaba ikoreshwa.

I.2.4. Uko Kiliziya gatolika ibona ubutware bw'Ibyanditswe.

Kugeza ubu, nta kintu gikomeye cyane wagaya Kiliziya gatolika y'i Roma. Ariko hari ibibazo bitatu biboneka :

- **Icya mbere :** Ibyanditswe ni iki ? Kiliziya Gatolika isubiza ko Ibyanditswe bigizwe n'Isezerano rya Kera, n'Isezerano Rishya, n'ibitabo bishidikanywaho (Livres apocryphes).
- **Icya kabiri** : ninde uzajya asobanura Ibyanditswe ?
- **Igisubizo** : Ibyanditswe birijimye kuburyo ubwabyo bitabasha kwisobanura, niyo mpamvu hagomba kwitabazwa ubutware bundi bwiyongera ku busanzwe, kugirango hajye hakwemezwa ubusobanuro bwabyo nyakuri.

Mu Isezerano rya Kera, amategeko yasobanurwaga na Mose n'abatambyi. Muri iki gihe, ubusobanuro buri mu biganza bya Kiliziya

1. Umuntu akizwa n'imirimo ye myiza, umwifato we mwiza, ubupfura bwe. Muri ibyo twavuga :
   a. Imihango y'idini : nk'umubatizo, gukomezwa, komuniyo, penitansiya, amasengesho, n'ibindi.
   b. Kugendera ku mategeko cumi cyangwa andi mabwiriza y'ubuzima.
      c. Imirimo myiza : gufasha abakene n'abatishoboye, gutanga impano, kugerageza gukora neza,
      d. Kuba umunyakuri n'umunyamurava, kuba indakemwa mu mico.
2. Umuntu akizwa no kwizera Yesu Kristo ugeretseho imirimo myiza ivuzwe haruguru.
3. Umuntu akizwa no kwizzera Yesu Kristo byonyine, ariko kugira ngo adatakaza agakiza, agomba guhora akora imirimo myiza.

Ibyo byose binyuranije n'Ijambo ry'Imana. Soma Abaroma 4 :5 : « Ariko rero udakora, ahubwo AKIZERA Utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka » (Abaroma 4 :5). Reba n'Abagalatiya 3 :3.

« Biragaragara yuko ari nta muntu utsindishirizwa n'amategeko imbere y'Imana, kuko ukiranuka azabeshwaho no KWIZERA. Nyamara amategeko ntagira icyo ahuriyeho no kwizera ; ariko rero uyakomeza azabeshwaho nayo » (Abagalatiya 3 :11, 12). Reba Abaroma 3 : 23, 10-12.

« Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera : ntibyavuye kuri mwe, ahubwo ni impano y'Imana ; ntibyavuye no ku mirimo, kugira ngo hatagira umuntu wirarira » (Abefeso 2 : 8-9). Soma na Tito 3 :5.

« Niyo ibaha kuba muri Kristo, waduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka, no kwezwa no gucungurwa : kugirango bibe nkuko byanditswe ngo : « Uwirata yirate Uwiteka »(1 Abakorinto 1 : 30-31).

Torero rya Kristo, muze turenge ibidutandukanya, dukomeze kwizera, ko banga ry'agakiza, aho bibaye ngombwa dukorere hamwe, tutavuye mu matorero yacu, tugeze Ubutumwa kubatarabwumva, n'umuntu uzaheruka ugize Itorero rya Kristo bumugeraho, bityo dutebutse kuza

Abavutse ubwa kabiri nibo bonyine bashobora gukora imirimo ishimisha Imana.
Imbaraga ukwizera kwari gufite ejo, n'uyu munsi nizo gufite kuko na Yesu uko yahoze ejo, n'uyu munsi niko ari, kandi niko azahora.
« Abamwemeye bose, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana » (Yohana 1 : 12).

III. 5. 5. Inama zigirwa Itorero rya Kristo

Umugeni wa Kristo ari mu matorero yizera Kristo. Amatorero akwiye kugira iyerekwa ry'uko mu by'ukuri Itorero rya Kristo ari rimwe kandi ritagaragara. Itegeko ry'Umwami « Mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese, n'Umwana, n'Umwuka Wera : mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose » (Matayo 28 : 19, 20) rigomba gushyirwa mu bikorwa.
Imwe mu nzitizi Itorero rihura nazo ni imyizerere imwe n'imwe igenda itandukanya Abakristo. Ntabwo byumvikana ukuntu abemera Imana imwe mu Butatu (Data wa twese, Yesu Kristo, Umwuka Wera), bakaba bizera yesu nk'umukiza n'umwami, bakaba bemera imbaraga z'Umwuka Wera, bakemera umusaraba wa Yesu ndetse bagendera kuri Bibliya Yera, batagira ubushobozi bwo kwegerana ngo bahurize imbaraga hamwe bahesha Imana icyubahiro ari nako bakoza satani isoni. Ntabwo tuvuze ko bashinga Itorero rimwe bakumvikanaho, ahubwo turavuga imikorere ya rusange igihe byaba bibaye ngombwa ; cyane cyane mu bijyanye n'Ivugabutumwa, n'amasengesho. Kuko niba dushingiye kuri Yesu Kristo n'umusaraba we, Ijambo ryo muri bibliya dukunze kuvuga ni UKWIZERA, dore ko rinaboneka mu isezerano Rishya inshuro hafi 500. Iby'ingenzi kandi ari nabyo byinshi amatorero yemera Kristo abihuriraho. Ngirango dukwiye kwima agaciro ibike bidutanya, maze tugaha agaciro iby'ingenzi biduhuza. Twongere tubisubiremo, UBUTUMWA NYAKURI ni ubu : Agakiza kaboneka ku bwo KWIZERA Yesu Kristo. Ubundi « butumwa » cyangwa amadini bishobora gushyirwa mu matsinda atatu manini :

,bisobanurwa « neza » n'ibitangazwa (ex cathedra) bya Papa, n'amanama asanzwe y'Abasenyeri n'abatewolojiye (conciles généraux), n'amabwiriza y'abavuga ko bafite ubutware mu izina rya Kristo n'inshingano yo gusobanura imyizerere yahishuwe- les déclarations du magistère de l'église-,ndetse n'imirimo y'ababanjirije abandi muri Kiliziya (les pères del'Eglise).
Mu by'ukuri, Bibiliya ni ubutware bw'ibanze, ariko babufatanya n'ubusobanuro bundi abantu bose bagomba kugera imbere bagapfukamira. Mbese Bibiliya isobanuye mu buryo bwemewe ? Niryo hame bagenderaho, noneho ubupapa bukaba aribwo bufite ubutware bwa nyuma, mu rwego rw'ubusobanuro.

- **Ikibazo cya gatatu :** Ese Bibiliya irahagije ku bijyanye no kwizera,cyangwa ni ngombwa ko tuyuzurisha amategeko anyuranye ?
- **I Roma,** bavuga ko Bibiliya idahagije. Mbere y'Ijambo ryanditse, Kiliziya niko ivuga, hari hamenyerewe umuco wo gukoresha umunwa. Hamwe na Bibiliya rero, kuva mu gihe cy'Intumwa na n'ubu, hari umuco bashyira ku rugero rumwe na Bibiliya. Umuco utegeka ubutware mu ngero zinyuranye : inyigisho zemerwa ku isi yose (urugero : ubusugi buhoraho bwa Mariya, imigenzo ishyirwa mu bikorwa n'abagatolika (urugero : kubatiza abana), indi migenzo bigaragara ko ari iya kera cyane ariko inkomoko yayo utabasha gusobanura ko ikomoka ku Ntumwa(urugero : igisibo cya Pasika), indi ishyigikirwa n'abahanga ba Kiliziya(docteurs de l'Eglise) kandi ntihagire na bake babirwanya(urugero rwa batisimu cyangwa ibirori no gusenga bikorerwa ibishushanyo), kuba Mariya ari nta cyaha cy'inkomoko yavukanye nkuko biri ku bandi bantu ; byashyizweho nk'ukuri kudasubirwaho na Piyo wa IX ku italiki ya 8 Ukuboza 1854.

Kuki bagomba guha ubutware runaka ibitabo bya Bibiliya byemewe, hanyuma bagaha ubundi butware butandukanye n'ubwo, ibitabo bitizewe (les livres apocryphes)?
Niba dushaka gushyigikira imyemerere ifite ishingiro kandi idashidikanywaho y'ubutware bwa Bibiliya, biradukwiriye ko twinjira cyane

muri ibi bibazo byose, kandi tukagenda tubibobnera ibisubizo bibikwiriye, tutibagiwe kandi ko kwibeshya ubwako kujya kubera umuntu isomo yigiraho byinshi.

I.2.5. Imana yihinduye umuntu

Amateka no guhishurwa kuboneka muri Bibiliya kugaragara neza iyo ikibazo kizwe n'ukuntu Imana yihinduye umuntu. Kristo, Jambo wigaragaje, ni Imana kandi akaba umuntu, umwana uhoraho, mu mateka wihinduye umuntu akagira kamere ebyiri, ariko ni umuntu umwe. Ntushobora kumenya Kristo nyakuri, cyangwa ngo umwizere mu gihe ugihakana ko ari Imana, cyangwa utemera ko yigize umuntu. Turamuzi, turamuhamya, tumwubaha nk'Umwami na Kristo, Imana nyakuri. Kuko muri we nta cyanyuranyaga n'ibi, kuko yasamwe ku bw'Umwuka Wera, bityo rero uku guhamya gufite ishingiro, kuko gukozwe n'Umwuka Wera. Uwo muntu akoresha ubutware nkuko ari Umwami, ari Imana. Ni nako bimeze ku Byanditswe Byera, Ijambo ryanditse,bihamya Kristo. Ibyanditswe byera ni ihishurwa ryo mu ijuru kandi ni inkuru yanditswe n'abantu; ni ubutumwa bw'Imana bwanditswe mu buryo bw'amateka, bufite inkomoko ebyiri, ariko ni igitabo kimwe. Tujya tunyura iruhande rw'agaciro nyakuri ka Bibiliya, bityo tukibuza byose twagombaga kungukira mu nyigisho zayo, n'amabwiriza iduha, niba tutazi Umwanditsi wayo wo mu ijuru, cyangwa umwanditsi wayo wo mu isi. Nta guhangana na guke kuri hagati yo guhishurwa kw'Ibyanditswe,n'inkuru yanditswe n'umuntu, kuko iba yahumetswe n'Imana. Nta tandukaniro na busa na none, mu gihe dusoma iryo hishurwa tubikoranye kwizera nk'Ijambo ry'Imana, kuko riba rimuritswe kandi rihawe ubwimerere n'Umwuka Wera. Icyo gitabo gifite ubutware bw'Ijambo, n'ubuhamya bw'Imana. Ibi ntawabitindaho cyane kuko Yesu Kristo ubwe ari Imana, Umuremyi, Umwami, akaba ariwe uhishura kandi akazana ubwiyunge, naho Ibyanditswe byera akaba ari umurimo, n'igikoresho cy'Imana, yewe n'ubwo twaba dushobora gusoma

« Naho utizera Imana, aba ayise umunyabinyoma, kuko atemeye ibyo Imana yahamije ku Mwana wayo (1Yohana 5 : 10).
« Tumenye Iy'ukuri, kandi turi mu y'ukuri, kuko turi mu Mwana wayo Yesu Kristo. Iyo niyo Mana y'ukuri, n'ubugingo buhoraho »
(1 Yohana 5 : 20)
« Kuko, duhamije ko umuntu atsindishirizwa no kwizera, atari imirimo itegetswe n'amategeko »(Abaroma 3 : 28).
Birakwiriye ko abataramenya Yesu bamumenya . Birakwiriye ko abantu bamenya icyatumye Kristo apfa. Ni ngombwa ko buri wese amenya ko hari impano y'agakiza, ashobora kwakira mu KWIZERA gusa (imirimo iza iherekeje ukwizera)
Muri ubwo buryo bwonyine, niho umuntu acika umuriro utazima. Umurimo w'Itorero rya Kristo ubundi, ni ukwamamaza no kumenyesha abantu ko muri we harimo agakiza kubwo Kwizera.
Itorero rya Kristo, tuvuga tumutegereje, ndetse dufite amatsiko menshi yo kuzamubona. Ibyo ni byiza, ariko yavuze ko azaza ari uko Ubutumwa Bwiza buzaba bwamaze kugera no kwigishwa amahanga yose (bwageze kuri buri wese). Ese aho uwanyuma ugomba kumva ubutumwa si wowe usabwa kubumugezaho ?
(Reba Matayo 24 : 14)
Ubutumwa bwo kwizera nibwo bwonyine bwo kuvuga. Kujyana ubundi ni ukwikururira umuvumo w'Imana (Abagalatiya 1 :8-9). Ubutumwa nyakuri ni agakiza kaboneka kubwo kwizera Yesu Kristo
(Yohana 14 : 6).
Hatamenetse amaraso ntihariho kubabarirwa ibyaha.
(Abaheburayo 9 :22). Yesu yamennye amaraso ye, y'igiciro kinshi, kugira ngo ibyaha byose tubibabarirwe (1Yohana 1 : 17).
Ayo maraso atugirira akamaro iyo twizeye nyirayo.
Niba imirimo myiza itaduha agakiza, tumenye na none ko ifite umwanya w'ingirakamaro iyo tumaze gukizwa (Tito 2 : 14).
Ntabwo dukizwa n'imirimo myiza, ahubwo dukizwa kugira ngo tuyikore.
Gereranya umurongo wa 9 n'uwa 10 w'Abefeso 2.

Bibliya itubwira ko umuntu yitwa umupfu igihe umubiri udafite umwuka. Reba na Matayo 10 :28 ; Luka 12 :4.

Ni ukuvuga rero ko urupfu rw'umubiri ari ugutandukana kwawo n'umwuka. Ni iherezo ry'ubuzima bw'umubiri. Urupfu rw'umubiri ntabwo ari ukurekeraho kubaho, ahubwo urupfu rutuma winjira mu yindi si ifite ubuzima.

Abizeye Yesu batandukanijwe n'imbaraga ndetse n'ubwoba by'urupfu. Barahembuwe kandi baguma mu busabane n'Imana, kandi bafite ubugingo buhoraho. Yohana 3 :16 ; 6 :40 ; Abaroma 5 :17-21 ; 8 :23 ; 1Abakolinto 15 :26 ; 51-57 ; Ibyahishuwe 20 :14 ; 21 :3-4 . Kuri bo urupfu ntabwo ari iherezo, ahubwo ni itangiriro ry''buzima butunganye bw''teka (1Abakorinto 15 : 15 ; 2Abatesaloniki 1 : 17 ; Abaroma 8 : 11 ; 1 Abatesaloniki 4 : 16,17 ; Yohana 11 : 27). Kuri iyi ngingo y'urupfu rero, nk'uko twatangiye tubireba, nyuma y'urupfu hari urubanza. Kubera iyo mpamvu rero, buri wese yari akwiye kwita ku iherezo rye nyuma y'urupfu.

Ni ukuvuga ko imbere yacu hari ibintu bibiri bidutegereje :

- Urupfu, cyangwa
- Impanda y'imperuka.

Nyuma y'urupfu hari urubanza, na nyuma y'impanda hari urubanza, wabyemera utabyemera. Muri urwo rubanza kandi NTAWE UZAJURIRA (kuko ntawe uri hejuru y'Imana ngo abe yajuririrwa).

III. 5. 4. Imbaraga ziri mu kwizera

Abatizera Kristo, kimwe n'abamwizera, abenshi duhuriye kuko twemera Imana. Umugambi w'iki gitabo ntabwo ari ukwishyira heza, ahubwo ni ugushyira ukuri ahagaragara, tugendeye muri Bibliya, Ijambo ry'Imana. Twagombye kuvuga ngo : « Ni amahoro ni amahoro », kuko turabakunda mwese, idini urimo iryo ari ryo ryose, ariko Bibiliya ntiri bubitwemerere, kuko nyuma y''urupfu hari ibikomeye. Dore nawe :

« Utizera Yesu amaze gukirwaho iteka »(Yohana 3 : 18)

« Ariko ukunda wese Iyabyaye, akunda n'uwabyawe na Yo »

(1Yohana 5 : 1)

ibirimo twemera mu buryo bwuzuye ubwimerere n'ukuri kwayo.

I.3. Bibiliya

Bibiliya ni ubutunzi butagereranywa abantu bafite.

« Narasengaga ngirango ngire kwizera, ntekereza ko umunsi umwe kwizera kwazaza kukanyituraho nk'umurabyo. Ariko kwizera ntikuze »

« Umunsi umwe nasomye mu gice cya cumi cy'Abaroma: Dore, kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'Ijambo rya Kristo. Nari narabumbye bibiliya yanjye kandi nsenga ngo ngire Kwizera. Nageze aho rero mbumbura Bibiliya, maze ntangira kuyiga, kandi kuva ubwo kwizera ntikwigeze kurekeraho kwiyongera »[(1)]

[1]

I.3.1.Bibiliya ni Ijambo ry'Imana.

Twiringira ko Bibiliya atari inkuru yakozwe n'umuntu mu kugerageza gushaka uko yabona Imana, ahubwao nyamara ni inkuru y'Imana mu kugerageza kwihishurira abantu ; ni ikiganiro Imana ubwayo ivugiramo amasano ifitanye n'abantu, uko amahishurwa yagiye akurikirana yiyerekana uko Iri. Ni ubushake bwahishuwe bw'Umuremyi w'umuntu, bwahawe abantu batanzwe n'Umuremyi ubwe, kugirango abigishe kandi abayobore mu rujya n'uruza by'ubuzima. Imana ubwayo niyo yahagarikiye, irayobora kandi yandikisha ibiri mu bitabo bya Bibiliya, abanditsi b'abantu mu kwandika kwabo bagenzurwaga cyane n'Imana kuburyo ibyandikwaga byabaga ari iby'Imana. Umuntu wese yakagombye gukunda bibiliya, umuntu wese yakagombye kuba umusomyi wa bibiliya kandi akabishishikarira cyane. Umuntu wese yakagombye gushishikarira kubaho nkuko Bibiliya yigisha. Bibiliya yakagombye gufata umwanya w'ingenzi mu buzima n'imibereho ya buri Torero no muri buri kibwirizwa.Umurimo umwe rukumbi wo kubwiriza uboneka mu kwigisha Ijambo ry'Imana, risobanuwe kandi ritanzwe mu buryo bwumvikana.

[1] D.L. Mody

Uko Bibiliya iteye

Bibiliya ifite ibice 1189 .

Mu Isezerano rya Kera harimo ibice 929.

Mu Isezerano Rishya hakabamo ibice 260.

Igice kirekire kurusha ibindi ni Zaburi 119.

Igice kigufi kurusha ibndi ni Zaburi 117, icyo gice kikaba aricyo kiri hagati muri Bibiliya. Umurongo muremure ni Esteri 8 : 9, umugufi kurusha indi ni Yohana 11 : 35.

Reba no Kuva 20 : 13 na 15.

Ibitabo bigize Bibiliya bikoze amatsinda arindwi.

a **Isezerano rya Kera** (ibitabo 39)

17 by'inkuru (Itangiriro kugeza kuri Esteri)

5 by'ibisigo(Yobu kugeza ku Ndirimbo ya Salomo)

17 by'Abahanuzi (Ezira kugeza kuri Malakiya)

b **Isezerano rishya** (ibitabo 27)

4 by'Ubutumwa Bwiza (Matayo kugera kuri Yohana)

Ibyakozwe n'Intumwa (Ibyakozwe)

21 by'Inzandiko (Abaroma kugeza kuri Yuda)

Ibyahishuwe (Ibyahishuwe)

Imigabane yo mu isezerano rya kera ry'igiheburayo

Ibitabo by'Isezerano rya Kera mu giheburayo ni kimwe n'ibyo mu gifaransa uretse ko bidakurikirana kimwe.

1. « Amategeko » (ibitabo 5) Itangiriro kugera ku Gutegeka kwa kabiri
2. « Abahanuzi » (ibitabo 8)
   - Bane ba mbere : Yosuwa kugeza ku Bami
   - Bane ba nyuma : Ezira, Yeremiya, Ezekiyeli, Abahanuzi bato 12
3. « Ibyanditswe » (ibitabo 11)
   - Bitatu by'ibisigo : Zaburi, Imigani, Yobu.
   - Ibizingo bitanu : Indirimbo, Rusi, Amaganya, Umubwiriza, Esteri.
   - Ibitabo bitatu : Daniyeli, Ezira-Nehemiya, Ibyo ku ngoma.

-Ikamba ry'ubugingo (Ibyahishuwe 2 :10).

-Ikamba ryo gukiranuka (2imote 4 :8).

-Ikamba ry'ubwiza (1Petero 5 :2-4).

-Ikamba ry'ibyishimo (1Abatesaloniki 2 :19-20).

Iyo myaka 3,5 nishira, Umwami Yesu azajyana Itorero kurimurikira Imana (mu ijuru). Ubwo ku isi naho hahite hatangira umubabaro mwinshi, Antekristo noneho azaba akora n'umwete mwinshi cyane.

Imyaka 3,5 y'umubabaro mwinshi iza yiyongera kuri ya yindi 3,5 y'umubabaro, ubwo ku isi hazaba hatangiye umubabaro mwinshi, imyaka itatu n'igice ya kabiri itangiye, Yesu we azaba agejeje Itorero rye mu ijuru, maze habe ubukwe bw'Umwana w'Intama.

Yesu namara kumurikira Data wa twese Itorero, azamarana naryo imyaka 3,5 mu ijuru. Iyo myaka nirangira azagarukana naryo kwima imyaka igihumbi ku isi, (2Abatesaloniki 1 :7-10 ; 2 : 8-9), nirangira azasubirana n'Itorero mu ijuru kubana yo naryo iteka ryose, ariko mbere y'ibyo azabanza ahane satani, n'inkozi z'ibibi zose.

III.5.3. Urupfu

Utazashobora kumva impanda byanze bikunze azahura n'urupfu.

« Abantu bagenewe gupfa rimwe, hanyuma yaho hakaza urubanza »
(Abaheburayo 9 : 27).

Umuntu udakijijwe afite kamere imwe (ya kera), naho ukijijwe afite kamere ebyiri

(kamere ya kera,na kamere y'Imana ahabwa mu gihe cyo kuvuka ubwa kabiri).

Bakunze kuvuga ngo : « umuntu udakijijwe avuka rimwe agapfa kabiri ». (apfa urupfu rw'umubiri n'urupfu rw'umwuka) ; naho ukijijwe avuka kabiri agapfa rimwe

(avuka mu buryo bw'umubiri no mu buryo bw'Umwuka).

Gupfa rero mu buryo bw'umubiri bireba buri wese muri twe.

Ariko se urupfu ni iki ?

« Ariko mu minsi y'imperuka, umusozi wubatsweho urusengero rw'Uwiteka uzakomerezwa mu mpinga z'imisozi, ushyirwe hejuru, usumbe iyindi, n'amoko azawushikira (Mika 4 :1).
« Bana bato, tugeze mu gihe cy'imperuka : kandi nk'uko twumvise y'uko Antikristo azaza, niko na none hamaze kwaduka ba Antekristo benshi ; ndetse nibyo bitumenyesha ko igihe cy'imperruka gisohoye »
(1Yohana 2 :18).

III. 5.2. Mu gihe cya vuba tuzaba turi mu kirere

Ijambo ry'Imana ritubwira ko abizeye tuzasanganira Yesu mu kirere.
« Iki nicyo tubabwira, tukibwirijwe n'Ijambo ry'Umwami wacu, yuko twebwe abazaba bakiriho, basigaye kugeza ku kuza k'Umwami , tutazabanziriza na hato abasinziriye. Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya Malayika ukomeye, n'impanda y'Imana, nuko abapfiriye muri Kristo nibo bazabanza kuzuka ; maze natwe abazaba bakiriho basigaye, duhereko tujyananwe nabo tuzamurwe mu bicu, gusanganira Umwami mu kirere »
(1Abatesaloniki 4 :15-17).
Uku kuza kwa Yesu aje kujyana Itorero, kuzaba mu ibanga kandi ntazabonwa na bose, keretse abamwizeye.
Itorero nirimara kuzamurwa (mu isi) hazakurikiraho imyaka irindwi y'umubabaro muri rusange iboneka mu Byahishuwe 4-19, igereranwa kandi n'ibyumweru 70 bya Daniyeli
(Daniyeli 9 : 24-27).
Umwuka Wera azaba yarakuwe mu isi (2 Abatesaloniki 2 :7). Itorero rikizamurwa, umubabaro uzatangira ku isi. Rizamara mu kirere imyaka itatu n'igice, aho ngaho rizahurira n'Umwami Yesu. Muri iyo myaka itatu n'igice hazaba harimo imanza z'abera « umurimo w'umuntu nushya, azabura inyungu, nyamara ubwe azakizwa, ariko nk'ukuwe mu muriro »
Reba 1 Abakorinto 30 :10-15.
Imirimo izaba yagumyeho izahesha ba nyirayo amakamba :
-Ikamba ritangirika (1Abakorinto 25-27).

I.3.1.1. Ibitekerezo bikuru by'Isezerano rya Kera.

a. Isezerano ry'Imana kuri Aburahamu
Mu rubyaro rwe, niho imiryango yose yagombaga guherwa imigisha. Imana yashyizeho ubwoko bw'Abaheburayo ifite intego yihariye kuko yagirango isi abe arimo ibonera Mesiya, ubwoko bwa Mesiya, kuko ari muri bwo imigisha mikuru yagombaga gutangirwa.

b. Isezerano ry'Imana ku muryango w'abaheburayo.
Bagombaga kugubwa neza, nk'igihugu, mu gihe bari kuba bayikoreye mu gukiranuka. Bagombaga kurimbuka,nk'igihugu,mu gihe bari kuba barayibagiwe, bagakorera ibigirwamana. Amoko yose yaramyaga ibigirwamana. Hari ibigirwamana ahantu hose :
– Ibigirwamana byo hejuru n'ibigirwamana byo ku isi,
– ibigirwamana byo mu nyanja n'ibigirwamana byo mu butaka,
– ibigirwamana byo mu migi n'ibigirwamana by'icyaro,
– ibigirwamana byo mu misozi n'ibigirwamana byo mu kibaya,
– Ibigirwamana by'ibigore n 'ibigirwamana by''ibigabo
Hari imiryango myinshi y'ibigirwamana.
Isezerano rya Kera, ni inkuru yo kugerageza kw'Imana kw'igihe kirekire kugirango ishyireho igitekerezo cyangwa imyumvire ko hariho Imana imwe rukumbi mu isi, aho abantu bose basengaga ibishushanyo; bityo Imana ihagurutsa Ubwoko bugize igihugu kugirango ishyire mu bikorwa icyo gitekerezo.

c. Isezerano ry'Imana kuri Dawidi
Umuryango we wagombaga kwima iteka ku bwoko bw'Imana. Mu gihe ubwoko bw'Imana bwari bumaze kuba igihugu gikomeye, Imana yitoranyiriza umuryango umwe muri icyo gihugu cyangwa muri ubwo bwoko, umuryango wa Dawidi, ari nawo yubatseho amasezerano amenyesha ko umunsi umwe hazavuka muri uwo muryango Umukuru cyane mu bami, nawe ubwe akazabaho ubuziraherezo, kandi agashyiraho ubwami ku isi yose kandi nabwo butagira iherezo.

Muri make Ishyiraho ubwoko bw'ababeburayo, Imana yagirango itegure kuza kwa Kristo mu isi. Icyabiteye yagirango ishyire mu isi basengagamo ibishushanyo mu kuza kwa Kristo, igitekerezo cy'uko hariho Imana imwe y'ukuri.

I.3.2. AMWE MU MATEKA YA BIBLIYA.

Dushobora gufata urugero kuri ibi bikurikira:

I.3.2.1 Amataliki makuru yo mu Isezerano rya Kera

Ubishoboye wayafata mu mutwe.Amataliki ya kera cyane tugiye kubona hano, yegera cyane igihe ibyo byabereye ku buryo kwibeshya kwayo kuramutse guhari kwaba ari guto cyane. Umuntu rero yavuga ko atabeshya, , akaba yerekana uko amateka y'abantu n'ibintu yagiye akurikirana ndetse akaba yagombye gufatwa mu mutwe n'abantu bakeneye kwimenyereza gusoma Bibiliya no kuyiga.

- Ø Adamu hafi y'umwaka w'4000 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Umwuzure hafi y'umwaka w'2400 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Aburahamu hafi y'umwaka w'2000 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Yakobo hafi y'umwaka w'1900 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Yosefu hafi y'umwaka w'1800 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Mose hafi y'umwaka w'1400 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Kuva hafi y'umwaka w'1400 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Rusi hafi y'umwaka w'1150 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Samweli hafi y'umwaka w'1100 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Sawuli hafi y'umwaka w'1050 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Dawidi hafi y'umwaka w'1013 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Salomo hafi y'umwaka wa 973 mbere ya Yesu Kristo
- Ø Ubwami bucikamo ibice (reba 1 Abami 12) h.u. wa 933 MYK
- Ø Abisiraheli baba ingaruzwamuheto h.u.wa 721 MYK
- Ø Babuloni itsinda i Buyuda h.u.wa 606 MYK
- Ø Yehoyakimu aba ingaruzwamuheto h.u. wa 597 MYK
- Ø Yerusalemu isenywa h.u.wa 586 MYK

-Ab'i Simuruna : Mu kinyejana cya mbere kugeza ku cya kane, Itorero ryaratotejwe, mu gihe cy'ubwami bw'Abaroma, ubwo Abakrristo benshi bicwaga.

-Ab'i Perugano : Mu kinyejana cya 4 n'icya 5, nibwo ubukristo bwahindutse idini ya Leta ku ngoma y'umwami w'abami Konstantini.

-Ab'i Tuwatiri : Guhera mu kinyejana cya 6 kugeza ku cya 15, Kiliziya Gatolika y'i Roma yagiye ku isonga y'ubuyobozi bw'ubukristo mu bihugu by'iburengerazuba bw'isi kugeza ubwo yakorwaga mu nkokora n'ivugurura ry'Abaporotesitanti. Mu burasirazuba bw'isi, idini y'Aba Ortodoksi aba ari ryo rijya ku isonga.

-Ab'i Sarudi : Ikinyejana cya 16 n'icya 17 byariho nyuma y'ivugurura ry'Abaprotestanti, ari naabwo guhera icyo gihe umucyo mu ivugurura ry'Abaprotestanti watangiye kugenda uzima buhoro buhoro.

-Ab' i Filadelifiya : Mu kinyejana cya 18 n'icya 19, habonetse ububyutse bufite imbaraga nyinshi, ndetse havuka imiryango y'Abamisiyoneri itari mike.

-Ab'i Lawodikiya : Itorero ryo mu minsi y'imperuka rigereranywa n'akazuyaze, kandi ryavangiwe mu myigishirize y'Ijambo ry'Imana.Rirangwa no kudohora kubyo Bibliya itubwira, ndetse no guhuriza hamwe imyizerere inyuranye.

Umuntu umwe (Walvoord) yavuze ko aya matorero uko ari arindwi arangwa n'ibi bikurikira :

Irya 1 : Ryaretse urukundo rwaryo rwa mbere.
Irya 2 : Ryatinyaga kubabazwa
Irya 3 : Ryaravangiwe
Irya 4 : Ryashayishije mu busambanyi
Irya 5 : Ryapfuye mu buryo bw'Umwuka
Irya 6 : Ryari ribuze imbaraga
Irya 7 : Ni akazuyazi

❖ Turi mu minsi y'imperuka :

« Mu minsi y'imperuka umusozi wubatseho inzu y'Uwiteka uzakomerezwa mu mpinga z'imisozi, ushyirwe hejuru usumbe iyindi ; kandi amahanga yose azayishikira » (Yesaya 2 :2).

ishaka ku uwaba inshungu y'abantu (Abaroma 3 :23 ; 3 :10, uretse Yesu Kristo wemewe n'Imana kuba igitambo kimwe rukumbi gikuraho ibyaha by'abari mu isi (Yohana 1 :29 ; Ababeburayo 9 :26 ; 10 :14).

Iyo wizeye Yesu, aho kugira ngo Imana ikubone n'ibyaha byawe, ibanza kubona Yesu, akagukingira umujinya w'Imana, ugakira utyo.

Icyo gitambo nicyo cyonyine kirimo igisubizo ku muntu wese. Idini yawe sinyizi, ariko icy'ingenzi, ishingikirize kuri Yesu Kristo kurusha ku idini. Idini siyo ikiza, ahubwo ni Yesu ukiza.

Igihe nikigera, icyo Yesu azakubaza, si idini wasengeragamo, ahubwo azareba niba ufite ikimenyetso cy'amaraso ye.

Umuntu w'Imana umwe yagiriwe ubuntu, yerekwa ageze ku muryango w'ijuru. Nuko ahageze ngo asanga umuntu uhagaze ku rugi rw'ijuru, ariko urugi rukinze. Maze ngo yumva abantu benshi cyane bariho baririmba, bahimbaza Imana, banezerewe. Abaza uwo wari ushinzwe urugi rw'ijuru, ati : « ko ndi kumva abantu benshi baririmba, mbese ni Abapentekoti ? undi, ati : « oya, ntabwo ari Abapentekoti ; nta abapentekoti bari hano ». « None se ni abadventiste » ?Undi ati : « Oya, nta abadventiste bari hano ». « None se ni Abagatolika » ?Undi ati : »Oya ». « None se ni Abametodiste » ?Undi, ati : « oya, nta abametodiste bari hano ». « None se ni Ababatista »Undi ati : « Oya, nta Ababatista bari hano ». Bimuyobeye abaza uwo muntu w'ijuru, ati : « none se, ni bande ndi kumva baririmba » ?Uwo muntu w'ijuru aramusubiza ati : « abo wumva ni abantu BIZEYE Umwami Yesu ».

Nitugera mu ijuru idini yawe ntuzayibonayo. Tuzaba turi umwe muri Yesu Kristo, turi abana b'Imana.

Itorero rya Kristo rikwiye kumenya ko muri ryo harimo imbaraga, kandi ko dufite uruhare rukomeye rwo kwamamaza Kristo, no kubohora ababoshye.

Ariko se mu matorero arindwi turi mu rihe ? (Ibyahishuwe 2 ; 3). Dore uko Yesu yagiye asezeranya Itorero mu bihe uko bikurikirana :

-Abefeso : Itorero mu kinyejana cya mbere, muri rusange ryarashimwaga, ariko ryari ryararetse urukundo rwaryo rwa mbere.

- Ø Abisirayeli bagaruka bava aho babohewe h.u.wa536 MYK
- Ø Bongera kubaka urusengero h.u. wa 520 MYK
- Ø Esteri aba umwami w'i Buperesi h.u. wa 478 MYK
- Ø Ezira ajya i Yerusalemu h.u.wa 457 MYK
- Ø Yeremiya asana inkike h.u. wa 444 MYK

I.3.2.2. Ubwami (bw'ubwami) bwategetse isi

- ¨ Egiputa yategetse isi kuva 1600 kugeza 1.200 mbere ya Yesu Kristo
- ¨ Asiriya yategets isi kuva 900 kugeza 607 mbere ya Yesu Kristo
- ¨ Babuloni yategetse isi kuva 606 kugeza 536 mbere ya Yesu Kristo
- ¨ Peresi (Ubu) yategetse isi kuva 536 kugeza 330 mbere ya Yesu Kristo
- ¨ Giriki (Ubu) yategetse isi kuva 330 kugeza 146 mbere ya Yesu Kristo
- ¨ Roma yategetse isi kuva 146 mb. ya Y.Kr. kugeza 476 nyuma ya Yesu Kristo

Abaroma bategekaga isi mu gihe Yesu yayizagaho. Itorero ryavutse mu gihe cy'ubwami bw'Abaroma.

I.3.2.3. Abisirayeli mu Egiputa

Hariho intera y'imyaka iri hafi 300 hagati y'Itangiriro no Kuva, ni ukuvuga kuva ku rupfu rwa Yozefu ukageza ku kuvuka kwa Mose, ari nabyo bigaragaza ko hari imyaka 430 kuva Yakobo yimukira mu Egiputa kugeza ku Kuva (Kuva 12 : 40-41). Mu gihe cyo guhaguruka (Kuva) mu Egiputa, uretse abagore n'abana hari abagabo 603.550 barengeje imyaka 20 (Kubara 1 :45-46). Ubundi Abisirayeli bageze mu Egiputa ari abantu 70. Baje kugera kuri iyo mibare hashize imyaka 430, ndetse bava mu Egiputa bose hamwe bari 3.000.000. Iyi mibare iratwereka ko abantu bikubaga

kabiri hafi buri myaka 25 kandi ibyo ni ibintu bishoboka. Muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu myaka 400 abaturage bavuye kuri zero barenga miliyoni 100 bidatewe gusa n'uko hari abahimukiye. Ibi rero biratwereka ko kwiyongera kw'Abisirayeli dukwiriye kwemera ko ari ukuri.

I.3.2.4. Egiputa na Bibiliya

- Mbere na mbere Egiputa yatuwe n'abakomoka kuri Hamu (Umuhungu wa Nowa).
- Yeremiya yapfiriye mu Egiputa
- Ihindurwa ry'Isezerano Rishya ryitwa « rya 70 » (de la septante) ryakorewe mu Egiputa.
- Aburahamu, yakobo, bageze mu Egiputa.
- Yozefu yabaye umutegetsi ukomeye muri icyo gihugu
- Abaheburayo muntangiriro yabo bamaze imyaka 400 mu Egiputa hagati ya 1800-1400 mbere ya Yesu Kristo.
- Mose yarezwe nk'umwana w'umwamikazi wa Egiputa.
- Yesu yamaze kimwe mu gihe cy'ubwana bwe mu Egiputa.
- Hashize imyaka myinshi, Egiputa yaje guhinduka ahantu hakomeye hari higanje ubukristo mu ntangiriro yabwo.-Muri iki gihe Egiputa . ituwe n'abantu hafi miliyoni 40. Mu gihe cy'Abaroma yari ituwe n'abantu miliyoni 7. Mu gihe Abisirayeli bari bakiriyo, Egiputa yari ituwe na miliyoni 7 cyangwa munsi gato [(2)]

[2] H. Henry, Halley, Manuel biblique, Edition Vidas, Florida, 1989.

III. 5. Imbaraga ziri mu KWIZERA ,

n'uruhare rwacu muri iki gihe twitegura kugaruka kwa Yesu no kuzamurwa kw'Itorero

III. 5.1 Inama tugira « abanyedini » nsa

Kuba mu idini ni byiza, ariko kuba muri Yesu ni byo bifite umumaro.
Buri muntu yifuza kuzabona, no kuzabana n'Imana. Usanga buri wese afite idini, cyangwa se itorero, ajya gusengeramo. Buri wese kandi idiniarimo, aba yibwira ko imyizerere yaryo ariyo yamufasha, iri mu kuri, bityo akibwira ko yahisemo neza , ndetse ku buryo bamwe badatinya kuvuga ngo: « Itorero ryacu ni ryo torero ry'Imana ». Ibyo ari byo byose, buri wese aba ashakashaka Imana. Ubwo rero dusesenguye, twavuga tutibeshya ko abantu bashaka Imana banyuze mu mayira menshi (mu madini atandukanye), ariko Imana ishaka abantu inyuze mu nzira imwe (ariyo Yesu Kristo). Yohana 14 : 16.
Impamvu inzira ari imwe ni iyihe ? Nuko ibyaha by'umuntu byamutandukanije n'Imana, bityo akaba atabasha kwegera ubwiza bw'Imana (Abaroma 3 :23). Imana rero, mu rukundo rwayo, yanyujije agakiza k'abantu muri Yesu, uzahusha iyo nzira imwe rukumbi, azaba ahuye n'akaga gakomeye (Yohana 3 :18), kuko umuntu udafite Yesu azasarura urupfu (Abaroma 6 :23).
Amahirwe y'abafite Yesu ni uko bafite uwapfuye mu kimbo cyabo (Abaroma 5 :8), uwo kandi amaze gupfa yarahambwe ariko arazuka (1Abakorinto 15 : 3-6).
Nk'uko mubizi, hari amadini amwe ashingiye ku « bahanuzi » ariko nanone nk'uko mubizi, nta n'umwe muri abo wapfuye ngo azuke. Dukurikije kandi ubusobanuro tumaze kubona, kugeza, ubu nta n'umwe muri abo bahanuzi waba yarapfiriye
abayoboke be, kuko niyo yahaba, urupfu rwe rwaba ari impfabusa kuko uretse ko nta n'umwe muri bo wazutse, tuzi neza ko nta muntu n'umwe wabayeho, uriho, cyangwa uzabaho, wakuzuza ibyangombwa Imana

wa mbere mu bitekerezo byacu , ni icyo kureba ukuntu tutazahura na cyo, n'ubwo byadusaba ikiguzi gihenze. Imana nayo kandi icyo itwifuriza, ni uguca ukubiri n'ihaniro ry'iteka (enfer), ubundi icyo Imana idusaba ni ikintu cyoroshye cyane kuko yatanze Umwana wayo w'ikinege, KUGIRA NGO UMWIZERA WESE ATARIMBUKA, (Yohana 3 :16 ; 5 :24 ;Ibyahishuwe 22 :17).

Iyo urebyee neza, mu muriro utazima hazajyamo abashaka, mu ijuru naho hajyemo abashaka. Umunsi umwe, Kristo yaririye Yerusalemu avuga ati : « ni kangahe nashatse kubundikira abana bawe …ariko ntimunkundire ! » (Matayo 23 :37).

Umucamanza ntashobora buri gihe kumenya impamvu zagiye zituma abamuburanira bakora icyaha. Ariko nyamara kandi, mu manza nyinshi, biba ngombwa ko abantu bashobora kumenya icyatumye abantu bakora ibyo byaha.

N'umuhanga kabuhariwe mu kuvumbura ikinyoma ashobora kubeshywa. Mu by'ukuri abicanyi babimazemo igihe, rimwe na rimwe bajya babasha gutegeka mu maso habo ndetse n'izindi ngingo zabo ntube wagira icyo ubafinduraho.

Imana niyo Mucamanza w'ukuri. Ifite ubumenyi bwuzuye, ku gikorwa icyo ari cyo cyose, ku gitekerezo icyo ari cyo cyose, ku ntandaro iyo ariyo yose. Ishobora guca urubanza ku mabanga yihishe mu mutima w'umuntu. Izi ukuri kose nta na kimwee ushobora kuyihisha. …Izi ubushobozi bwo gutekereza bwa buri wese, umurwayi wo mu mutwe ntashobora kubarwaho amakosa kimwe n'abantu bazima. Imana izi neza ukutaringanira mu bushobozi bwo kwifata, no gutekerza kw'abana bayo, bamwe bagira ubushobozi bwo kurwanya ibishuko biboroheye, ugereranije n'abandi. Izi neza ibyiza turusha abandi, ndetse n'uko buri wese ariho. Bityo rero izi bingana gute umuntu akora icyaha nkana, (akireba). Ibona ibyaha dukora kubera kutagira icyo twitaho cyangwa tutabizi, kimwe n'ibyo dukora nyuma yo kubitekerezaho, Imenya ibyaha byihishe, kimwe na bya bindi bishyira abantu ku karubanda, bagahinduka akabarore. Soma Abaroma 2 :2.

IGICE CYA KABIRI : KWIZERA YESU KRISTO

II.1. IMANA,UMUNTU,ICYAHA,KRSTO NI WE MUTI.

Kugira ngo dusobanukirwe neza impamvu dusabwa kwizera ni uko tubanza kumenya Imana iyo ari yo, umuntu uwo ariwe, icyaha icyo ari cyo, n'uruhare Yesu Kristo afite mu kuba umuti w'ikibazo, ari naho intandaro yo kwizera ituruka.

II.1.1. Imana

Kumenya Imana ni ikintu buri wese usanga ahoza ku mutima

II.1.1.1. Imana iriho

Bibiliya ntiyirirwa ishakisha insobanuro, n'ubuhamya, n'ibimenyetso simusiga by'uko Imana yaba iriho. Kubaho kwayo ni ikintu Ibyanditswe byose byemera. Umurongo w'ikubitiro (wa mbere) niwo natangaho urugero : « *Mbere na mbere Imana irema ijuru n'isi »* (Itangiriro 1 : 1). Imana yimenyekanishiriza mu byaremwe. *« Kuko ibitaboneka byayo nibyo bubasha bwayo buhoraho n'ubumana bwayo, bigaragara neza, uhereye ku kuremwa kw'isi, bigaragazwa n'ibyo yaremye, kugirango batagira icyo kwireguza* » Abaroma 1 : 20. Yimenyekanisha kandi ikoresheje ijwi ry'umutima-nama ry'umuntu.

« Abapagani badafite amategeko y'Imana, iyo bakoze iby'amategeko ku bwabo baba bihindukiye amategeko, nubwo batayafite. Bakagaragaza ko umurimo utegetswe n'amategeko wanditse mu mitima yabo, ugahamywa n'imitima ihana ibabwiriza, igafatanya n'ibitekerezo byabo kubarega cyangwa se kubaregura. »

(Abaroma 2 :14-15). Uhakana ko Imana iriho yitwa umupfapfa *« umupfapfa ajya yibwira ati : nta Mana ibaho »* (Zaburi 14 : 1).

II.1.1.2. Ibiranga-kamere by'Imana (les attributs de Dieu)

1. *Imana ibera hose icyarimwe*(Yeremiya 23 : 24)
2. *Imana imenya byose* (Imigani 15 :3, Matayo 10 : 29)
3. *Imana ishobora byose* (Matayo 19 : 26)
4. *Imana ni Uwiteka* (Zaburi 90 : 2)
5. *Imana ntihinduka* (Malakiya 3 : 6)
6. *Imana ni Iyera* (Habakuki 1 : 13, Yesaya 59 : 1-2)
7. *Imana ni Umukiranutsi (*Imigani 15 : 9 ; Zaburi 119 : 137)
8. *Imana ni Urukundo* (Yohana 3 : 16)
9. *Imana ni Umwuka* (Itangiriro18 :1-2 : Kuva 3 :2 ; Abacamanza 6 :11-12 ; 1Abami 19 : 12 ; Yesaya 6 : 1). Soma na Yohana 1 : 14,18 ; Abakolosayi1 :16. Aha ngaha haratwereka ukuntu mu kwihindura umuntu, Imana yaduhereye mu Mwana wayo ishusho nyakuri kandi yuzuye yayo ubwayo.
10. *Imana irarakara* (Ezekiyeli 5 : 13)
    Mu burakari bwayo Imana ntabwo iba yatombotse nkuko muri kamere y'umuntu bimeze, kuko igiye itomboka twashira. Ni nayo mpamvu iyo ukoze icyaha ubona rimwe na rimwe igihano kikugeraho gisa nigitinze, uretse ko byanze bikunze kitabura kuza. Imana rero irarakara cyane ariko ntitegekwa n'umujinya wayo nkuko bimeze ku bantu, kuko ibasha kuguhana ako kanya ugikora icyaha, cyangwa ikabikora mu kindi gihe cyose yishakiye.
11. *Imana ni Inyambabazi kandi ntica urwa kibera* (Kuva 34 : 6-7). Mu mbabazi zayo, Imana igirira umunyabyaha impuhwe, ariko kubera ko idatsindishiriza abo gutsindwa, uwo ikiza ni uwo iba yatandukanije n'icyaha. Soma na 1Yohana 3 : 7). Imana ikomeye ku cyubahiro cy'izina ryayo. *« Ndagirira izina ryanjye mbe ndetse kubarakarira ; ndagirira ishimwe ryanjye, nkwihanganire ne kugukoraho. Ku bwanjye nzabyikorera, ntacyatuma izina ryanjye ritukwa, kandi icyubahiro cyanjye sinzagiha undi »* (Yesaya 48 : 9,11).

- Inzira nini ijyana abantu kurimbuka, n'inzira ifunganye ijyana abantu mu bugingo(Matayo 7 : 13-14).
- Urukungu rwatawe mu itanura ry'umuriro, n'ingano zashyizwe mu kigega cyo mu ijuru (Matayo 13 : 41-43,49-50).
- Abakobwa b'abapfu bari hanze, n'aho abakobwa b'abanyabwenge bari imbere mu nzu (Matayo 25 : 10-11)
- Umugaragu mubi ajugunywa mu mwijima, naho umugaragu mwiza yinjizwa mu munezero wa shebuja (Matayo 25 : 21,30).
- Abavumwe bajya mu muriro, ihaniro ry'iteka, naho abahawe umugisha binjira mu bugingo bw'iteka, (Matayo 25 : 33-46
- Umutunzi mubi mu kubabazwa atagira umutabara, na Lazaro mu gituza cya Aburahamu (Luka 16 : 22-23).
- Kuzukira gucirwaho iteka , n'isoni ziteka; abandi bakazukira ubugingo buhoraho (Daniyeli 12 : 2 ; Yohana 5 : 29).
- Abadatunganye bazajugunywa mu nyanja yaka umuriro n'amazuku, naho abatoranijwe binjire muri Yerusalemu yo mu ijuru(Ibyakozwe 21 : 1-4,8).

Agiye gupfa Yesu yaravuze, ati : « Byose birarangiye » (Yohana 19 : 30). Umuntu atsindishirizwa « n'ubuntu ari ntacyo atanze… no kwizera, atari imirimo itegetswe n'amategeko. (Abaroma 3 : 23,28). Ntabwo rero imibabaro ya « purigatori » ari yo yaba impongano y'icyaha kirimbura, kuko icyo cyaha cyakuweho n'umusaraba (Abaheburayo 9 : 26 ; 10 :10, 17-18, kandi umusaraba wa Yesu wonyine ukaba utwezaho gukiranirwa kwacu kose(1 Yohana 1 : 7,9).

Dore ibyo abashyuigikira inyigisho ya Purigatori bishingikirizaho:

2 Makabe 12 : 42-45 ; Mika 7 : 8 ; Zakariya 9 :11 ; Malakiya 3 :2,3 ;Matayo 12 :32 ;1Abakorinto 3 :13 –15 ; 15 : 29 ; 2 Abakorinko 5 : 26.

III. 4.5. Twahunga umuriro utazima dute ?

Ubwo icyo gihano giteye ubwoba, kikaba kitagira iherezo, kikaba ari nta kindi gihwanye nacyo mu kubabaza, ikintu cyagombye gufata umwanya

III.4.3. Igihano kizatangwa hakurikijwe ibyo umuntu yakoze, uko bingana

Imana ntica urwa kibera, niyo mpamvu abazaba bari mu bihano, hazaba hakurikijwe neza ibyaha bakoze uko bingana(Ibyahishuwe 20 : 12-13 ; Umubwiriza 12 : 1 ; Matayo 12 : 36 ; Abaroma 2 : 16 ; Yuda 14-15).
Na none kandi, uburemere bw'ibyaha buzagenda burutana, hakurikijwe ibyo buri wese yagiye yumva cyangwa abona, bijyanye no kumurikirwa n'Imana, kandi abakoze ibyaha batazi amategeko, bazarimbuka badahowe amategeko(Abaroma 2 : 12) ;(reba Matayo 10 : 14-15 ; 11 : 20-24).
Bamwe bazakubitwa ibiboko bike abandi bakubitwe byinshi(Luka 12 : 47-48) nkuko no mu ijuru hazabaho ingororano zizatangwa hakurikijwe imirimo buri wese azaba yarakoze(1 Abakorinto 3 : 8).

III. 4.4. Igihe icyo gihano kizamara

Bibliya ivuga ko igihano cy'abanyabyaha kitazarangira, ko ari igihano cy'iteka ryose. Haba mu giheburayo, haba mu kigiriki, Bibliya ivuga ko hari ubugingo buhoraho, no kubabazwa kw'iteka ryose. (Daniyeli 12 : 2 ; Matayo 25 : 46). Uwo muriro ntuzima na hato, n'urunyo rwaho ntirupfa(Matayo 3 : 12 ; Mariko 9 : 48) Hari bamwe bibwira ko nyuma y'urupfu, haba hari amahirwe yaterwa n'uko ababo basigaye inyuma(bakiriho), bazabasengera, bakaba bakwakirwa mu bwami bw'ijuru mu gihe baba barapfuye batitunganije n'Imana.
Igisubizo ni uko ibyo bidashoboka. Abo kandi bakunze kuvuga ko hariho ahantu abapfuye banyura, bakahatunganyirizwa, mbere yo kugera mu ijuru, ariho Purigatori.
Aho hantu ntihabaho, Bibliya itubwira ahantu habiri : ni ijuru, ahandi ni ahantu ho kubabarizwa. (enfer).
Dore zimwe mu ngero zerekana ko aho hantu habiri hariho kandi ko umuntu asarura ibyo yabibye :

II.1.1.3. Amazina y'Imana

1. ***ELOHIMU****.* Mu mazina y'Imana, iri rishobora kuba ariryo abantu bashoboye kumenya mbere y'ayandi
   El-Schaddai (imana ishobora byose, Itangiriro17 : 1)
   El-Elion Imana isumba byose, Itangiriro14: 18)
   El-Olam (Imana y'ibihe byose, Itangiriro21: 33)
   El-Ganna (Imana ifuha, Kuva 20: 5)
   El-Hai (Imana ihoraho, Yosuwa 3: 10)
   Izina *Elohim* riboneka cyane mu Itangiriro igice cya mbere. Rigaruka inshuro 2.312 mu Isezerano rya Kera.
2. ***YEHOVA*** *(YAHVE)* Niryo zina ryayo, riboneka kenshi mu Isezerano rya Kera (inshuro 6.499). Bisobanura UWITEKA. Mu giheburayo ni YHVH. Iryo zina ntawatinyukaga kurivuga, ku buryo Abayuda bobatinyaga no kuryandika, mu mwanya waryo bakandika: Mwami wanjye, *ADONAI.* Dukurikije Kuva 3 :14, Y^aHV^eH risobanura « Uwo ndi we ».
   YEHOVA-ELOHIM Reba (Itangiriro 2 : 7,16 ; 3 :9, 15,21)
   *YEHOVA –JIRE, Uw*iteka azatuma kiboneka (Itangiriro 22 : 13-14)
   YEHOVA-RAFA (RAPHA), Uwiteka ugukiza (Kuva 15 : 26)
   YEHOVA-NISSI, Uwiteka niwe bendera ryanjye (Kuva 17 : 15)
   YEHOVA-SHALOMU (SCHALOM), Uwiteka ni amahoro (Abacamanza 6 : 24).
   YEHOVA-RAAH, Uwiteka Umwungeri wanjye (Zaburi 23 : 1)
   YEHOVA-TSIDKENU, Uwiteka gukiranuka kwanjye
3. ***UWITEKA NYIRINGABO*** *(*Yesasya54 : 5, Hoseya 12 : 6)
4. ***ADONAYI*** *(ADONAÏ)* : Mwami, Databuja (Itangiriro 15 : 2,8 ; 18 : 3, 27,30 ; Kuva 23 : 17 ; 34 : 23) Iryo zina rikoreshwa inshuro 427 mu isezerano rya kera.
5. ***UWERA WA ISREYELI*** *(*Yesaya 1 : 4 ;5 : 19,24 ;6 ; 40 : 25 ; Ezekiyeli 20 : 41, no gukomeza 28 : 22 ; 36 : 23 n'ibindi.
6. ***DATA***(Luka 15 ; 11 : 2 ; Yohana 17 ; 2 Abakorinto 5 :19) Soma Yesaya 63 : 16 ; 64 : 7 ; Hoseya 11 : 1.[3]

[3] Dictionnaire Biblique, Edition Emmaüs, 1806, Saint-Légier sur Vevey.

II.1.2. Umuntu

Kugirango umenye ukuri k'umuntu, ugushakire muri Bibiliya. Ukuri ku ngingo runaka, kugaragazwa n'icyo Imana iyivugaho. Bibiliya itubwira ku kuremwa k'umuntu, kamere ye, isano afitanye n'ibindi biremwa, kugwa kwe, n'iherezo rye.

II.1.2.1. Inkomoko ye

Ni ibintu bisanzwe ko umuntu yakwibaza ibibazo ku nkomoko ye. Nta gihe bitabaye bityo. Mu gihe cy'imyaka myinshi, ibitekerezo byinshi by'abanyabwenge (philosophes et savants) niho wasangaga biganisha, igitekerezo kigiye hino cyabo ni ikivuga ko umuntu akomoka ku ruhererekane rw'inyamaswa (évolution), ibyo bihereye ku gasimba gato. Ariko Bibiliya iremeza ko « *mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi…Imana irema umugabo n'umugore »* Itangiriro 1: 1, 27. Imana ivuga ko abantu, ibiremwa byayo, ari « *abo naremeye kumpesha icyubahiro. Nijye wabaremye; nijye wababumbye »* (Yesaya 43:7).
None se urumva impamvu nkuru yatumye umuntu abaho ari iyihe, uretse iyo guha Imana icyubahiro?

II.1.2.2. Kamere ya muntu

Ageze mu gihe cyo gusamba bashobora kubona badashidikanya ko umuntu adafite gusa umubiri (corps) ko afite n'ubugingo (âme) n'Umwuka (esprit). Uwo usamba aba ari aho, ariho, hanyuma mu kanya gato, akaba atakiriho. Ariko umubiri ubwawo uba ukiri aho ngaho. Ikigenga kubaho k'umuntu kiba kigendeye; nta kindi kiba gisigaye atari intumbi. Mu buryo busobanutse, umuntu ntagizwe n'igihagararo cye gusa, arenze ibyo.
Bibiliya yemeza ko umuntu agizwe n'ibintu bitatu: umubiri, ubugingo n'umwuka (Abatesalonike 5: 23). Ntibijya bitworohera gutandukanya hagati y'ubugingo n'Umwuka, kuko byombi uko ari bibiri bitaboneshwa amaso, ariko kandi Bibiliya itwereka ko hari itandukaniro (Ababeburayo 4: 12). Inyamaswa zifite umubiri n'ubugingo, ariko ntizigira Umwuka.

uko bimeze, ikoresha umuriro, umwijima, amarira, guhekenya amenyo, n'ibindi.
Ibyanditswe Byera icyo bikora ni ukudushushanyiriza gusa kugira ngo, tugire igitekerezo kuri byo, ariko ukuri kw'ibyo bintu(enfer) guteye ubwoba.
Ibi tumaze kubona byose, icyo bihuriyeho gikuru ni uko icyo gihano ari ugutandukanywa n'Imana « Bazahabwa igihano cyo kurimbuka kw'iteka ryose, kure y'ubwiza bw'Umwami »(2 Abatesaloniki 1 : 9)

III.4.1. Gehinomu ni iki ?

Iryo jambo riva ku giheburayo gé-Hinnom

- **Ikibaya cya Hinnom**

Ni ahantu havumwe, aho bamwe mu Bisrayeli, n'abami babo , bakosheshe, bari baratwikiye abahungu n'abakobwa babo, babatambira Moleki(2 Abami 23 : 10). Birashoboka ko mu gihe cya Yesu bahatwikiraga imyanda y'i Yerusalemu, ku buryo umuriro wahoraga waka cyane. Yesu yakoreshaga iryo jambo Gehinomu agamije kuvuga umuriro utazima, nkuko Ibyanditswe Byera bikoresha amagambo nk'itanura ryaka umuriro, cyangwa umwijima, amazuku, n'ibindi.

III.4.2 Kubabazwa k'uwo muriro

Imirongo ya Bibiliya itsindagira cyane ko abatizera bazababazwa mu buryo bw'isoni, guhahamuka, kurira, guhekenya amenyo, kubabazwa bikomeye, kwiheba bikabije, ubwoba bwinshi, uburemere bwo guhabwa akato(Daniyeli 12 : 2 ; Luka 16 : 23-24 ; Matayo 13 : 42, Abaroma 2 : 8-9 ; Yuda 7) Reba na none (Ibyahishuwe 14 : 10-11, 20 : 10) Gereranya na Matayo 25 : 41 ; Kubara 14 :34.

Dore ibyo babona ko bishyigikira iyo myizerere : 2 Makabe 12 : 42-45 ; Mika 7 : 8 ; Zakariya 9 :11 ; Malakiya 3 :2,3 ;Matayo 12 :32 ;1Abakorinto 3 :13 –15 ; 15 : 29 ; 2 Abakorinto 5 : 26.
Iyo myizerere ntabwo ishyigikiwe n'Ijambo ry'Imana

III.4. Umuriro utazima urindiriye abatizera Yesu

Hari amagambo atatu avuga kimwe n'umuriro utazima :
1. Kubabazwa kw'iteka ryose
2. Igihano cy'iteka ryose
3. Guhahamuka kw'iteka ryose.

Ibyo byose birerekana icyo abatizera babikiwe mu yindi si (Matayo 25 : 46).
Impamvu itumye tuvuga kuri iyi ngingo ni uko imwe mu ntwaro Satani akoresha ari ukurangaza abantu no kutareka batekereza ko nyuma y'urupfu hari ibiteye ubwoba bikomeye abatizera bazahura nabyo.
Namwe mutekereze impamvu Yesu yemeye gupfa – ngo akingire abantu be kuzagera aho hantu hagenewe abanyabyaha.
Nubwo bimeze bityo, amahirwe yo kutazajya mu muriro utazima afitwe gusa n'abamwizera, ariko Yesu aravuga ati : « uza aho ndi sinzamwirukana na hato. » Umuntu uzarimbuka rero niwe ubwe uzaba abyiteye.
Ijambo rikunze gukoreshwa cyane ni ikuzimu(enfer) nkuko tubibona no mu Befeso 4 : 9. Kristo yaramanutse agera ikuzimu aho abapfuye bari. Ubu dukoresha ijambo ikuzimu (enfer), iyo dushaka kuvuga ahantu ho kubabarizwa iteka ryose.
Bibliya iduha amazina atandukanye y'icyo gihano. Reka tuvuge amwe, nubwo hashobora kuboneka arenze 28.

- Gukorwa n'isoni no gusuzugurwa iteka ryose (Daniyeli 12 :2)
- Umuriro wa Gehinomu
- Umuriro utazima (Matayo 18 ; 9 ; Matayo 13 : 41-42 ; 22 : 13 ; 8 : 12 ; Yuda 7 ; Ibyahishuwe 20 : 15), n'iyindi.

Aya mazina yonyine tumaze kubona, aratwereka ko aho hantu hateye ubwoba, no kuhabona ubwaho. Bibiliya igenda isa n'idushushanyiriza

Umuntu we afite umubiri, ubugingo n'Umwuka.Kugira cyangwa kutagira Umwuka niko gutandukanya umuntu n'inyamaswa. Umwuka atuma umuntu ashobora kuvugana no gusabana n'Imana.
Ubugingo ni icyicaro cy'ibyo umubiri urarikira naho mu mwuka we ni ho hari ubushobozi bwo kumenya no gutekereza. Bityo rero umuntu ntiyakora ibyo yishakira yibwira ko atazisobanura imbere y'Imana, kandi icyo ategetswe ni uguhora ahirimbanira kubona ubushake bw'Imana no kubusohoza (Abaroma 12: 2).

II.1.2.3. Umudendezo w'abantu

Imana yaremye ibindi bizima mu ijuru, abo ni abamalayika cyangwa imyuka itumwa (Abaheburayo 1: 14). Ntibagira umubiri w'umuntu cyangwa se ngo bagire ubugingo (Luka 24: 39). Baturusha ubushobozi cyane kandinabo baremewe gukorera Imana. Kubera ko kimwe natwe nabo bafite umudendezo wo guhitamo icyiza n'ikibi, bamwe muri bo baguye mu cyaha cyo kwigomeka. (2 Petero 2:4).
Iyo Imana ishaka yari kurema ibyuma binyuranye kandi bikora gusa ibyo babitegetse (Robots), maze ikajya ibikandaho gusa ngo bikore ubushake bwayo, ariko ahubwo yahisemo kurema ibizima bifite umudendezo, bishobora gufata icyemezo ku bushake bwabyo bwo kuyikorera no kuyikunda.
Dushobora gusobanukirwa ibyo: umuntu ashobora gushyira ibyuma bisakuza ku irembo ngo bimurinde abajura, ariko ntiyakumva anyuzwe nkuko yaba ari imbwa iri mu mwanya wabyo.

II.1.2.4. Icyaha cya muntu

Igihe Imana yaremaga ibizima bifite umudendezo, bishobora gukora ubushake bwayo cyangwa se kuburwanya, yari iziko bimwe na bimwe mu biremwa byayo bizahitamo inzira yo kwigomeka. Umumalayika ukomeye cyane witwa Lusiferi, ubu akaba yitwa Satani, afata icyemezo cyo guhanganisha ubushake bwe n'ubushake bw'Imana. Ako kanya Uwiteka amujugunyana n'umubare utari muto w'abandi bamalayika.

Guhera icyo gihe, Satani yakoze ibishoboka byose hakoreshejwe uburyo bwose afite ngo aburizemo imigambi y'Imana.
Umuntu yaremwe ari ikiremwa gifite umudendezo, hanyuma ntibyatinda, Satani afata icyemezo cyo kumwoshya no kumutesha inzira yo kubaha Umuremyi we yari asanzwe agenderamo. Imana yari yaraburiye umuntu kuri iyo ngingo. Ariko nubwo byari bimeze bityo, Satani yabonye insinzi ikomeye muri uwo mushinga wa kabutindi yari yakoze. Iyo nkuru izwi cyane, iboneka mu Itangiriro igice cya 3.
Nk'Umuyobozi w'imyitwarire myiza w'ahantu hose mu isi no mu ijuru, Imana ntishobora kwihanganira mu maso hayo ikiremwa kitubaha amategeko yayo, kandi kibanje kubitekerezaho. Ni ukubera iyo mpamvu, Satani igihe yahitagamo gushoza iyo ntambara arwanya ubushake bw'Imana, atashoboye kugumana ubuturo bwe bwo mu ijuru.
Na none, Adamu nawe yatakaje ubusabane bwe n'Imana mu gihe yigomekaga asuzugura Umuremyi we. Kamere yataye agaciro ya Adamu, yahindutse umurage w'ikiremwa muntu cyose. Twese tuza ku isi dushugumbwa gukora ikibi (Abaroma 5: 12). Iyo kamere ihora ibangukiye kumvira ibishuko biza biva hanze, hanyuma twabyemerera tugakora icyaha.

II.1.2.5.Uko bizamera ku muntu

Bibiliya yemeza ko umuntu yaremwe n'ikiganza cy'Imana, ko yamizwe n'ibyaha, kandi ko kubera ibyo, yatandukanye n'Imana. Mu kubihamya nk'uko itajya yibeshya, Bibiliya ivuga yeruye ko umuntu wese, umunsi umwe azahagarara imbere y'Imana, Umucamanza we. Umuntu wese azahura n'urupfu, ibyo ni ibitazabura kubaho, kandi Bibiliya iravuga iti: « Nyuma y'ibyo hazaza urubanza ».
Imana irema umuntu kandi ikamumenyesha ubushake bwayo; izavuga yeruye rero ko ibikorwa byose buri wese yakoze ari nta wundi bireba, uretse we.(Abaroma 1 : 20 ; 2 : 15-16).
Ubuzima bw'iki gihe, mbere na mbere ni umwiteguro w'ubundi buzaza. Umuntu ntapfa ngo ahere nk'inyamaswa, kuko umwuka we ugomba

Hazaba hari ibitabo byakopororewemo n'utuntu duto duto buri wese yagiye akora , cyangwa avuga ,cyangwa atekereza, mu gihe cyose cyo kubaho kwe ku isi.
« Igitabo cy'ubugingo » kizaba kirimo urutonde rw'amazina y'abakijijwe. Hari abantu benshi bafite uko bateye, utamenya niba bakijijwe cyangwa badakijijwe, ariko Imana yo irabizi. Icyo gihe bizasobanuka.
« Urupfu rwa kabiri »(14) ni ugucirwaho iteka kwa nyuma, dukwiye gutandukanya n'urupfu rusanzwe rw'umubiri, rugenewe abari mu isi bose. Urupfu rwa kabiri hano rwitwa « inyanja yaka umuriro », Yesu yavuze ko ari ahantu « umuriro utajya uzima » ndetse ngo ni « umuriro w'iteka wateguriwe Satani n'abamalayika be »(Matayo 25 : 41). Waba se ari umuriro nkuko tuwuzi ? Birashoboka ko waba ubabaza roho cyane kurusha uko umuriro tuzi ubabaza umubiri. Ndetse urupfu ruzajugunywa mu nyanja yaka umuriro(14). Ku bazaba baciye ukubiri n'iyo nyanja, urupfu, n'ibitera guhangayika by'iyi si , ntibizaba bigishoboye kongera kuzamura umutwe wabyo(Ibyahishuwe 21 : 4).

III.3. Purigatori ntayibaho ?

Kiliziya Gatolika y'iRoma , ku byerekeranye n'aho roho zaba zijya nyuma y'urupfu, ivuga ko hari ahantu hitwa Purigatori, ikabisobanura mu buryo bukurikira :

1. Roho z'abatunganye cyane zihita zijya mur Paradizo(Matayo 25 : 46 ; Abafilipi 1 : 23).
2. Abataruhagirwaho ibyaha byoroheje bategekwa kuguma hanze kugeza igihe bahumanukiye.
3. Purigatori ntabwo ari ahantu ho kugeragerezwa ahubwo ni ahantu ho gutunganyirizwa mbere yo kwinjira mu ijuru.
4. Igihe umuntu amara muri Purigatori ntabwo kiba kizwi mbere. Icyo gihe gishobora kugabanywa bitewe n'amasengesho, hamwe n'imirimo myiza y'abakristo bakiri ku isi, ku buryo bw'umwihariko, icyo gihe kigabanywa n'igitambo cya misa.

III.2. Urubanza rwa nyuma

Abanyabyaha bazajugugunywa mu nyanja yaka umuriro n'amazuku. Turebere hamwe uko bizagenda :

« Mbona intebe y'ubwami nini yera, mbona n'Iyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso yayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje, bahagaze imbere y'iyo ntebe , nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo na cyo kirabumburwa, nicyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo, zikwiriye ibyo bakoze.

Inyanja igarura abapfuye bo muri yo, urupfu n'ikuzimu bigarura abapfuye bo muri byo, bacirwa imanza zikwiriye ibyo buri muntu wese yakoze. Urupfu n'ikuzimu bijugunywa muri ya nyanja yaka umuriro niyo rupfu rwa kabiri. Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri ya nyanja yaka umuriro » (Ibyahishuwe 20 : 11-15)

Mu gihe Babuloni, ya nyamaswa, wa muhanuzi w'ibinyoma, Satani, n'ingaruka z'ibyaha bye bizaba bimaze gukurwaho, igihe kizaba kigeze kizaba ari icyo kugeza buri muntu ahantu he hanyuma.

Isi n'ijuru bizahunga umuntu uzaba wicaye ku ntebe y'ubwami, nini,yera(11), ahari yaba ari ingaruka y'umuriro(2 Petero 3 : 10-22).

- **Urubanza ruzaba rwuzuye**

Abantu bo mu bihe byose, no mu bihugu byose, bazaba bahari. Buri gikorwa na buri mugambi umuntu yagize, bizaba biri imbere ye. Uzaba ari umunsi « Imana izacira urubanza… ibyakozwe mu ibanga » Nkuko tubibona mu Abaroma 2 : 16.

Hazabaho ibyiciro 2 by'abantu :

- Abakijijwe n'
- Abarimbuka

gusubira ku Mana, Umuremyi we n'Umucamanza we (Umubwiriza 12: 9).

II.1.3. Icyaha

Mbere yo gutangira iyi ngingo, banza usome Itangiriro ibice bitatu.

II.1.3.1. Icyaha ni iki?

Ntushobora gusoma Bibiliya igihe kirekire utaratangazwa n'umwanya wazigamiwe kuvuga ku cyaha, ku cyagiteye, no ku muti wacyo. Urugomo n'ubwicanyi biza mu bitekerezo iyo tubonye iryo jambo. Abaroma 3: 23 hatubwira ko « bose bakoze ibyaha bityo ntibashyikira ubwiza bw'Imana. » Ayo magambo « Ubwiza bw'Imana » ashatse gusobanura ubutungane budahangarwa bw'Imana.Gukora icyaha ni uguhusha intego cyangwa kutagera ku butungane, kandi twese ni uko tumeze. Muri Bibiliya icyaha kigaragara gifite isura nyinshi.

1. Kwanga kwemera amategeko y'Imana, cyangwa kutubaha ayo mategeko, aribyo bibyara igikorwa cy'ubwigomeke

(1 Yohana 3 : 4).

2. Ubwandu bw'umutima : Zaburi 32 : 5. Ibitekerezo bibi ni ibyo gucirwaho iteka mu maso y'Imana, kimwe n'ibikorwa byo gukiranirwa (Matayo 5 : 28).

II.1.3.2. Inkomoko y'icyaha.

Icyaha cya mbere tuzi cyakorewe mu ijuru. Lusiferi, malayika ukomeye, yatwite icyifuzo cyo kureshya n'Imana (Yesaya 14 : 12-14). Agasuzuguro ke katakwihanganirwa kamuviriyemo gutakaza ubuturo bwe bwo mu ijuru. Yahindutse uwo Bibiliya yita Dayimoni, umubeshyi, cyangwa Satani, umwanzi.

Icyaha cya mbere cyakorewe ku isi kivugwa mu nkuru y'Itangiriro 3. Icyo cyaha cyakorewe mu murima wa Edeni, Imana yari yarabujije Adamu

na Eva kurya ku mbuto z'igiti kimenyesha ikiza n'ikibi. Basuzuguye Imana, barya ku mbuto babujijwe, hanyuma bityo bahinduka abanyabyaha bitewe n'igikorwa cyabo cyo kutubaha.

II.1.3.3. Ibyabayeho kubera icyaha

- Ø Bakimara gukora icyaha, ababyeyi b'inyoko-muntu babonye ko bari bambaye ubusa maze bakora ibishoboka byose ngo bihishe, badatinyuka na gato guhangara amaso y'Imana (Itangiriro 3 : 10).
- Ø Igihano gitangwa ku cyaha ni urupfu. Guhera mu mwanya yakoreyemo icyaha, Adamu yimenyeho urupfu rw'iteka. Ibyo birashaka kuvuga ko yahise atandukana n'Imana ntiyongera kubona ubwiza bwayo. Ubwo kandi yahise ajya munsi y'ubushobozi bw'urupfu rw'umubiri. Nubwo atapfuye rugikubita, kuva yari yamaze gucirwaho iteka yagombaga guhura n'urupfu byaba vuba cyangwa kera.
- Ø Kamere ihindanye ya Adamu ubwo ihinduka umurage w'abamuturutseho bose. Buri mwana ubyawe n'ababyeyi b'abanyabyaha avuka ari umunyabyaha. Kayini, umuhungu w'imfura wa Adamu abiduhamo urugero ubwo yicaga mwene se. Kubera ko abantu bose bavuka ari abanyabyaha, ntibabasha gushyikira ubugingo bw'Umwuka, mu yandi magambo mu buryo bw'Umwuka ni abapfu, maze umunsi umwe bazakubitana n'urupfu rw'umubiri (Soma witonze Abaroma 5 :12-18).
- Ø Icyaha cya muntu cyatumye ibyaremwe byose bigibwaho n'umuvumo w'Imana. Imikerri n'ibitovu birabyerekana (Itangiriro 3 : 14-19 haduha n'izindi ngero). Igihe cyose uzabona tugifite za gereza, tugifite ibitaro, tugifite amarimbi, ntituzaba dukeneye kwirirwa dushakisha ibimenyetso byo kugaragaza ko icyaha kiriho. Amarira, indwara, imibabaro, n'urupfu, ni zimwe mu ngaruka nyinshi z'icyaha.Umucamanza ubabarira ruharwa, ahubwo iza Se ubabarira umwana we.

IGICE CYA III. IHEREZO RY'ABATIZERA YESU

Iherezo ry'abatizera Yesu ni ikinyuranyo cy'iherezo ry'abamwizera. Urugero : mu mwanya w'ijuru (ku bizera Yesu),ni umuriro utazima (ku batamwizera); mu mwanya w'ibyishimo byinshi ni umubabaro ndenga-kamere.

III. 1. Iherezo rya Satani

Nta gahora gahanze, Satani nawe iminsi ye irabaze.
« *Iyo myaka 1000 nishira, Satani azabohorwa, ave aho yari abohewe. Azasohoka ajye kuyobya amahanga yo mu mfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi, kugirango ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenyi wo ku nyanja. Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera, n'umurwa ukundwa . Umuriro uzamanuka uva mu ijuru ubatwike kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose. »*(Ibyahishuwe 20 : 7-10)
« Magogi »(8) ni izina rusange ryahawe imiryango ituye mu majyaruguru ikomoka ku rubyaro rwa Jafeti (Itangiriro 10 : 2)
« Gogi »(8) ni umwami wabo(Ezekiyeli 38 : 2). Aya mazina ashobora kuba yarakoreshejwe hano ashaka kuvuga abanzi b'Imana bo mu moko yose yo « mu mfuruka enye z'isi », azahaguruka ngo agabe igitero cyayo cya nyuma ku bera b'Imana.
« Inyanja yaka umuriro n'amazuku » (10 na 15) ni ahantu ha nyuma Satani azaba, kimwe na ya nyamaswa, wa muhanuzi w'ibinyoma, ndetse n'abanyabyaha bose. Niba kujugunywa mu muriro bisobanura gukurwaho kw'inyamaswa ,n'umuhanuzi w'ibinyoma, abantu bo bakomeza kubaho mu buryo bwo kubabazwa ku manywa na nijoro, iteka ryose.(10)

(1 Abakorinto 12 : 13), mu gihe umubatizo w'amazi uvuga : gusa na Kristo no gufatanya na we mu rupfu rwe.

Nubwo nta na hamwe tubisobanurirwa muri Bibiliya , ko umubatizo ukwiriye gukoreshwa ari uw'amazi menshi, dufite ingingo nyinshi dushobora gushyira imbere ngo zishyigikire uwo mubatizo. Tuvuge gusa kuri eshatu :

1. Ugaragaza ku buryo burushijeho gusobanuka ukuri kw'Ijambo ry'Imana, ni ukuvuga guhambanwa na Kristo mu rupfu rwe[no kuzukana na we].
2. Kubyerekeranye n'umubatizo w'inkone yabatijwe na Filipo, handitswe ngo : « Filipo n'inkone bamanukana BAJYA MU MAZI bombi, maze Filipo abatiza inkone. BAVUYE MU MAZI… »
   (Ibyakozwe n'Intumwa 8 : 38-39)
3. Imirongo myinshi y'Ibyanditswe yerekana mu mvugo yayo ko Umubatizo wakoreshejwe wari uw'amazi menshi : « Yohana we yabatirizaga mu Ayinoni, bugufi bw'i Salimu, kuko aho hari AMAZI MENSHI »(Yohana 3 : 23)
   « Yesu amaze kubatizwa , uwo mwanya AVA MU MAZI »
   (Matayo 3 : 16).

II.1.3.4. Igihano cy'icyaha.

Mu baroma 6 : 23, Imana ivuga yeruye ko *ibihermbo by'ibyaha ari urupfu.* Ni rwo ruhwanije nacyo uburemere, nicyo gihano buri munyabyaha akwiye. Igihe cyose umuntu aba ari mu cyaha aba apfuye mu buryo bw'umwuka, hanyuma umunsi uzaza ubwo azagomba kunyura mu rupfu rw'umubiri. Igihe urwo rupfu rw'umubiri ruzaba rumugezeho rugasanga akiri mu byaha bye, azongera na none apfe mu buryo bw'umwuka : azaba atandukanijwe by'iteka ryose n'ubwiza bw'Imana, hanyuma iherezo rye rizaba guhanirwa ibyaha bye mu nyanja yaka umuriro, arirwo rupfu rwa kabiri.(Ibyahishuwe 20 : 14).

II.1.3.5. Umuti ku cyaha.

Imana yatanze umuti ku cyaha kugirango abantu bace ukubiri n'imibabaro y'iteka ryose, ariyo ngaruka y'icyaha. Yohereje Umwa wayo mu isi kugirango azanire abantu uburyo bwo gucika igihano. Kubw'Umwuka Wera, Umwami Yesu Kristo avuka ku mwari Mariya, bityo nta ruhare afite kuri kamere yanduye ya Adamu. Mu bantu bose niwe wabayeho nta cyaha. Ku musaraba w'i Karuvali, yahanwe igihano cyatewe n'icyaha, hanyuma gutyo aba atanze ibyasabwaga byose n'ubutabera bw'Imana, kuburyo yo ubwayo yumvise ko ntakindi yakongera gusaba kubw'icyaha, maze ibona gushyitsa umutima munda. *« Uko niko umujinya wanjye uzasohozwa, kandi nzabamariraho uburakari bwanjye bukaze, mbone gushyitsa umutima mu nda : maze bazamenye yuko jye Uwiteka, navuganye ishyaka ryanjye, ubwo nzaba maze kubasohozaho uburakari bwanjye »* (Ezekiyeli 5 : 13).

Nta burakari rero na busa Imana ifitiye uwamaze kwizera Umwami Yesu Kristo. Imana yabumariye muri YESU, bityo abari muri Yesu Kristo nta teka bazacirwaho. « *Mwese muri abana b'Imana mubiheshejwe no kwizera Yesu Kristo »* (Abagalatiya 3 : 26). Ubwo rero igihano cy'icyaha cyakuweho, kandi muri ubwo buryo gutungana n'ubutabera by'Imana bikaba byarabonye, kuburyo bwuzuye, ibyo byari bikeneye byose maze

Imana iranyurwa, bityo Imana ishobora guha ubugingo buhoraho buri wese wemera ko ari umunyabyaha maze akakira Yesu mu bugingo bwe nk'Umukiza n'Umwami.

Iyo umuntu yishyize mu maboko ya Yesu Kristo aba akijijwe igihano n'imbaraga z'icyaha. Ibyo ntibivuga ko atazongera na rimwe gukora icyaha, ahubwo bisobanura ko ibyaha bye byose byo mu gihe cyashize, mu gihe cy'ubu, n'ibyo mu gihe kizaza,yabibabariwe ko bidashoboka ko yacirwaho iteka kubera ibyaha bye, kandi ko guhera ubwo aba ahawe ubushobozi bwo gukorera Imana aho kuba imbata y'ibinezeza by'iyi si.

Ku bijyanye n'imbabazi usobanukirwe neza n'ibi : hari uburyo bubiri bw'imbabazi z'Imana

1. Imbabazi zijyanye n'ubutabera bw'Imana zitangwa mu gihe umuntu yizeye;n'
2. Imbabazi za se w'umwana zihabwa umwana w'Imana. Iza mbere zigenewe igihano cy'icyaha, naho iza kabiri zigenewe kugarura ubusabane n'Imana buba bwazanywemo agatotsi n'icyaha. Iyo tuvuga ko umukristo wizera yahawe imbabazi z'ibyaha bye byose, ibyahise, iby'ubu, n'ibizaza, tuba tuvuga ku mbabazi z'ubutabera. Uwizera nta narimwe azagibwaho n'igihano cy'ibyaha bye, kuko Kristo yakemuye icyo kibazo ahanirwa ibyo byaha ku musaraba. Igihe umwami Yesu yapfaga, ibyaha byacu byose byagaragaraga mu gihe kizaza. Yapfiriye rero ibyaha byacu byose, byo mu gihe cyashize, igihe cy'ubu, n'igihe kizaza. Mu gihe twishyize mu maboko ye - Umukiza wacu - ,duhabwa imbabazi zuzuye kubyerekeranye n'igihano cy'icyaha.

   Ariko se bigenda bite iyo uwizera akoze icyaha ? Ubusabane yari afitanye n'Imana buba buhagaze. Bya bihe by'umunezero, byo kuvugana kwa se n'umwana we biba byabuze. Ubwo busabane ntibushobora kugaruka mbere yuko icyo cyaha cyihanwa ngo kibabarirwe. Iyo twatura icyo cyaha, Imana ni iyo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira no kutwezaho gukiranirwa kose. Ibi tuvuga ahanini ni ibijyanye n'imbabazi za Se n'umwana. Ntabwo ari ibireba

Abubatse ku « mazi » nk'uburyo umuntu yifashisha ngo agere ku gakiza , aho kwifashisha Umwami Yesu, bakwiye gusoma Yohana 14 : 6 : « Ndi Inzira »

- Ku bandi bumva ko kwizera konyine kudahagije, ahubwo ku umuntu agomba kubatizwa, kugirango akizwe, turababwira ibi bikurikira :
  a. Kuri bo , ni ukuvuga ko umurimo w'Umwami Yesu ku musaraba utari uhagije. Mu gihe yavugaga n'ijwi rirenga ati : « Byose birarangiye », si uko byari bimeze, ukurikije imvugo y'aba bantu, kuko umubatizo ugomba kwongerwa ku maraso ya Yesu Ku musaraba kugirango agakiza kajye kaboneka.
  b. Niba umubatizo ari ngombwa ngo tubone agakiza, byaba bitangaje, ukuntu Umwami Yesu nta muntu yabatije (Yohana 4 : 2)
  c. Cya gisambo cyo ku musaraba ntabwo cyabatijwe , nyamara kijejwe ko kiri bubane na Kristo muri Paradizo(Luka 23 : 43)

Duhereye ku busobanuro tumaze gutanga, turizera ko iyi mirongo ikurikira nta kibazo cyo gusobanukirwa kirimo : Yohana3 : 5 ; Abefeso 5 : 25-26 ; Tito 3 : 5 ; 1 Petero 3 : 21.

II.17.6. Twahitamo uwuhe mubatizo ?

Ntibikenewe cyane kuvuga ko hari ukutumvikana gukomeye, ku gitekerezo kiriho cy'uburyo umubatizo ugomba gukorwa. Umuryango gikristo kuri icyo kibazo wigabanyamo amatsinda abiri :

- Abayoboke b'umubatizo wo ku gahanga n'
- Ab'umubatizo w'amazi menshi.

Abakoresha umubatizo wo kugahanga babona muri rusange ko umubatizo ari ishusho y'umubatizo w'Umwuka.

Birakomeye gusobanura inkomoko y'icyo gitekerezo, kuko nta handi na hamwe, muri Bibiliya, umubatizo wa gikristo waba ushushanya umubatizo w'Umwuka.

Umubatizo w'Umwuka uhuriza abizera mu mubiri wa Kristo

Ya nkone ya Filipo yarabatijwe « hamwe n'abe bose »
(Ibyakozwe n'Intumwa 16 : 33).
Umuryango wa Stefana wabatijwe n'intumwa Pawulo(Abkorinto 1 : 16).
Nubwo bimeze bityo , kuvana ingingo muri ibi ngibi, ushaka kwemeza ko mu Byanditswe Byera, harimo umubatizo w'abana ni ukujya kure cyane. Nta na hamwe mu byanditswe hadusobanurira ko iyo miryango yabatijwe yagiraga abana bakiri bato. Ahubwo indi mirongo y'Isezerano rishya, iza gushimangira ko abo mu Itorero ryabatizaga ari uko gusa babaga bujuje ibyangombwa :
« Nuko abemeye amagambo ye barabatizwa
(Ibyakozwe n'Intumwa 2 : 41)
« … N'Abakorinto bumvise Pawulo nabo barizera barabatizwa. »
(Ibyakozwe n'Intumwa 18 : 8)

II.17.5. Umubatizo waba utanga agakiza

Nta mpaka zaba ku ijambo „umubatizo" ngo zibe zuzuye,batageze ku ngingo y'uko umubatizo waba utanga agakiza.

Abemera ko umuntu yakira agakiza ari uko abatijwe cyangwa ko nta wuzajya mu ijuru bataramubatije, bashobora gushyirwa mu matsinda abiri :

1. Abizeye ko umubatizo wo ku gahanga ukorewe umwana muto umuhindura umwe mu bakristo, akaba umwana w'Imana , n'umuragwa w'ubwami bw'ijuru
2. Abigisha ko abizeye Yesu Kristo bagomba no kubatizwa, kugirango bahindurwe bazima mu buryo bw'Umwuka.

- Ku bitwaza Mariko10 : 13-16 bagashyigikira umubatizo w'abana bato, umuntu yabasubirisha amagambo y'umuvugabutumwa Spirjo ngo : « Musome Ijambo nkuko ryanditswe, nimukora mutyo ntimuri busangemo amazi, ahubwo murasangamo Yesu Wenyine. »

II.1.4. Yesu Kristo

Yesu Kristo niwe Ibyanditswe Byera bishingiyeho.
Tugiye kurebera hamwe ko ari Imana, turebe uko ari Imana, turebe uko yihinduye umuntu bitamubujije gukomeza kuba Imana, umurimo yakoze, indi mirimo akora *« Ni na we shusho y'Imana itaboneka…* » Abakolosayi 1 : 15 ; « …Imana kwerekanwa ifite umubiri… » (1Timoteyo 3 : 16). « *Iyo umbonye uba ubonye Data wa twese* » (Yohana 14 : 9).
Kuko muri We arimo byose byaremewe… Niwe wabiremye …Ni na We byaremewe. Yesu ni Umuremyi wa byose, ijuru n'isi, n'ibindi. Afite ububasha bwo kurema kandi ubwo bubasha niwe ubugenewe.
Mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we (Yohana 1: 1-3) ari ibyo mu ijuru, ari n'ibyo mu isi. (Abakolosayi 1: 16)Mu butatu bw'Imana, niwe ushyira mu bikorwa ibijyanye no kurema. Niwe ibyaremwe byose bikesha kubaho, kuko ariwe ntandaro yo kurema. Byose niwe ibyaremwe byose bikesha kubaho. Kuko ariwe ntandaro yo kuremwa kwabyo.

Niwe kubaho kwabyo « Muri we niho hari kuzura k'ubumana kose mu buryo bw'umubiri » Abakolosayi 2: 9.
Uyu murongo usobanura ko « muri we harimo kuzura k'ubumana » cyangwa « muri we harimo kuzura kose k'ubumana mu buryo bw'umubiri ».
Uku kuri kw'Ijambo ry'Imana kugongana n'abatabyemera gutyo, nk'ubumenyi mu bya gikristo (la science chrétienne), Abahamya ba Yehova (les Témoins de Jéhovah), Aba mormoni (les Mormons), Tewozofiya (la Théosophie), n'abandi.

II.1.4.1. Yesu ni Imana

Iyo tuvuga « ubumana bwa Kristo », tuba dushaka kuvuga ko Kristo ubwe ari Imana. « Jyewe na Data turi umwe » (Yohana 10: 30), « Niwe Mana… » (Abaroma 9: 5). Uko kuri kw'ingenzi kugaragazwa neza n'Ibyanditswe Byera mu buryo bukurikira:a.

a. Yesu Kristo afite ibiranga-mana by'Imana (attributs de Dieu).

A) Kubaho kutagira itangiriro (la pré-existance), Yohana 17 :5
B) Kubera hose icyarimwe, ahantu hose aba ahari mu gihe kimwe (Ibyakozwe 17 :27 ; Matayo 18 : 20).
C) Gushobora byose : Afite ubushobozi bwose (Matayo 28 :18)
D) Kumenya byose: azi byose (Yohana 2 : 24-25)
E) Kudahinduka: ntahinduka « Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu munsi niko ari, kandi ni uko azahora iteka ryose (Abaheburayo 13: 8).

b. Imirimo y'Imana yashyizwe mu bikorwa na Yesu Kristo

a Yesu niwe waremye ibintu byose (Yohana 1 : 3).
b Niwe utuma ibintu byose bikomeza kubaho (Abakolosayi 1 : 16-17).
c Yasohotse mu mva akoresheje imbaraga ze (Yohana 2 :19).

c. Yesu Kristo akenshi yitwa Imana

a Imana yamwise Imana (Abaheburayo 1 : 8)
b Abantu bamwise Imana, kandi ntiyigeze ababuza kumuramya (Yohana 20 : 28).
c Abadayimoni bemeraga ko ari Imana (Mariko 1: 24)
d We ubwe yavuze yeruye ko ari Imana (Yohana 10: 30-33)
e Abanditsi benshi bo mu Isezerano Rishya nabo bamuhaye uwo mwanya (Abaroma 9: 5; 1 Yohana 5: 20).

II.1.4.2. Kwihindura umuntu kwe.

Kwihindura umuntu kwa Yesu Kristo gusobanura kuza kwe mu bantu yambaye umubiri.

1. Kuza kwa Kristo kwahanuwe mu Isezerano rya Kera.(Yesaya 7 : 14)
2. Amateka avuga ko kuvuka kwe kwari gutandukanye n'ukundi kose.
   a Yasamwe kubw'Umwuka Wera (Luka 1 : 35)
   b Yavutse ku mukobwa w'isugi (Matayo 1 :23)

II.17.2. Umubatizo wo gukebwa

Imyigishirize imaze gusakara hose muri iki gihe mu matorero amwe n'amwe, ni iyemeza ko umubatizo wasimbuye gukebwa., kandi ko mu Isezerano rya Kera, abana bakebwaga, ubwo rero bikaba bisobanura ko abana bo muri iki gihe bagomba kujya kubatizwa. Ahantu ho mu Byanditswe batekereza ko haba hashyigikiye iyo nyigisho yabo ngo ni Abakolosayi 2 : 11-12 : « Muri mwe ni na mo mwakebwe gukebwa kutari ukw'iteka, ahubwo ni ugukebwa kuva kuri Kristo , niko kwiyambura umubiri w'ibyaha bya kamere. Kuko mwabambanywe nawe mu mubatizo, kandi ni mo mwazuranywe nawe kubwo kwizera imbaraga z'Imana yamuzuye mu bapfuye .» Gukoresha iyi mirongo ushaka gutsindagira ko umubatizo w'abana wemewe ni uguhangana ahubwo n'ubusobanuro nyakuri bw'aya magambo, kuko urupfu rw'Umwami Yesu i Kaluvari rugereranywa no gukebwa kwa Kristo » Twebwe abizera twakebanywe na Kristo.

II.17.3 . Umubatizo w'abapfuye

Umwe mu mirongo itorohera abantu gusobanukirwa mu ijyanye n'umubatizo ushobora kuba ari 1 Abakorinto 15 : 29. « Niba bitabaye bityo, ababatirizwa abapfuye bazagira bate ? Niba abapfuye batazuka rwose, ni iki gituma bababatirizwa ? » Bamwe batekereza ko haba harabaye umuco mu bizera b'Itorero mu ivuka ryaryo, wo kubatirizwa abandi bapfuye batabatijwe. Ariko kandi ntabwo hariho amateka asobanutse y'uwo muco, ikirenze kuri ibyo kandi, nta murongo n'umwe wo mu Byanditswe Byera wemerera abantu uwo mubatizo.

II.17.4. Umubatizo w'umuryango

Ahantu henshi mu Isezerano Rishya, hatubwira ko imiryango yagiye ibatizwa. Ludiya, nk'urugero , yabatizanywe « n'umuryango we »
(Ibyakozwe n'Intumwa 16 : 5).

4. Intumwa za Yohana(Ibyakozwe n'Intumwa 19 : 5).

Dore uko ibintu byagiye bikurikirana, mu gihe cyo kwizera kwabo:

- Abayuda

a. Babwiwe ibyo kwihana
b. Babwiwe ngo babatizwe
c. Nyuma yabyo, bahawe Umwuka Wera(Ibyakozwe n'Intumwa 2 : 38)

- Abasamariya

a. Bakiriye Ijambo ry'Imana(Ibyakozwe n'Intumwa 8 : 11)
b. Barabatizwa(umurongo wa 16)
c. Intumwa Petero na Yohana babarambikaho ibiganza (umurongo wa 17)
d. Maze bahabwa Umwuka Wera(Umurongo wa 17).

- Abapagani

1. Mbere ya byose , bumvise Ijambo , ni ukuvuga barizeye (Ibyakozwe n'Intumwa 10 : 440
2. Bahabwa Umwuka Wera (Umurongo wa 44)
3. Barabatizwa(umurongo wa 48)

- Intumwa za Yohana

1. Bumvise ubutumwa bwa Pawulo buvuga kuri Yesu biboneka, barabwakiriye.
2. Barabatizwa (umurongo wa 5)
3. Pawulo abarambikaho ibiganza(umurongo wa 6)
4. Bahabwa Umwuka Wera (umurongo wa 6)

Ikigaragara cyane ni uko , kuri batatu muri aba, umubatizo wabanjirije guhabwa Umwuka wera, maze hamwe gusa(Abapagani) niho waje ukurikira kuza k'Umwuka.

c Yari umuntu, urebye, kuko yari afite umubiri (Abaheburayo 10 : 5) ; ubugingo (Matayo 26 :38), n'umwuka (Luka 23 :46).

3. Kristo yihinduye umuntu kugirango:
   a Amenyekanishe Imana Data (Yohana 1 :18 ; 14 :9),
   b Kuvanaho icyaha akoresheje kwitamba ubwe (Abaheburayo 9 : 26)
   c Amareho (asenye) imirimo ya Satani (1 Yohana 3 : 8)

Icyitonderwa : *Ukuri kw'ishingiro mu kwizera kwa gikrito ni uko Yesu Kristo ari Imana nyakuri,kandi ko yaje mu isi nk'umuntu nyakuri, avutse ku buryo bw'igitangaza ku mwari. Nk'umuntu, yabayeho mu buzima butagira icyaha, nta cyaha na kimwe yakoze.*

II.1.4.3. Umurimo we

Muri iki gice tugiye kuvuga ku rupfu rwe, ku kuzuka, no kuzamurwa by'Umwami wacu.

a. Urupfu rwe

1. Urupfu rwe rwari ngombwa (Yohana 3 : 14) kuko rwari mu mugambi w'iteka w'Imana (Abaheburayo 10 : 7).
   Rwari ngombwa kugirango ruhe abantu agakiza (Abefeso 1:7),ari nako ubwo yasohozaga ubuhanuzi bwo mu Isezerano rya Kera. (Yesaya 53 :5).
2. Yapfuye ku bwacu, kuko mu gupfa yafashe umwanya wacu, ahinduka inshungu yacu (1 Abakorinto 15 : 3).
3. Urupfu rwa Kristo rurahagije : rwatanze kuburyo bwuzuye ibyasabwaga byose n'ubutabera bw'Imana hamwe no gukiranuka kwayo umuntu yari yigometseho. Mu gupfa ku musaraba, Kristo yamazeho igihano, Imana yari yageneye icyaha. Icyo gitambo kirahagije kuko gitanga ibisubizo kubyo abantu bose bakeneye, bitewe n'uko ari icy'umuntu utunganye, gifite agaciro katagira umupaka.

b. Kuzuka kwe

Kuzuka kwa Kristo, kwari ngombwa kugirango asohoze ubuhanuzi, kugirango asohoze umurimo we ku musaraba (Abaroma 4 : 25) no kugira ngo abashe gushyira mu bikorwa umurimo wo gukorera abacunguwe, mu ijuru.

1. Umubiri wazutse wa Kristo wari umubiri nyakuri, ntabwo wari umwuka (Luka 4 : 39). Ni wa mubiri wari wabambwe kuko yari agifite na none mu ntoki ibimenyetso by'abamuteye imisumari, no mu rubavu aho wa musirikari w'umuroma yanyujije icumu hari hakigaragara.(Yohana 20 : 27), ariko uwo mubiri ntiwasaga n'uwa mbere, kandi wari ufite ubushobozi bwo kunyura no kugera aho ushaka ari nta gitangira.
2. Nyuma yo kuzuka, Kristo yabonekeye abigishwa be nibura inshuro 10. Benedata barenga magana atanu baramubonye nyuma y'uko asohoka mu mva (1 Abakorinto 15 :6).
3. Kuzuka kwa Yesu gufite umumaro uhatse iyindi. Kuko iyo kutabaho, kwizera kwa gikristo, ntikwari kubaho

c. Uko yazamuwe mu ijuru

1. Arangije umurimo wari wamuzanye ku isi, Kristo ajyanwa mu ijuru (Mriko 16 : 19 ; Ibyakozwe 1 : 9).
2. Yazamuwe mu ijuru kugirango ahabwe ingororano ye (Yohana 17 : 5), no kugirango akomeze umurimo wo kutwunganira, kutuburira, n'uw'ubutambyi bwihariye.

II.1.4.4 Imirimo akora

Mu Byanditswe Byera tubona Yesu Kristo akomatanya imirimo mikuru, y'ubuhanuzi, y'ubutambyi, n'iy'ubwami.

a Umuhanuzi

Nk'umuhanuzi, atangariza abantu ubutumwa buvuye mu ijuru kandi amenyekanisha Imana. (Yohana 1: 18)

b **Umutambyi**

Nk'umutambyi, ahagararira abizera imbere y'Imana
(Abaheburayo 4: 14-16; 10:19-22).

a) Umubatizo wa Mose(wo mu nyanja itukura)

Mu 1 Abakorinto 10 : 2, intumwa Pawulo akoresha ijambo « umubatizo » ashaka kwerekana uko byagenze, igihe ubwoko bw'Abisrayeli bwanyuraga mu nyanja itukura, no mu gi9lhe cy'urugendo rwabo mu butayu :

« Bene Data, Sinshaka ko mutamenya yuko ba sogokuruza bose bari munsi ya cya gicu, kandi ko bose baciye mu nyanja yigabanije, bose babatirizwa muri icyo gicu no muri iyo nyanja, gutegekwa na Mose, bose bagasangira bya byo kurya na bya byo ku nywa by''Umwuka, kuko banywaga ku gitare cy'Umwuka cyabakurikiraga : kandi icyo gitare cyari Kristo. Ariko abenshi muribo Imana ntiyabashimye, nicyo cyatumye barimbukira mu butayu. Ariko ibyo byababereyeho ngo bitubere akabarore, ngo tutifuza ibibi nkuko bo babyifuje. » (Abakorinto 10 : 1-6)

b) Umubatizo w'abayuda

(Abaheburayo 6 : 2 ; Abarewi 8 : 6 ; Abaheburayo 9 : 10 ; Mariko 7 : 4-8 ; Luka 11 : 38

7. Umubatizo w'Umwuka Wera

Matayo 3 : 11 ; Mariko 1 : 8 ; Luka 3 : 16 ; Yohana 1 : 33 ; Ibyakozwe n'Intumwa 1 : 5 ; 2 :2-4 ; 8 : 17 ; 10 : 49 ; 19 : 6 ; Abakorinto 12 : 13)

8. Umubatizo w'umuriro

(Luka 3 : 16 ; Ibyakozwe n'Intumwa 2 : 3 ; Matayo 3 : 11 ; Luka 3 : 16)

9. Umubatizo wo mu gitabo cy'Ibyakozwe n'intumwa

Igitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa kiratwereka ibyiciro bine by'abizera , aho uruhererekane rw'ibyakorwaga rudasa, hagati yo kwizera, n'umubatizo.

Ibyo byiciro 4 by'abizera ni ibi :

1. Abayuda (Ibyakozwe n'Intumwa 2 : 38-40)
2. Abasamariya (Ibyakozwe n'Intumwa 8 : 12-17)
3. Abapagani (Ibyakozwe n'Intumwa 10 : 47-48)

II.17. Umubatizo

Iyo umuntu amaze kwizera, agomba kubatizwa no kujya ku Igaburo Ryera. Aha turashaka kuvuga ku mubatizo. Umubatizo usobanura uko Kristo yinjiye mu rupfu n'uko natwe twapfanye nawe, kandi tukazukana nawe. Tutiriwe ducukumbuura cyane ubusobanuro bw'ijambo « umubatizo », tuvuge gusa ko iryo jambo riva kury'ikigereki « baptizo » risobanura : kwinjiza mu mazi, kwinjiza wese mu mazi, kurengerwaho n'amazi.

II.17.1. Amoko y'imibatizo

1. Umubatizo wakorwaga na Yohana Umubatiza (Matayo 21 : 24-25)
2. Umubatizo wa Yesu, abatizwa na Yohana Umubatiza (Luka 3 : 23, Matayo 3 : 13). Umwami Yesu yari afite hafi imyaka 30 ubwo yavaga i Galilaya akagera kuri Yorodani ngo abatizwe. Ntituzi uburebure bw'urwo rugendo, uretse ko bamwe bakeka ko hari ibilometero 95.
3. Umubatizo wakorwaga n'intumwa za Yesu(Yohana 3 : 22 ; Yohana 4 : 1) Reba na Yohana 4 : 2.
4. Umubatizo wa Kristo mu rupfu rwe i Karuvali(Luka 12 : 50) « Hariho umubatizo nkwiriye kuzabatizwa , nyamuna uburyo mbabazwa kugeza aho uzasohorera »
5. Umubatizo wa gikristo(Abaroma 6) Muri iki gice , umubatizo uributsa abizera ko igitekerezo cyose cyo kuguma mu cyaha kiba kivuyeho, kuko baba bapfuye ku cyaha, nkuko byerekanwa n'umubatizo wabo.
    a) Umubatizo w'Umwuka mu rupfu rwa gikristo, uwo uba igihe wizereye
    b) Umubatizo w'amazi ari nawo ushushanya uko biba byagenze mu mwuka. Umubatizo ku bizera ni itegeko(Matayo 28 : 19). Reba na Mariko 16 : 16.
6. Imibatizo 2 ivugwa yo mu isezerano rya kera, kandi ivugwa mu Isezerano Rishya :

c. Umwami.

Nk'umwami, yima mu mutima w'abamwubaha. Mu gihe kiri imbere, azaza kwima ingoma ku isi mu gihe cy'imyaka igihumbi. Zaburi 72 itubwira neza ukuntu ubwami bwe buzarangwa no guca imanza zitabera, n'amahoro.

II.1.4.5. Kuvuka, n'urupfu, bya Yesu byari byarahanuwe.

Kuvuka kwe

"Nuko umwana yatuvukiye, duhawe umwa w'umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa Igitangaza, Umujyanama, Imana Ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w'amahoro" (Yesaya 9:5).

Urupfu rwe.

"Nkuko benshi bamutangariraga, kuko mu maso ye hononekaye ntihase n'ah'umuntu, n'ishusho ye yononekaye ntise n'iy'abana b'abantu…Ntiyari afite ishusho nziza cyangwa ubwiza butuma tumwifuza. Yarasuzugurwaga, akangwa n'abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yarasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso, natwe ntitumwubahe. Ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu niyo yishyizeho, ariko twebweho, twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana, agacumitwa na yo, agahetamishwa n'imibabaro.

Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye niyo adukirisha. Twese twayobye nk'intama zizimiye, twese twabaye intatane; Uwiteka amushyiraho gukiranirwa kwacu twese. Yararenganye, ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke, amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga; cyangwa nkuko intama icecekera imbere y'abayikemura, niko atabumbuye akanwa ke...Ariko Uwiteka yashimye kumushenjagura, yaramubabaje, ubwo ubugingo bwe buzitambaho igitambo cyo gukuraho ibyaha…. Kuko yasutse ubugingo bwe, akageza ku gupfa, akabaranwa n'abagome, ariko we yishyizeho ibyaha bya benshi…" "Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora

kubw'intege nke za kamere, Imana yabishohoje ubwo yatumaga Umwana wayo,afite ishusho ya kameree y'ibyaha, kuba igitambo cy'ibyaha, Icira ibyaha bya kamere ho iteka; kugirango gukiranuka kw'amategeko gusohozwe muri twe…" (Abaroma 8:3,4a).[4]

II.1.4.6. Amwe mu mazina bamuha

Kristo, Mesiya, Umukiza, Umucunguzi, Umujyanama nyakuri, Umuhamya w'umwiringirwa, Jambo w'Imana, Ukuri, Umucyo w'isi, Inzira, Umwungeri mwiza, Umuhuza, Umurokozi, Umukuru w'abatambyi, Umuhanzi wo kwizera kandi ukugeza ku butungane bwuzuye, Umuhanzi w'agakiza, Umuvugizi, Umwana w'Isumbabyose, Umwana w'umuntu, Imana, Umwana w'Imana, Uwera w'Imana, Umwana w'ikinege, Imana ikomeye, Ishusho y'Imana, Data wa twese uhoraho,Umwami, Umwami wa bose, Umwami w'ubwiza, Umwami w'abami, Uhiriwe kandi Nyir'ubutware wenyine, Umwami wa Israyeli, Umutware w'abatware, Utwara abami bo ku isi, Umwami w'ubugingo, Umwami w'amahoro, Umwana wa Dawidi, Urubyaro rwa Dawidi, Akabuto ko mu nda ya Dawidi, Inyenyeri yaka yo mu ruturuturu, Emmanuweli, Adamu wa nyuma, Umwana w'Intama w'Imana, Intare yo mu muryango wa Yuda, Alufa na Omega, Uwambere n'uwanyuma, Itangiriro n'iherezo, Umuhanzi w'ibyaremwe by'Imana, Imfura mu byaremwe byose. Amen.[5]

II. 1.4.7. Kuki Yesu yavutse mbere ho imyaka ine (mbere ya Yesu Kristo)

Mu gihe Kristo yavutse, babaraga igihe mu bwami bw'abaroma bahereye mu ishingwa ry'umujyi wa Roma. Maze igihe ubukristo bwahindukaga idini y'aho ubwami bw'abaroma bwageraga hose, niho uwihaye Imana witwa Diyoniziyusi Eksiginus (Denys le petit) abisabwe n'umwami w'abami Yusitini wa mbere, yashyizeho kalendari mu wa 526, apima

[4] Cours Biblique Emmaüs, Ce que la Bible enseigne, Edition de Littérature Biblique, Allemagne.
[5] H. Henry, Halley, op.cit.

nta muntu utsindishirizwa n'amategeko imbere y'Imana, kuko ukiranuka azabeshwaho no kwizera.
Nyamara amategeko ntagira icyo ahuriraho na kwizera, ariko rero uyakomeza azabeshwaho na yo.
Kristo yaducunguriye kugirango adukize umuvumo w'amategeko, ahinduka ikivume ku bwacu.
… Kuko iyaba harabayeho amategeko abasha kubeshaho abantu , gukiranuka kuba kwarabeshejweho na yo. Ariko Ibyanditswe bivuga ko byose byakingiraniwe gutwarwa n'ibyaha, kugirango abizera bahabwe ibyasezeranijwe, babiheshejwe no kwizera Yesu Kristo. Icyakora uko kwizera kutaraza, twarindwaga, tubohewe no gutwarwa n'amategeko, dutegereje kwizera kwari kugiye guhishurwa. Ubwo nibwo amategeko yatubereye umushorera wo kutugeza kuri Kristo, ngo dutsindishirizwe no Kwizera. Ariko Kwizera kumaze kuza, ntitwaba tugitwarwa na wa mushorera.
Mwese muri abana b'Imana mubiheshejwe no kwizera Kristo Yesu » (Abagalatiya 3 : 2-4, 9-13, 21-26.)
"Igihanagura uurwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarukuzaho kurubamba ku musaraba. Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro, ibivuga hejuru, kubw'umusaraba. Nuko rero ntihakagire ubacira urubanza kubw'ibyo murya, cyangwa ibyo munywa, cyangwa kubw'iminsi mikuru cyangwa kubwo kuziririza imboneko z'ukwezi, cyangwa amasabato : kuko ibyo ari igicucu cy'ibizaba, naho umubiri wabyo ufitwe na Kristo. » (Abakolosayi 2 : 14-17)."
« Maze igihe gikwiriye gisohoye, Imana yohereza Umwana wayo, wabyawe n'umugore kandi wavutse atwarwa n'amategeko, ngo acungure abatwarwa nayo, biduheshe guhinoduka abana b'Imana » (Abagalatiya 4 : 4-5).
« Mwebwe abashaka gutsindishirizwa n'amategeko, mutandukanijwe na Kristo, kuko mwaguye, muretse ubuntu bw'Imana. Naho twebwe ku bw'Umwuka , dutegereje kuzakiranuka, twiringiye ko TUZABIHESHWA NO KWIZERA. »(Abagalatiya 5 : 4-5).

Niba agakiza kaboneka kubwo kwizera, ibyo bavuga ko amategeko yatanzwe
n'Imana kera yataye agaciro kayo ? Oya, ibyo ntibikabeho. Amategeko asezeranya ubugingo ku bayasohoza, ariko agasezeranya urupfu kubayica.
Twese twananiwe gusohoza amategeko. Twese twarayishe(Abaroma 3 : 23, 10). Twese turi abagenewe gupfa. Urubanza rugomba gucibwa. Umwami Yesu yemeye gupfira ku musaraba, kugirango ahanwe igihano gikururwa no kwica amategeko kwacu. Iyo tumwakiriye ku bwo kwizera, amategeko ntaba agifite ubushobozi bwo kuduciraho iteka kuko umusimbura wacu muri icyo gihano, yagihanwe uko cyakabaye, ibyasabwaga byose akabisohoza.
« Ubutumwa Bwiza ntibuvuga ko Imana igaragarisha urukundo rwayo guhumiriza ngo yirengagize icyaha, ahubwo butubwira Imana ifitiye urukundo abanyabyaha, ariko urwo rukundo rukaba rutarashoboraga kwigaragariza ahandi uretse aho ibyasabwaga n'amategeko byari kuba byasohorejwe kandi n'ikiguzi ku cyaha kikaba kishyuwe cyose »

- Amategeko, umurimo wayo ni ukutwereka icyaha, n'ububi bwacu, no kuduciraho iteka, noneho tukabona ko dukeneye UMUKIZA, maze tukizera, tukihana, tugakizwa.

Nk'umwanzuro, amategeko nta n'umwe yabera uburyo bwo gutsindishirizwa mu maso y'Imana (Abaroma 3 : 28), ntabwo ariyo ntego yayo(Ibyakozwe n'Intumwa 13 : 39 ; Abagalatiya 2 ; 16, 3 : 11).
Amategeko yatangiwe kugirango tumenye ko icyaha kiriho(Abaroma 5 : 20 ; 7 : 7-13). Amategeko ya Mose ntabwo ari ayo gutsindishiriza umuntu, ahubwo ni ayo kumuciraho iteka. « Mbese imirimo itegetswe n'amategeko niyo yabahesheje Umwuka, cyangwase ni uko mwumvise mukizera ? Muri abapfapfa mutyo ? Mwatangije iby'Umwuka none mubiherukije iby'umubiri ? Ya mibabaro myinshi mwayibabarijwe ubusa ? Kuko abiringira Kwizera bahanwa umugisha na Aburahamu wizeraga.
Abiringira imirimo itegetswe n'amategeko bose ni ibivume, kuko byanditswe ngo : Havumwe umuntu wese udahirimbanira Ibyanditswe mu gitabo cy'amategeko BYOSE ngo ABIKORE. Biragaragara yuko ari

igihe gishize kuva ku munsi Kristo yavutseho, kugirango asimbure kalendari y'Abaroma. Nyuma cyane yuko kalendari nkiristo yari imaze gusimbura kalendari y'abaroma, baza kurabukwa ko Diyoniziyusi yari yibeshye mu gushyira ivuka rya Yesu mu mwaka wa 753 kuva umujyi wa Roma washingwa, nyamara ahubwo ryarabaye mu wa 749, cyangwa se mbereho umwaka umwe cyangwa ibiri.

II.1.4.8. Imana yihindura umuntu

Imana yihinduye umuntu kugirango ibashe kumugira uwayo. Imana yari ishoboye kurema umuntu ikamushyiramo ikintu kimeze nk'itegeko ryo kujya akora gusa ibyo ishaka, n'igihe ibishakiye, ariko siko bimeze, ahubwo yamuhaye ubushobozi bwo guhitamo ubwe, uburyo azitwara ku Muremyi we.
Ariko Imana yo ni Umwuka, mu gihe umuntu we afite umubiri n'amagufkwa, byamukomerera cyane agerageje gufata ishusho y'umwuka. Bityo rero umuremyi yaje mu byaremwe bye afite ishusho ya kimwe muri byo, kugirango aborohereze maze bazagerageze kumenya isura nyakuri ye. Imana ni nka Yesu. Yesu ni nk'Imana. Ndetse Yesu we arerura akabivuga ati: "umbonye aba abonye Data"; natwe kandi turabihamya.

II. 1.4.9. Uruhererekane rw'ibyabaye mu ivuka no mu bwana bwa Yesu

Mariko na Yohana ntacyo bavuga kijyanye n'ivuka ndetse n'ubwana bwa Yesu. Matayo na Luka bavuga bimwe mu bikorwa binyuranye byabaye. (Reba Luka 1: 5-80). Ntibyoroshye kugenda umuntu abikurikiranya neza.

Dore amataliki ashobora kuba ahuje n'igihe nyakuri ibintu byabereye.

Umwaka	Ibyabaye	Imirongo ya Bibiliya
Umwaka wa 5 mbere y'ivuka rya Yesu Kristo:	Malayika ahanurira Zakariya ko azabyaraYohana	Luka 1:5-25
Amezi 6 ashize	Gaburiyeli abwira Mariya ko azabyara Yesu. Mariya asura Elizabeti	Luka 1: 26-38 Luka 1:39-56
Amezi 3 ashize…	Mariya asubira i Nazareti	Luka 1:56
	Malayika abonekera Yozefu	Matayo 1: 18-25
	Kuvuka kwa Yohana umubatiza	Luka 1: 57-80
Umwaka wa 4 mbere y'ivuka rya Yesu Kristo	Kuvuka kwaYesu Abungeri bamenyeshwa...	Matayo 1: 25 Luka 2 : 1-20
Iminsi 8 ishize	Gukebwa kwa Yesu	Luka 2 : 21
Iminsi 32 ishize	Kumurikwa kwa Yesu	Luka 2 : 22-38
Umwaka wa 3 mbere y'ivuka rya Yesu Kristo	Kuhagera kw'abanyabwenge	Matayo 2 : 1-12
	Guhungira mu Egiputa	Matayo 2: 13-15
	Kwica abana	Matayo 2:16-18
Umwaka wa 2 mbere y'ivuka rya Yesu	Gusubira i Nazareti	Luka 2 :34; Matayo 2: 19-23

ngo tube tuwuruhutse mu mwanya w'isabato ya kera.

Mu bintu bya ngombwa byasabwaga abapagani bamaze kwakira Yesu, dukurikije Ibyakozwe n'Intumwa 15 : 28-29, nta munsi uyu n'uyu n'umwe udasanzwe wigeze uvugwa.

Pawulo we aravuga yeruye ati : « Ntihakagire umuntu n'umwe ubacira urubanza, kubyerekeye ibyo kurya n'ibyo kunywa , kuby'iminsi mikuru, kuby'amezi, cyangwa kubyerekeye amasabato. Ibyo byari ibicucu by'ibizaza, ariko « umuntu » byerekanaga ni Kristo (Abakolosayi 2 : 16-17).

Ahubwo intumwa Pawulo yo yari ihangayikishijwe n'ukuntu Abagalatiya batangije KWIZERA, bakongera kandi kugengwa n'amategeko. « Muziririza iminsi n'amezi, n'ibihe n'imyaka ! Ndatinya ko ibyo nabakoreye naruhijwe n'ubusa. » (Abagalatiya4 : 10-11).

Umukristo abohotse ku isabato ya Kera, kandi icyumweru nacyo ntabwo ari irindi tegeko yahawe. Abadakomeye mu byo kwizera nibo bata igihe ku bintu nk'ibi : « umuntu umwe yubaha umunsi umwe kuwurutisha iyindi : naho undi akubaha iminsi yose akayihwanya. Umuntu wese namenye adashidikanya mu mutima we (Abaroma 14 : 5)

* **Ibitangaza byakozwe ku munsi w'isabato.**

Habaruwe 7 aribyo bikurikira :

- Umuntu wari utewe na Dayimoni, i Kaperinawumu (Mariko 1 : 21-29,
- Nyirabukwe wa Petero, i Kaperinawumu(Mariko 1 : 29-31),
- Umuntu wari umaze imyaka 38 amugaye, i Yerusalemu (Yohana 5 : 1-9)'
- Umuntu unyunyutse ukuboko (Mariko 3 : 1-6),
- Umugore uhetamye (Luka 13 : 10-17),
- Umuntu urwaye urushwima (Luka 14 : 1-6)
- Umuntu wavutse ari impumyi (Yohana 9 : 1-14).

Icyitonderwa

« Ubuntu bwabonetse hatanzwe ikiguzi (Amaraso ya Yesu). »

Iyo bapimye guhera ku rugi rw'iburasirazuba h'i Yerusalemu (ukoresheje ibipimo by'Abayuda) ukageza ku rusengero rw'izamurwa (Eglise d'Ascension) ruri mu mpinga z'umusozi w'Imyelayo, uburebure bwaho bugera kuri metero 690 unyuze hejuru, uhagendesheje amaguru haba harehare.

- **Uko byavuye ku Isabato y'Abayuda bijya ku cyumweru**

Isabato yari ijyanye n'iby'irema, n'amategeko, ndetse na Israyeli(Kuva 20 : 8-11 ; 31 : 12-17 ; Abaheburayo 4 : 4).

Ku bw'amategeko, umuntu yagombaga gukora iminsi itandatu, akagira iminsi 6 y'akazi kugirango nagera kuwa 7 aruhuke. Kubw'ubuntu, duhera ku munsi wa mbere turi mu buruhukiro bwo muri Kristo, dukesha umurimo yakoze ku musaraba kandi akawurangiza ; twe rero icyo dukora umunsi ku wundi ni ugusohoza imirimo yaduteguriye kuva kera, mu mbaraga dukesha umuzuko(Abefeso 2 : 5-6,10). Igifite icyo kitumariye ntabwo ari ikiruhuko cy'umunsi wa 7(ntabwo ari n'icy'uwa 1), ni uburuhukiro dufite muri Kristo kubwo kwizera. Tukiri kuri iyi ngingo, reba uburuhukiro butatu buvugwa mu Baheburayo 4 : 3-4. Burashaka kutwigisha iki ?

1. Uburuhukiro bw'Imana ku munsi wa 7 nyuma y'irema, bwagarutse ari isabato y'Abayuda(Abefeso 4 : 4 ; Kuva 20 : 11).
2. Uburuhukiro bw'igihugu cy'isezerano, icyo Abisrayeli bahagurutse bava mu Egiputa bibujije kujyamo kubwo kutizera kwabo (Abaheburayo 3 : 7-11, 17-19).
3. Uburuhukiro bw'Umwuka bubikiwe ubwoko bw'Imana bw'iki gihe (nkuko Dawidi yabihanuye) tukaba tubwinjiramo kubwo kwizera Kristo(Abaheburayo 4 : 7-11). Kubera ko Umwami Yesu yarangije byose, twe icyo dukora ni ukwishingikiriza kuri we ngo tubone agakiza, kandi ngo dusohoze umurimo we ubwe agenda adufashamo.

Ubu ngubu, kuziririza umunsi uwurutisha uwundi ntacyo bimaze kubyerekeranye n'uko umuntu abona agakiza.

Dukurikije urugerro rw'abakristo ba mbere , turuhuka ku munsi wa mbere w'iminsi irindwi ariko bitari mu buryo bw'itegeko rya 4 ,

II.1.4.10. Isezerano rya Kera ryari ryaratangiye gutekereza kuri Mesiya

Ibimenyetso byo kuza kwa Mesiya, n'ubuhanuzi bumuvugwaho

* Itangiriro 3:15 , Urubyaro rw'umugore
* Itangiriro 4: 3-5 , Igitambo cya Abeli
* Itangiriro 12:3 ;18:18;12:18 ,Umuhamagaro wa Aburahamu.
* Itangiriro 14:18-20; 22: 1- 19;(26: 4; 28: 4; 28: 14); 49:10,11;
* Kuva 12; Abalewi 16; Kubara 21: 6-9; 24: 17 na 19; Gutegeka kwa kabiri 18: 15-19; Yosuwa , Rusi, 1Samweli 16; 2Samweli 7: 16, 1Abami 9: 5; Yobu 19: 25-27; Zaburi 2 ; 16:10; 22; 41:10; 45; 69: 22; 72; 78:2; 89; 110; 118:22; Yesaya 2: 2-4; 4:2-6; 7:13, 14; 9: 1-2,6-7; 11: 1-10; (25:6-9; 26:1, 19); 32: 1-2; 35:5-6; 35:8-10; (40: 5, 10,11); 42: 1-11; 53; 60;(62:2; 65:15); Yeremiya 23: 5-6; Ezekiyeli 34; 47:1-12, Daniyeli 2; 9; 24-27; Hoseya 2: 1;(2: 28, 32; 3:13, 14); Amosi 9:11-15; Yona 2: 1; Mika 5:1-4; Zefaniya 3: 9; Hagayi 2: 6-7; Zekariya; Malakiya 3:1.

II.1.4.11. Amateka y'ahantu Yesu yabatirijwe

Ahantu hatoranijwe n'Imana kugirango iherekere Mesiya ubwoko bwayo ni mu kibaya cyo hepfo cya Yorodani, muri ako gace, ni hafi cyane y'ahantu amazi yigabanijemo kabiri imbere ya Yosuwa kugirango abisirayeli babashe kwinjira i Kanani. Niho Yohana umubatiza yashyize icyicaro maze atangira umurimo wo gukangura no gutegura ubwoko bwa Israyeli. Mu gihe gito amaso yari amuhanzeho, abantu bibaza niba ubwe atari we Mesiya. Nibwo rero, afashijwe n'ikimenyetso kivuye mu ijuru yamenyeshejwe ko Yesu ariwe Mesiya.

Aho hantu nyine, muri ako karere niho Yesu yatangiriye umurimo, aho kandi nyine na none niho warangiriye. Mbega urwibutso rwari aho hantu! Iburasirazuba mu nkengero y'ikiyaga cya Yorodani harangwaga

n'uburebure bw'impinga z'umusozi witwa Nebo, aho Imana yerekeye Mose igihugu cy'isezerano ari naho Imana yamwihambiye.Aho kandi na none, ahantu hamwe hagati ya Yorodani n'umusozi Nebo, niho amafarashi y'ijuru yazamuriye Eliya ngo asange Mose mu bwiza bw'icyubahiro. Ku bilometero umunani uvuye aho, ugana iburengerazuba, niho hari Yeriko, aho inkuta zaridutse kubw'amahembe ya Yosuwa. Uzamutse Yeriko gato, mu karere k' imisozi ifite ahantu amazi amanukana hitwa Keriti, niho ibyiyoni byagabuririye Eliya. Hejuru yaho gato, mu mpinga y'uruhererekane rw'imisozi, niho hari Beteli, aho Aburahamu yari yubakiye Uwiteka igicaniro, aho kandi Yakobo yabonye urwego rw'ijuru, abamalayika baruzamukiraho abandi barumanukaho. Yesu amaze igihe gito cyane ageragejwe na Satani, muri ako gace, mu kiganiro yagiranye na Natanayeli, yivuzeho we ubwe ko ari urwego abamalayika bazamukiraho kandi bakarumanukiraho. Hafi y'ahongaho, mu majyepfo, muri urwo ruhererekane rw''imisozi, hari Yerusalemu, umurwa wa Melkisedeki n'uwa Dawidi. Mu majyepfo nyir'izina, hakurya y'inyanja y'umunyu, hari ibibaya bibiri bitekeyemo ibyasenyutse by'i Sodomu na Gomora.

II.1.4.12. Ibyo Napolewo yavuze kuri Kristo.

"Nzi abantu, kandi ndabibabwiye, Yesu ntabwo ari umuntu". Ategeka ukwizera kwacu kandi nta yindi mpamvu yindi mbaha, uretse ririya jambo rikomeye yavuze ngo: "Ndi Imana". Abafilozofe bagerageje kubonera igisubizo ayo mayoberane y'abatuye isi bose bifashishije ubushakashatsi bwanditse, ariko bwananiwe kugira icyo bugeraho. Ni abapfapfa, bameze nk'umwana uririra ukwezi ngo bakumuhe kube igikinisho cye.
Kristo ntagingimiranya mubyo avuga. Avugana ubutware. Amahame ye yo kwizera ni amayobera, ariko arushaho gukomezwa n'imbaraga ze bwite. Ashaka kandi asaba abantu urukundo ruvuye mu bushake bwabo, ari nacyo kintu kinanirana muri iyi si. Aleksanderi, Sezari, Hanibali, bagiye bigarurira isi, ariko ntibigeze bagira inshuti. Ubwanjye nshobora kuba ari jye jyenyine ukunda Aleksanderi, Sezari na Hanibali.

Mu Butumwa Bwiza no mu Byakozwe n'Intumwa akenshi Isabato ivugwa ku byerekeranye n'Abisrayeli. Ahasigaye hose ho mu Isezerano Rishya, ahandi ivugwa gusa ni mu Bakolosayi 2 : 16 n'Abaheburayo 4 : 4 aho ishaka gusa gutanga ubusobanuro nyakuri bwayo. Muri aha hombi nta na hamwe tubwirwa kuruhuka Isabato, ahubwo tubwirwa kuyibonamo igicucu cy'uburuhukiro bwo kwizera, tubonera muri Kristo. Mu Isezerano Rishya tubona ko igihe cyacu cyose ari icy'Imana. Bityo nta muntu n'umwe ugomba gucirwa urubanza kubwo kuziririza iminsi mikuru iyi n'iyi, amezi, cyangwa amasabato(Abakolosayi 2 : 16).
Imyaka ya mbere y'Itorero rya Kristo, Abizera bamwe bari bakivangura, ndetse baziririza iminsi mikuru iyi n'iyi, mu gihe abandi bo babonaga ireshya(Abaroma 14 : 5). Pawulo ntashaka ko uku kudahuza uburyo bwo kubona ibintu kwakwangiza imibereho ya kivandimwe. Ariko na none byarumvikanaga ko kuziririza iby'itegeko ku munsi wa karindwi gusimburwa n'uburuhukiero buhoraho bubonerwa muri Kristo, ari nabwo twibutswa, n'ikiruhuko kiba rimwe mu cyumweru, nk'igicucu cy'ubwo buruhukiro(Abakolosayi 2 : 170. Abizera bose binjira muri ubwo buruhukiro bw'iteka ryose(Abaheburayo 4 : 3,9,10), kuko ataribo bagikora imirimo, ahubwo ari Kristo ukorera muri bo kandi abakoresha, ibyo kandi bikaba ari ibya buri munsi mu minsi yose y'icyumweru. Na none biba byiza ko abantu bahurira hamwe bagasenga mu bwuzuzanye (Abaheburayo 10 : 25) kandi tutibagiwe ko n'umubiri wacu ukeneye nibura umunsi umwe mu cyumweru, w'ikiruhuko, bityo abakristo ntibakora ku cyumweru, ku munsi w'Umwami. Ibyo ariko , ntabwo uko kuruhuka kubemerera kuvuga ko baziririza gikristo itegeko rya kane. Kuziririza by'ukuri ni ukuba iminsi yose mu buruhukiro bw'Umwuka bubonerwa mu Kwizera ,nkuko tubibona mu Abaheburayo 3 na 4.

- **Inzira y' Isabato**

Mu Byakozwe n'Intumwa 1 : 12, iri jambo ryerekana urugendo ruri hagati y'umusozi w'Imyelayo na Yerusalemu, cyangwa ruva i Yerusaremu rujya ahantu hamwe ho ku musozi aho umuntu aba yitegeye Betaniya (Luka 24 : 50).

Iryo sezerano rya Yehova na Israyeli ryasohoye muri iki gihe cya none, ubwo Abisrayeli basubiraga muri Palesitina mu buryo budasanzwe, bw'igitangaza. « Imana ntiyaciye ubwoko bwayo yamenye kera »
(Abaroma 11 : 2).
« Abisiraheli bamwe banangiye imitima, ariko si bose, kugeza ubwo abanyamahanga bazinjira » (Abaroma 11 : 235).
« Nibwo Abisiraheli bose bazakizwa » (Abaroma 11 : 26).
Soma witonze igice cyose cya 11 cy'Abaroma na Zakariya, ibice 12, 13, na 14, urabona umugambi wose Imana ifitiye Abisraheli mu gihe kizaza.

UMWANZURO KU BYO TUMAZE KUBONA

Tumurikiwe n'ibi byose, biroroshye ku mushakashatsi ushaka kumenya ukuri ko yavumbura ko inyigisho z'Abahamya ba Yehova zirwanya Ibyanditswe Byera kuburyo bukomeye. Ni muvoma(mouvement) yambura Umwami Yesu icyubahiro cye, igatesha agaciro umurimo yakoze ku musaraba ku bw'abanyabyaha, ihakana umuzuko w'umubiri we, yanga kwemera ko ibivugwa mu Byanditswe Byera, ku bijyanye no kugaruka kwe nk'Umwami n'Umucamanza bifite ishingiro, cyangwa se ko ari ukuri, bityo ntibabihe agaciro.
Agakiza gashobora guhabwa abantu bose basoma ibi, bidatewe n'uko bayobotse idini y'Abahamya ba Yehova, ahubwo bihannye ibyaha byabo, bagasaba Imana ngo ibibababarire, kandi bizera ko Umwami Yesu yapfuye kubwa buri wese , ku musaraba.
Imana nayo ni ahayo guha abo bose impano y'ubugingo buhoraho.
(Yohana 5 : 24).
Izere icyo Bibiliya ivuga, kandi ntuziringire abigisha b'ibinyoma.

II. 16.3.9. Isabato y'umunsi n'isabato y'umwuka

Isabato, bamwe bayibona mu buryo bw'Umwuka, abandi bakayikomeza nk'itegeko. Turebere hamwe uko Bibiliya ibibona.

Alekzanderi, Sezari, Sharlemanye na njye ubwanjye twashinze ubwami, tuba abami b'abami, ariko se twabwubatse kuki? Ku mbaraga. Yesu yubatse ubwami bwe ku rukundo, kandi ubu mbabwira, amamiliyoni y'abantu, bibaye ngombwa ko bapfa, biteguye kuba bapfa ku bwe. Jyewe ubwanjye nagiye ninjiza urukundo nk'urwo mu bantu benshi, nkakora kuburyo bankunda, nanjye wasangaga bakwemera gupfa ku bwanjye bibaye ngombwa. Ariko kugirango ibyo bishoboke, byasabaga ko mba mpibereye.
Muri iki gihe ndi ahitwa Mutagatifu Helena, inshuti zanjye ziri he? Maze kwibagirana, icyo ntegereje ni ugusubira mu gitaka, nkahinduka ibyo kurya by'inyo.
Mbega umworera uri hagati y'ubuzima bwanjye bubi n'ubwami buhoraho bwa Kristo, buhora bwamamazwa, bukunzwe, baramya, kandi bugenda bwaguka kuzakwira isi yose! Ese ruriya ni urupfu? Ndababwiye, urupfu rwa Kristo ni urupfu rw'Imana. Ndabibabwiye, Yesu Kristo NI IMANA."

II.1 4.13. Igisekuruza cya Yesu

Bowazi yari umuhungu wa Rahabu, indaya y'inyakanani ahitwa i Yeriko (Yosuwa 2:1, Matayo 1: 5, reba na Yosuwa 2). Bityo nyirakuruza wa Dawidi yari umunyamowabu na Sekuruza yari umunyakanani, amaraso y'umunyamahanga niyo yakomotsemo umuryango watoranijwe (umuryango wa Dawidi), mu bwoko bwatoranijwe
(ubwoko bw'Abaheburayo),
akaba ari ikimenyetso cyaje mbere yuko aza, kugirango kigaragaze ko Mesiya ari uw'amoko, n'amahanga yose.
Ku bibilometero 2 iburasirazuba, bw'i Beterehemu, hari umurima, witwa *"umurima wa Bowazi*", aho ngaho nyine nkuko tubyigishwa, niho Rusi yahumbaga mu murima.
Iruhande rw'uwo murima hari "*umurima w'abungeri"* Aho nanone nkuko tubyigishwa, ni hamwe abamalayika batangarije iby'ivuka rya Yesu.
Duhereye kuri ibi tumaze kubona, ibijyanye n'urukundo hagati ya Rusi na Bowazi nibyo byaje gutuma haboneka umuryango wagombaga

kuvukamo Kristo, wari waratoranijwe n'Imana hari hasigaye imyaka 1100 ngo ibyo bisohore.

Aho hantu niho Malayika Gabriyeli yamanuriye inkuru y'ivuka rya Yesu Kristo.

II. 1.4.14. Ahantu Yesu yavukiye

Munsi y'urusengero rw'ivuka (Eglise de Nativité) i Betelehemu, hari icyumba, muri cyo niho Yesu yaba yaravukiye. Tubwirwa ko icyo cyumba cyari kimwe mu bigize inzu y'umukurambere Dawidi, mbere ya Dawidi, iyo nzu yari iya Bowazi na Rusi. Bityo nkuko tubizi, Bowazi yarongoye Rusi, atangira umuryango Kristo yagombaga kunyuramo aza ku isi, akawuvukiramo, aho muri icyo cyumba niho mu myaka 1100, Yesu Kristo ubwe yaje kuvukiramo.

Iyigwa ry'ibisekuru (Rusi 4:18-22), ryerekana ko umuhungu wa Rusi ari Obedi, ariwe ukomokwaho na Yesayi, se wa Dawidi, ari naryo ntandaro ry'iyandikwa ry'igitabo cya Rusi. Uhereye icyo gihe, Isezerano rya Kera usanga rigenda ryibanda ku kuza k'Umwami w'abami, wari ugiye kuzavuka mu rubyaro rwa Dawidi.

II.1.4.15. Uko Yesu asa (Iyerekwa Yohana yagize).
Ibyahishuwe 1: 13-14

Afite abamalayika b'amatorero mu kiganza cye, imisatsi ye irera nk'urubura. Amaso ye ameze nk'ibirimi by'umuriro. Mu maso ye ni **nk'izuba, ibirenge bye bisa n'umuringa w'umuteke. Utunganijwe n'umuriro wo mu ruganda.**

Ijwi rye rimeze nk'iry'amazi menshi asuma. Nguko uko wa Mukiza utuje wo mu Butumwa Bwiza yiyeretse Itorero rye kuva ubwo, nk'uwiteguye intambara, nk'umurwanyi, nk'urwana atsinda ucyereye guhangana n'abanzi bateye ubwoba kandi bafite ubushobozi. Ni uburyo bumwe bwo guhamagarira Itorero rye ngo rigirire icyizere Umutware waryo. Ariko na none ni ubwihanangirizi ku Itorero rye, kuko ryari ritangiye kugaragaza

« Kuko Umwami ubwe azaza, amanutse, ava mu ijuru, aranguruye ijwi rirenga, hamwe n'ijwi rya malayika ukomeye, n'impanda y'Imana. » (Abatesaloniki 4 : 16).

« Dore arazana n'ibicu , kandi amaso yose azamureba »
(Ibyahishuwe 1 : 7)

II.16.3.8. Ku mugambi w'Imana kuri Israyeli no ku Itorero.

Ibyo Abahamya ba Yehova bavuga :
« Abisrayeli ntibazongera na rimwe kongera kwishimirwa n'Imana (Que Dieu soit vrai , paji 208) ariko bo(Abahamya ba Yehova)ni bwo bwoko bwatoranijwe bwo mu gihe cya none »
« Nibo basigaye ari abiringirwa » ! ! !
Bibiliya iravuga ngo :
« Nzakugira (Aburahamu) ubwoko bukomerye »
« Nzaguha umugisha, kandi nzakuza izina ryawe… »
« Muri wowe imiryango yose yo mu isi niho izaherwa imigisha »
(Itangiriro 12 : 1-3)
« Kuko iki gihugu cyose ureba, nzakiguha wowe ubwawe ndetse n'abazagukomokaho iteka ryose »(Itangiriro 13 :15-17).
« Uzaba sekuruza w'amahanga menshi ; nzakororotsa cyane, nzatuma amahanga agukomokaho… nzakomeza isezerano ryanjye nawe ,n'urubyaro rwawe ruzakurikiraho, rigeze ibihe byose, ribe iseezerano rihoraho »(Itangiriro 17 :4-8).
« Urukundo rwanjye NTIRUZAKUVAHO…. » n'ibindi.
« Njye Yehova nta na rimwe nzasesa isezerano ryanjye »
« Yibuka isezerano rye iminsi yose » (Zaburi 105 :8).
« Niba abirukanwe bawe bazaba kum mpera y'isi, niho Uwiteka Imana yanyu izabakura ngo ibateranye, niho izabatarura. Kandi Uwiteka Imana yawe izagusubiza mu gihugu ba sekuruza banyu bari baragize gakondo, ukigire gakondo » (Gutegeka kwa kabiri 30 :4-5, reba na zaburi 89 : 3-4 ; 1Abami 2 :4na 24 ; Yeremiya 33 : 17 na 33 :20-22 ;
Abacamanza 2 :1).

« Umucamanza » Ruterfodi yaravuze ngo « ubuhanuzi bwasohoye bwerekana ko mu mwaka w'1914, Yehova azashyira ku ngoma Kristo Yesu maze amwohereza mbere ngo ayobore, mu gihe Satani azaba agikoresha ubutware bwe ku isi. »
« Ubwami bwa Yehova Imana bwaratangiye, iherezo ry'imirimo ya Satani ryaraje »
« Ahantu henshi Bibiliya igenda ikomoza ku kuza kwa kabiri kw'Umwami Yesu »
« Muw'1914 , Yehova ashyira uwimitswe we ku ngoma ye : kubw'ibyo, icyo gihe Kristo Yesu yafashe ubutegetsi bwe nk'umwami. »
« Nyuma y'imyaka itatu n'igice, mu w'1918, umwami yaje mu rusengero rwe, arirwo rusengero rw'Imana. » Ubuhanuzi (Prophétie) Paji ya 73 kugeza 74.
« Umucamanza Ruterfodi atanga umugabo w'ubwami bwa Kristo ku isi akoresheje ingero zikurikira : Imashini ziteranya, indege, Imodoka, insinnga za senyenge, ibinyabiziga, ibyuma bifata amajwi, inzira ya Gari ya moshi zikoreshwa amashanyarazi, Sinema, ibyuma bikurura umwuka, amaradiyo na Televiziyo »(La harpe de Dieu » Paji 240).

- **Bibiliya iravuga ngo :**

« Ariko uwo munsi n'icyo gihe ntawe ubizi, naho baba abamalayika bo mu ijuru, cyangwa Umwana, keretse Data wenyine » (Matayo 24 : 36).
« Kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w'Umuntu azaziramo »(Matayo 24 : 44)
« Mube maso kuko mutazi umunsi n'igihe »(Matayo 25 : 13. Reba na Mariko 13 : 32 na Luka 12 : 40-46)
« Ubwo nibwo ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizabonekera mu ijuru, amoko yose yo mu isi nibwo azaboroga, abonye Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu ijuru , afite ubushobozi n'ubwiza bwinshi »
(Matayo 24 : 30)
« Yesu, ubakuwemo akazamurwa mu ijuru , azaza atyo, nkuko mumubonye ajya mu ijuru » Ibyakozwe n'intumwa 1 : 110

ibimenyetso byagendaga byiyongera mu kwangirika k'ubugingo no kugenda bava mu byizerwa, abereka ko atazihanganira akazuyazi no kutamwumvira.

II.1.4.16. Yesu ni ihuriro n'umutima wa Bibiliya

Isezerano rya Kera ni inkuru yanditse ivuga ku gihugu, ku bwoko bw'abaheburayo. Isezerano Rishya ni inkuru yanditse ivuga ku Muntu. Ubwo bwoko bwashyizweho kandi bugaburirwa n'Imana kugirango binyuze kuri bwo, Umuntu ashobore kuza mu isi. Imana ubwayo yihinduye umuntu kugirango ihe ikiremwa-muntu igitekerezo gisobanutse , gifatika, gikabakabwa, cy'isura y'umuntu yajya atekereza mu gihe azajya atekereza ku Mana. Imana ni nka Yesu. Yesu yari Imana yicishije bugufi mu buryo bwo kwihindura umuntu. Kuza kwe ku isi nicyo gikuru cyabayeho mu mateka yose. Isezerano rya Kera niryo ryateguye uko byagenze. Isezerano rishya rikabisobanura.
Nk'umuntu, yagize ubuzima bwihariye, budasanzwe kandi bwiza, butigeze bugirwa n'undi muntu. Bibiliya yubatse kuri iyo nkuru yihariye kandi nziza ya Kristo, no ku isezerano ryiza ry'ubugingo buhoraho ku bamwakira. Bibiliya yandikiwe kugirango abantu bashobore kwizera, gusobanukirwa, kumenya, gukunda, no gukurikira Kristo.
Kristo, ihuriro akaba n'umutima wa Bibiliya, ihuriro n'umutima w'amateka, niwe huriro n'umutima w'imibereho yacu. Iherezo ryacu ry'iteka riri mu kiganza cye.
Kumwemera kwacu, cyangwa kumuhakana kwacu no kumwamagana, niko kugena kuri buri muntu kubaho neza iteka, cyangwa guhora mu kaga gahoraho; ijuru cyangwa umuriro: kimwe cyangwa ikindi.
Icyemezo cy'ingenzi umwe muri twe ahamagarirwa gufata, ni ugukemura burundu kandi byihuse ikibazo cy'uburyo yitwara imbere ya YESU Kristo. Ibintu byose ni aho bishingiye. Ni ikintu cy'icyubahiro kuba umukrito, amahirwe atagereranywa ku kiremwa muntu. Kwemera Yesu Kristo nk'Umukiza, Umwami, n'Umutegeka; no guhirimbanira gukurikiza no kugendera mu nzira yigishije, ubikuye ku mutima kandi ukabyitangira, ubwo ni uburyo bwo kubaho bwiza cyane kandi bushimishije rwose.

Ibyo bisobanura amahoro, ituze ryo mu mwuka, ibinezaneza mu mutima, imbabazi, umunezero, ibyiringiro, ubugingo, ubugingo bw'aha kuri iyi isi muri iki gihe , ubugingo bwuzuye, ubugingo butazashira na hato.
Ni gute bishoboka ko umuntu yaba impumyi cyangwa umupfapfa kugeza aho yakwambuka ubu bugingo akagera ku rupfu ataragira ibyiringiro by'abakristo?
Uretse Kristo, ni ikihe kintu kuri iyi si cyangwa isi izaza gihari, cyangwa gishobora gutuma umuntu yishimira kuba ariho?
Twese tugomba gupfa. Kuki tukiriho, tukagenda tubihishanya dukoresha kugaragaza ibyishimo duseka? Umuntu yashobora gutekereza ko umuntu wese yifuza kwakiriza Kristo amaboko yombi, mu kubona yuko umugisha uruta indi muri ubu buzima ari uko afite izina rya gikristo, akaba akijijwe. Iyo usesenguye, ikintu gihenze kandi kiryoshye cyane mu buzima ni uguhamanya n'umutima wawe , mubyo ukora byose , ko turiho kubwa Kristo, n'ubwo ibyo tugerageza gukora tubigiramo intege nke, dukora uko dushoboye buri munsi ahari biruhanije, twiringira ko igihe impanda izaba yavuze tuzaba twasohoje ikintu kigaragaza kuramya kwacu, n'ishimwe ku Mana yacu, maze tuzashobora kugenda tukirambike ku birenge byayo nk'ituro tumutuye.

II.1.4.17. Itinda ryo kuza k'Umwami Yesu

(Matayo 16: 28; 24:34…Abaroma 13:12; Abaheburayo 10: 25;
Yakobo 5: 8;
Ibyahishuwe 1: 5).
Nyamara Yesu mu mvugo ye, byumvikanaga n'ubundi ko kuza kwe kwashoboraga kuzabaho nyuma y'igihe kirekire, atandukanijwe nabo (Matayo 25: 19), kandi yerekana ko uzi ubwenge yagombaga kwitegura ko azatinda(Matayo 25:4). Paulo nawe asa n'uca amarenga ko kuza kwa Yesu kuzabaho nyuma y'uko bamwe bazaba bari kuva mu byizerwa (2 Abatesalonike). Muri icyo gice, Petero we atubwira ko mu buryo

Yesu yari azi ko umuriro utazima uriho. Ni ikintu k'ikirangirire ku buryo Yesu yawuvugaga yeruye, avugana ubutware.
Hari amagambo ane akoreshwa iyo bavuga « umuriro utazima »(enfer), muri Bibliya zacu. Irya mbere ni SHEWOLI (Sheol). Iryo rihindurwa inshuro 31, risobanura umuriro utazima (enfer) mu Isezerano rya kera. Iryo jambo risobanura « ahantu hatabona ». Amagambo UBURIBWE, KUBABAZWA no KURIMBUKA nayo ajya akoreshwa asobanura « enfer » umuriro utazima. Ijambo rya kabiri ni « HADES » ryahinduwe riva mu kigereki, kandi rikaba rikoreshwa inshuro 10 mu Isezerano Rishya. Rifite ubusobanuro bumwe na shewoli mu Isezerano rya kera. Igihano no kubabazwa bifitanye isano buri gihe n' « umuriro utazima » (enfer).
I1jambo rya gatatu ni TARITARUSI (Tartarus). Rikoreshwa ahantu hamwe gusa muri 2 Petero 2 :4, ahavuga ko abamalayika batumvira bajugunwe mu mworera, baboheshwa iminyururu y'umwijima. Ibyo birerekana ko ari ahantu ho guhanirwa, kimwe na gereza, ni kasho irimo umwijima w'icuraburindi.
Ijambo rya kane ni GEHENOMU. Rikoreshwa inshuro 11, kandi rihindurwa gehenomu n'ubundi mu Isezerano Rishya. Ubu nibwo busobanuro mu ngero Yesu yifashishaga ubwo yavugaga ahantu ho mu kibaya cy'i Hinoni (Hinnon), hafi y'i Yerusalemu, aho batwikiraga ibishingwe n'imyanda ku buryo buhoraho.
« Iyaba urupfu rw'umubiri rwonyine arirwo rwari ingaruka y'ubuzima butazi Imana, ntacyakagombye kudutera ubwoba, ariko noneho hariho urupfu rwa kabiri arirwo gutandukanywa n'Imana iteka ryose »(ibi byakuwe mu gitabo « Paix avec Dieu », cya Dogiteri B. Grahamu, ku rupapuro rwa 65 na 67).

II.16.3.7. Kuza kwa kabiri kwa Kristo

Pastoro Ruseli yaravuze ati : « ikinyagihumbi cya karindwi cyari itangiriro ry'ubwami bwa Kristo » Mu mibare ye ubwo yumvaga ko umwaka 1872 uhuje neze neza n'umwaka w'6.000 kuva ku kuremwa k'umuntu. Yahanuye ko imperuka y'isi yazaba mu w'1914.

bazumva ijwi rye, bakavamo, abakoze ibyiza bakazukira ubugingo ». (Yohana 5 :28,29).

« Umwami Yesu azahishurwa, ava mu ijuru, azanye n'abamalayika b'ubutware bwe, hagati y'umuriro waka, ahore inzigo abatamenye Imana n'abatumvira Ubutumwa Bwiza bw'Umwami Yesu. Bazahanwa igihano kibakwiriye nicyo kurimbuka kw'iteka ryose, bakoherwa ngo bave imbere y'Umwami no mu bwiza bw'imbaraga ze »
(2Abatesaloniki 1 :7-9).

« Kandi nk'uko abantu bagenewe gupfa rimwe, hanyuma yaho hakaza urubanza »(Abaheburayo 9 :27).

Kwitandukanya n'uyu mubiri kugirango twibanire n'Umwami wacu » (2 Abakorinto 5 : 8).

« Ngo mbane na Kristo, kuko ari byo birushaho kumbera byiza cyane » (abafilipi 1 : 23).

II 16.3.6. Ku kubaho k'umuriro utazima

Abahamya ba Yehova baravuga ngo :
« Imana ni nziza cyane birenze ku buryo itakwemera ko habaho UMURIRO w'iteka ».
« Igihano kizatangwa mu MAHIRWE YA KABIRI yo kubaho, kizaba ari urupfu, arirwo rwo gukurwaho burundu ».
« Imva, urupfu rw'umubiri, ni byo muriro utazima byonyine ».

- **Icyo Bibiliya ivuga :**

« Benshi bo muri bo, bazaba barasinziriye mu gitaka, bazakanguka, bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho, abandi bazakaangukira gukorwa n'isoni, no gusuzugurwa iteka ryose ».
« Abo bazajya mu ihaniro ry'iteka, naho abakiranutsi bazajya mu bugingo buhoraho » (Matayo 25 :46).
« Nimuve aho ndi, mwa bivume mwe, mujye mu muriro w'iteka watunganirijwe umwanzi n'abamarayika be » (Matayo 25 :41. Reba na Luka 16 :24 ; Matayo 13 :49 ; Ibyahishuwe 14 :11 ; Luka 9 :43-48).

bwacu bwo kureba ikigereranyo cyabyo ari uko imyaka 1000 ari nk'umunsi umwe (1 Petero 3:8).
Imana ntibara igihe mu buryo twebwe abantu tubara. Ku Mana iminsi igihumbi ni nk'umunsi w'ejo washize. (Zaburi 90: 4). Izakomeza isezerano ryayo ikurikije uburyo bwayo bwo kubara, n'ingengabihe yayo. Iyo mirongo yose iyo uyishyize hamwe isa nishaka kwerekana ko Imana yashatse ko buri rubyaro rw'abantu (chaque génération) uko rukurikirana, ruba mu gutegereza guhoraho ko kuza k'Umwami Yesu.

Nyuma yo gutegereza imyaka 2000, ibi byagombaga kugira iyihe ngaruka ku mitekerereze yacu ku bijyanye no ku kugaruka k'Umwami Yesu? Twagombye gutakaza ikizere cyose? Oya ntibikabeho.
Dushobora kuvuga ko kuza kwe ubu ariho kutwegereye cyane kuruta uko kwari kuri mu myaka 2000 ishize. Ijoro riraguye kandi amasaha yaryo arakuze, kandi umunsi ahari urushijeho kutwegera kuruta uko twaba tubitekereza.

I.1.4.18. Yesu ni nka Melkisedeki (Abaheburayo 7: 1-10).

Kristo ni Umutambyi mu buryo bwa Melkisedeki. Ibyo bishaka kuvuga ko atari umutambyi wo mu Balewi, ubutambyi bwe bwasaga ahubwo n'ubwa Melkisedeki. Umuntu wo mu gihe cya kure, wabayeho hasigaye imyaka 600 mbere yo gutangira k'ubutambyi bw'Abalewi.. Melkisedeki yabaye umutambyi mukuru cyane ugereranije n'abayobozi b'Abarewi, ni mukuru cyane no kuri Aburahamu. Uyu tuvuze n'abandi batambyi babayeho mbere ye, bagiye baha Melkisedeki icyacumi. Inkuru ye iboneka mu Itangiriro 14: 18-20. Yari umwami w'i Salemu akaba n'umutambyi w'Imana Isumbabyose.
Mbere ya Mose , ibitambo byatambwaga n'abatware b'umuryango. "Bityo , umutambyi wa buri muryango yabaga ari se , cyangwa sekuruza, umuntu ukuriye abandi kurushaho, uturuka mu gisekuru cya se.
Nyuma yaho cyane, undi muryango nawo uratoranywa ngo ujye uturukamo abami, uwo wari umuryango wa Dawidi. Umwami yimaga ku bwoko, umutambyi akaba nk'umuhuza hagati y'Imana n'umuntu, yatangaga ibitambo.

Umuryango wakomokagwaho n'abami , n'aho undi ugakomokwaho n'abatambyi, ariko Kristo yakoraga iyo mirimo yombi, nkuko byari biri kuri Melkisedeki. Melkisedeki, tutitaye ku bumenyi ku nkomoko z'abantu, mu gihe yari akiriho yari umutambyi uzwi n'abantu bose.

Hari inyigisho ya Giheburayo, ivuga ko Shemu yari akiriho mu gihe cy'Aburahamu kandi akaba ariwe muntu wari ukuriye abandi wari ukiriho muri icyo gihe,ari nabwo hariho Melkisedeki , umuntu wakundaga kwibera wenyine mu buryo bw'amayobera. Yabayeho mu gihe cya kera cyane, ariko yashushanyaga uwari ugiye kuzaba Umutambyi-Mwami Uhoraho.

II.1.4.19. Itandukaniro hagati ya Kristo n'ihema (Abaheburayo :9 1-14)

Ihema ryari rifite ahera h'isi. Ihema nyakuri ritakozwe n'intoke z'abantu ni ijuru (abaheburayo 9: 1,11 na 24).

Umutambyi mukuru yinjiraga mu ihema inshuro imwe mu mwaka, Kristo yahinjiye inshuro imwe rukumbi (Abaheburayo 10: 3; 9:12).

Umutambyi mukuru yatangaga amaraso y'inyamaswa; Kristo yatanze amaraso ye bwite(Abaheburayo 9:12).

Ibitambo by'umutambyi mukuru byahumanuraga umubiri, igitambo cya Kristo gihumanura umutima.(Abaheburayo 9: 13 na 14).

II.1.4.20. Dore Yesu arazana n'ibicu(Ibyahishuwe 1: 7)

Kuza kwa Yesu tukuzirikane(Ibyahishuwe 1: 7; 2:25; 3:3,11; 16:15; 22: 7,12 na 20).

Yesu ubwe yamenyesheje ibyo bintu inshuro nyinshi(Matayo 13: 42 na 50; 24:30 na 51; 25:30; 26: 64; Luka 21:25-28).

utwo dusimba icyago kitwugarije, ko hari katerepurale iri hafi kuza

Mu Byakozwe n'Intumwa 1: 9 na 11

"Igihe kiri bugufi", (Ibyahishuwe 1: 3)

Kuri aya magambo igitabo giheraho kandi ni kuri yo kirangirizaho (Ibyahishuwe 22: 10).

Wasanga igihe kitwegereye cyane kurusha uko tubitekereza.[6]

[6] H. Henry, Halley, Ibid.

« Iyo umuntu apfuye , umwuka urapfa cyangwa urekeraho kubaho ; umuntu ntamenye iyo ari.»

« Urupfu… ni ukurekeraho kubaho mu gihe runaka. »

« Abantu bazabona amahirwe ya kabiri yo kubona agakiza muri cya gihe cy'imyaka igihumbi. »

« Muri cya gihe cy'imyaka 1.000, abantu bose bazabona umwanya wo kugira amahirwe yo guhabwa ubugingo buhoraho mu bihe bikwiriye .»

« Umurimo wa Kristo ku musaraba icyo utumarira ni ukuduha gusa ayo mahirwe ya kabiri. »

« Intego y'urubanza izaba iyo guha buri wese umwanya wo kwiyunga n'Imana no kubaho. »

« Umuntu, bitewe n'ibyo amaze kwibonera ubwe kubyerekeranye n'icyaha, azaba zi neza noneho icyo agomba gukora mu gihe azaba ahawe amahirwe ya kabiri. Dushobora kwizera neza tudashidikanya ko bacye cyane aribo bazahabwa igihano cyo kurimbuka .»

- Duhereye kuri izi nyandiko zabo, biragaragara neza ko Abahamya ba Yehova bavuga ko umuntu ashobora gukizwa n'imirimo ye, ibyo bikaba binyuranye cyane na Bibiliya.
- Bibiliya iravuga ngo :

« Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera…NTIBYAVUYE KU MIRIMO kugira ngo hatagira umuntu wirarira » (Abefeso 2 :8).

« Nyamara ukora, ibihembo bye ntibimuhwanira no guhererwa UBUNTU, ahubwo abyita ubwishyu. Ariko rero udakora, ahubwo akizera utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka ». (Abaroma 4 :4-5).

« Gukiranuka abizeye bose baheshwa no kwizera ».
(Abaroma 3 :22).

« None se twakwirata iki ?Ntacyo. Ni ayahe mategeko yabitubujije ? Ni ay'imirimo ?

Reka da. Ahubwo twabibujijwe n'amategeko yo kwizera, kuko duhamije ko umuntu atsindishirizwa no kwizera, atari imirimo itegetswe n'amategeko »(Abaroma 3 :28).

« Ntimutangazwe n'ibyo, kuko igihe kizaza, ubwo abari mu bituro

Mu mapaji 1000 y'imibumbe ya Ruseli ahantu hamwe niho avuga ku Mwuka w'Imana. Birumvikana ko ibi byanditse haruguru bitangaje urebye ukuntu hari ukuri kwinshi kuvuga k'Umwuka Wera kwahishuwe mu Butumwa Bwiza uko bwanditswe na Yohana ibice 14, 15 na 16, no mu nzandiko za Pawulo.

- Witegereze neza urasanga bamwe bahamya babeshya ngo bagendera mu Ijambo ry'Imana.
- Bibiliya iravuga ngo : « iby'ijisho ritigeze kureba n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w'umuntu ibyo byose, Imana yabyiteguriye abayikunda. Ariko Imana yabiduhishurishije Umwuka wayo : kuko Umwuka arondora byose ndetse n'amayoberane y'Imana »
  (1 Abakorinto 2 : 9-10, soma witonze icyo gice cyose.)

« Ni iki gitumye Satani yuzuza umutima wawe kubeshya Umwuka Wera ? Si abantu ubeshye, ahubwo Imana niyo ubeshye .» (Ibyakozwe 5 : 3-4)
« Umufasha naza uwo nzabohereereza, ava kuri Data , niwe Mwuka w'ukuri ukomoka kuri Data, azampamya .» (Yohana 15 : 26)
« Ubwo azaza (umufasha) azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha, n'ibyo gukiranuka, n'iby'amateka ».
(Yohana 16 : 7, reba na Yohana 3 : 5-8, Abaroma 8(igice cyose) na 1 Abakorinto 12 : 7-13)

II.16.3.5. Ku buzima nyuma y'urupfu

Imwe mu mpamvu zituma inyigisho z'Abahamya ba Yehova zamamara, nuko bashyigikira ko nyuma y'urupfu Umwuka usinzira maze umuntu agahabwa amahirwe ya kabiri yo kubona agakiza. Benshi rero batwarwa n'izo nyigisho z'ubuyobe maze bagasuzugura ukuri kw'agakiza kaboneka gusa muri ubu buzima mbere y'urupfu , kandi kabonewe muri Yesu Kristo ku musaraba. Bityo abamaze kwakira ako gakiza bafite kuzabaho mu cyubahiro mu bwami bw'ijuru, naho abatizera bategereje gucirwaho iteka nkuko Ibyanditswe bibihishura.
Abahamya ba Yehova baravuga ngo :

II. 1.4.21. " Umwana w'umuntu"

Iryo niryo Zina Yesu yakundaga kwiyita ubwe .
Rigaruka inshuro hafi 70 mu butumwa bwiza:
Matayo inshuro 30;
Lika inshuro 5;
Yohana inshuro 10
Iyi nyito iraduha gutekereza ko Yesu yishimiraga uburyo yarimo nk'umuntu, kandi ari Imana. Iyo nyito yayizamukanye mu ijuru.

II. 1.4.22. Abarebaga Yesu bagiraga ngo ni umuntu (agatekerezo).

Habayeho umuntu wagiraga impuhwe cyane. Umunsi umwe asanga udusimba turi mu mwobo, mu muhanda aho ikimodoka cya Katerpirali cyakoraga umuhanda, kigenda kigaruka. Utwo dusimba twari urujya n'uruza , tuva mu mwobo tujya guhaha, utundi tujya mu mwobo tuva guhaha. Noneho uwo muntu yitegereza agasimba kamwe kari kamaze kuva mu mwobo. Ashatse kugafata ngo agakize, kubera ko Katerpurale yari igarutse iri mu kazi kayo, nuko ako gasimba karamwitegereza cyane, maze gasubira mu mwobo ngo atagafata, haje aka kabiri nako kavuye mu mwobo, kamwitegereje gasubirayo ngo atagafata. Aka gatatu biba bityo. Noneho mu mwobo udusimba tumenya ko hari umuntu ushaka kudufata maze turakorana twose, turaza tumurungurukira icyarimwe mu munwa w'umwobo imbere, ariko ntihagira na kamwe gatinyuka gusohoka . Abonye ko Kateripirale iri buze kudukandagirira twose icyarimwe, uwo muntu yihindura nka kamwe muri two, yinjira mu mwobo turimo, utwo dusimba tumubonye tugirango ni nka kamwe muri two. Turamwegera dusabana na we akanya gato,maze aboneraho umwanya wo kubwira kuturibata. Ntibyatinze udusimba twemeye ko adukiza, maze kateripirale inyura kuri wa mwobo udusimba twahavuye kera, uretse utwanze ko adukiza, two Katerpurali yatunyuze hejuru, turapfa turashira.
Ikigereranyo:
Uwo muntu ni *Yesu(Imana ubwayo)*
Utwo dusimba ni *abantu*

Uwo mwobo ni *isi*
Katerpurali ni *Satani*

II. 1.4.23. Isanzure Yesu yaremye

Abahanga mu by'ikirere bavuga ko ikirere kinini cyane (galaxie) isi yacu ndetse n'imibumbe izenguruka ku zuba, birimo; gifite muri cyo amazuba arenga miliyari 100, kandi amenshi muri yo afite ubunini cyane ugereranije n'iryacu, kandi na ryo ubwaryo riruta isi inshuro 1.300.000. Icyo kirere gifite ishusho nk'iy'isaha irambitse hasi irambuye, kikaba gifite umurambararo w'imyaka-mucyo (années-lumière) 200.000.Umwaka-mucyo ni intera umucyo ugenda mu gihe cy'umwaka ku muvuduko wa km / isegonda 300.000. Ubu babarura galaksi 500.000 zisa na cya kirere twakwita vuwa lakte (voie lactée), kandi hagati ya zimwe muri zo harimo intera y'amamiliyoni y'imyaka-mucyo.
Birashoboka ko ibi byose byaba ari akantu gato cyane ugereranije n'ikirere cyose cyangwa isanzure ritagira umupaka, ni ukuvuga ridafite aho ritangirira n'aho rirangirira.

II.2. Umusaraba wa Yesu.

Umusaraba wa Yesu ni kimwe muby'ingenzi bigomba kuvugwaho kuko kuriwo hamenetse amaraso y'Umukiza w'abantu.

II.2.1. Amateka y'umusaraba wa Yesu

Twasanze ari ingirakamaro kugaragariza abasomyi b'iki gitabo uburyo Imana Yera yakoze umubare wo gukiza umuntu wari wayigometseho maze satani ntasobanukirwe. Ibyo kandi ibikora itivuguruje, dore ko umunyabyaha wese yari yaramaze gucirwaho iteka, bityo Imana itugaragariza urukundo rwayo rwerekaniwe muri Yesu Kristo ku musaraba.
Kwizera gufitanye isano n'agakiza. Hatabayeho kwizera ntibishoboka kubona agakiza k'Imana (Yohana 3:16).

« Ntabwo tuzi uko byamugendekeye (intumbi y'umwami wacu) uretse ko itaboze cyangwa ngo yangirike… cyangwa se birashoboka ko umurambo we waba warashonze ukaba gazi, cyangwa se niba hari ahantu waba ubitse nk'urwibutso rukuru rw'urukundo rw'Imana… ntawe ubizi. »
Bibiriya iravuga ngo :
« Ni murebe ibiganza byanjye n'ibirenge byanjye kuko ari jyewe : munkoreho kandi murebe kuko umwuka utagira amagufwa nkuko mubimbonana »(Luka 24 : 39).
Abanzi be Yesu yarababwiye ati : « Ni musenya uru rusengero (ari byo bisobanura unubiri we mu minsi itatu nzarwubaka »
(Yohana 2 : 19,22).
Imana ya basogokuruza bacu yazuye Yesu uwo mwishe mukamubamba ku giti (umusaraba). Ibyakozwe 5 : 30-32
« Ariko Stefano yuzuye Umwuka Wera, kandi araramye atumbira mu ijuru ati : « Dore mbonye ijuru rikingutse, n'Umwana w'umuntu ahagaze iburyo bw'Imana » (Ibyakozwe 7 : 55-56, reba na 1 Abakorinto 15 : 12-21, Abaheburayo 13 : 20, 1 Petero 1 : 3).
« Yesu ubakuwemo akazamurwa mu ijuru , azaza atyo nkuko mumubonye ajya mu ijuru »(Ibyakozwe 1 : 11, reba n'Ibyakozwe 2 : 32, 3 : 15-20,26 ; 4 : 10 ; 5 :30-31 ; 17 :18 na 28 : 6).
« Hariho Imana imwe , kandi hariho umuhuza umwe w'Imana n'abantu , niwe Yesu Kristo »(1 Timoteyo 2 : 5).
Niba umubiri winjiye mu mva atariwo mubiri wasohotsemo uri muzima, nta kuzuka kwabayeho
.

II.16.3.4. Kubaho k'Umwuka Wera n'umurimo we

Abahamya ba Yehova baravuga ngo :
« Umwuka Wera si Umupersona »
« Umwuka Wera si Umupersona mu butatu bw'Imana »
« Umwuka Wera w'Imana ni ubushobozi cyangwa uburyo bw'ubutware Imana ikunda gukoresha »

- Bibiliya ivuga ngo :

Yongera kuvuga iby'Umwami Yesu iti : « Uwiteka mbere na mbere, ni wowe washyizeho urufatiro rw 'isi, ijuru naryo ni umurimo w'intoki zawe. »(Abaheburayo 1 : 10).

« Mbere na mbere hariho Jambo , Jambo uwo yahoranye n'Imana , kandi Jambo yari Imana. Ibintu byose niwe wabiremye, ndetse mu byaremwe byose nta nakimwe kitaremwe nawe » (Yohana 1 : 1-3)

« Yesu ati : « Ndababwira yuko Aburahamu ataravuka, ndiho »(Yohana 8 : 58, reba Kuva 3 : 14 na Yesaya 43 : 13)

Yesu, ati : « Na none , Data , imbere yawe unyubahishe, cya cyubahiro nahoranye ndi kumwe nawe, isi itararemwa » (Yohana 17 : 5. Reba na Yohana 13 : 3 ; Abafiripi 3 : 6, Abakolosayi 1 : 15-19, 2 Timoteyo 3 : 16)

« Igitangaza cya mbere Yesu yakoze…. yerekanye icyubahiro cye (Yohana 2 : 11)

« Mbega uyu ni muntu ki, utegeka umuyaga n'amazi bikamwumvira ! » (Luka 8 : 25).

« Aho babiri cyangwa batatu bateraniye MU IZINA RYANJYE, najye mba ndi hagati yabo » (Matayo 18 : 20).

« Mugende kandi mwigishe amahanga yose mubabatiza mu IZINA RYA DATA, N'IRY'UMWANA, N'IRY'UMWUKA WERA(Matayo28 : 19)

Nkuko ibyo byavuzwe : « Kristo ahuriweho na kamere ebyiri, zitunganye kandi zitandukanye, mu muntu umwe. Ntushobora kuzivangura. Igihe yambaraga umubiri, agafata ishusho y'ikiremwa ntiyaretse gukomeza kuba Imana. Yiyambuye ubwe icyubahiro cy'inyuma ariko ntiyiyambuye kuba Imana.

« Yahindutse umuntu mu buryo bwuzuye, ariko yari Uwera, nta cyaha, kandi yari Imana .»

II. 16.3.3. Kuzuka k'umubiri kwa Yesu Kristo wabambwe

Abahamya ba Yehova bavuga ngo : «Yishwe nkuko bishe abandi bantu, ariko hazutse Umwuka uri mu rwego rwo hejuru, ufite kamere y'Imana… Umuntu Yesu yarapfuye , urupfu rw'iteka ryose. »

Umuntu wa mbere (Adamu) amaze gukora icyaha, ubusabane bwari hagati y'abantu n'Imana bwahise buhagarara. Imana ntica urwa kibera, yahise ivuga ko ubugingo bukora icyaha buzapfa (Ezekiyeli 18: 20). Twibukiranye kandi ko Imana itajya yivuguruza. Iyo ivuze, Ijambo ryayo riba nk'itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi. Turebe muri Daniyeli igice cya 6 uko bimeze.

"Baraza bavugira imbere y'umwami ibya rya tegeko rye bati: mbese harya, Nyagasani, ntiwashyizeho ukuboko ku rwandiko rw'iteka waciye, ngo mu minsi mirongo itatu umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umunntu wese atari wowe asabye, Nyagasani, ngo azajugunwe mu rwobo rw'intare?

Umwami arabasubiza ati : Narabitegetse koko, nkurikije amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa. Baramusubiza bati : ariko Daniyeli we wo mu banyagano b'Abayuda ntakwitayeho , Nyagasani, cyangwa iteka washyizeho ukuboko, ahubwo ajya asenga gatatu mu munsi.

Umwami yumvise iryo jambo arabarakarira cyane, ashyira umwete cyane kuri Daniyeli kugira ngo amukize, burinda bwira. Ba bagabo bongera guteranira ibwami, babwira umwami bati: Nyagasani, umenye ko ari itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi ngo nta tegeko cyangwa iteka ryahamijwe n'umwami rivuguruzwa. Nuko umwami arategeka, bajya kuzana Daniyeli, bamujugunya mu rwobo rw'intare.

Ariko umwami yari yamubwiye ati: Imana yawe ukorera iteka iragukiza. Maze bazana igitare bagikinga ku munwa w'urwobo. Umwami ahomaho ikimenyetso cye bwite n'icy'abatware be, kugira ngo ibyo ategetse kuri Daniyeli bidahinduka. Nuko umwami asubira mu nzu ye, akesha ijoro yiraje ubusa, ntibamuzanira ibyo kumucurangira, ntiyarushya agoheka"(Daniyeli 6: 13-19).

Mu biranga Imana kandi harimo yuko Imana irakara, nkuko tubisanga mu Ijambo ryayo. "Uko niko umujinya wanjye uzasohozwa, kandi nzabamariraho uburakari bwanjye bukaze, mbone gushyitsa umutima mu nda: maze bazamenye yuko jye, Uwiteka, navuganye ishyaka ryanjye, ubwo nzaba maze kubasohozaho uburakari bwanjye"
(Ezekiyeli 5: 13).

Ariko nubwo bimeze bityo bwose, Imana ni urukundo. Ndetse ibiranga Imana byinshi bibangamiye kamere ya muntu, “Muyoborwe n’Umwuka, kuko ari bwo mutazakora ibyo kamere irarikira; kuko kamere irarikira ibyo umwuka yanga, kandi Umwuka wifuza ibyo kamere yanga: kuko ibyo bihabanye, nicyo gituma ibyo mushaka gukora atari byo mukora” (Abagalatiya 5: 16-17), ndetse bisa n’ibihanganye n’umuntu, byose bisharirira umuntu uretse urukundo rwonyine.

Uko Imana iteye bihabanye cyane nuko muntu ateye.Dore nawe : Imana ni Iyera, “kuko ndi Uwiteka Imana yanyu; abe aricyo gituma mwiyeza, mube abera, kuko ndi Uwera, kandi ntimukiyandurishe igikururuka hasi cy’uburyo bwose gikurura inda cyangwa kigenza amaguru magufi, kuko ndi Uwiteka wabakuye mu gihugu cya Egiputa kuba Imana yanyu: abe aricyo gituma muba abera, kuko ndi Uwera” (Abalewi 44: 44-45), naho twe turi abanyabyaha “kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw’Imana, ntawe ukiranuka n’umwe”(Abaroma 3:23, 10).

Amahirwe tugira aruta ayandi rero nuko Imana ari urukundo “kuko Imana ari urukundo, natwe twamenye kandi twizeye urukundo Imana idukunda” (1Yohana 4:8, 16), ariko irafuha “kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha” (kuva 20:5), bityo rero tukaba tugomba kuba abera kuko nayo ari Iyera, tukirinda kujya mu ruhande rw’umurwanya ari we satani, kugirango ingaruka z’ifuhe zitatugeraho. Siko byagenze rero kuko Adamu amaze gukora icyaha, abakurikiyeho nabo berekanye ko atari abaswa cyangwa ibigwari muri urwo rwego.

Kubera urukundo rw’Imana rutarondoreka “kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga umwana wayo w’ikinege, kugira go umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho; ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha” (Yohana 3:16, Abaroma 5:8).

Imana imaze kubona ko abantu badashaka kuva mu byaha,

kandi yari yamaze guca iteka ko ubugingo bukora ibyaha buzapfa, yashatse uburyo yakiza abantu ariko itivuguruje.

bagasubira gusoma Bibliya yonyine, ishishoza ryacu ryatweretse ko mu gihe cy’imyaka ibiri, abo bantu bahita binjira mu icura-

burindi. Mu rundi ruhande iyo basomye gusa « inyigisho z’ibyanditswe » n’ahandi

bagenda barangirwa, naho baba batarigeze basoma n’ipaji n’imwe ya Bibiliya, bazaba bari mu mucyo imyaka ibiri nirangira. »

- Bibliya ivuga ngo : « ijambo ryawe ni ITABAZA ry’ibirenge byanjye n’UMUCYO umurikira inzira »(Zaburi 119 : 105).

« Murondora mu Byanditswe … kandi aribyo bimpamya »
(Yohana 5 : 39)

« Ab’i Beroya bari beza kurusha ab’i Tesaloniki, kuko bakiranye Ijambo ry’Imana umutima ukunze, bashaka mu Byanditswe iminsi yose, kugirango bamenye y’uko ibyo bababwiye ari iby’ukuri koko »
(Ibyakozwe n’Intumwa 17 : 11)

« Hahirwa umuntu wishimira amategeko y’Uwiteka , kandi uyibwira ku manywa na n’ijoro » (Zaburi 1 : 2) Nijye MUCYO, unkurikira ntazagenda mu mwijima na hato, ahubwo azaba afite umucyo w’ubugingo »
(Yohana 8 : 12)

« Uwo Mwuka w’ukuri naza azabayobora mu kuri kose » Yohana 16 : 13. Reba 1 Yohana 2 : 27 ; Abagalatiya 1 : 12 ; 2 Timoteyo 3 : 13).

« Ntimukongere ku mategeko mbategeka, ntimukayagabanye »
(Gutegeka kwa kabiri: 12 : 32 ; Yosuwa 1 :8).

II.16.3.2. Ubumana bw’Umwami Yesu

Abahamya ba Yehova bazakubwira bati :

« Yesu ni imwe mu zindi Mana ariko ubwe ntabwo ari Imana ».

« Igihe Yesu yari ku isi yari umuntu nyamuntu , ntacyo wakongeraho nta cyo wagabanyaho ».

« Yesu ntabwo yari Umwana w’Imana »

« Yesu Kristo w’Imana, yavutse iminsi itatu nyuma yo kubambwa ».

« Nyuma y’urupfu rwe niho yashoboye kugira kamere y’Imana »

mu gusohoza ubushake bwayo. Ntabwo angana n'Imana, ahubwo ni igikoresho. »

« Nta na hamwe muri Bibiliya hagaragaza ko bose uko ari batatu bafite kamere imwe, banganya ububasha, kandi ko bose ari ab'iteka. Nta na hamwe Bibiliya yivuguruza, mu kugaragaza ko Imana ishobora byose ,Yehova,ariyo yonyine isumba byose, ko Yesu ari umwana wayo yiremeye, naho Umwuka Wera ari imbaraga – rukozi z'Imana .»

Twebwe abemera ubutatu bw'Imana, turahakana iyi nyigisho y'Abahamya ba Yehova, kuko Bibiya ubwayo- bavuga ko bemera -, iringaniza Data wa Twese, na Yesu, n'Umwuka Wera . Soma Matayo 28 : 19. « Nuko mugende muhindure abantu bo mumahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese, n'Umwana, n'Umwuka Wera. » Reba na none 2 Abakorinto 13 : 13. Ibyo Data wa twese, na Yesu bafite, Umwuka Wera byose nawe arabifite.

- Umwuka Wera ni Uwiteka (Abaheburayo 9 : 14).
- Amenya byose (Yesaya 11: 1-2 ; 1Abakorinto 2 : 10-13)
- Ashobora byose(Itangiriro1: 1-2, Yobu 26 : 13 ; Zaburi 104 : 30 ; Yobu 33 : 4 ; 1 Petero 3 : 18 ; Abaroma 8 : 11 ; Ibyakozwe n'Intumwa 8 : 39 .)
- Abera hose icyarimwe (Zaburi 139 : 7-12)

v Abahamya ba Yehova bo bategereje kubaho iteka ku isi izahinduka Paradizo.

II.16.3. ICYO BIBLIYA IVUGA KU NYIGISHO ZINYURANYE.

II.16.3.1. Ihumekwa n'ubusobanuro by'Ibyanditswe

« Pastoro » Ruseli ati : « Ntimushobora gusobanukirwa Bibliya niba mudasoma ibitabo nandika . Mushobora gusobanukirwa mutiriwe muyisoma, niba gusa musoma ibitabo byanjye »(Imibumbe irindwi y'inyigisho z'ibyanditswe.) Abantu biga Bibliya ubwabo ntibashobora gusobanukirwa gahunda y'Imana. Tuzi na none ko iyo umuntu asoma « amasomo y'ibyanditswe » maze akaba ayashyize ku ruhande, nubwo nyuma y'aho kuyasoma byaba ari akamenyero, maze abo bantu

Ijambo ry'Imana rivuga ryeruye ngo: "amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha"(Abaheburayo 3:22 na Abalewi 17: 11). Kubw'ibyo rero abantu batangiye gutanga ibitambo buri gihe uko icyaha cyakorwaga. Abifite batangaga amatungo ahenze, nk'intama, ibimasa, n'ibindi; naho abakene bagashakisha uko babona inuma (Luka 2:24).

Ibyo bitambo ntabwo byavanagaho uburakari bw'Imana, byasaga nk'aho ari ukubutwikira. Ntaho bwabaga bugiye, kuko hari naho ibitambo bitagiraga icyo bigeraho. "Sawuli amarayo iminsi irindwi, ategereje Samweli nkuko yamutegetse. Ariko Samweli ataraza i Gilugali, abantu baratatana bamushiraho. Nuko Sawuli Aravuga ati: nimunzanire hano igitambo cyoswa n'ibitambo by'ishimwe y'uko turi amahoro. Aherako atamba igitambo cyoswa. Akimara gutamba Samweli aba araje; maze Sawuli ajya kumusanganira ngo amuramutse. Samweli aramubaza ati: ibyo wakoze ni ibiki? Sawuli aramusubiza ati: nabonye abantu banshizeho batatana; nawe ntiwaje mu minsi yategetwe, kandi Abafilisitiya bari bamaze guteranira i Mikimashi, bituma nibwira nti : ubungubu Abafilisitiya bari bumanukire i Gilugali bantere, kandi ntarahendahenda Uwiteka ngo ampe umugisha. Nicyo gitumye nihata, ntamba igitambo cyoswa. Maze Samweli abwira Sawuli ati : wafuditse, ntiwumviye itegeko ry'Uwiteka Imana yawe yagutegetse; none Uwiteka aba akomeje ubwami bwawe muri Israyeli iteka ryose. Ariko noneho ubwami bwawe ntibuzagumaho; Uwiteka amaze kwishakira umuntu umeze nk'uko umutima we ushaka; kandi niwe Uwiteka yashyizeho kuba umutware w'ubwoko bwe, kuko utumviye icyo Uwiteka yagutegetse" (1Samweli 13:8-14).

Ibitambo rero byakomeje gutangwa kugeza aho Imana isanze ubwo buryo bugomba guhagarara, kuko umujinya wakururwaga n'ibyaha by'abantu wakomezaga gututumba.

Rwa rukundo rw'Imana rero rusa naho rwaganje ibindi byose biyiranga: nk'umujinya, gufuha, n'ibindi. Imana noneho ishaka uburyo yakiza abantu burundu. Haba inama mu ijuru (conseil divin) yo gushakisha igitambo kitari icyo gutwikira ibyaha, ahubwo cyo kuvanaho ibyaha.

Amaraso atavuye, ntihabaho kubabarirwa ibyaha. Nibyo koko ibyo bitambo byavaga amaraso (Abaheburayo 9:22), ariko amaraso y'inyamaswa.

Umuntu rero yagombaga gucungurwa n'umuntu. Uwo muntu yagombaga gupfa mu mwanya w'abantu bose. Yagombaga kuba inshungu y'abari mu isi bose. Ariko uwo muntu ntiyari umuntu usanzwe, kuko inyuma yagombaga kuba ari umuntu kugirango ababare, ababazwe mu mwanya w'abandi bantu, ariko nanone yagombaga kuba umuntu ufite gukiranuka nk'ukw'Imana: inyuma ari umuntu, imbere ari nk'Imana ubwayo. Mbese muri make ari IMANA-MUNTU.

Byari ikibazo kuko mu isi ari nta muntu wari wujuje ibyo byangombwa, kuko bose bakoze ibyaha (Abaroma 3: 23, 10). Mu ijuru naho hariyo Imana, n'Abamarayika. Kubera ko igitambo cyagombaga kuba ari umuntu, ntabwo Abamarayika bashoboraga gukora uwo murimo, kuko Abamalayika ari imyuka (Abaheburayo 1). N'iyo kandi baza kuba atari imyuka, nabwo ntibari kubonekamo igitambo, kuko ngo nabo Imana ibabonamo amafuti (Yobu 4: 18). Ubwo rero mu isi no mu ijuru, ntihari habonetse igitambo cyo gucungura abantu. Nibwo rero Imana ubwayo ifashe icyemezo cyo kuba igitambo cy'abari mu isi. Imana rero, ni Imana. Byasabaga ko yihindura umuntu ariko bitayibujije ko ikomeza kuba Imana. Ubwo inzira yo kubonera abantu inshungu iba irabonetse, Imana yihindura umuntu, iza mu isi, nk'uko Bibiliya ibitubwira "Ni cyo kizatuma Uwiteka ubwe abihera ikimenyetso. Dore umwari azasama inda, azabyara umwana w'umuhungu amwite izina Imanuweli" Yesaya 7: 14, ngo azitwa izina Imanuweli bisobanura "Imana iri kumwe na twe" (Matayo 1: 23) mu yandi magambo … Imana mu bantu. Imana imwe mu butatu (Data wa twese, Umwana cyangwa Yesu, Umwuka Wera),yihinduye umuntu mu buryo bwa Yesu.

Abagiriwe ubuntu bwo kureba Yesu imbona nkubone ni Imana ubwayo babaga bareba. Na Yesu ubwe yarabihamije ubwo yavugaga ati" umbonye aba abonye Data… kuko Data aba muri Jye , nanjye nkaba muri We, … Jyewe na Data turi umwe"

« Yesu atandukanye n'Imana ».

Inshuro nyinshi , Yesu yerekanye ko yari ikiremwa gitandukanye n'Imana, kandi ko we (Yesu) yari afite Imana imuruta… Yesu yaje kwerekana na none ko ari ikiremwa gitandukanye n'Imana .»

« … Ariko Yesu ntiyashoboraga kuyitanga (imyanya) kuko yari gutangwa n'Imana, kandi Yesu ntiyari Imana(Matayo 20 : 23).

Ukomeye, Imana Ishobora byose , yazuye uworoheje, umugaragu wayo ni ukuvuga Yesu, imuzura mu bapfuye.

- **Umusaraba**

Dukurikije ifoto cyangwa ishusho iri ku rupapuro rwa 18 rw'igitabo, "mbese birakwiye kwemera ubutatu ?" « Ubumenyi bwa Yesu bwari bufite aho bugarukira » Bityo rero, n'abahanga b'abanyedini bemera ko igitekerezo cy'uko Yesu ari Imana kirwanya ibyo Bibiliya ivuga byose. Imana iruta Yesu ibihe byose, Yesu ni umugaragu wayo wumvira .»

Abahamya ba Yehova bemeza ko Yesu atabambwe ku musaraba,ahubwo ngo yabambwe ku giti kimwe gishinze (Poteau).

Twebwe abemera ubutatu bw'Imana turahakana iyo nyigisho y'abahamya ba Yehova iburwanya kuko twemeza tudashidikanya ko

Yesu ari Imana. Reba Matayo 1 23 ; Yohana 14 : 8-9 ; Yesaya 9 : 5.

Umwuka Wera

Ntabwo ari umwe mubagize ubutatu bw'Imana. Ntabwo ari igice cy'ubutatu. Inyandiko zinyuranye zemera ko bibiliya idashyigikira igitekerezo cy'uko Umwuka Wera ari umupersona wagatatu w'ubutatu.

« Bityo rero, ari Abayahudi, ari abakristo ba mbere ntibabonaga Umwuka Wera nk'igice cy'ubutatu. Iyo nyigisho yavutse nyuma mu binyejana byakurikiyeho »

« Rwose Umwuka Wera si Umupersona , kandi si n'igice kimwe mu bigize ubutatu. Umwuka Wera ni imbaraga Rukozi z'Imana ikoresha

mibereho ye, mbere yuko aba umuntu , yesu yari ikiremwa cy'umwuka, mbese nkuko abamalayika ari ibiremwa by'Umwuka byaremwe n'Imana. Ari abamalayika, ari na Yesu ntibabayeho mbere y'iremwa ryabo. …Nibyo koko, Yesu yaremwe n'Imana, ari itangiriro ry'ibiremwa bitaboneka by'Imana »

« Akaba (Yesu) umuntu wihariye wari ufite ukwishyira ukizana, wari guhemuka iyo abishaka, kimwe n'undi mu malayika cyangwa umuntu. Kuko atari Imana Yesu yari guhemuka »

« Ntiyari Imana yigize umuntu , ntiyari Imana-muntu, ahubwo yari umuntu utunganye, uri *hasi y'abamalayika* »

« Bityo Yesu, umwana w'umuhungu w'ikinege, yari afite itangiriro ry'ubuzima bwe. »

« Imana niyo nkuru, Yesu niwe muto -mu gihe, umwanya, ubushobozi n'ubumenyi-. Iyo dutekereje ko Yesu atari we waremwe wenyine mu ijuru, bigaragaza neza impamvu ijambo « *umwana w'ikinege* » ryakoreshejwe kuri we . Ibindi biremwa by'Umwuka bitabarika , abamalayika, nabyo byitwa « *abana b'Imana* » mu buryo bumwe nkuko Adamu yari ari .»

Mbese yesu yabonwaga nk'Imana ?

Nubwo Yesu yitwa kenshi Umwana w'Imana muri Bibiliya, nta numwe mu kinyejana cya mbere wigeze atekereza ko ari Imana- Mwana. Ndetse n'abadayimoni [b]izera yuko Imana ari imwe rukumbi ». Bari bazi bivuye ku nariboye yabo, mu mibereho y'umwuka, ko Yesu atari Imana.

Ku bw'ibyo, ijambo "Umwana w'Imana" ryerekeye kuri Yesu nk'ikiremwa cyihariye, atari igice cy'ubutatu. Kuko yari umwana w'Imana, ntiyashoboraga kuba Imana ubwayo. Bibiliya irerura kandi ntiyivuguruza ku byerekeye isano iri hagati y'Imana na Yesu. Yehova Imana niyo Mana ishobora byose. Yaremye Yesu mu buryo butaziguye mbere yuko aba umuntu. Rero Yesu yagize itangiriro, kandi ntiyashoboraga na rimwe kungana n'Imana mu bubasha, no mu kubaho kw' iteka .»

(Yohana 14: 9). Byari byaravuzwe kandi n'umuhanuzi Yesaya mbere yuko Yesu avuka, hasigaye imyaka amagana. Uwo muhanuzi ati: "Duhawe umwana w'umuhungu…azitwa …Imana ikomeye, Data wa twese uhoraho…" (Yesaya 9: 5). Yesu rero yarakuze, igihe cye cyo gupfira abanyabyaha kiragera, bamubamba ku musaraba i Gologota.

Gusobanura ububabare Yesu yagize ku musaraba bijya bitunanira. Bamwishe urupfu rubi cyane. Ushobora kugerageza kubyiyumvisha uhereye igihe batangiriye bamukubita ibiboko, kugeza bamubambye, bakamutera imisumari mu biganza no ku birenge, utibagiwe n'ikamba ry'amahwa bamwambitse ku mutwe; bakamuha sipongo ndetse bakamutera n' icumu mu rubavu. Wongeyeho igihe kirekire yamaze amanitse ku musaraba, ari kuvirirana, amaraso atonyanga ava mu bikomere. Yesu amaze kwishyiraho ibyaha by'abari mu isi , Imana Data yamuteye umugongo aribwo yavugaga ijwi rirenga ati: "Eli, Eli, lama sabakitani" Bisobanura ngo: Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki kikundekesheje? (Matayo 27: 46). Ubundi aho hantu, umuntu aba atandukanijwe n'Imana (Enfer), niho abanyabyaha bazaba iteka ryose bamaze gucirwaho iteka. Yesu yageze aho hantu mu mwanya cyangwa mu cyimbo cy'abamwizera bose. Aho hantu hateye ubwoba.

Mu rupfu rwa Yesu habaye ubwirakabiri, "maze isaha zibaye esheshatu, haba ubwirakabiri mu gihugu cyose, bugeza ku isaha ya cyenda; (Mariko 15: 330)

ku buryo bamwe (commentateurs) badatinya kuvuga ko ari ibyaha byo ku isi yose byari biteraniye kuri Yesu aho i Gorogota, ari kubihanirwa kuko yemeye kubyishyiraho.

Mu by'ukuri rero, wa mujinya twatangiye tuvuga, Imana yawusutse kuri Yesu wose uko wakabaye, maze ishyitsa umutima mu nda. "Uko niko umujinya wanjye uzasohozwa, kandi nzabamariraho uburakari bwanjye bukaze, mbone gushyitsa umutima mu nda: maze bazamenye ko jye Uwiteka, navuganye ishyaka ryanjye, ubwo nzaba maze kubasohozaho uburakari bwanjye"(Ezekiyeli 5: 13)

Niyo mpamvu abari muri Kristo Yesu nta teka bazacirwaho, kuko igihano bari kuzahabwa yakishyizeho. " *ni ukuri intimba zacu nizo yishyizeho,*

imibabaro yacu niyo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana , agacumitwa nayo agahetamishwa n'imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu nibyo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we kandi imibyimba ye niyo adukirisha." (Yesaya 53: 4-5). Uwo Mukiza yaduhindukiye ubwenge buva ku Mana, no gukiranuka, no kwezwa, no gucungurwa.(1Abakorinto 1: 30). Ufite uwo Mwana niwe ufite ubugingo (1Yohana 5 : 12), naho udafite uwo Mwana amaze gucirwaho iteka.(1Yohana 3: 18).

Yesu rero yarabambwe, arapfa arahambwa ariko arazuka "Ariko noneho Kristo yarazutse" (1 Abakorinto 15: 20). Ubu ni muzima, nkuko nawe abivuga, ati: "Icyakora nari narapfuye ariko noneho, dore mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu." (Ibyahishuwe 1: 18)

II.2.2. Umusaraba

Kubambwa ku musaraba cyari igihano cyemewe n'amategeko, ibihugu bya kera binyuranye byahuriragaho. Hari uburyo bune bunyuranye bw'umusaraba:

Ubwa mbere: umusaraba wakoreshwaga mu bihugu bivuga ikilatini. Igiti gitambitse cyawo cyegereye aho igihagaze kirangiriye ibujya hejuru.

- Umusaraba wa Andereya Wera uteye utya :

Umusaraba wa Antoni wera uteye utya :

- Umusaraba wa kigiriki ufite igiti gitambitse kireshya 'igihagaze:

Kubambwa ku musaraba byakoreshwaga cyane mu bihe by'intambara, byakozwe n'Abafenesiye, Abakartajinuwa, Abanyegipita, n'Abaroma.

Mbere yo kubambwa imfungwa yabanzaga gukubitwa ibiboko. Uwo babambaga babaga bamuhambiriye imigozi ku musaraba, cyangwa bakamutera imisumari, ikaba ariyo imufatisha ku musaraba mu kimbo cy'imigozi (mu biganza no mu birenge niho bateraga imisumari).

Urupfu rw'uwabambwe ntirwaterwaga n'amaraso yatakazaga ahubwo rwaterwaga n'umutima wageragaho ugatera nabi cyane.

biri koko. Za Kiliziya z'abahakanyi zatangiye gufata ibindi bitekerezo bya gipagani, twavuga nk'umuriro utazima, ukudapfa k'ubugingo… »

« Mbese abakristo bagomba kwemera ko mu binyejana byinshi nyuma ya Kristo, na nyuma yuko Imana ihumetse iyandikwa rya Bibiliya, Imana yari gushyiraho ihame ryari ritazwi n'abagaragu bayo, mu myaka ibihumbi n'ibihumbi yashize, rimwe ry'Iyobera, ridacengerwa, « rirenze ubwenge bwa kimuntu », rimwe rifite inkomoko ya gipagani, kandi ryibanda ahanini kuri Politiki y'idini ?

Ubuhamya bw'amateka bureruye : inyigisho y'ubutatu iciye ukubiri n'ukuri, cyangwa se iraguhakana »

'Kwirinda ubutatu »

Ukuri kw'Imana ntikwivuguruza. Niyo mpamvu ushaka kuyisenga uko ibishaka agomba kwirinda inyigisho y'ubutatu. Itandukanye rwose n'ibyo abahanuzi bigishije hamwe na Yesu n'intumwa , ndetse n'ibyo abakristo ba mbere bizeraga bakanabyigisha. »

« Imana ntishimishwa n'uko abantu bamwe bavuga ko ivurunganye, kandi ko ngo iri iyobera. Ahubwo uko abantu barushaho kudasobanukirwa ibyayo, n'imigambi yayo, niko umwanzi Satani ariwe « mana y'iyi si » nawe aboneraho uburyo bwo kwikorera ibyo ashaka. Dore ko ari nawe ushyiraho bene izo nyigisho z'ibinyoma, kugirango ahume imitima y'abatizera. »

Twebwe abemera ko Imana ari imwe mu Butatu, turahakana iyi nyigisho y'abahamya ba Yehova, dukoresheje ijambo ry'Imana, cyane cyane muri Matayo 3 : 16-17 aho Imana Data yavugiye mu ijuru, Imana Mwana ahagaze muri Yorodani, mu gihe kimwe, Umwuka Wera akamuzaho mu ishusho y'inuma. Ubutatu bwarigaragaje

Yesu Kristo

Abahamya ba yehova bavuga ngo yesu ni ikiremwa cyihariye. « ariko se yari umwe mu bapersona batatu bavuga ko bagize imana imwe ishobora byose kandi yiteka ? Oya, kuko bibiliya igaragaza neza ko mu

Yesu nawe ageze aho arerura ati : « umbonye aba abonye Data » (Yohana 14 : 9), kandi ati : « jyewe na Data turi umwe »(Yohana 10 ; 30). Reba na Yohana 17 : 5 ; Ibyakozwe n'Intumwa 17 : 27 ; Matayo 18 : 20 ; Matayo 28 : 18 ; Yohana 2 : 24-25, Abaheburayo 1 : 8, Yohana 20 : 28 ; Mariko 1 : 24 ; Abaroma 9 : 5 ; 1Yohana 5 : 20 ; Yohana 10 : 30-33.

3. Ntibemera umusaraba

Abahamya ba Yehova bavuga ko Yesu yabambwe ku giti kimwe gishinze(Poteau).

Twe turemeza ko yabambwe ku musaraba arambuye amaboko yireherezaho amahanga yose. Bibiliya ivuga yeruye ko umusaraba wa Yesu atari « baringa », ahubwo ko ndetse kuri wo ariho ibyiringiro by'abizera Yesu bose bishingiye.

« Igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarukuzaho kubambwa ku MUSARABA. Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro,ibivuga hejuru ku bw'UMUSARABA. »(Abakolosayi 2 : 14-15)

« Ijambo UMUSARABA, ku barimbuka ni ubupfu , ariko kuri twebwe Abakizwa ni imbaraga z'Imana » (Abakorinto 1 : 18).

***INYIGISHO Z'ABAHAMYA BA YEHOVA ZIVUGA KURI IBI TUMAZE KUVUGA HARUGURU .**

Ibyo Abahamya ba Yehova bavuga ku :

- **Ubutatu**

« Birakwiye ko bavuga ibyerekeye Data, Umwana, n'Umwuka Wera, ariko ntibakwiye kuvuga ngo barangana, ngo bafite kamere imwe, ngo bagize ubutatu, nkuko bivugwa n'abashyigikira inyigisho z'ubutatu. Ibyo nta shingiro bifite, binyuranye n'ukuri ».

« Bityo rero mu kinyejana cya kane cy'igihe cyacu, nibwo ubuhakanyi bwari bwarahanuwe na Yesu n'intumwa bwasagambye cyane. Kuba harashyizwehi inyigisho y'ubutatu, ni kimwe mu biduhamiriza ko ariko

Mu buryo busanzwe, ababambwe ntibapfaga mbere y'iminsi ibiri cyangwa itatu. Kugirango bihutishe urupfu bavunaga amaguru. Rimwe na rimwe bacanaga umuriro ku birenge by'umusaraba ku buryo uwabaga abambwe yaburaga umwuka agapfa azibiranijwe n'umwotsi.

Dukwiye kuvuga nka Pawulo duti: «*Ariko jyewe ho sinkiratana ikindi, keretse umusaraba w'Umwami wacu Yesu Kristo*. » (Abagalatiya 6: 14)

Umusaraba wa Yesu niwo wonyine abantu biyungiramo n'Imana "*Kandi ngo bombi , abagire umubiri umwe , abungishe n'Imana umusaraba awicishije bwa bwanzi."* (Abefeso 2: 16).

Ku musaraba wa Yesu niho hari intsinzi. " igahanagura urwandiko rw'imihango rwaturegaga, ikarukuzaho kurubamba ku musaraba. Kandi imaze kunyaga abatware n'abafite ubushobozi, ibahemura ku mugaragaro, ibivuga hejuru ku bw'umusaraba" Abakolosayi 2:14,15).

"Ijambo ry'umusaraba ku barimbuka ni urupfu, ariko kuritwe abakizwa , ni imbaraga z'Imana" (1Abakorinto 1: 18).

Mu kinyejana cya kane, Rufinusi w'umwanditsi, hashize imyaka 50 Yesu abambwe, atubwira inkuru y'ukuntu Helena, nyina w'umwami w'abami Konstantini yahawe mu iyerekwa itegeko ryo kujya i Yerusalemu no kuhashaka imva ya Yesu . Mu mwaka wa 325 nyuma ya Yesu Kristo, i Yerusalemu beretse Helena wari urwaye, imisaraba itatu. Agihanga amaso uwa gatatu, arakira kandi abasha guhaguruka[7]

Helena aha igipande kimwe cy'igiti cy'uwo umusaraba umujyi wa Yerusalemu, maze igisigaye acyoherereza umwami w'abami Konstantini wahise agishyira mu gishushanyo gisa na we (statue) maze icyo gipande cy'umusaraba agifata nk'umurinzi w'ubwami bwe.

Byari umuco ko batwikaga imisaraba yabaga yabambweho abanyabyaha bikabije cyangwa abo bafataga nk'aho ari bo, aho kuyihamba. Batwikaga bene iyo misaraba aho kuyihamba.

II. 2.3. Uko kubambwa byakorwaga.

Kubambwa cyari igihano cy'urupfu bashyiraga mu bikorwa

bamanika umuntu ku musaraba. Bahambiraga ibiganza n'ibirenge, cyangwa mu buryo bw'ubugome bukabije, babahinguranyaga imisumari mu birenge no mu biganza.
Abagereki n'Abaroma bafashe iyambere mu gukuraho uburyo bwariho bwo kubamba ku giti kimwe, bahita bashyiraho umutambiko (patibulum). Ni kuri bo Abayuda bigiyeho kubamba nyir'izina. Abayuda benshi barabambwe nyuma y'aho Titusi afatiye Yerusalemu (Vie 75).
Aganjwe n'impamvu zinyuranye z'Iyobokamana, Konstantini avanaho igihano cyo kubambwa mu bihugu byose byategekwaga n'ubwami bw' i Roma. [8]

II.3. Kwizera gukorwa gute?

Umukristo mwiza ni utunzwe n'amagambo yo kwizera. (Timoteyo 4: 6).

II.3.1. Ubusobanuro bwo kwizera

Buri wese iyo yiga Bibiliya ntatinda kubona akamaro ko kwizera. Kwizera kutariho umunyabyaha ntashobora kubona agakiza (Yohana 3: 16; abefeso 2: 8-9).
Kubera agaciro kanini Ibyanditswe biha Kwizera, bigiye kuba ngombwa ko dushaka uburyo bwo gucukumbura ngo tumenye by'ukuri icyo iryo jambo risobanura.

Kwizera ni iki?

Kwizera bivuga kimwe n'ijambo icyizere (confiance). Iryo jambo rigaruka kenshi mu biganiro byacu: hari igihe tuvuga ngo "ngira icyizere cyinshi muri muganga". Muri Bibiliya, ijambo "kwizera" rishaka kuvuga "icyizere mu Mana". Ijambo kwizera ntibyoroshye kurisobanura ariko Bibiliya itubwira ko ari *kwiringira neza udashidikanya… (*Abaheburayo 11: 1). Umuntu ashobora kuvuga na none ko ari ukugirira icyizere cyuzuye Umwami Yesu, n'ubwo utamubonesha amaso asanzwe, ukamugirira icyizere mu rukundo rwinshi agukunda, ukamugirira icyizere mu gakiza yaguhaye, kuva igihe wamwakiriye mu bugingo bwawe nk'Umukiza

[8] Dictionnaire Biblique, Edition Emmaüs, 1806, Saint-Légier sur Vevey.

y'imperuka ahubwo dushake mbere na mbere Imana mu KWIHANA NO KWIZERA, twizere igitambo cya Kristo, we wafashe ibyaha byacu akabyishyiraho, ku musaraba(1 Petero 2 : 24).
Amwe mu makosa makuru Abahamya ba Yehova bakora yerekeranye n'ibi bikurikira : Tugiye kuvuga inyandiko zabo ubwabo maze tuzigereranye n'Ibyanditswe Byera.
(Umushakashatsi ashobora kwivaniramo imyanzuro ye bwite).

1. Ihumekwa n'ubusobanuro by'Ibyanditswe Byera
2. Ubumana bw'Umwami Yesu
3. Kuzuka k'umubiri kwa Kristo
4. Kubaho k'Umwuka Wera n'umurimo we.
5. Ubuzima nyuma y'urupfu
6. Kubaho k'umuriro utazima
7. Kuza kwa 2 kwa Yesu Kristo
8. Umugambi w'Imana kuri Israyeli no ku Itorero

- **Ibindi biranga Abahamya ba Yehova**

Ibindi biranga Abahamya ba Yehova bikubiye muri ibi bikurikira :

1. *Ntibemera Ubutatu bw'Imana.*
2. *Ngo Yesu Kristo ni ikiremw*a (bitwaza umurongo uvuga ngo ni imfura mu byaremwe).

Ahangaha ubundi hashaka kuvuga ko ibyaremwe byose byaje bisanga Yesu ariho, kuko mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe nawe(1 Yohana 1 : 1-3), kuko muri We ariho hatuye Kuzura k'Ubumana kose (Abakolosayi 2 :9) ,kuko muri We arimo byose byaremewe,ari ibyo mu ijuru cyangwa ibyo mu isi,ibiboneka n'ibitaboneka,intebe z'ubwami,n'ubwami bwose,n'ubutware bwose,n'ubushobozi bwose : ni nawe wabiremye byose, kandi rero ni nawe byose byaremewe(Abakorosayi 1 : 16)

> Umuhanuzi Yesaya ati : « Nuko umwana yatuvukiye , duhawe umwana w'umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye : azitwa Igitangaza, Umujyanama, IMANA IKOMEYE, DATA WA TWESE uhoraho, Umwami w'amahoro(Yesaya 9 : 5).

II.16.2.1. Abahamya ba Yohova

Abahamya ba Yehova bavuga imirongo myinshi y'ibyanditswe Byera, ariko ubusobanuro bwabo buterwa n'icyo « Pastoro » Ruseli cyangwa « Umucamanza » Ruterifordi(Rutherford) babivugaho.

Inyandiko zabo zisa nk'aho ari ukuri , ndetse abantu bafite akamenyero gake k'Ijambo ry'Imana bakaba baziha agaciro. Ubu busobanuro ntabwo tubwanditse gusa kugirango Abahamya ba Yehova bamenye ko ari abigisha b'ibinyoma, basobanura Ijambo ry'Imana banyuranya n'ukuri kwaryo, ahubwo tugamije kumurikira abamaze kubeshywa nabo bose, kugirango babashe guhitamo neza inzira y'agakiza, y'imbabazi, kandi y'amahoro.

« Abahamya ba Yehova » b'iki gihe ni abasimbura b'abantu bigeze gukora, bitwa : « Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'abanyeshuri ba Bibiliya », ndetse n'abandi bitwaga : «Umunara murinzi », n'abandi.

Twashoboye kumenya bamwe muri bo bagiye biyitirira imiryango y'ubutumwa bwiza(Mouvement évangéliques) bituma abatabazi neza babibeshyaho , maze bemera imyigishirize yabo, bagwa mu mutego babateze.

« Pastoro » Ruseli amaze gupfa , « ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'abanyeshuri ba Bibiliya « , ryari ryarashinzwe na Ruseli , rihindura izina ryaryo, noneho ryitwa « abahamya baYehova » maze wa mucamanza Ruterfodi afata ubuyobozi bw' « Abahamya ba Yehova » gutyo.

Imyizerere ye ishingiye ku myigishirize ya « Pastoro » Ruseli, yari afite ubuyobe, amakosa, inyuranije n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana nk'iya Ruseli. Iyo usomye ibitabo byabo, muri rusange usanga Abahamya ba Yehova bahamagarira abantu kujya mu idini yabo ngo babone kwakira agakiza, aho kubahwiturira kwakira Umwami Yesu, Umukiza umwe rukumbi.

Uburyo agakiza kabonerwamo ni bumwe gusa, nkuko tubibwirwa na Bibiliya, ni Ukwizera umwami Yesu, arinawe wavuze ngo ; « Nijye nzira, n'ukuri n'ubugingo » « Ntawe ujya kwa Data ntamujyanye » (Yohana 14 : 6). Ntiturangazwe n'ibiriho cyangwa ibizaba ku isi muri iyi minsi

n'Umwami, ukamugirira icyizere mu magambo yavuze yose.

Icyo cyizere ariko tugomba kukivangamo no gutinya ingaruka zo kutumvira Imana (Abaheburayo 11: 7). Uko gutinya kugomba kumera nk'uko umwana atinya umubyeyi we. Ntabwo ari ugutinya gutera guhahamuka. Ni ugutinya kuganisha ku kubaha Imana, tugendera mu bushake bwayo (Abaroma 1: 5; 15:18). Nta kindi kizatuma umuntu yitwa umukiranutsi keretse kwizera. Kwizera kandi niryo banga ry'imibereho ye no kubaho kwe (Abaroma 1: 17)

Uwakwibwira ko akiranukira Imana adafite kwizera yaba yibeshya (Abaheburayo 11: 6). Mu by'ukuri kutizera ntibiterwa no kudasobanukirwa, cyangwa ubushobozi buke bwo kwizera, ahubwo ni ukutemera kugendera mu buyobozi bwa Yesu, ukanga kumwiyegurira no kumwirundumuriramo. Burya kujya mu ntege nke ariko ubona kandi wemera icyo wakoze ko ari kibi, nawe ukabona wemera rwose ko wagiye kure y'Imana, uba uri mu nzira ikuganisha ku kwizera.

Umuntu ushyira ibyiringiro bye muri Yesu wabambwe, agapfa, akazuka, ahabwa n'Umwuka wera umutima wuzuye kwizera, haba ku gutsindishirizwa kwe, mu mahoro ye, n'ibindi(Abaroma 5: 1-5). Kuri uwo nguwo rya jambo Yesu yavuze rirasohora, ngo "niwizera urabona ubwiza bw'Imana" (Yohana 11: 40).

Akenshi abantu dukunda mbere na mbere kureba, noneho kwizera kukaza ku mwanya wa kabiri. Ariko we ati: "Hahirwa abizeye batabonye (Yohana 20:29). Sinzi ko mushobora kwiyumvisha umunezero umuntu agira mu gihe atinyutse kwegera Imana nubwo yaza ayibwira ko abuze kwizera ! Mwibuke ko usabye wese ahabwa (Luka 11: 9-13) kandi ko Imana ijya yiyereka umuntu wese wicishije bugufi kugeza aho avuga ati: "ndizeye! Nkiza kutizera!" (Mariko 9: 24)

Ariko Pawulo yavuze ku bapagani bo mu gihe cye (Abagiriki n'Abaroma) biyitaga abanyabwenge, ngo: bahindutse abapfapfa (Abaroma 12: 22). Nubwo amajyambere n'ubwenge bigenda byiyongera cyane ku isi, Bibiliya itubwira ko iby'umwuka ari ubupfu ku muntu wa kamere n'ubwo yaba ari umunyabwenge , kuko iby'umwuka bisobanurwa mu buryo bw'umwuka (1Abakorinto 2: 9-16). Kugirango abantu babashe kwizera,

Imana yifashisha abandi bantu bagafatanya n'Umwuka Wera hamwe n'Ijambo ry'Imana(Abaroma 10:14-17). Ukwizera gushobora kugira imbaraga, ubundi kukaba gucye (Abaroma 4: 19-21; 14:1). Abigishwa ba Yesu bagifite kwizera guke, basabye Yesu ngo akubongerere (Luka 17: 5). Kwizera rero gufite imbaraga nyinshi kuburyo ufite "kwizera kungana n'akabuto ka Sinapi "ibitangaza byakoreka
(Luka 17; Mariko 9: 23).

Kwizera gukorera mu rukundo (Abagalatiya 5 :6). Kwizera kunesha isi (Yohani 5 :4). Itorero rya Kristoo ryatangiye rizi ibanga n'imbaraga biri mu kwizera. Soma; Ibyakozwe 24: 24; Abaroma 1: 5; Abafilipi 1: 27; Ibyakozwe n'Intumwa 6: 7Yuda 3:20.

Kwizera kwacu uyu munsi niyo ntsinzi yacu y'ejo; kwizera kwawe mu bihe bya none niyo ntsinzi yawe mu gihe kizaza. "Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko uwizera ariwe ufite ubugingo buhoraho
(Yohana 6: 47) ".

Mu isezerano rya kera ijambo Ukwizera ribonekamo inshuro esheshatu gusa. Gutegeka kwa kabiri 9: 23; Abacamanza 9: 15, 16; 19; Yesaya 8: 2; Habakuki 2: 4; naho ijambo "Kwizera" (croire) riboneka inshuro zitagera kuri mirongo itatu.Ukwizera no Kwizera biboneka hafi inshuro magana tanu mu Isezerano Rishya.

Kwizera ni ukwishyira mu maboko ya Yesu; mu kuri kw'i Kaluvari. Soma na Yuda umurongo wa 3.

Kwizera guturuka he ?

Iyo twitegereje tubona ko abantu benshi batizera Imana. Ntibakijijwe. Ibyo bituma twibaza aho agakiza gaturuka n'isôko yako.

Mu by'ukuri, kwizera ni impano y'Imana (Yohani 3 :27).Imana ni yo iha abantu ubushobozi bwo kuyizera. None se umuntu yakora iki ngo yakire agakiza? Igisubizo k'icyo kibazo tugihabwa mu Abaroma 10: 17 "Dore KWIZERA guheshwa no kumva, no kwumva kukazanwa n'Ijambo rya Kristo.".Niba umuntu adafite kwizera, yagombye kwihata gusoma Bibliya. Yagombye na none gusenga nka gutya: "Mana, mu by'ukuri niba iki gitabo ari Ijambo ryawe, niba Kristo ari Umwana wawe, kandi niba yarampfiriye, bimpishurire mu gihe nkiri gusoma iyi Bibliya."

yarabitegetse. Kuri abo bantu batuye mu butayu bwa Arabiya ibiti n'ibimera byari umugisha.

« Bahabwa kubabaza (abantu) mu gihe cy'amezi atanu »

(Ibyahishuwe 9 : 5). Amezi atanu ni igihe gisanzwe cyo kwangiza kw'inzige, akenshi zihera mu kwezi kwa gatanu zikageza mu kwezi kwa cyenda ni ukuvuga iminsi hafi 150.

Dukurikije ubusobanuro bwa munsi- mwaka (Ezekiyeli 4 : 6) Ibyo bimara imyaka 150. Ni hafi igihe Abislamu bagerageje kwigarurira Isi
(630-786).

Barangajwe imbere na Harunu-Ali Rashidi(786-809), abislamu bageze ku mpinga y'icyubahiro n'imbaraga, maze bareka igitekerezo cyo gukomeza kwigarurira ibihugu , batangira kwimenyereza kubana amahoro n'amahanga.

- Ijambo ry'Imana riravuga ngo : « Umuntu wese uhakana uwo mwana ntafite na se »(1 Yohana 2 : 23 ; 2 Yohana 9 na 7)

II.16.2. Amadini yiyitirira Kristo ariko atamwemera nk'Imana

Aya madini ariko yiyitirira Kristo, iyo ugenzuye usanga atamwemera. Urugero : Abahamya ba Yehova.

Amenshi muri ayo madini anyuranya kuri bimwe n'amahame ya gikristo ,amaze kuba menshi muri iyi minsi, kandi agenda yemeza abantu ko agendera kuri Bibiliya. Ariko iyo upimishije Ibyanditswe Byera, usanga baganisha gusa ku mirongo isa n'aho ishimangira ubuyobe bwabo. Ku buryo bw'umwihariko twavuga nka :

- Ubumenyi bwa gikristo (science chrétienne)
- Abamorumo(mormos)
- Abadivantisti
- Abahamya ba Yehova

muwa 634, Yerusalemu mu wa 637, Egiputa mu wa 638, Ubuperesi muwa 640, Afurika y'amajyaruguru mu wa 689.
Ubukristo bwo muri Aziya no muri Afrika bumaze guhanagurwa nkuko tumaze kubibona, Abislamu barombereje bajya i Burayi.
Espanye yafashwe mu mwaka 711, nibwo bakomeje iyo mu Bufaransa , aho , ahitwa i Puwatiye, ingabo z'Abislamu zahagaritswe, ndetse zitsindwa mu wa 732 n'uwitwa Karoli Marteli, Sekuru wa Sharlemanye.
Iyo yabaye imwe mu ntambara zikemura ibibazo burundu, mu mateka y'isi.
Iyo ntsinzi iyo itabaho,ubukristo buba bwararanduwe,bwarazimye ku isi.
Dore impamvu zituma umuntu atekereza ko iriya mpanda ya gatanu ishobora kuba ishaka kuvuga idini ya Islamu.

« inzige » Ibyahishuwe 9 : 3

Arabiya ni igihugu gihebuje ibindi kugira inzige , kandi aho niho idini ya Islamu yavutse . Ubusobanuro bw'izo nzige ku mirongo 7-10, buhuza neza n'ibyo tuzi ku ngabo z'Abislamu zigizwe n'abagendera ku mafarashi b'abagome kandi bamaramaje kugira nabi, bakaba barangwa n'ubwanwa bwabo n'imisatsi yabo miremire nk'iy'abagore, n'ibitambaro by'umuhondo birebire bazingira ku mitwe yabo byenda kugirana agasura na zahabu kandi bakambara intwaro ikingira igituza. Umwotsi uzamuka mu rwobo rw'ikuzimu(Ibyahishuwe 2 na 3). Muri uwo mwotsi niho haturukaga inzige, umwotsi wiraburishije izuba n'ikirere. Ibi biganisha ahari ku nyigisho z'ibinyoma ziraburishije kandi zihindanya isura y'itorero mu gihe cya Muhamedi, ubwo Abakristo bashishikarizwaga kuramya ibishushanyo, ibisigazwa by' « abantu b'Imana», n'abatagatifu. Iryo sengwa ry'ibishushanyo bikozwe n'Itorero ryamaze gusubira inyuma mu buryo bwo kwizera rigata inshingano zaryo, niryo ryahaye Mohamedi amahirwe ye. Intero ye yo gushyira ku iperu yari ngo « Musenye ibishushanyo ».
Bari barabwiwe kutangiza ibyatsi byo mu isi cyangwa n'ikintu cyose kibisi cyangwa igiti cyose« (Ibyahishuwe 9 : 4) . Abislamu ntacyo batwaye ibiti , ibyatsi n'ibindi bimera byose kubera ko Mohamedi yari

Imana yasezeranye ko umuntu ushaka gukora ubushake bwayo azasohora ku kumenya ukuri (Yohana 7: 17).

II. 3. 2. Ni nde twashyiramo ibyiringiro byacu?

Mu buzima busanzwe, dushyira ibyiringiro byacu mu bantu cyangwa mu bintu bitagira ubwenge, nk'indege, cyangwa cya cyuma kizamura abantu (ascenseur). Ariko icyizere cy'umutekano wacu ubwacyo kiba kidahagije. Biba ari ngombwa ko umuntu cyangwa ikintu dushyizemo icyizere kiba kibikwiriye, naho ubundi icyizere cyacu cyaba ari nta kamaro gifite, ndetse kikaba cyadushyira mu kaga gakomeye.
Mu buryo bw'Umwuka naho niko bimeze. Bibliya itwereka Umwami Yesu nk'Umuntu umwe rukumbi dukwiriye kwizera (Ibyakozwe 20: 21). Icyangombwa si ubunini bwo kwizera kwacu, cyangwa ishusho yako, ahubwo icyangombwa ni umuntu twashyizemo ibyiringiro byacu. Uwo ari we wese ushyira ibyiringiro bye muri Yesu Kristo ahabwa agakiza. Birashoboka ko wakwemera ko ibyo Bibliya ivuga byose kuri Kristo ari ukuri, nyamara ntiwizere. Ushobora kwemera ko Kristo yavukiye i Betelehemu, ko yapfiriye i Kaluvali, ko yazutse mu bapfuye, kandi ko yazamuwe mu ijuru, ariko ibyo ntibivuga ko uzaba washhyize by'ukuri ibyiringiro byawe muri We, mu gihe cyose uzaba utarishyira mu maboko ye ngo agukize ibyaha byawe.

II. 3. 3. Wakwizera ute ?

Ni ukwakira Yesu mu bugingo bwawe nk'Umukiza n'Umwami wawe.

II. 3. 3 .1. Yesu nk*'Umukiza*

Abakristo benshi bemera kandi bizera ko Yesu yabapfiriye.Aho nta kibazo, kuko bazi ko yabambwe, agapfa, akazuka.
Bazi neza ko Yesu yapfiriye abari mi isi kubera ibyaha byabo. Ubundi biroroshye gukunda Yesu mu gihe umaze kumenya ko yapfuye ari wowe azira. Abantu ba kera (bo mu Isezerano rya kera) bamwe, bari

barahahamutse kubera ibihano bikanganye Imana yajyaga ibaha, urugero Abalewi 10: 2-7, ariko na n'ubu Imana iracyatanga ibihano (Abaheburayo 12: 5-11). Bubahaga Imana ahanini babitewe n'ubwoba. Iyo umaze gusobanukirwa ko Yesu yapfuye kugira ngo agukize, nawe wumva umukunze, ugatangira kumwubaha utabitewe n'ubwoba ahubwo ubitewe n'urukundo.

Hari bamwe bashobora kwibwira ahari ko igitsure cy'Imana ari cyo cyatuma abantu benshi bayubaha, nyamara dutekereza ko urupfu rwa Kristo ari rwo rukururira abantu benshi mu kubaha Imana. Burya, URUKUNDO RURUSHA IMBARAGA IGITSURE. Uzarebe iyo umubyeyi akunda gukubita umwana, uwo mwana aramwubaha koko, ariko amwubaha aruko ahari. Iyo umubyeyi adahari, wa mwana akora ibyo yishakiye ndetse birimo na bya bindi umubyeyi we yamubujije. Nyamara nugaragariza umwana wawe urukundo, nawe azumva agukunze; azakubaha uhari, kandi n'igihe udahari, azahirimbanira gukora ibyo ukunda, yirinde ibyo wanga; muri make akubahe utanahari.

Kristo yapfuye afite n'umugambi wo kwerekana ukuntu urukundo Imana ifitiye umuntu rungana. Iyo urebye ku musaraba, umenya ko ibyo Imana igutekerezaho ari ibyiza gusa. Bityo cya cyoba wari ufitiye Imana kigakurwaho, ahubwo ukarushaho kuyikunda.

II .3 .3. 2. Yesu n*k'Umwami*

Iyo umaze gusobanukirwa uburyo Yesu agukunda, wumva nawe umukunze ndetse kubera ko uba unamenye ko ari Umutware, ntutindiganya kwemera ko agutegeka. Umwuka Wera aguhishurira ko Yesu ari Umwami,maze ugafata umwanzuro wo KUMUPFUKAMIRA (ushobora gupfukamisha amavi y'umutima n'ay'umubiri,cg ay'umutima yonyine). Uretse ko Yesu ari Umwami w'ijuru, twumva ko n'abami bo mu isi bapfukamirwa, nkanswe Umwami w'abami.

Gupfukamira Yesu rero bivuga KWIHANA ibyaha byawe. Umuntu agomba kwihana mu buryo bwuzuye. Kwihana si ukwicuza gusa.

gusamba, gupfa, no kujya mu cyunamo cy'ubwami bw'Abaroma bw'iburasirazuba, ndetse Uburayi bwose buhîshwa ubwoba bundi bushya n'igitero cy'Abislamu, kiraba ariko gihagarikwa mu w'1683 na Yohana Sobiyeksi mu ntambara yabereye i Viyene muri Otrishe.

Mu kinyejana cya 7 cyo mu gihe cyacu, abayoboke ba Muhamedi bisutse mu karere k'iburasirazuba nk'umuvumba w'uruzi runini maze bahanagura ubukristo (batsembatsemba abakristo bose) ku ikarita ya Aziya y'amajyepfo y'uburengerzuba, ndetse n'Afurika y'amajyaruguru, ibibaya bya Ufurate n'ibya Nili, n'inkengero z'uburasirazuba, n'iz'amajyepfo za Mediterane.

Ibyo byari ibihugu biri mu mateka ya Bibiliya, ibihugu, aho Bibiliya ubwayo ikomoka, aho yatunganyirijwe, ibihugu aho Imana yayihishuriye yo ubwayo , abatuye isi, kugera yose irangiye kwandikwa. Muri ibyo bihugu kandi niho Imana yavukishirije ubwoko bwa Israyeli, ibahugura mu gihe cy'imyaka ibihumbi bibiri kugirango itegure kuza kwa Kristo, ibihugu kandi byejejwe kubera ko ari byo byahiswemo ngo ubuzima abe ariho butangirira, ngo abe ari naho urupfu rutangirira, ndetse no kuzuka kwa Kristo, ari naho yakoreye umurimo wo gucungura abari mu isi, aho kandi niho havukiye ndetse hanarera ubukristo, kuburyo ibyo bihugu byari bimaze mu bukristo imyaka 600.

Hari ahantu hakristo- shingiro, ariko inkota y'igitero kimwe ya cy'Islamu yoretse imbaga , Ubukristo burahanagurwa maze busimbuzwa na cy'Islamu. Ibyo bihugu byakomeje kuba iby'Abislamu kuva ubwo, ntakibiciyemo. Byabaye ibya gikristo imyaka 600 ariko kuva icyo gihe imyaka irenga 1300 biri mu cy'Islamu. Ubu Abislamu nibo benshi ku isi ugereranije n'abakristo b'Abaprotestanti.

Mahome (570-632) i Maka muri Arabiya niho yatangarije ko ari umuhanuzi w'Imana, maze kuko yari arangaje imbere y'ingabo nyinshi , kandi zikomeye, atangaza amahame y'idini ye akoresheje inkota. Mu kanya gato Arabiya yose yari imaze kuba ingaruzwamuheto. Abashefu banyuranye bagenda basimburana kuyobora izo ngabo z'Abamizilima ari nako bagendaga barushaho kwigarurira ibihugu. Siriya yafashwe

N'ubwo bimeze bityo ariko, mu bihugu Islamu yari yaramaze kwigaruruira harangwaga n'umubabaro n'agahinda gakabije. Iyo dini icyo yigishaga ni urwango , rwakwirakwijwe n'inkota ; iyo dini yahaye imbaraga ubucakara, umuco wo gutunga abagore babiri, no gutesha umugore agaciro. Intambara ya Puwatiye(mu wa 732) mu Bufaransa , yabaye imwe mu ntambara zigera ku ntego, mu mateka y'isi. Karoli Marteli yatsinze bigaragara ingabo z'abislamu, bityo akiza uburayi kugaruzwa umuheto n'Abislamu nkuko bari bashoboye kubikora ahandi ku isi, bitabaruhije. Iyo hataza kubaho iyo ntsinzi , birashoboka ko icyitwa ubukristo kitari kuba kikivugwa ubu.

Abarabu nibo bagenzuraga aho Islamu yari yigaruriye mu wa 622 kugeza mu wa 1058. Damasi ubwo ihinduka Kapitali mu wa 661, isimburwa kuri uwo mwanya na Bagdadi mu wa 750 kugeza 1258.

Kuva 1058, Abaturkiya(Turcs) bafata ubuyobozi bw'ahagenzurwa, cyangwa higanje Abislamu kugeza mu kinyejana cya 20. Bahebuje cyane mu bugome, no kutagira imbabazi kurusha Abarabu. Uwo mwifato wabo ku bakristo bo muri Palestina utuma habaho intambara hagati y'abakristo n'ababarwanya. Igitero cy'abaturkiya, ahagana mu burasirazuba , cyahagaritswe n'Abamongoli , baje bava muri Aziya yo hagati, ku ngoma ya Gengsi Kanai (1207-1227), uyu kandi yayoboye ingabo nyinshi cyane, yambuka igipande kinini cya Aziya yitwaje itoroshi n'inkota. Imigi 50.000 by'imigi minini n'imito iratwikwa. Miliyoni 5 z'abantu bicwa urw'agashinyaguro, muri abao bapfuye , 630.000 by'abakristo ni abo muri Aziya y'iburengerazuba mu majyepfo y'inyanja y'umukara.
(Asie mineure).

Uwitwa Tamerila(1336-1402) niwe wari uyoboye iyo serwakira y'umuyaga usenya, kandi inzira yanyuze yose yarangwaga n'imivu y 'amaraso, yarangwaga kandi n'imirima n'imidugudu byatwitswe. Yari afite akamenyero ko kumanika ku muryango wa buri murwa ibirundo binini by'ibihumbi by'imitwe y'abantu, urugero : ibihanga 90.000 byamanitswe i Bagdadi.

Kugwa kwa Konstantinople, ubuturo bw'umwami w'abami Konstantini mu biganza by'Abaturkiya mu w'1453 kwavugije akarumbeti ko

Ubundi iyo umuntu yihannye ibyaha bye byose avuka ubwa kabiri.
Kubyarwa ubwa kabiri ni ukwemera; ukizera ko Yesu yagupfiriye-ku giti cyawe-hanyuma ukihana ibyaha byawe byose.
Kwihana bikorwa mu buryo bubiri:

1. Hari umuntu utsindwa n'ijwi ry'Imana, agakubitira hasi icyarimwe umutwaro w'ibyaha,akihanira byose icyarimwe.
2. Hari undi nawe ugenda yihana buhoro buhoro; none kimwe cyangwa bibiri, ku cyumweru gitaha bibiri cyangwa bine, kugeza igihe ibyaha bye byose azabirangiriza, ntihasigare na kimwe, nawe akabyarwa ubwa kabiri.

Ikibazo ku "mukristo" w'umunyedini.

Birashoboka ko "umukristo" yaba yemera ko Kristo yamupfiriye, ariko hari icyaha cyangwa se ibyaha (wenda byo mu ibanga) atarihana. Bityo rero ntaragera ku musaraba.

Birashoboka kandi na none ko umukristo wageze ku musaraba nawe yagwa mu cyaha iki n'iki, kuko ntawe ufite urukingo ku cyaha, ariko nibura we aba yarageze ku musaraba, kandi kuri we hari ibanga ribonerwa mu maraso ya Yesu.

Inama kuri iyi ngingo:

Isuzume urebe ko hari igihe wigeze kumva wanze ibyaha byawe byose maze ukabyihana.

Iyo ugeze aho ngaho wumva muri wowe (mu mutima wawe) hajemo umunezero n'ibyishimo, ndetse hagize nk'umuntu ukubona yakwibaza uko bikugendekeye. Yakwibaza ikiguteye kumwenyura cyangwa se no guseka kandi ari nta muntu muvuganye.

Ibyo byose ariko bikunze kuba ku muntu wihannye ibyaha bye byose icyarimwe, ariko bitabujije ko na wa wundi wihannye buhoro buhoro byamugendekera gutyo,mu gihe y'ihannye n'icya nyuma. Uretse ko na none ku bihana buhoro buhoro, rimwe na rimwe batamenya igihe bakirijwe (igihe babyariwe ubwa kabiri), ariko kumenya itariki wakirijweho sicyo cya ngombwa, icy'ingenzi ni ukumenya ko wakijijwe.

II 3.3.3. Rumwe mu ngero zo kwizera

Dore jyewe uko byagenze:
Hari mu kwezi kwa karindwi 1987. Nari nsanzwe nzi Ijambo ry'Imana, cyane cyane ko data yari mwalimu mu Itorero mu gihe cy'ubuto bwanjye. Navukiye rero mu muryango wa gikiristo, nkurira mu Itorero, ariko nabonaga kuba mu Itorero ari ibintu bisanzwe. Kuba nanditse mu gitabo cy'ishuri n'icya paruwasi hamwe nogusenga ku cyumweru numvaga bihagije.
Ibyo bigishaga numvaga aribyo, sinabirwanyaga, ndetse byangezaga no mu rwego rwo kumva ko Yesu yapfiriye abantu ariko nari ntaragera mu rwego rwo kubyishyiraho ngo numve ko yampfiriye ku giti cyanjye. Numvaga ari rusange , bityo simbihe uburemere bwabyo. Muri uriya mwaka rero nagiriwe ubuntu bwo kugendererwa na Yesu Kristo ubwe. Nari ndyamye, bigeze nk'isaa cyenda z'ijoro , mbona umugabo mwiza cyane utuje, ufite igikundiro kirenze, urebana urukundo, mbona aturutse nko mu metero 80, aza ansanga , aza atiruka ariko na none bitamubujije kungeraho vuba. Angeze imbere , mbona afashe buji, avana umwambi mu kibiliti, mbona ararashe akongeza ya buji, maze arambura ukuboko gufite buji icannye mbona aramurikiye. Twari ku musozi . ngiye kubona mbona kuri uwo musozi hose ndetse no mu kabande hose haviriwe n'umucyo mwinshi kandi ubundi hatabonaga kuko hari mu ijoro ry'icuraburindi.
Amaze kummurikira , asubira hamwe namubonye aturuka, agenda gitware nkuko yaje, ageze hahandi nabonye aturuka, bimera nk'uko byatangiye , mbona aragarutse yongera kubigenza nk'uko yabigenje mbere acana buji aramurikira. Yongera gusubirayo na none agaruka ubwa gatatu abigenza nkuko yabikoze mbere. Aramurikira, asubirayo ariko noneho mbona ntagarutse.
Ibyo byose bikorwa numvaga mfite umunezero udasanzwe. Nari meze nka Petero igihe yabwiraga Yesu ati : "Duce ingando eshatu: imwe yawe, indi ya Mose, indi ya Eliya." (Luka 9:33). Yesu amaze kugenda, narakangutse ntabwo nari nsanzwe ntekereza kuri Yesu, ariko icyo gihe

II.16.Amadini atizera Yesu, n'amwiyitirira, ariko atemera ko ari Imana

Ni amadini avuga ko atemera ko Yesu ari Imana. Bityo ntiyemera ubutatu bw'Imana. Ntiyizera Yesu Kristo nk'umukiza n'Umwami. Urugero rw'idini imwe muri ayo ngayo :

II.16.1. Amadini atizera Yesu. Urugero:

Islamu
Muhamedi yavukiye i Maka mu mwaka wa 570, ni umwuzukuru wa Guverineri.
Mu buto bwe, yagendereye Siriya, amenyana n'abakristo ndetse n'Abayahudi maze arakazwa bikomeye n'uko basengaga ibigirwamana. Mu wa 610 yatangaje ko abaye umuhanuzi. I Maka baramuhinyuye, ntibamwitaho, baramuhana, maze muwa 622, ahungira i Medina , bamwakira neza. Aba umusirikare kandi atangira kwamamaza imyizerere ye akoresheje inkota. Mu wa 630 yinjira i Maka ariwe urongoye ingabo, ahasenya ibishushanyo bisengwa 360, maze ibinezaneza atewe no gusenya ibyo bishushanyo bisengwa biramusaba , apfa mu mwaka 632. Abamusimbuye bitwaga Abakalife, iyo muvoma yakuze vuba ku buryo butangaje. Siriya yahise ifatwa mu wa 634, Yerusalemu ifatwa mu wa 637, Egiputa mu wa 638, naho Perse ifatwa mu wa 640, Afurika y''majyaruguru yafashwe mu wa 689,naho Espanye ifatwa mu wa 711. Bityo mu gihe kigufi cyane, Aziya y'iburengerazuba na Afurika y'amajyaruguru , aho ubukristo bwari bwaraguye ahashashe hahinduka ahislamu.
Mohamedi yari yarahageze mu gihe Itorero(cyangwea Kiliziya) ryari ritarapagana, ngo ryinjire mu gusenga ibishushanyo, mu magufwa y'abatagatifu, mu bahowe Mungu, mu byerekeranye na Mariya, n'iby'abatagatifu .
Mu ruhande rumwe Islamu yarwanyije isengwa ry'ibigirwamana byo mu « isi nkiristo » , ibyo akaba ari ingaruka n'igihano nyakuri ku itorero ryangiritse ndetse ritagifite imbaraga.

Niyo wasenga, ukihana bikomeye, udafite Yesu ho urufatiro, urarushywa n'ubusa *« Bakundwa ntimwizere imyuka yose : ahubwo mugerageze imyuka ko Yavuye ku Mana , kuko abahunuzi b'ibinyoma benshi badutse bakaza mu isi. » (1 Yohana 4 : 1)*

Ibanga : Ikizakubwira imyigishirize y'ibinyoma (ubuyobe), ni uko uzasanga ifite ikibazo kuri Yesu. Iyo ugongana n'ubutatu, n'ubundi Yesu ubwo aba ajemo, uba umugizeho ikibazo. Iyo ugonganye n'umusaraba, n'ubundi ikibazo uba ukigize kuri Yesu.
Iyo ufite ikibazo kuri Yesu mu myigishirize yawe ibyo uvuga byose biba biyobya. Murabe maso.
Kuba Yesu yarihinduye umuntu ntibyakagombye guha abantu urwaho rwo kumusuzugura, kuko yabikoze afite impamvu ikomeye ibimuteye, ariyo yo kugirango urupfu rwe aruhinduze ubusa ufite ubutware bw'urupfu., ariwe Satani (Abaheburayo 2 : 14). Yapfiriye abantu (abafite imibiri), ntabwo yapfiriye abamalayika, bisobanura ko abamalayika b'Imana bakosheje nta mukiza bafite. Keretse twebwe abantu , none turi gukinisha amahirwe angana atyo (Abaheburayo 2 : 16). Yesu rero ni impongano y'ibyaha byacu (Abaheburayo 2 : 17 ; Matayo 20 : 28)

- yaduhindukiye ubwenge buva ku Mana, :Yesu yatumye duhishukirwa iby'Imana ishaka
- no gukiranuka : Ubu turi abakiranutsi mu maso y'Imana.
- no kwezwa :Turejejwe ku bw'amaraso ya Yesu.
- no gucungurwa :twaracunguwe nta teka tuzacirwaho(1 abakorinto 1 : 30).

Ibyo bireba abizera Yesu. Ijambo ry'Imana riratubwira ngo : abantu bose bakwiye kubaha Yesu nkuko bubaha Data wa twese. Rirakomeza ngo : « umuntu utubaha Yesu ntazibeshye ngo yubaha Data wa twese (Yohana 5 : 23)

nasobanukiwe ko ari we wangendereye, noneho numva muri jye abaye uw'igiciro, numva ndamukunze birenze, mperako mfata icyemezo cyo kumwubaha. Numvise nzinutswe ibyaha, numva birambihiye, bimera nk'ibinteye isesemi.
Mu mugoroba w'iryo joro nari nanyweye inzoga, mbyibutse birambabaza cyane. Ubwo mpita nihana inzoga iryo joro., nkurikizaho kwihana n'ibindi byaha byose. Sinakoraga byinshi urebye , uretse ko ibyo nakoraga byonyine byari byarambase, ariko sinabonaga akaga ndimo, kuko iyo nzagupfa nkibyivurugutamo mba nararimbutse nta shiti.. Ubwo rero maze kwihana ibyitwa ibyaha n'akaha, nkiryamye, bwatinze gucya ngo njye kubwira umuntu twari duturanye wari ukijijwe , uko byangendekeye. Nari nsanzwe ubundi mpinyura abakizwa, muri rusange,ariko cyane cyane uwo muntu ku buryo bw'umwihariko, nyamara ahubwo icyo gihe numvise mukunze cyane. Njya kumureba, akimbona nkiri hirya mbona aramwenyuye, najye ndamwenyura, turahoberana. Nuko muha ubuhamya bw'ibyambayeho. Kuva uwo munsi natangiye kwegerana n'abandi bana b'Imana dufatanya umurimo nk'uko umwami wanjye yagiye abishima. Muri make rero, urumva ko ntakijijwe ari uko hari umuntu umbwirije.
Hari uburyo bwinshi Imana ikoresha ngo ikize umuntu, Urugero:

1. Gukizwa ubwirijwe Ijambo ry'Imana mu rusengero cyangwa ahandi,
2. Gukirizwa muri konseri(mu ndirimbo),
3. Gukizwa wumvise ubuhamya,
4. Gukizwa ari uko Yesu akwiyeretse,
5. Gukizwa ari uko Imana igutumyeho undi muntu,
6. Gukizwa ari uko Imana ikoze igitangaza(nko gukiza indwara),
7. Gukizwa ari uko Imana igukijije urupfu(nko mu ntambara, cyangwa igukijije indwara ubundi idakira nka kanseri cyangwa Sida),
8. Gukizwa ari uko uhuye n'ikigeragezo runaka,
9. Gukizwa kubera ko umuntu w'Imana akwereye imbuto,
10. Gukizwa ari uko ubwiwe ubusharire bw'umuriro uzarya abanyabyaha,
11. Gukizwa ari uko upfushije uwo wakundaga cyane (umubyeyi, umwana,uwo mwashakanye),

12. Gukizwa ari uko usobanukiwe urukundo rw'Imana yerekaniye muri Yesu ku musaraba i Gologota (Urebye filime ya Yesu, n'ibindi),
13. Gukizwa ari uko usomye Bibiliya Imana ikakubwiriramo,
14. Gukizwa ari uko usomye igitabo kivuga ku Ijambo ry'Imana, n'ibindi...

Nkuko twatangiye tubirebera hamwe rero, kwizera ni ukumva ko Yesu ari Umukiza wawe, ukabyemera, kandi muri urwo rwego ukumva ko yagukijije wari upfuye, ahubwo we agapfa mu mwanya wawe,igihano cyawe akacyishyiraho, mbese akagucungura. Yesu ni Umukiza wawe bwite.

Niyo uza kuba uri umuntu umwe gusa uba kuri iyi si nabwo yari gupfa, kubwawe wenyine. Urahenze cyane mu maso y'Umukiza wawe.

Iyo wizeye by'ukuri ko Yesu yagupfiriye, umubona nk'Umwami, nk'Umutegeka w'ubugingo bwawe. Ikiba gisigaye ni ukwemera akagutegeka, kandi akakuyobora.

Icy'ibanze rero, wihana ibyaha byawe byose, maze guhera icyo gihe ukajya umwubaha. Ukamaugisha inama ku kintu cyose ugiye gukora. Icyo agutegetse ukagikora, icyo akubujije ukakireka, mbese ukumva ko umukeneye muri byose… Ntabwo turi abacu ngo twigenge (1 Abakorinto 6: 19).

Abakristso bizera Yesu nk'Umukiza. Aho nta kibazo muri rusange, ariko kumwizera nk'Umwami nibyo bigenda binanirana, kuko hariho abataragera ku musaraba neza kubera icyaha runaka cyababase, cyane cyane ibyaha byo mu mutima bidakunze kujya ahagaragara. Yesu rero, ni Umukiza n'Umwami hatabuzemo na kimwe muri ibyo byombi.

Dore isengesho ryo kwizera, dutekereza ko ryuzuye.

"Mwami Yesu, ndakwizeye.

Nkwizeye nk'Umukiza wanjye bwite, Kandi nkwizeye nk'Umwami wanjye.

Ndakwinginze, mbabarira ibyaha byanjye byose, unyandike mu gitabo cy'ubugingo, umpindure umwana w'Imana.

Ngushimiye ko ibyo byose ubikoze, mbisabye mu Izina rya Yesu, Amen!

Niwatuza akanwa kawe ko Yesu ari Umwami, ukizera, mu mutima wawe…uzakizwa (Abaroma 10:9).

Hari undi muntu numvise avugira kuri Radiyo imwe, ngo : « je crois en mon travail », bishaka kuvuga ko we yamaze gushyira ibyiringiro bye mu kazi akora. Ngo yizera akazi ke.

Ibyo biragaragaza ko hariho abantu badafite ibyiringiro byabo muri Yesu Kristo, ahubwo babifite mu bindi, cyangwa se bakaba biringiye umwana w'umuntu.

Bibiliya iravuga iti : « Havumwe uwiringira umwana w'umuntu ». Ni ukuvuga umuntu usanzwe.

II.15.10. Imyizerere y'amadini anyuranye ahinyura ubumana bwa Yesu

Nkuko tumaze kubibona, amadini ni menshi, kandi buri ryose riba ritekereza ko riri mu nzira ijya mu ijuru. (cyangwa igera ku Mana), kuko hari amadini amwe atemera ko abayoboke bayo bazaba mu ijuru, ahubwo ngo bazibera ku isi (yahinduwe nshya) iteka ryose. Bose bavuga Imana n'ubwo uburyo bwo kuyishakashaka bugiye butandukana. Icyo abenshi bahuriraho ni uko bose bazi ko basenga « Imana », ikibazo gusa kikaba kuri Yesu. Bamwe bavuga ko Yesu ari :

- Icyaremwe : Bitwaza umwe mu mirongo ya Bibiliya maze bakawusobanura mu buryo butari bwo.
- Umuhanuzi : Ku rwego rumwe na Mose cyangwa Aburahamu ndetse hari na bamwe badatinya kuvuga ko abo mvuze haruguru baba bamuruta.
- Umuntu byonyine wagiriwe ubuntu n'Imana
- Imana gusa , ngo ntiyigeze guhinduka umuntu (Yohana 4 : 1-2)
- Abandi bafite ikibazo ku butatu bw'Imana :
- Ngo Imana ntibyara , ngo nta n'Umwuka Wera
- Ngo Yesu niwe wenyine : nta Data, nta Mwuka Wera
- Abandi bagira ikibazo ku musaraba
- Ngo Yesu yabambwe ku giti kimwe gishinze (Poteau)
- Ngo Yesu ntiyabambwe, Imana yaramukwepesheje, ajya mu ijuru adapfuye

Luteri akivuza igikoresho cye mu kinyejana cya 16 nibwo hatangiye Muvoma ifite imbaraga ihitamo kuva mu butegetsi bwa Papa, bityo umukumbi wa Nyirubutungane ucikamo kabiri utyo. Iyo muvoma ntiyatinze kugera mu Budage, muri Scandinavi, mu Bwongereza, muri Ekose, muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, no muri Kanada .

Kuri iyo muvoma niho havuye aya mahirwe ya Bibiliya irambuye, n'umudendezo wo kwitekerereza kuri iryo Jambo, n'umudendezo wo kubasha kurivugaho, no kuryigisha abantu benshi, n'ubutegetsi bw'abaturage butangwa n'abaturage kandi bukorera abaturage. Ni kuri Martini Ruteri , nta wundi, dukomoraho imigisha y'aya majyambere dufite. « Mu munsi umwe …izatwikwa n'umuriro » (Ibyahishuwe 18 : 8). Ibi bishaka kutubwira ko kurimbuka kwa Babuloni kuzakubita nk'inkuba , kandi bikarangira burundu. Ibyo ahari biraganisha kuri bimwe bizaba bijyanye n'intambara ya nyuma na Antekristo itari yaba kugeza ubu. « Babuloni malaya kabuhariwe » ishobora kuba ari izina Imana iha ubukristo bwihakana ukwizera, muri rusange.

II.15.9. Icyitonderwa

Iyo tuvuga ko hari abantu batazi Yesu, ndetse bashobora kuba banamurwanya, hari uwakwibwira ko ari ugukabya, ariko turagirango tubahe urugero rw'umuntu twabonye ko atazi Yesu cyangwa ugaragaza ko adakeneye kumwizera.

Turi mu ndege , tugaruka tuva Amsterdamu, naganiriye n'umwe mu bakozi bo mu ndege ya SABENA, yari umubiligi. Ndamubaza nti : « Ese uzi Yesu ? » Aranseka. Ndakomeza ndamubaza nti : « ese wizera umwami Yesu ? » Aransubiza ati : « je crois en l'Univers ». Ugenekereje mu kinyarwanda, watekereza ko yashatse kuvuga ngo : « Nizera ikirere », cyangwa ibyiringiro byanjye mbifite mu kirere », ahari kubera ko kimugaburira. Tugeze ku kibuga cy'indege i Kanombe – Kigali, mu gihe twarimo gusohoka, dusezeranaho, naramubwiye nti : « ukwiriye kwizera Umwami Yesu ».

Dukomeze tugendere mu Kwizera dufite muri Yesu Kristo, ni nawe utubashisha kwegera intebe y'ubuntu y'Imana tudatinya (Abaheburayo 4:14-15).

II.4. Bimwe mu bintu biboneka iyo umunyabyaha yizeye Yesu.

Iyo umuntu yizeye, icyo aba akoze ni ukwizera gusa, ariko Imana yo ikora byinshi muri ako kanya icyarimwe, aribyo tugiye kureba:

II.4.1. Yitwa umukiranutsi

Iyo umunyabyaha yizeye Yesu nk'Umukiza n'Umwami, icyo gihe Imana mu Butatu itangaza ko uwo munyabyaha ahindutse umukiranutsi, kandi ko yemewe mu maso yayo kubera ko Kristo yikoreye ibyaha bye ku musaraba, akaba yaremeye guhanwa mu mwanya w'uwo munyabyaha, akamuhindukira gukiranuka(1Abakorinto1:30.)

Uko gukiranuka kuboneka ku buntu, ni ukuvuga ko nta muntu ku bwe ugukwiriye(Abaroma 3:24); uko gukiranuka ariko ni igisubizo ku mujinya w'Imana, kuko nubwo bimeze bityo, Imana idahumiriza ngo ipfe guhanagura ibyaha by'abantu kandi ukwera kwayo kutabasha kubyihanganira ; ahubwo nuko Yesu yasohoje amategeko yose mu mwanya wacu, kandi yishyizeho umuvumo ayo mategeko yatuzanagaho. Abantu benshi bavugisha ukuri ntibahisha ko bibwiraga ko iyo umunyabyaha ahindutse umukiranutsi aba abaye "umutagatifu" cyangwa se nka "malayika".

Baravuga bati: "Ni gute nakwiyumvisha ko nitwa umukiranutsi kandi nkibonaho ibidatunganye, ndetse ko hari igihe mbona naguye, cyangwa nasubiye inyuma mu buryo bw'umwuka?"

Mu by'ukuri twitwa abakiranutsi guhera igihe twizeye, ari nacyo gihe tubyarwa ubwa kabiri. Imana, mu buntu bwayo no kubw'umusaraba wa Yesu, ihanagura ibyaha twakoze, maze ikaduhindura bashya. Ubwo rero guhera icyo gihe, dutangira gukura nk'impinja zikivuka muri Kristo. Tuzaba dukeneye gutera intambwe buri munsi , tugenda dutsinda , nkuko

umwana mu ishuri akomeza kwiga nubwo haba hari amakosa yakoze; kugirango turusheho kumenya byinshi buri gihe ku rugendo rwacu rwo mu mucyo, tubifashijwemo n'imbaraga no kuzuzwa by'Umwuka Wera.

II.4.2. Arezwa

Umuntu umaze kwizera, Imana imushyira ku ruhande, ikamutoranya mu bandi, ikamutunganya. Abatambyi berezwaga umurimo bari bashinzwe, hakoreshejwe gusukwaho amavuta yerejwe kandi bambaye imyambaro yabugenewe. Bakarangwa n'ibitambo n'amaraso y'impongano
(Kuva 29: 1-,5-7 n'umurongo wa 20; 30: 30; 1Ngoma 23: 13).
Abamaze kwizera, bagaragaza kwera kw'Imana kandi bakayubaha
((Abarewi 10:3; Yesaya 8:13'29:23; 58:13). Abamaze kwizera baritunganyaga, bakitandukanya n'ikintu cyose cyabanduza cyangwa icyaha icyo ari cyo cyose. Imana iravuga ngo: "mube abera nk'uko ndi Uwera(Abalewi 1:44-45; 19:2; 20:27).
Kweza, ni umurimo w'Umwuka Wera muri twe kugirango adutandukanye n'ikibi, kandi atume dusa na Kristo, bityo tube abo Imana yishimira.

II.4.3. Aba yiyunze n'Imana

Kuva igihe umntu yitandukanyaga n'Umuremyi we yica itegeko ry'Imana, Bibiliya itubwira ko Imana itakomeje kumwishimira ndetse ahubwo yamugiriye uburakari.
Imana yavanyeho ubusabane yari isanzwe igirana nawe. (Itangiriro 3: 23-24), yatsembye abo mu gihe cy'umwuzure (Itangiriro 6: 5-7). Nyuma y'umunara w'i Babeli, yaretse abantu bagenda uko bishakiye
(Itangiriro 11: 8-9).
Ariko kandi " Imana yari muri Kristo yiyungiramo n'abantu"
(2 Abakorinto 5: 19).
Akoresheje umusaraba, Kristo yatesheje agaciro icyaha ndetse agikuraho, asenya ubwanzi,asubizaho amahoro, kandi yunga abantu(Abayuda n'Abapagani), ntiyabunga gusa n'Imana, ahubwo no

mu izina kandi bugafashwa n'Itorero rihakana Imana ,cyangwa ryavuye mu byizerwa. Ni ubuhe busobanuro bundi ibi bishobora kugira ? Inyamaswa-ngwe yerekana ubutegetsi buyoborwa n'umuntu udafite ishingiro n'ireme. Inyamaswa-ntama yerekana ubutegetsi
ngirwa-bukristo.
Ikiyoka kibahuza ngo kibarememo ubutegetsi butegeka isi yose. Hirya iyo ukomeje gusoma, uko guhuza no gufatanya byitwa « Babuloni » kandi dusanga ubusobanuro bw'iri jambo ku buryo burambuye mu bice 17 na 18 by'Ibyahishuwe. Mu gihe cy'ubwami bw'ubu butegetsi bwo ku isi yose, ibyo bihamya bibiri byahanuraga byambaye imifuka(Ibyahishuwe 11 : 3). Bamwe batekereza ko Inyamaswa-ntama ari Antekristo. Abandi batekereza ko ibyo byerekana bimwe byo mu mateka y'isi. Mu by'ukuri , usanga bifite aho bihurira n'amateka y'Itorero uko yagiye akurikirana kugeza ubu.

II.15.8. Babuloni

§ **Gusenyuka kwayo**

Babuloni yo mu Isezerano rya Kera, mbere yitwaga Babeli aho ubutegetsi bw'isi bwatangiye kwigomeka ku Mana(Itangiriro 11 : 1-9).
Nyuma y'aho yaje kuba umurwa mwiza cyane mu rwego rw'isi y'icyo gihe, ndetse wageze aho uhindura Abisrayeli imbata zawo. Aha rero niho wahawe izina ry'ubutegetsi bwo ku isi yose bwari bugiye no kuzahindura n'Itoreo imbata yabwo. Iki gice kibutsa ya ndirimbo y'amaganya ya Yeremiya kuri Babuloni.(Yeremiya 51).
« Musohoke muri wo, bwoko bwanjye » (Ibyahishuwe 18 :4) Niba nkuko twizera ko bishoboka, Babuloni ari izina ry'ubuhanuzi ku byerekeye Papa , ni ukuvuga ko hano tubwirwa ibyo kuvugurura , byakozwe n'Abaprotestanti.
Mu gihe kiri hagati ya kera n''iki gihe turimo, aho ngaho habaye ibihe bibi cyane aribwo ubutegetsi bwa Papa bwakoze bimwe mu bibi byo muri icyo gihe. Ariko ntibyabujije ko mu butegetsi bwabo bayobozi bakuru Imana yakomeje kugira abantu bayikomeyeho kandi bayubaha.

§ **Ubutegetsi bukomeye** (puissance mondiale) bwa Roma y'aba Papa. Bwamaze imyaka 1200 (600-1800 muri iki gihe cyacu)

II.15.6. Inyamaswa–ntama (agneau) Ibyahishuwe 13 : 11-18)

Iyo nyamaswa yasaga n'umwana w'intama.
Inyamaswa ya mbere yasaga n'ingwe, ariko zombi zari zunze ubumwe. Ingwe yari yakubiswe byo gupfa(Ibyahishuwe 13 : 3). Umwana w'intama ayisubiza ubuzima(ibyahishuwe 13 : 15). Ikiyoka cyari mu murimo, gikorera muri zombi. (Ibyahishuwe 13 ;2,4 na 11).
Inyamaswa – ntama yari inyamaswa-ngwe yasubijwemo ubuzima. Nubwo yari ifite isura nk'iy 'umwana w'intama yavugaga nk'ikiyoka (Ibyahishuwe 13 :10).
Yari ifite ubushobozi bwo kwica uwo ari we wese udafite ikimenyetso cyayo.(Ibyahishuwe 13 : 15). Yatukaga izina ry'Imana, kandi ihagurukira kurwanya abera (Ibyahishuwe 13 : 6-7). Ikiyiranga cyayo cyari gifite numero 666(Ibyahishuwe 13 :18).
Iyo nyamaswa-ntama hirya cyane yitwa « umuhanuzi w'ibinyoma » (Ibyahishuwe 16 : 13 ; 19 :20 ; 20 : 10) ni ukuvuga umwana w'intama utari we.
Ikiyoka, kimaze gutsindwa mu gitero cyari cyakoze ku Itorero, gihereye inyuima yaryo, noneho cyariturutse imbere, kigaragaza ubwacyo nk'aho ari umwana w'intama.

II.15.7 Gufatanya kw'inyamaswa-ngwe n'inyamaswa-ntama.

Uko gufatanya kwakomeje mu buryo bw'ubutegetsi bwo ku isi yose mu gihe cy'amezi 42(Ibyahishuwe 13 :5). Birasa nk'aho cyaba ari ikindi kimenyetso cyo kuribatwa n'isi k'umudugudu wera, mu gihe cy'amezi 42(Ibyahishuwe 11 : 2).
Inyamaswa,isa n'umwana w'intama , kandi yimye mu izina ry'umwana w'intama, n'umudugudu wera wakandagiwe n'amahanga. Ibyo bimenyetso byombi birashaka kwerekana ubutegetsi bukorera isi, bukora

hagati yabo ubwabo(Abefeso2: 16). Ubwiyunge bwakorewe I Kaluvari bwagize impinduka yageze no mu ijuru (Abakolosayi 1:20-22; Abefeso 1:10) kuko Yesu yahagaritse no kwigomeka kw'Abamalayika. Ni Yesu watanze ikiguzi cyuzuye kugirango habeho ubwiyunge.
Guhera icyo gihe, Yesu ashobora gufata ikiganza cy'umunyabyaha uri kwihana, akagihuza n'ikiganza cy'Imana Yera kandi y'Urukundo.
Uburyo Yesu ahuza abantu n'Imana bwagereranywa n'igitekerezo (inkuru) cy'umuryango warimo abantu 3 : umugabo, umugore, n'umukobwa wabo. Umunsi umwe umugore n'umugabo baratonganye bararakaranya cyane, kugera ubwo umugabo yikubise aragenda ntiyongera kugaruka mu rugo. Umugore n'umukobwe we bakomeza kwirwanaho uko bashoboye kugirango babeho.
Nyuma umukobwa ararwara cyane, umuganga aramusuzuma, abura indwara ye ahubwo asanga ubugingo bwe buri hafi kumucika , ndetse abwira nyina ko nta wundi muti ashobora kumubonera.
Uwo mukobwa ababazwa n'uko atabonye se mbere yuko apfa . Asaba nyina ko yashakisha uko ashoboye kose , ndetse akarangisha mu binyamakuru no kuri Radiyo : nyina arabikora ariko umugabo ntiyaboneka. Mu burwayi bwe uwo mukobwa muto yasaga n'uhwereye akamara umwanya ntacyo yumva, ariko yakanguka akabaza aho se ari. Nyamara abari aho basaga nabamuhebye bari bazi ko umukobwa we azapfa atamubonye.
Ababyeyi b'uwo mugabo baje gusura umwuzukuru wabo bicarana na nyina iruhande rwe basa n'abamureba ubwa nyuma.
Hashije umwanya bumva umuntu ukomanga . Bakinguye babona se w'umwana arinjiye yihuta ajya kureba uko umukobwa we amerewe. Uwo mwana ntiyari akigira ururimi rwo kuvuga ahubwo yafashe ikiganza cya se, afata n'ikiganza cya nyina abihuriza hamwe mu biganza bye, agifashe ibiganza byombi umwuka umuvamo, arapfa. Ababyeyi bombi babonye ibyo uwo mwana akoze, bariyunga kandi basezerana kutazatandukana ukundi. Ibi birasa n'ibyo Yesu yakoze ku musaraba, ubwo yafataga ikiganza cy'umunyabyaha akagishyira mu kiganza cy'Imana
Data cyuzuye urukundo : bityo agahuza Imana n'umuntu.

II.4.4 Arahinduka

Ahinduka mu myitwarire ye no mu migambi ye. Agira agahinda ku bw'ibyaha bye, kandi akababazwa bikomeye n'uko atubashye Imana.

II.4.4.1. Akamaro ko guhinduka

Niba kwizera aricyo kintu cya mbere mu byo umuntu agomba kuba yujuje kugirango abone agakiza k'Imana (Abefeso 2 :8-10 ; Ibyakozwe 16 :31), uko kwizera kugomba guherekezwa no guhinduka by'ukuri (Mariko 1 :15; Matayo 3 :2,11).

II.4.4.2 Intambwe ziterwa kugirango umuntu abe ahindutse by'ukuri, mbese yihannye byuzuye:

a. Kwemera icyaha : Kwicuza bivuye mu mutima no kubabazwa bikomeye n'uko wakoshereje Imana. (Yohana 16 : 8).
b. Kwihana : abantu benshi bamenya neza ko bakosheje, ariko ntibagire ubushake bwo gusaba Imana imbabazi
(Zaburi 32 : 1-5 ; Yohana 1 : 8-9).
c. Kuzibukira icyaha : guhinduka by'ukuri bizanira umuntu kubihirwa n'icyaha, ndetse agaca ukubiri n'akamenyero, n'imico yagenderagamo kugeza icyo gihe (Luka 3 : 8).
d. Kugandukira Imana byuzuye : ni ukwihana biherekejwe n'urusaku rw'umuntu watsinzwe mu mutima ,akikubita hasi avuga nka wa wundi, ati: " Mwami, urashaka ngo nkore iki?"

II.4.5. Guhora mu bihe byo gukiranuka

Mu gihe cyose tuzaba tukiri aha ku isi, byanze bikunze hazaba hari intambwe tugomba gutera twigira imbere, tuzaba tugomba kugenda dutsinda intambara
(1 Yohana 3 : 2).

II.15.5. Ibihangange by'isi byo mu bihe bya Bibiliya.

Ubwami bw'abami(empires) bwigaruriye isi mbere y'igihe cya gikristo. Buri bwami mu buryo ubu n'ubu bufite aho buhurira n'amateka ya Bibiliya.

§ **Ubwami bw'abami bwa Egiputa**
(1600-12000 mbere ya Yesu Kristo)
Bwabayeho mu gihe kimwe n'igihe Abisrayeli bari bari mu Egiputa. Aho niho ubwoko bwa Israyeli bwavuye ku bantu 70 bugera kuri miliyoni eshatu.

§ **Ubwami bw'abami bw'Asiriya**(900-607 mbere ya Kristo)
Bwasenye ubwami bw'amajyaruguru ya Israyeli mu mwaka wa 721 mbere ya Yesu Kristo ndetse buvana umuryango umwe kuri Yuda.

§ **Ubwami bw'ubwami bwa Babuloni**
(606-536 mbere ya Yesu Kristo)
Bwasenye Yerusalemu, bugira ingaruzwamuheto i Buyuda.
Igihe cyo kuba imfungwa kw'Abayuda cyahuye n'icy'ubwo bwami.

§ **Ubwami bw'abami bwa Perse**(536-330 mbere ya Yesu Kristo)
Bwatumye abayuda bava mu bugaruzwamuheto, ndetse babafasha gusubirana ibyangombwa byose nk'igihugu.

§ **Ubwami bw'abami bwa Grese** (Grèce) 330-146 mbere ya Y.C
Bwimye kuri Palestine mu gihe cyo hagati y'Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya.

§ **Ubwami bw'abami bwa Roma**, 146 mbere ya Yesu Kristo kugeza ku mwaka wa 476 wo muri iki gihe cyacu.
Bwari ku butegetsi bw'isi igihe Yesu yavukaga, kandi n'Itorero ryatangiye kubaho ubwo bwami aribwo buri ku ngoma.

II.15.3. « 666 » Umubare w'inyamaswa (Ibyahishuwe 13 : 18)

Mu kwitwa umubare w'umuntu , 666 ishobora kuba isobanura abantu bari hamwe . Ugaragara nk'aho usobanura izina rigizwe n'inyuguti zifite agaciro gahwanye na 666. Irene umwigishwa wa Polikarpe, wahoze ari umwigishwa wa Yohaana, yasobanukiwe n'uriya mubare 666 nk'aho ari ijambo ry'ikigereki Lateinos, (dukoresheje uburyo bw'ikigereki ku nyuguti n'agaciro k'imibare kazo). L=30 ; A=1 ; T=300 ; E=5 ; I=10 ; N=50 ; O=70 ; S=200, igiteranyo cy'iyi mibare ni 666. Lateinos bisobanura ubwami ndatini(royaume latin). Roma ya Papa yahisemo gukoresha ikilatini nk'ururimi rwemewe n'amategeko kandi kugeza vuba aha, ibikorwa byabo byose byakorwaga mu kilatini, harimo n'imirimo y'idini. No muri iki gihe turimo, ibyemezo by'amategeko, inzandiko zisinye za Papa yandikira Abepiskopi bose ngo nabo bageze ubwo butumwa ku bakristu bo ku isi yose, imigisha n'imivumo, byose ni mu rurimi rw'ikilatini.

II.15.4. Inyamaswa-ngwe(isa n'ingwe), Ibyahishuwe 13 : 1-10

Bishoboka ko iyi nyamaswa yaba ari ya yindi yishe ba bahamya babiri (Ibyahishuwe 11 : 7), ubusobanuro bwabyo tubusanga mu Byahishuwe 17.
Cya kiyoka ari cyo Satani, kimaze kunanirwa mu byo cyagerageje byose ngo gisenye Itorero , gikoresheje kwica abakristo, cyifashishije iyi nyamaswa kugirango kibone

uko gikomeza urugamba rwo kurwanya abera
(Ibyahishuwe 12 : 13 ; 13 :1).
Iyi nyamaswa yasaga n'ingwe, n'Aruko(ours) kandi na none igasa n'intare (Ibyahishuwe 13 : 2), ibyo bikaba bimwe mu bimenyetso byakoreshejwe na Daniyeli mu gusobanura ibihangange byagiye bisimburana mu kuyobora isi. (Daniyeli 7 : 3-6).

Ubundi nta mpamvu dufite mu gukora ibyaha, urebye nta n'icyo bitumarira. Ntabwo ari ngombwa gukora icyaha ariko cyo kitugendaho, kuburyo kukigwamo bishoboka.
Ndetse iyi mirongo iratwereka ko hari n'ibyaha dusa n'abiberamo rimwe na rimwe tutabizi:
Urugero : - Yakobo 4 : 17 " Nuko uzi gukora neza ntabikore, bimubereye icyaha."
- 1 Yohana 3 : 16 " Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo, ni uko Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu, ku bwa bene Data."
- Matayo 5 : 48 "Namwe mube mukiranutse nkuko So wo mu ijuru akiranuka".
Umukristo wumva nta na kimwe umutima- nama we ukimubwira, ashobora kwibuka ibitereko yasheshe (Ibyahishuwe 3 : 17) " Kuko uvuga uti : ndi umukire , ndatunze kandi ndatunganiwe, ntacyo nkennye, utazi yuko uri umukene n'impumyi , ndetse wambaye ubusa."
None uwizera yabyitwaramo ate mu gihe asanze hari aho atagenze neza mu rugendo rwe rwa buri munsi . Ntagomba kwishingikiriza ko yigeze kwihana byimazeyo igihe yakiraga Yesu Kristo mu bugingo bwe, ahubwo agomba buri munsi kuba mu bihe byo gukiranuka, kandi agahita yihana mu gihe cyose yibonyeho icyaha kugirango abone kwezwa gutangwa n'amaraso ya Kristo yamennye ku musaraba i Karuvali
(1 Yohana 1: 6-7).
Iyo umuntu aretse ikibi, Imana yigarura mu gihano yari yamugeneye, iyo yinangiye akanga kukireka, Imana yisubiraho ku migisha yumvaga ishaka kumuha(Yeremiya 18 : 8, 10). Ariko mu by'ukuri, uko Imana iteye, urukundo rwayo, gukiranuka kwayo, gahunda iheruka iba ifitiye umuntu, ibyo byose nta kiba cyahindutse.

II.4.6. Arahindukira

Pawulo aratubwira nawe ukuntu I Yerusalemu, abapagani bahindukiye(Ibyakozwe n'Intumwa 15: 3... 26: 20). Uko guhindukira ni

ngombwa cyane ku bijyanye n'agakiza. " Nimudahindukira ... ntimuzinjira mu bwami bw'Imana" (Matayo 18: 3).
Mu ncamake , guhindukira ni igikorwa umuntu akora mu gihe ahindukiriye Imana, naho kubyarwa ubwa kabiri ni igitangaza cyo guhindurwa icyaremwe gishya gikorwa n'Umwuka Wera mu mutima w'Umuntu.

II.4.7. Ahindurwa mushya, abyarwa ubwa kabiri

Uko guhinduka muri kamere gukorwa n'Umwuka Wera mu muntu, uwo Mwuka Wera ahita amuha ubugingo bushya.
Gutsindishirizwa bihindura isûra y'umunyabyaha mu maso y'Imana ; naho guhindurwa mushya guhindura imitekerereze y'umuntu ndetse n'ubugingo bwe bw'umwuka *« Kuko yagambiriye kera ku bw'urukundo rwayo, ko duhinduka abana bayo, tubiheshejwe na Yesu Kristo, kubw'ineza y'ubushake bwayo, kugirango ubuntu bwayo butagira akagero bushimwe, ubwo yaduhereye mu mukunzi wayo*. » (Abefeso 1 : 5-6). *« umuntu wese iyo ari muri Kristo, aba ari icyaremwe gishya. Ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya* »(2 Abakorinto5 :17 n'Abefeso 2 :6-7). *Icyakora koko abamwemeye bose, bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana.* » (Yohana 1 :12)Iyo wizeye uvuka ubwa kabiri kandi uba wuzuye *« kandi mwuzuriye muri we, ari we mutwe w'ubutware bwose n'ubushobozi bwose* » (Abaskolosayi 2 : 10).
Umwizera ari hafi y'Imana cyane nk'uko bimeze kuri Kristo na Data wa twese. Iyo umuntu afite Kristo mu bugingo bwe, aba afite ibikenerwa byose kugirango umuntu agire ubuzima burangwa n'umunezero, kandi by'iteka ryose.
Umwizera kandi afatanya na kamere y'Imana. « Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo yasezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane, kugirango bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza » (1 Petero 1 : 4).
Umuntu wavutse ubwa kabiri ntatinda kubona ko afite ibitekerezo bishya , imuigambi mishya, ubugingo bushya bwo kwanga icyaha, kandi yumva

Yohana : 7, aho bavuga ko hari hamaze kuboneka ba Antekristo benshi. Ariko kandi niba ari ukuri ko bamwe mu basobanura Bibiliya usanga bitaye cyane kuri Antekristo nyamara bakamusanga mu mirongo idafite na gato aho ihurira na we, hari imirongo myinshi y'Ibyanditswe itavuga yeruye Antekristo, ariko kandi igaragaza ko iki gihe turimo cy'ubutumwa kizaherukwa n'akaga mbere hato yo kugaruka k'umwami .
Yesu yavuze ko kugaruka kwe kuzagaragazwa n' « umubabaro mwinshi » (Matayo 24 : 21 na 29), ko kizaba ari igihe cy'amaganya (Matayo 24 : 30) kandi ko abantu « bazagushwa igihumure n'ubwoba no kwibwira ibyenda kuba mu isi. »(Luka 21 : 24-26). Yaretse tumenya ko kwizera kuzaba guke muri icyo gihe (Luka 18 : 8). Daniyeli we yari yavuze kubw'icyo gihe ngo « Hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho, uhereye igihe amahanga yabereyeho, ukageza icyo gihe no kugeza igihe cy'imperuka » Daniyeli 12 : 1,4,9 na 13.
Mu 2 Abatesaloniki 2 : 3-10, ho havugwa kugera ku butegetsi bw' « umuntu urwanya iby'Imana » akayituka, uzakurwaho no kuza k'Umwami Yesu.
Iyo umuntu agerageje gusobanura amashusho y'ibyahanuwe mu gitabo cy'Ibyahishuwe, biroroshye kugenda uyaringaniza n'ibyamaze kubaho, kuruta gusobanurana ukwizera ko bihuje neza n'iby'igihe kizaza.
Dushobora kuvuga ko ibimenyetso birindwi n'impanda ndwi bishaka gusobanura neza ibintu bikuru byo mu mateka y'isi kugeza kuri iyi minsi turimo, birashoboka na none ko ishyirwa mu bikorwa ryabyo ryaba ari iry'igihe kizaza. Ese ntidushobora kuvuga ko Ubwami bw'abami bw'Abaroma, mu gihe bwatotezaga bikomeye ndetse bukica urubozo abakristo ari ukwigaragaza kwa Antekristo ? Kandi ko na Islamu nayo yaba ari ukundi kwigaragaza kundi kwe ? Kandi ko kugera ku butegetsi, imbere y'amaso yacu kw'igikomunizme cy'Aba Rusiya, bahakana kubaho kw'Imana, kwaba ari ugutontoma gushya kwa Antekristo ? Ese aho ntibyaba bishoboka ko ijoro rikuze kandi urya munsi ukaba utwegereye wihuta cyane ?

1. Akiri hano ku isi Yesu ubwe yatsinze Satani(Matayo 4 : 10-11 ; Luka 10 : 18). Nta ruhare Satani afite ku muntu waguzwe amaraso y'igiciro cyinshi ya Yesu(Abalewi 16 : 9-10). Gereranya Zakariya 3 : 2-5 n'Abakolosayi 2 : 14-15.
2. Kuzuka kwa Yesu Kristo kwabaye intsinzi iheruka izindi ku kibi n'ingaruka zacyo.(Matayo 28 : 18, Abaroma 1 : 4). Soma na 1 Petero 1 : 3 ; Abefeso 1 ; 20-22 ; Abafiripi 2 ; 9-11 ; Yesaya 11 :8-9 ; Habakuki 2 :14 ; Ezekiyei 47 : 1-12. Satani azakurwaho(Ibyahishuwe 20 :10) maze ubwami bw'Imana buganze(1Abakorinto 15 : 24-28 ; Ibyahishuwe 21 : 23-27 ; 22 :3-5).II.15.2. Urutonde rw'abatiza Satani umurindi

II.15.2. Urutonde rw'abatiza Satani umurindi

Antekristo

Tubona ijambo « Antekristo » muri 1Yohana 2 : 18 ; na 22 ; 4 :3 2Yohana 7. Ahandi muri Bibiliya, iryo jambo ntirizwi. Bamwe muri rusange bavuga ko risobanura ndetse bakarihuza n'umuntu usuzugura iby'Imana, w'umupagani utizera(2 Abatesaloniki 2), ubundi bavuga ko risobanura ndetse bakarihuza n'inyamaswa y'Ibyahishuwe 13. Ariko Bibiliya ubwayo ntitanga ubwo busobanuro. Imvugo ya Yohana ituma umuntu yumva ko abo yandikiye bari bategereje Antekristo,uzaboneka mu minsi ya nyuma y'ibihe bya gikristo. (1 Yohana 2 :18). Ariko kandi iyo urebye , usanga Yohana, ataritwerera umuntu umwe gusa, ahubwo arishyira icyarimwe ku bigisha barwanya ubukristo(1 Yohana 2 : 18 ; 4 :3). Igitekerezo cy'Isezerano Rishya ni uko umwuka wa Antekristo uzaboneka mu gikristo, ukigaragaza mu buryo bunyuranye, akinira mu Itorero no hanze yaryo icyarimwe, ariko amaherezo tuzabona ko ari umuntu , cyangwa ubutegetsi, cyangwa se byombi.

Biratangaje ko nta na hamwe mu Byahishuwe wasanga iri jambo « Antekristo ».

Iyo urebye, ikoresha ryaryo riri henshi mu busobanuro bw'iki gitabo. Rikoreshwa inshuro eshatu, muri 1 Yohana 2 :18 na 22 ; 4 :3 na 2

afite urukundo rushya kuri bene se b'abakristo. Iyo umwizera akomeje kuba muri ubwo buryo bushya bwo kubaho, agenda arushaho gusa na Yesu Umwami we.(Abakolosayi3 :10 ; 2Abakorinto3 :180. Uwo niwo mugambi w'Imana kuri buri wese mu bana bayo. Uwabyawe ubwa kabiri kandi, atangira kurindwa n'Imana igihe cyose(Abaroma 8 :26). Nta kintu na kimwe gishoboora kuba ku mukristo Imana itabyemeye. Mu yandi magambo, nta kimubaho ari impanuka mu buzima bwe. Ikintu cyose kiba ku mwana w'Imana aba agifitemo inyugu. Ndetse n'ibigeragezo ahura na byo na byo bifite icyo bimumarira mu buryo bw'umwuka. (Abaroma 3 : 3-5). Bityo rero, ubuzima bw'umukristo bufite inyungu zihariye abandi batagira. Bitewe n'ibyo byiza byose Imana yamuteguriye, buri mukristo yakagombye kuyigaragariza ko ayishimira nibura muri ubu buryo bubiri bukurikira :

1. Ntiyagombye guhwema kuramya no guhimbaza, no gushima Imana, kubw'umurimo uhesha agakiza Yesu yashyize mu bikorwa kandi akawurangiza.
2. Yagombye, ku bushake bwe, kwiyegurira umurimo w'Uwitanze ku musaraba w'i Karuvali « Nuko benedata ndabinginga kubw'imbabazi z'Imana, ngo mutange imibiri yanyu, ibe ibitambo bizima byera bishimwa n'Imana, niko kuyikorera kwanyu gukwiriye » (Abaroma 12 :1).

I.4.8. Aracungurwa

Kugirango uko gucungurwa gushoboke ni uko haba habonetse ikiguzi, cyangwa se hakabaho kubohorwa k'uwo muntu, ariko hatanzwe ingwate. Iryo bohorwa rigenewe umuntu uri mu bubata, cyangwa mu nzu y'imbohe kubera umwenda. Isezerano rya kera rikunze kwibutsa kenshi ko Israyeli ari iy'Uwiteka, kuko yabohowe mu buretwa bwa Egiputa. Isezerano rishya naryo ryerekana hose ko Yesu Kristo ari Umucunguzi ndetse bamwe bavuga ko ubukristo ari Iyobokamana ryo gucungurwa.

Twese twari imbohe z'ibyaha n'urupfu n'amategeko ndetse na Satani. Kristo yaratuguze hanyuma atubohora kuri ibyo byose. « Batsindishirijwe

ku buntu hakoreshejwe gucungura kuri muri Yesu Kristo » (Abaroma 3 :24). Yesu yaducunguriye kugirango dukire umuvumo w'amategeko(Abagalatiya 3 : 13 ; 4 :5). Twacungujwe amaraso ye. (Abefeso 1 : 17). Ni uko byagenze ntabwo twacungujwe amafaranga (nkuko byagendaga mu Isezerano rya Kera). Bityo tubohorwa ku buzima bwacu bwa kera bw'icyaha (1 Petero 1: 18-19; 1Abakorinto 6 : 19-20). Nubwo dufite Umucunguzi w'ubugingo, dutegereje no gucungurwa kw'imibiri yacu (Abaroma 8 :23), tuzaguhabwa mu gihe cyo kuzuka, igihe hazaba hatakiriho indwara, kubabara k'umubiri , ari nta n'urupfu. Guhera icyo gihe rero nibwo tuzaba dufite gucungurwa kw'iteka ryose(Abaheburayo 9 : 12), ubwo tuzahora dusingiza Uwaducunguje amaraso ye, abo mu miryango yose no mu ndimi zose no mu moko yose, no mu mahanga yose(Ibyahishuwe 5 :9).

II.4.9. Ararobanurwa.

Ijambo kurobanurwa risobanura uburyo Imana itoranya uko ibyumva, ikagena n'iherezo ry'igihe runaka cyangwa ry'iteka ryose, ku biremwa byayo. Isezerano rya kera ritwereka ukuntu Imana yatoranije Israyeli, ubwo bwoko bukarobanurwa mu yandi , bugahitwamo, kubera ko hari intego idasanzwe Imana yari ibutegerejeho.
Ku byerekeye iyi ngingo, soma Abaroma 9 :14-18 ; 11 :33
1Timoteyo 6 : 12 .

II.4.10. Ahinduka umwana w'Imana (adoption).

Ni igikorwa cyo kuzana umwana w'ahandi ukamufata nk'uwawe bwite(Kuva 2 :10 ; Esteri 2 :7). Mu Isezerano Rishya iryo jambo rikoreshwa rigamije kwerekana :

II.15.1.1. Ikibi cyakozwe na Satani

Akavuyo ku isi ku murimo mwiza Imana yari yarakoze.

- Isi n'ijuru bibaho,isi (n'ikirere), yari yuzuye ubwiza ndetse n'umucyo.
- Abamalayika nabo barebye ukuntu Imana iyiremye baratangara, bahimbaza Imana mu ndirimbo(Zaburi 19 :2 ; 89 :6)

Lusiferi rero abonye ko Imana iremye ibintu byiza, uwo mwanzi, ibyari bimaze kuremwa byose abihindura akavuyo n'icuraburindi.
Nicyo tubona Bibiliya itwereka ku murongo wa 2 w'igice cya mbere cy'Itangiriro, havuga ngo « isi yari itagira ishusho, yariho ubusa, umwijima wari hejuru y'imuhengeri ».
Hagati y'amagambo avugwa mu Itangiriro :1 1 n'umunsi wa mbere uvugwa ku murongo wa gatatu, abanditsi bamwe ntibahashyira gusa gucibwa mu ijuru kw'abamalayika (ibyo ari byo byose kwabaye mbere y'Itangiriro ibice bibiri),ariko bavuga ko aho hagati hashize igihe kirekire.

Yinjije ikibi muri Edeni

Satani waciwe mu ijuru yaje kwigaragaza muri Edeni(Ezekiyeli 28 : 13 ; Itangiriro 3 : 1) mu ishusho y'inzoka. Yatinye ko umuntu, wahamagariwe kugenga isi yagenda arushaho gusa n'Imana (Itangiriro 1 : 27, Zaburi 8 : 5-9). Satani yari afite ubwoba bwo kwirukanwa mu bwami bw'abami bwo hejuru no mukarere gakikije isi(Itangiriro 3 : 1-6).

Satani umurezi w'abantu

Mbere yuko Yesu azuka, Satani yakomeje kwinjira mu manama y'Imana, ajya kurega abantu(Yobu 1 : 6-12 ; Zakariya 3 :1 ; Ibyahishuwe 12 :10). Birumvikana ko ahantu ho mu ijuru ariho tugomba kumurwanyiriza (Abefeso 6 : 12).

***Satani yagerageje kugusha Umwana w'Imana**(Matayo 4 : 1-11)

- ***Umurimo w'intsinzi ya Kristo***

Ni Yesu Kristo Imana yatsindishije Satani, igira intsinzi ku kibi maze itsinda Satani,ndetse imwivuga hejuru.

Izo ntambara zashimirwa nibura ko zakuye uburayi mu maboko y'Abatirki kandi zigatuma habaho kuvugana kw'iburasirazuba n'iburengerazuba, bityo bigatunganya inzira zo gutuma hongera kuvuka ikintu cyo kumenyana hagati yabo.

II. 15. UMWANZI W'IMANA, NA BAMWE BAMUTIZA UMURINDI BABIZI CYANGWA BATABIZI.

II.15.1. Satani

Satani ni umwanzi w'Imana n'abantu. Abantu bazarimbuka, bazaba babitewe ahanini na Satani. Reka tumenye Satani uwo ariwe, tubone uko tumurwanya, kuko ntiwarwanya uwo utazi. Satani ari ku isonga y'abanzi b'Imana. Ahantu muri Bibiliya hatugaragariza uwo sekibi uwo ariwe n'amateka ye, ni muri Yesaya no muri Ezekiyeli. Mu nkomoko y'isi , mu iremwa ry'ijuru n'isi(cosmos), nyuma y'aho dutangira kubona amateka ye.

- Imana yari yaremye Abamalayika , muri bo irema umwe, usumba abandi, umukerubi wategekaga abamalayika 6000. Nyuma abajugunyanwe nawe, bagacibwa mu ijuru, bahindutse abadayimoni.(Matayo 25 : 41).
- Yitwa umwami w'abadayimoni (Matayo 9 :34), umwami w'ubushobozi bwo mu kirere(Abefeso 2 :2), n'uw'isi ituwe n'abantu(Yohana 12 :31, 14 :30).
- Itangiriro 1 :2, yerekanye akaduruvayo gakabije mu iremwa, imyaka ibihumbi mbere yo kuremwa k'umuntu. Ntawundi wateye ako kajagari uretse Lusiferi, umukerubi uvugwa na Yesaya na Ezekiyeli, mu mashusho y'abami b'i Babuloni cyangwa uw'i Tiro, ni Lusiferi uvugwa muri Yesaya 14 : 12-15 na Ezekiyeli 28 : 12-17. Iyo mirongo ivuga ko : Lusiferi yahawe gutwara isi(Yesaya 14 :12) ndetse n'ikirere kiyikikije. Bityo Lusiferi yahindutse, bitewe no kugwa kwe, Satani umwanzi w'Imana n'umushukanyi ku bantu. Yamanutse ajya mu Edeni(Ezekiyeli 28 : 13) mu ishusho y'inzoka kandi ifite uburiganya bwinshi.

1. Ukuntu Uwiteka yahisemo ubwoko bw'Abisirayeli kugirango babe ubwoko bwe(Abaroma 9 :4).
2. Ko Abakristo nyakuri bemerwa nk'abana b'Imana mu buryo bwihariye(Abagalatiya 4 :5 ; Abefeso 1 :5 ; Abaroma 8 :14-21).

II.4.11. Imana imuha ubwiza

Ubundi ubwiza bw'Uwiteka ni umuriro ukongora …(Kuva 24 : 17), amaso yacu ntashobora kwitegereza uwo mucyo mwinshi. Ubwiza bw'Imana butera abantu ubwoba, bakayigiraho igitinyiro ndetse bakayiramya. Ntabwo umuntu yabona ubwiza bw'Imana uko bwakabaye ngo akomeze abeho(Kuva 33 : 18,20,22).

Ubwiza bwagaragariye muri Yesu Kristo : ubwiza butegerwa bw'Imana ya Israyeli buratwegereye. Muri Yesu twasbashije kubwitegereza no kubukunda, tudakongowe na bwo.(Yohana 1 :14 ; 17 :5, 24 ; Abaheburayo 1 :3). Umwizera by'ukuri wese afite ubwiza bw'Imana bubonerwa muri Yesu Kristo.[9]

II.5. Isi ituwe n'abantu batatu

Nubwo isi ituwe n'abantu benshi, tugiye kurebera hamwe ahubwo ukuntu isi ituwe kugeza ubu n'abantu batatu gusa . Mu buryo bw'Umwuka isi yose ituwe n'abantu batatu :

- Umuntu utari umukristo,
- Umuntu wizeye Yesu Kristo(Umukristo wuzuye Umwuka Wera),
- Umukristo utegekwa n'umubiri.

Mbese ninde muri aba bantu wagereranya n'imibereho yawe ?

Mbese wakunda ko imibereho yawe yagereranywa na nde muri aba bantu batatu ?

9 Dictionnaire Biblique, Ibid.

II.5.1. Umuntu utari umukristo

- Ntaragera ku musaraba .
- Aba yibereye ku isi yikorera ibyo yishakiye.
- Ntiyita ku mibereho ye ya nyuma y'urupfu.
- Yirinda gutekereza ku kuri kw'Ijambo ry'Imana kuko rimutoneka (1Abakorinto2 :14).

Ubundi busobanuro :

- Yesu ntarinjira mu bugingo bwe.
- Umuntu utari umukristo niwe wicara ku ntebe y'ubutegetsi ubwe.
- Uyu niwe ukwiriye kwakira Yesu Kristo nk'Umukiza we bwite.

II.5.2. Umuntu wizeye Yesu Kristo

- **Yageze ku musaraba**

- Amenya ko Yesu yamupfiriye ku musaraba, akamukunda.
- Yemera ko Yesu amutegeka bityo akamwizera nk'Umwami n'Umukiza we bwite.
- Areba kure, akamenya ko ubuzima bw'umuntu butarangirira hano ku isi.
- Ahoza umutima ku biri mu ijuru.
- Afite Kristo mu mutima we.
- Afite imbaraga z'Umwuka Wera.
- Ageza abandi kuri Yesu Kristo.
- Arasenga kandi agasubizwa.
- Asobanukirwa Ijambo ry'Imana.
- Yiringira Imana.
- Yumvira Imana (Ibyakozwe 1 :8).
- Yesu niwe utuye muri we nk'Umukiza we.
- Yesu niwe wicaye ku ntebe y'ubutegetsi amuyobora.
- Nawe ni umukozi wumvira Kristo.

- Irene(mu mwaka 130-200, nyuma ya Yesu Kristo)
- Orijene(mu mwaka 185-254, nyuma ya Yesu Kristo)
- Terituliye(mu mwaka 160-220, nyuma ya Yesu Kristo)
- Ewuzêbe(mu mwaka 264-340, nyuma ya Yesu Kristo)
- Yohana Krizostome(mu mwaka 345-4070, nyuma ya Yesu Kristo)
- Jerome(mu mwaka 340-420, nyuma ya Yesu Kristo)
- Augustini(mu mwaka 354- 430, nyuma ya Yesu Kristo)

Abahemu ba mbere

- **Selze**(mu mwaka w'180)

Yabaye icyamamare kurusha abandi mu kurwanya ubukristo akoresheje inyandiko. Kuva kuri icyo gihe cye, nta nyandiko n'imwe irwanya ubukristo wasanga itarimo ibyo yanditse. Byinshi mu bitekerezo bamwe bibwira ko « bigezweho » bifite inkomoko yabyo kuri Selze (Selze)

Porifire (hagati y'imyaka 233-300)

Nawe yamamaye mu kurwanya ubukristo.

II.14.5. Intambara hagati y'Abakristo n'Abislamu.

Muri izo ntambara, abakristo bageragezaga kureba uko bakwisubiza ahantu hatagatifu(terre sainte) bahanyaze Abislamu.

- Iya mbere (mu mwaka 1095-1099) : bishubije Yerusalemu
- Iya kabiri (mu mwaka 1147-1149) : batindije gufatwa kw'i Yerusalemu
- Iya gatatu(mu mwaka 1189-1191) : ingabo ntizabashije kugera i Yerusalemu
- Iya kane (mu mwaka 1201-1204) Bafashe kandi basahura Konstantinopule)
- Iya gatanu(mu mwaka 1228- 1229) : Bafashe Yerusalemu ariko bahita bayitakaza
- Iya gatandatu(mumwaka 1248- 1254) : baratsinzwe
- Iya karindwi (mu mwaka 1270- 1272) : baratsinzwe.

Valeriyani(mu mwaka 253-260)
We yarushije Desiyusi ubukana, maze yiyemeza kuvanaho ubukristo, ubutazijajara. Abenshi mu bakristo baricwa, muri bo Sipuriyani, umwepisikopi w'i Kartaje.

Diyokretsiye(mu mwaka 284-305)
Niryo toteza rya nyuma ryakozwe n'abami(b'abami) kandi ni naryo ryarushije ayandi ubukana kuko ryasakaye aho ubwami bukorera hose. Mu gihe cy'imyaka 10 abakristo bashakishijwe uruhindu ahantu hose, kugeza mu buvumo, ndetse no mu mashyamba, babajugunyiye inyamaswa ngo zibarye, babishe bakoresheje uburyo bwo kubababaza bushoboka bwose, bwuzuye ubugome ndenga-kamere. Hashyizwemo imbaraga zihagije kandi harimo gahunda yateguwe neza, byose bigamije kurandurana n'imizi icyitwa ubukristo.

I.14.4. Imyobo y'ubwihisho y'abakristo(les catacombes)

Ni imyobo abakristo bacukuraga bakayibamo, mu kuzimu. Yabaga muri rusange ifite ubugari bwa metero 2 na 40 kugeza kuri metero 3 ,kandi ifite uburebure bw'ubujyakuzimu bwa metero 1 na 20 kugeza kuri metero 1 na 80, uwo mwobo ukagenda ukagira uburebure bw'umurambararo bwa Km 900, ugakoreshwa n'abakristo mu kuwihishamo, mu gusengeramo, no guhambamo muri icyo gihe cyose cy'ubwo bwicanyi abami babakoreraga. Ikigereranyo cy'umubare w'imva z'abakristo ni hagati ya miliyoni 2 na miliyoni 7. Basanze inyandiko zirenze 4.000, zifite amataliki uhereye ku gihe cya Tibere na Konstantini.

Abakurambere b'Itorero(Les Pères de l'Eglise).
- Polikarpe (mu mwaka 69-156, nyuma ya Yesu Kristo)
- Inyasi (mu mwaka 67-110, nyuma ya Yesu Kristo)
- Papiyasi(mu mwaka 70-115, nyuma ya Yesu Kristo)
- Yustini(mu mwaka 100-165, nyuma ya Yesu Kristo)

- Nkuko umukristo yemera kuyoborwa n'Umwuka Wera, niko imbuto z'Umwuka Wera zirushaho kugaragara mu mibereho ye.
- Ibiboneka mu bugingo bwe : urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, ingeso nziza, gukiranuka, kugwa neza, (Abagalatiya 5 :22,23).

II.5.3. Umukristo uyoborwa n'umubiri.

- Ntabwo agitumbiriye umusaraba.
- Ibirenge bye byarahindukiye.
- Imitekerereze ye ntabwo ikihariwe n'iby'Imana.
- Yigeze kwakira Yesu kubwo kumwizera.
- Yavutse ubwa kabiri.
- Yasubiye inyuma kubera kugwa mu byaha.
- Arakizera Yesu ariko ari mu ntege nke.

Umukristo utegekwa n'umubiri akunda kwinezeza kuruta kunezeza Imana. Ahwanye n'umwana muto ukora ibyo yishakiye. Ameze nk'ab'isi. Dore icyo Bibiliya ivuga ku mukristo wigenga : « Benedata sinabashije kuvugana namwe nk'uvugana n'ab'umwuka, ahubwo navuganye namwe nk'uvugana n'aba kamere cyangwa abana b'impinja bo muri Kristo. Nabaramije amata, sinabagaburiye, kuko mwari mutarabibasha kandi none ntimurabibasha kuko mukiri aba kamere, ubwo muri mwe harimo ishyari,n'amahane,mbese ntimubaye aba kamere koko,ntimugenza nk'abantu ? » (1Abakorinto3 : 1-3).
Umukristo umeze atya;
F Ntiyiringira Imana bihagije,
F Kenshi na kenshi ntiyumvira,
F Ntageza abandi kuri Kristo,
F Ntakunda gusoma Ijambo ry'Imana,
F Kenshi akunda gutekereza ibyo gukiranirwa,
Ashobora:
- Kugira ishyari,

, Kugira umutima uhora umurega,
ƒ Kugira impagarara,
„ Gucira abandi imanza,
… Kurakara.

Urabona ko :
1. Yesu akiri mu bugingo bwe nk'Umukiza,
2. Yitegeka ubwe,
3. Yesu ntakimutegeka bihagije.

Umukristo utegekwa n'umubiri,hari ubwo ashaka kunezeza Imana, ariko n'ubwo yihatira kubikora, biramunanira. « Sinzi ibyo nkora ; kuko ibyo nshaka atari byo nkora ; ahubwo ibyo nanga akaba ari byo nkora. Nzi yuko muri jye, ibyo ni ukuvuga muri kamere yanjye, nta kiza kimbamo ; kuko mpora nifuza gukora icyiza, ariko kugikora ntako. Yemwe mbonye ishyano ! Ninde se wankiza uyu mubiri untera urupfu ? »(Abaroma 7 :15,18,24).

Kubw'ibyo :
- Umukristo uyoborwa n'umubiri nta munezero agira mu mibereho ye,
- Kenshi ni umunyantege nke mu mibereho ye,
- Rimwe na rimwe akora ibidakwiriye umukristo.

II.5.4. Icyitonderwa : « umukristo » w'umunyedini

Nubwo twavuze ko hariho abantu batatu, turagirango tubereke undi muntu, ibyo ari byo byose ari muri kimwe muri ibi byiciro by'abantu.Turebere hamwe icyiciro twamushyiramo.Ntaragera ku musaraba Uyu ni umuntu uri mu Itorero rya gikristo, ajya mu misa nkuko bikwiriye, aboneka mu byumba by'amasengesho, atanga ibyacumi n'amaturo yose agenwe, yihannye ibyaha byinshi, ariko nkuko tubibona ku gishushanyo

Kimwe na Hadriyani, yahaga agaciro igumishwaho ry'idini ya Leta nk'ikintu muri Politiki cyangombwa, ariko aho yanyuranije na Hadriyani, we yashyigikiye iyicwa ry'abakristo. Iryo yicwa ryaranzwe n'ubugome ndetse n'ubunyamaswa, ntarindi ryigeze ritera ubwoba nk'iryo, kuva ku gihe cya Nero. Ibihumbi byinshi by'abakristo byaciwe imitwe , abandi bacibwa igihimba cyo hejuru cyangwa bagahabwa inyamaswa ngo zibarye, muri bo Yustini Martini. Iryo yicwa ryarushijeho kurangwa n'ubunyamaswa mu majyepfo ya Gole(Gaule). Kubabazwa kw'abicvwaga bitotomba kwari kurenze ibyo umuntu yatekereza. Mu kwicwa urubozo uhereye mu gitondo ukageza ijoro riguye, Bulandina, umusore w'imbata ntiyahwemye gusubira muri aya magambo : « Ndi umukristo, muri twe ntawe ukora ikibi. »

Septime Severe (mu mwaka w'193-211)

Iri ryicwa ryaranzwe n'ubugome bukabije, ariko ntiryakwiriye hose. Egiputa n'Afurika y'amajyaruguru nibyo byahababariye cyane kurusha ahandi. Ahitwa Alekzandriya « abishwe benshi batwikwaga buri munsi, bakabambwa cyangwa bagacibwa imitwe, muri bo harimo Lewonidasi, se wa Orijene.

Ahitwa Karitaje, Perpetuwa, umudamu wubahwa, n'imbata ye yizerwa Felisita, bashwanyaguwe n'inyamaswa z'inkazi.

Makzime(mu mwaka 235-238)

Mu gihe cy'ubwami bwe , abayobozi benshi b'abakristo bo mu rwego rwa mbere barishwe. Orijene yarusimbutse agombye kwihisha.

Desiyusi (mu mwaka 249-251).

We yafashe icyemezo kidasubirwaho cyo kurandura ubukristo uhereye mu mizi. Yibasiye abakristo aho bari hose mu bwami bwe, kandi abishyiramo imbaraga nyinshi. Abantu utabara baguye muri iryo yicwa-rubozo ryuzuye ubugome, i Roma, muri Afurika y'amajyaruguru, muri Egiputa, muri Aziya y'epfo. Sipuriyani yashoboye kwandika ngo : « isi yose yabaye amatongo.»

Gnosticime, manichéisme, montanisme, monarchianisme, anianisme, appollinarisme, Nestorianisme, eutychianisme, monophysites.

II. 14.3. Gutoteza no kwica urubozo.

Ushatse kumenya ubugome umwami (w'abami) Nero yakoreye Itorero wasoma 2 Tomoteyo.

Domisiye(umwaka wa 95 nyuma yo kuvuka kwa Yesu).
Yategetse ko habaho ukurenganywa kw'Itorero kw'igihe gito, ariko abakristo bishwe hakoreshejwe ubugome burenze urugero. Ibihumbi n'ibihumbi baguye i Roma no mu Butaliyani, muri bo uwitwa Flaviyusi Klemanse, mubyara w'umwami w'abami , maze umugore we Flaviya Domitila we arameneshwa. Intumwa Yohana we yaciriwe i Patimosi.

Trajani (mu mwaka wa 98-117)
Umwe mu bami beza cyane uretse ko yasanze ari ngombwa gushyigikira amategeko y'ubwami.

Hadriyani(mu mwaka w'117-138)
Yishe urubozo abakristo, ariko yica mu rugero, yirinda gukabya.
Telesifori, Pasteri w'itorero ry'i Roma, ndetse n'abandi benshi baguye muri icyo cyiciro. Ariko kandi, mu gihe cy'ubwo bwami, ubukristo bwagize iterambere ritangaje mu mubare w'abiyongera, mu bukire, mu bumenyi no mu mibanire n'abandi.

Antonini le Piye(mu mwaka w'138-161)
Uwo mwami w'abami we yari ashyigikiye abakristo, ariko na none agasanga agomba kurengera amategeko. Hishwe benshi,muri abo harimo Polikarpe.

Mariko Awureliya (mu mwaka 161-190)

ntaragera ku musaraba neza. Ameze nka wa wundi Yesu yabwiye ati : « Nturi kure y'ubwami bw'Imana. » (Mariko 12 : 34).
Uyu muntu ashobora no kuba afite impano z'umwuka Wera, kuko Ijambo ry'Imana ritubwira kuri aba bantu ngo : « Benshi bazambaza kuri uwo munsi bati : Mwami, mwami, ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe ? Nibwo nzaberurira nti : sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe » (Matayo 7 : 22-23).
Ubundi iyo umuntu ageze ku rwego rwo kwizera, avuka ubwa kabiri, akandikwa mu gitabo cy'ubugingo. Niba rero uyu muntu ataragera ku musaraba, buriya hari impamvu ituma atahagera. Turaza kumenya iyo impamvu.
« abakristo » bamwe (ndorere kuvuga benshi) hari igihe wasanga bameze nk'uyu muntu, kuko biruhije gutandukanya uyu « mukristo » n'abandi bakijijwe.
None se niba atakinywa inzoga,akaba yararetse itabi, ndetse akongeraho no kubatizwa mu mazi menshi,akaba ari umunyangeso nziza,asura abarwayi, kandi afasha n'abakene; uwo muntu urumva atagaragara nk'ukijijwe ?
None se niba afite impano yo gukiza abarwayi, cyangwa akaba ahanura, ubwo si « umunyamwuka ? » Turabe maso kandi twisuzume, ririya Jambo ritazadusohoraho, ngo : « Kuko bidashoboka ko abamaze kuvirwa n'umucyo, bagasogongera impano iva mu ijuru, bakagabana ku Mwuka Wera , bakanasogongera Ijambo ryiza ry'Imana, n'imbaraga z'igihe kizaza, maze bakagwa bakavamo, ntibishoboka kongera kubahindura bashya ngo bihane, kuko baba bongeye kwibambira Umwana w'Imana ku mugaragaro. Niba dukora ibyaha nkana, tumaze kumenya ukuri, ntihaba hasigaye igitambo cy'ibyaha, keretse gutegerezanya ubwoba gucirwaho iteka,no gutegereza umuriro w'inkazi uzarya abanzi b'Imana. Uwasuzuguye amategeko ya Mose, ko atababarirwaga bakamwica, abagabo babiri cyangwa batatu bamushinje, nkanswe ukandagiye Umwana w'Imana, agakerensa amaraso y'isezerano yamwejesheje, agahemura Umwuka utanga ubuntu !…

Erega biteye ubwoba gusumirwa n'amaboko y'Iman Ihoraho » (Abaheburayo 6 :4-6 ; 10 :26-31).
Dukurikije ibyo tumaze kubona kuri uyu muntu, umwanzuro ukurikira ushobora gufatwa :

1. Uyu muntu yateye intambwe igana kuri Yesu, wenda ni intambwe igaragara, ariko ntiyamaramaje.
2. Azi Ijambo ry'Imana ndetse yasogongeye ku mpano zo mu ijuru.
3. Ntiyageze ku musaraba(Hari icyo ashigaje gukora).
4. Ntarizera.
5. Aramutse apfuye bikimeze kuriya, cyangwa impanda ivuze bikimeze kuriya, yarimbuka. Soma 1 Yohana 2 :19 ; Matayo 22 :11-13

II.6. Kubyarwa ubwa kabiri

Umuntu wese wizeye Yesu Kristo by'ukuri abyarwa ubwa kabiri. Utarabyarwa ubwa kabiri wese ntazabona ubwami bw'Imana. Twasanze rero iyi ari ingingo ikomeye yo kuvugwaho. Kugirango dusobanukirwe kurushaho, tubanze dusome muri Yohana3 : 3-21).
Nusoma aha tukurangiye uratangazwa no kumva Umwami Yesu, Umwana w'Imana, yemeza ko Nikodemu umunyadini akaba n'umunyangeso nziza, ko hatabayeho kubyarwa ubwa kabiri, adashobora kubona ubwami bw'Imana cyangwa ngo abwinjiremo(Yohana 3 : 3-5).
Mu buzima bw'umuntu hariho ibintu bibiri byanze bikunze atabona aho ahungira, hakaba n'ikindi kintu gihatse ibindi cya ngombwa cyane. Ibyo bibiri bya mbere ni urupfu(2 Samweli14 :14, Abaheburayo9 :27),n'urubanza rumutegereje (Abaroma14 :12, Ibyahishuwe20 :11-15).
Ikindi ni uguhindurwa mushya cyangwa kubyarwa ubwa kabiri.
Kubera kutita, ndetse n'imyumvire mibi bizengurutse iki kibazo nyamara cyakagombye kwitabwaho cyane, tugiye kucyinjiramo ndetse mu gutangira, reka turebe icyo kubyarwa ubwa kabiri bisobanura.

- **Konstantini n'icyumweru.**

Umunsi, abakristo ubundi bahuragaho, icyumweru, awuhindura umunsi w'ikiruhuko, ategeka ko nta kazi gasanzwe kazongera gukorwa kuri uwo munsi , kandi aha uburenganzira abasirikari b'abakristo ngo bajye bajya gusengera mu nsengero. Uwo munsi w'ikiruhuko cya buri cyumweru wari uw'agaciro kanini ku bantu b'imbata.

- **Ivugurura mu mibanire n'abantu.**

Ububata, intambara zaberaga i Roma umuntu arwana n'undi cyangwa arwana n'inyamaswa y'inkazi, kwica abana badashakwa no kubamba abantu,byafatwaga nk'aho ari ikintu kigezweho, ibyo byose byavanyweho no gukristizwa kw'ubwami bw'i Roma.

II.14.2. Gupaganisha Itorero

Umwami w'abami Konstantini(306-337), amaze guhinduka umukristo, yatangaje iteka ry'umwami riha buri wese uburenganzira bwo kwihitiramo idini ye bwite.
Umwami w'abami Tewodoze (378-398), ubukristo yabuhinduye idini ya Leta y'ubwami bw'Abaroma kandi agira itegeko ko buri wese aba umuyoboke. Nta bindi byago nk'ibyo byigeze bigwira Itorero. Uko guhinduka umukristo ku ngufu icyo kwakoze ni ukwiyuzuzamo abantu badafite agakiza. Tewodoze ntiyaciriye aho. Yatangiye igikorwa cyo gukuraho andi madini ku ngufu kandi abuzanya gusenga ibishushanyo. Ibyakurikiye iryo teka ni uko insengero z'abapagani zashenywe na rubanda rwa giseseka rw'abakristo maze amaraso menshi arameneka. Itorero ryari ryahinduye isura maze ryinjira mu buhenebere butagereranywa. Rihinduka umuryango wa politiki ufite isura ya gahunda n'imitekerereze y'ubwami bw'i Roma, bityo Itorero ryinjiza umutwe waryo wa mbere mu mahano ya gipapa yari agiye kumara imyaka 1000.
Mu kinyejana cya 2 kugeza ku kinyejana cya 6, Itorero ryashwanyagujwe n'ibitekerezo ndetse n'imyigishirize ibusanya bituma rita umugambi nyakuri waryo. Iyo myigishirize y'ubuyobe(mu gifaransa) ni iyi ikurikira :

Itorero ry'Abaporotestanti ni imbaraga zigerageza kugarura ubukristo bw'umwimerere, butarangwamo ubupagani ubwo aribwo bwose.

- Ubwami (bw'abami) bw'Abaroma
  Ku ngoma ya kiroma, niho itorero ryatangiye.
- Gusubira inyuma no kugwa k'ubwami bw'Roma.
  Byabaye mu myaka 180-476 nyuma ya Yesu Kristo
- Ubwami (bw'abami) bwigabanya.
  Mu mwaka wa 395 nyuma ya Yesu Kristo niho bwigabanije. Mu gusenyuka k'ubwami bw'iburengerazuba hasohotsemo ubwami (bw'abami) bw'Abapapa, maze Roma ikomeza kwima ku isi mu gihe cy 'imyaka 1000 nanone.

- **Ikristiza(christianisation) ry'ubwami bw'i Roma.**

Ubukristo bwasakaye vuba muri ubwo bwami. Terituliye(Terturien 160-220) Yashoboye kwandika ngo : « Turacyari batoya. Nyamara tumaze gukwira hose mu bwami bwanyu, mu mijyi yanyu mito n'iminini, mu birwa byanyu, mu miryango yanyu, mu nkambi zanyu, mu mazu akomeye yanyu, mu materaniro yanyu, no munteko ishinga amategeko. »
Mugihe gutoteza no kwica byakorwaga n'ibwami byari birangiye (mu mwaka wa 313), abakristo bari bageze kuri ½ cy'ubwami bw'Abaroma.

I.14.1. Konstantini

Uburyo yahindutse umukristo. Mu gihe cy'intambara ze n'abo bari bahanganye, kugirango yizere ko ingoma ye ihamye, hasigaye umunsi umwe ngo habe intambara y'ikiraro Milivius, ku nzugi z'i Roma (27 Ukuboza 312), yabonye mu ijuru, hejuru y'izuba rirenga, iyerekwa ry'umusaraba, n'amagambo yanditse hejuru yawo ngo : « kubw'iki kimenyetso uzatsinda ». Yafashe icyemezo cyo kurwanisha ibendera ya Kristo maze atsinda intambara, ibyo bituma haba impinduka ikomeye(nziza) mu mateka y'ubukristo.

II.6.1. I cyo kubyarwa ubwa kabiri kutari cyo:

i. Si ukuvuka bisanzwe « si ku bw'amaraso.» Umuntu wavutse ku babyeyi b'abakristo, ibyo ntibimuha uburenganzira bwo kwitwa umukristo. Aha turavuga umukristo nyakuri.
ii. Ntikuboneka ari uko hakoreshejwe imbaraga zawe bwite : « Si ku bushake bw'umubiri. » Nta n'umwe ushobora kwivukisha ubwa kabiri akoresheje imbaraga ze bwite.
iii. Ntikuzanwa n'umuntu runaka : « Si ku bushake bw'umuntu ahubwo bw'Imana.» Nta muntu n'umwe, nubwo yaba ari hejuru gute mu rwego rw'idini, ushobora guha undi kubyarwa ubwa kabiri . Imihango y'idini, iryo ari ryo ryose, ntishobora guha umuntu kubyarwa ubwa kabiri.
iv. Si uguhinduka k'umuntu inyuma : Kristo yereka Nikodemu aho yibeshye maze amusobanurira ko uko guhinduka ari mu buryo bw'Umwuka.(Yohana 3 : 4-6).
v. Si uguhindura umwanya wari ufite mu buzima busanzwe, kandi ntiguhamagarira umuntu kwimuka aho yari ari. Uwabyawe ubwa kabiri ntazamurwa mu ijuru, ahubwo agomba kuguma ku isi, kugirango noneho atangire gukorera Umukiza n'Umwami we, no kugirango amunezeze.
(1 abakorinto 7 : 20-24 ; Abakolosayi 3 :22-24).
vi. Si imyumvire hakoreshejwe ubwenge : umuntu ashobora kuba afite ubumenyi bwinshi mu bintu by'Imana, akaba akora n'imirimo ikomeye mu Itorero, nubwo bimeze bityo akaba ataravuka ubwa kabiri. Tubizirikane, abenshi ni abazi ukuri ku kubyarwa ubwa kabiri , mu magambo, ariko bakaba batarigeze bakugeraho.
vii. Si imikurire y'umuntu ibitera – muburyo ubwo ari bwo bwose – Si ka kabuto k'ubugingo bwo mu ijuru mu gihe kaba kari mu muntu. Reba Abefeso 2 :1-2. Aho hatwereka abantu nk'aho bapfuye, badafite ubugingo bw'Umwuka. None se wakura ute mu gihe utariho.

viii. Si imivugurire cyangwa no kurushaho gutunganya ingeso nk'uko tuzi ko ibyo byatuma umuntu agenda areka buhoro buhoro akamenyero ke ko gukora nabi. Ni uguhinduka k'umuntu wese uko yakabaye, ntabwo ari ingeso ze gusa.

ix. Si ugucengerwa n'Iyobokamana cyangwa n'inyigisho z'idini. Ushobora kuba uri inyangamugayo mu byo wemera, warabatijwe, warakomejwe, uri urugingo rw'idini, uhazwa, uri mu mirimo y'idini kandi ukaba utaravuka ubwa kabiri. Ibi birasobanurwa n'ukuntu Nikodemu, umuyuda w'umuhanga muri Tewolojiya, umuntu ugendera mu matwara y'idini, w'umwiringirwa kandi urangwa n'ingeso nziza, ariwe Kristo yahamirije ko kubyarwa ubwa kabiri ari ikintu cy'ingenzi ngo umuntu akizwe (Yohana 3 : 3).

Noneho twibaze ibi bibazo bijyanye no kubyarwa ubwa kabiri :

- Kuki tugomba kubyarwa ubw kabiri ?
- Ni gute dushobora kubyarwa ubwa kabiri ?
- Ni gihe ki dushobora kubyarwa ubwa kabiri ?

II.6.2. Kuki tugomba kubyarwa ubwa kabiri ?

1. Kubera ko ubugingo bw'Umwuka butaboneka mu muntu mu buryo avukamo muri iyi si (Yohana 3 :6).

Muri uyu murongo ijambo « umubiri » risobanura kamere umuntu akomora ku ivuka rye risanzwe.

Mu gusuzugura Imana kwe, Adamu yakomoyemo kamere mbi, iyo kamere niyo yagiye ihererekanwa ku bamukomotseho bose uko bagiye bakurikirana. Reba Abaroma 5 :12,18-19 ; Zaburi 51 :7.

Uko iyo kamere y'icyaha imeze tubibona mu Abaroma 8 : 5-8. Iyo kamere irwanya Imana, ntigonda ijosi imbere y'amategeko yayo. Icyo ibyo bitanga rero,nuko idashobora kunezeza Imana. Mu yandi magambo, umuntu abuze uburyo bw'Umwuka bumushoboza kwifuza Yohana5 :11-12). Nkuko umuntu ubuze ubugingo bw'Umwuka yitwa ko apfuye mu buryo bw'umubiri, bityo Bibiliya nayo ivuga ko umuntu udafite

- **Amateka y'Itorero akusanywa mu bihe bitatu :**

1. Igihe cy'ubwami(bw'abami) bw'Abaroma : Gutoteza , kwica abakristo, Abakurambere b'Itorero, impaka, guhindura gikristo ubwami bw'Abaroma.

2. Igihe cyo hagati : Iterambere,n'ubutegetsi bw'Abapapa, urukiko rw'itorero rushinzwe guhagarika no guhana abigisha imyizerere inyuranije n'iya Kiliziya Gatolika, ubutegetsi bwa cyami bw'akarande, Idini y'Abislamu.

3. Igihe cy'ubu : Ivugurura ry'abaprotestanti, gukura cyane kw'itorero ry'abaprotestanti, Bibiliya yarabumbuwe kandi irakwirakwizwa , umudendezo usesuye wa za Guverinoma z'Abasivili ugereranije n'Itorero, n'uruhare rw'abayobozi b'itorero, za misiyoni mu rwego rw'isi, imivugururire mu mibanire y'abantu, ubusabane mu bizera bwariyongereye.

Ibihiriri bitatu byabaye mu bukristo

i. Abakristo b'i Roma : Biganje cyane i Burayi bw'amajyepfo no muri Amerika Latine

ii. Aba Ortodokisi(Ortodoxes) : biganje i Burayi bw'iburasirazuba n'ubw'amajyepfo-burasirazuba.

iii. Abaprotestanti : Biganje cyane i Burayi bw'amajuyaruguru no muri Amerika y'amajyaruguru.

Ibi ni ingaruka y'imigabane ibiri yabaye mu Itorero :

- Igipande cya mbere cyabonetse mu kinyejana cya 9, igihe itorero ry'iburasirazuba ryitandukanyaga n'iry'iburengerazuba.
- Ikindi cyabonetse mu kinyajana cya 16, kirangajwe imbere na Martini Luteri, umuntu w'igihangange muri iki gihe turimo.
- Harinake(Harnach) yaravuze ati : Itorero ry'Aba Ortodoksi ni ubukristo bw'umwimerere wongeyeho ubupagani bw'Abagereki n'ubw'iburengerazuba. Itorero ry'i Roma ni ubukristo bw'umwimerere wongeyeho ubupagani bw'abagiriki ugashyiraho n'ubw'i Roma.

- Lazaro (Yohana 11)
- Petero : Dorukasi(Ibyakozwe n'Intumwa 9)
- Pawulo : Utuko(Ibyakozwe n'Intumwa 20)

Ibi byabaye ntiharimo kuzuka kwa Yesu ari nacyo gitangaza gihatse ibyo byose , cyakozwe hatabnonetsemo uruhare urwo ari rwo rwose rw'umuntu , muri ibi bitangaza kandi ntiharimo icy'amagufwa ya Elisa nacyo kitoroshye (2 Abami 13 :21)

II. 14. Amateka y'Itorero.

Dutekereza ko byaba byiza buri mukristo amenye muri rusange amateka y'Itorero kuko byamufasha gusobanukirwa Ijambo ry'Imana , cyane cyane ibijyanye n'ubuhanuzi. Muri Bibiliya harimo inkuru ya Kristo. Itorero ribereyeho kugirango ryamamaze inkuru ya Kristo. Amateka y'Itorero ni uburyo bwo gukomeza kw'inkuru ya Bibiliya.

Kugirango twerekane ko inkuru ya Bibiliya ikomeje kandi twemeze ko Abakristo , abagize Itorero, bakagombye kumenya neza nibura ingingo nkuru z'amateka y'Itorero,tugiye kubabwira bike mu bintu byaranze Itorero, ibyaribereyemo, ndetse n'abantu bamwe na bamwe. Ntibishoboka ko umuntu yasobanukirwa n'ukuntu ubukristo muri iki gihe buhagaze yirengagije ibyo amateka atubwira. Nyamara birababaje ko ubutamenya ku mateka y'Itorero bukabije kandi no mu Ijambo ry'Imana bikaba uko.

Twizera ko ari inshingano yaburi muvugabutumwa cyangwa buri muyobozi kwigisha abo ashinzwe ibintu bikuru bikuru byaranze amateka y'Itorero.

- **Amateka y'isi akusanywa mu bihe bitatu :**

1. Amateka ya kera : Egiputa, Asiriya, Babuloni, Perse, Ubugereki, Roma.
2. Amateka yo hagati : kuva ku kugwa kwa Roma kugeza ku kuvumburwa kwa Amerika.
3. Amateka y'ubu : Kuva ku kinyejana cya 15 kugera kuri ibi bihe turimo.

gusobanukirwa no guha agaciro ibintu by'Imana (1 Abakorinto 2 : 14). Umuntu ashobora kwiga , « akihinga », akirundumurira mu bintu by'Iyobokamana, kamere ye ntihinduke mu bijyanye n'urwango rwe ku Mana ; muri ubwo buryo aba adafite ubushobozi bwo kunezeza Imana. Kubyarwa ubwa kabiri ni igitangaza umuntui aboneramo kamere y'Umwuka ariyo mu by'ukuri kamere y'Imana. Iyo kamere yonyine ishobora guha umuntu ubushobozi bwo kumva ibintu by'Imana no kubiboneramo umunezero. « Ikibyarwa n'umubiri na cyo ni umubiri n'ikibyarwa n'Umwuka nacyo ni Umwuka .» Ikintu cyose kibyaye kibyara icyo bihuje.

2. Kubera ko umuntu wa kamere y'ibyaha adashobora kubona cyangwa ngo ashobore kwinjira mu bwami bw'Umwuka : mwongere musomeYohana 3 : 3,5.

Kugirango umuntu agere aho asobanukirwa akamaro k'ibijyanye n'ubwami bw'Imana no kubwinjiramo,nuko avuka ubwa kabiri. umuntu ahabwa kamere y'Umwuka, ari nayo imushoboza kubaho mu Mwuka no gutunga muri we ibiranga ubwami bw'Imana. Ibyo byose abihabwa mu buryo bwuzuye kandi abibonera mu Mwuka Wera. Kuvuka ubwa kabiri bishobora no gusobanura kubyarwa n'Imana. Ayo magambo arerekana isôko y'uko kuvuka gushya. Kuvuka bisanzwe biva ku muntu ni ukw'isi ; naho kuvuka mu Mwuka biva ku Mana, ni ukw'ijuru. Noneho dusome Abaroma 8 : 9. Muri uwo murongo, Pawulo arabwira abantu batakigengwa n'umubiri, ahubwo bayoborwa n'Umwuka. None se ni gute abo bavuye mu bwami bumwe bakagera mu bundi ? Imbaraga z'Umwuka w'Imana nizo zabikoze mu gihe bizeye Yesu Kristo nk'Umukiza.

3. Kubera ko umuntu uko avuka, aba adafite ubugingo bw'Umwuka.

Umuntu wa kamere tubwirwa ko yishwe n''ibyaha bye, akaba ari umunyamahanga ku bugingo bw'Imana , kandi nta buzima afite(Abefeso2 :1 ; 4 :18 ; 1

ubugingo bw'Umwuka aba apfuye (1 Timoteyo 5 :6 ; Luka 15 :24).

Urupfu buri gihe ni urwo gutandukanya.

Umuntu rero utandukanijwe na Kristo kandi ari we bigingo, apfuye mu buryo bw'Umwuka(Yohana 1 :4). None se umuntu upfuye mu buryo bw'Umwuka yahabwa ate ubugingo bw'Umwuka ? Reba Yohana 5 : 25, igisubizo Yesu Kristo ubwe atanga. Abantu bose bumva ijwi ry'Umwana w'Imana, bakakira Ijambo, kandi bakamwemera, bakamwizera nk'Umukiza n'Umwami, bahabwa ubugingo buhoraho. Icyo gihe nyine babyarwa ubwa kabiri. Soma na Yohana 3 : 16 ; 5 : 23 ; 6 :47 ; 10 : 26-28 ; 1 Yohana 5 : 13.

> Tumurikiwe n'ibi tumaze gusoma, dusobanukirwe impamvu Yesu yabwiye Nikodemu ati : « Witangazwa n'uko nkubwiye yuko bibakwiriye kubyarwa ubwa kabiri » (Yohana 3 :7). Impamvu yo kubyarwa ubwa kabiri irumvikana kandi irasobanutse neza, nta muntu yari ikwiriye gutangaza. Kubyarwa ubwa kabiri ni uguhinduka mu bugingo bw'Umwuka (Yohana 3 :8). Imana yonyine niyo ishobora gukora icyo gitangaza.

II.6.3. Ni gute umuntu ashobora kubyarwa ubwa kabiri ?

Dukurikije inyigisho za Yesu, Kubyarwa ubwa kabiri bikorwa mu buryo bukurikira :

1. Iyo umuntu ahuye n'Ijambo ry'Imana(Yohana 3 :5).

Muri uyu murongo turabona ijambo « amazi » bisobanura nk'uko tubizi kandi tubyemera, Ijambo ry 'Imana (Yohana 15 :3 ; Zaburi 119 :9). Iyo iryo jambo rikoreshejwe muri ubu buryo ntaho riba rihuriye n'umubatizo. Henshi muri Bibiliya herekana mu buryo busobanutse ko kubyarwa ubwa kabiri ari umurimo w'Ijambo ry'Imana(1 Petero 1 :23-25 ; Yakobo 1 :18). Amazi ntakiyarenze mu kweza. Ni nako Ijambo ry'Imana ryeza umwuka w'umuntu urisomana kwizera, kandi ntaribangikanye n'ibitekerezo by'ubuyobe ku birebana n'Imana n'agakiza kayo Ijambo ry'Imana iyo ryinjiye mu mutima ;

a Rigaragaza uburyo umunyabyaha yazimiye(Abaroma 3 : 10-19).
b Ryerekana urukundo rw'Imana rwahesheje umuntu agakiza (Yohana 3 :16).

Eliya yabaye umuhanuzi w'umuriro. Yigeze guhamagara umuriro w'ijuru ku musozi Kalumeli, kandi nyuma y'aho akora ikintu nk'icyo arimbura abasirikari bakuru ba Ahaziya. Na none kandi urabona ko yagiye mu ijuru ari « mu igare ry'umuriro ». Ntawundi muntu n'umwe uretse Henoki waba yaragiye mu ijuru atanyuze mu rupfu (Itangiriro 5 : 24). Birashoboka ko kuzamurwa kw'abo bagabo babiri kwaba kwaragenwe n'Imana ngo bibe igishushanyo cy'ubuhanuzi bw'ukuntu kuzamurwa kw'Itorero kuzaba kumeze kuri uriya munsi w'umunezero,ubwo amagare y'abamalayika azaza mu mbaraga n'icyubahiro cyinshi kudukusanyiriza hamwe kugirango adushoboze kwakira Umukiza uzaba agarutse.

- **Elisa.**

Elisa yatangiye umurimo ku ngoma y'umwami Yoramu(2 Abami 3 : 1 na 11), birashoboka ko hari mu myaka hafi 850 mbere ya Yesu Kristo ; yarawukomeje mu gihe cy'umwami Yehu, na Yowashazi maze apfa ku ngoma y'umwami Yowazi. (2 Abami 13 :14-20) muri za 800 mbere ya Yesu Kristo. Yari umusore w'ibikingi, ukomoka i Abeli Mehola mu kibaya cyo haruguru cya Yorodani (1 Abami 19 : 16 na 19). Ahabwa na Eliya uburyo bwo kwitegura umurimo w'ubuhanuzi(1 Abami 19 : 21 ; 2 Abami 3 : 21). Eliya yari nka Serwakira kandi akaba nk'umutingito w'isi ; Elisa we yari nko gusuma kw'amazi atuje kandi yoroheje. Eliya yari nk'urutare, Elisa we yari yoroheje, afite urugwiro kandi azi kuganira neza na buri wese. Eliya yari umuntu wo mu butayu, wambaye umwambaro w'ubwoya bw'ingamiya, Elisa yabaga mu mijyi akambara nk'abandi. Nyamara ariko umwenda wa Eliya waguye kuri Elisa.(1Abami 19 : 19 ; 2 Abami 2 :13).

Ibitangaza Elisa yakoze

Bitondaguye mu 1 Abami ibice 2,4,5,6 na 7. Muri byo harimo kimwe mu bitangaza byo kuzuka Bibiliya itubwira, aribyo by'ibi ;

- Eliya : umuhungu w'umupfakazi(1 abami 17).
- Elisa : umuhungu w'umusunamite(w'umupfakazi) 2 Abami 4.
- Yesu : - umukobwa wa Yayiro(Mariko 5)
- Umuhungu w'umupfakazi w'i Nayino (Luka 7)

muhanuzi w'ubutegetsi bushingiye ku bwami, niwe muhanuzi hagati ya Eliya na Sawuli. Inshingano ye nkuru yari kuyobora imitunganirize no gutangiza ubutegetsi bushingiye ku bwami. Uburyo imitegekere y'abacamanza yari yagenze, yagaragazaga ko yari yananiwe kugera ku nshingano zari zitegerejwe. Bityo Imana ihagurutsa Samweli ngo abumbire hamwe igihugu cyose ngo kiyoborwe n'umwami
(Reba 1 Samweli ibice 8,9 n'icya10).

- **ABAHANUZI ELIYA NA ELISA** (Abaheburayo 11 : 32).

Kuzamurwa kwa Eliya

Eliya yavukaga i Galeyadi, igihugu cya kavukire cya Yefuta. Umwana w'ubwigunge nk'ubw'inyamaswa, uw'ibikombe n'ibihanamanga by'imisozi , yambaraga impu z'intama cyangwa ubwoya bw'ingamiya, yari afite imisatsi miremire kandi myinshi itendera ku ntugu ze. Intego ye yari ukurandurana n'imizi muri Israyeli umuco wo kuramya bayali. Umurimo we yawukoze mu gihe cy'imyaka 25 ku ngoma z'abami b'abagome aribo Ahabu na Ahaziya. Yakoze umurimo utinyitse, uruhije kandi urimo ingorane zidatuza. Hari igihe yageze aho atekereza ko kamunaniye. Nubwo yari inkoramutima y'Imana mu rugero runaka rutaragerwaho na benshi, na none ariko yari umuntu wuzuye, nka twe twese, kugeza ubwo yasabye Imana ngo imwake ubugingo ave mu mubiri. Ariko Imana yo si uko yabonaga ibintu, ahubwo nyamara ubwo yari arangije umurimo we, Imana imwoherereza amagare atwarwa n'abamalayika kugirango amuzamukane mu ijuru nk'uwanesheje.
Mugihe gito cyari gishize, Eliya yari yaragiye ku musozi Horebu, aho Mose yari yaraherewe amategeko.Ubwo rero amaze kumenya ko igihe cye cyo gutaha kigeze, agenda arombereje aho Mose yahambwe, ku musozi Nebo, (Gutegeka kwa kabiri 34 :1) nkaho yashakaga kwibera hamwe na Mose mu rupfu. Dutekereza ko nta gihe kinini cyashize atarabona Mose, ndetse umwe akaba mugenzi w'undi mu buryo bw'ijuru,kandi ko bari bategerezanye ibyishimo byinshi kuza kw'inshuti yabo nkuru,ya yindi bigeze kurabukwa gato bombi ku isi (Matayo 17 :3).

c Rigaragaza ukuntu umunyabyaha abasha kubona agakiza (abaroma 10 :1-17).

2. Umwuka w'Imana aza gutura mu bugingo bw'uwizera (Yohana 3 : 5).

Umwuka Wera ariwe wa gatatu mu rukurikirane bw'Ubutatu mu Mana imwe , yoherejwe na Kristo amaze kuzamurwa kugirango yemeze abantu ibyaha byabo mu gihe bazaba bumva Ijambo ry'Imana, kugirango abageze aho bashyira ibyiringiro byabo muri Yesu Kristo no kugirango ashyire ubuturo bwe mu mutima w'uwizera wese. Umwuka Wera azanira kamere y'Imana abizera bose babyawe ubwa kabiri, akabashoboza kumva ibintu by'Umwuka, kandi akabayobora mu kumenya ukuri (Yohana 16 :7-15 ; Abefeso 1 ;13 ; 4 : 30 ; 2Petero1 :3-4 ; Abagalatiya 5 :22-26. Iyo umuntu asoma cyangwa yumva Ijambo ry'Imana, Umwuka Wera ahishura mu mbaraga umutima we ko ari umuyabyaha, wakoze amahano, wazimiye, udafite imbaraga, kandi amwumvisha ko agakiza kaboneka habayeho kwizera Yesu Kristo, Umwuka Wera ashyira ubuturo bwe muri we, hanyuma mu kumushyiraho ikimenyetso, ahamya ko abaye uwa Kristo kandi ko acunguwe. Ikigamijwe aha si uko wumva ikintu mu ntekerezo zawe, ahubwo ni ukwizera ibiba bimaze gukorwa. Ntabwo umuntu agenda yumva kuvuka kwe mu kubyarwa ubwa kabiri. Mu kuvukira ubugingo buhoraho, ntabwo umuntu agira uko abyumva mu mubiri we, byanze bikunze.

3. Kubwo kwizera igitambo cya Kristo ku bwacu(Yohana 3 :14-16)

Amagambo ya Kristo muri iyi mirongo, arerekana mu buryio busobanutse neza cyane ukuntu umunyabyaha ashobora gutunga ubwo bugingo bushya. Igihe Nikodemu abaza ngo : « Ibyo bishoboka bite ? » Yesu Kristo yamushubije yifashishije ikintu cyabayeho dusoma mu Isezerano rye Kera. Iyo nkuru itwereka igishushanyo cyo kubyarwa ubwa kabiri n'ukuntu umuntu yabigeraho. (Kubara 21 :4-9) Ibyo rero byabaye icyo gihe bishobora guhinirwa mu magambo arindwi akurikira.
Yasome witonze kuko ari ubusobanuro Yesu Kristo ubwe aduha kubijyanye no kuvuka ubwa kabiri
:

- **Icyaha(Kubara 21 : 5).**

Nkuko byagenze ku Bisirayeli, ikiremwa-muntu cyose cyakoze icyaha, buri wese ahinduka uwo gucirwaho iteka mu maso y'Imana. Bose bakoze ibyaha mu bitekerezo , mu magambo, no mu bikorwa.
(Abaroma3 : 23).

Igihano

Icyaha cy'Abisirayeli cyabazaniye igihano bari bakwiriye, uko rero ni nako Imana ibwira abantu ko izahana icyaha cyose. Reba Abaroma 1 :18 ; Yobu 36 : 17-18 ; abaroma 6 : 23.

- **Kwihana.**

Abisirayeli bemera icyaha cyabo, baricuza kandi basaba imbabazi. Kwihana by'ukuri bitangirira iteka mu guhinduka mu mitekerereze ku Mana no kuri wowe ubwawe, bikagaragazwa kandi no mu guhinduka ku ngeso. Imana itegeka umuntu kwihana kandi ikamusaba ko yemera ko ari umunyabyaha ndetse waciriweho iteka, bityo akaba agomba gushaka imbabazi z'Imana hakoreshejwe kwihana no kuzibukira icyaha maze akizera Kristo.(Reba Luc 13: 3 ; Ibyakozwe 17 : 30-31 ; 20 : 21 ; Mariko 1 ; 15.).

- **Ihishurwa** (Kubara 21 : 8)

« Uwiteka aravuga … » Nkuko Uwiteka yahishuriye Abisirayeli bose uburyo bashobora gukira kandi bari bamaze gukirwaho iteka, ubu nabwo ihishurira abanyabyaha bose uburyo bakizwa (2 timoteyo3 : 15-17 ; Abaroma 10 : 8-9).

- **Ubutabazi**

Inzoka mu muringa iracurwa maze imanikwa ku giti aho iyo nkambi y'Abisirayeli yabashaga kwitegereza nta nkomyi. Gereranya iyi mirongo na Yohana 3 :14. Nkuko Mose yamanitse inzoka ku giti , byagombaga ko na Kristo amanikwa ku musaraba, kugirango azanire agakiza abantu bari kurimbuka kubera igikomere cy'aho inzoka y'icyaha yabarumye.

- SAMWELI (Abaheburayo 11 :32).

Ahantu Samweli yakoreye umurimo we.

I Rama, ku bilometero 10 mu majyaruguru ya Yerusalemu niho yavukiye, niho yatuye, akora umurimo w'ubucamanza, ninaho yahambwe.
(1Samweli 1 : 19 ; 7 : 17 ; 25 : 1).

I Beteli ku bilometero hafi umunani mu majyaruguru ya Rama , Samweli yari ahafite ubuturo bw'amajyaruguru. Beteli yari imwe mu mpinga ndende enye z'imisozi yo mu gihugu, izindi zari umusozi witwa Ebali, uwitwa Heburoni na Mitsipa. Iyo uhagaze i Beteli ubona neza ukuntu igihugu ari cyiza cyane. Aho niho mbere ho imyaka 800, Yakobo yagiriye rya yerekwa rye ry'urwego rw'ijuru.

I Mitopa, iri ku bilometero 5 iburengerazuba bwa Rama, Samweli yari ahafite ubuturo bw'iburengerazuba. Aho niho yashinze ibuye « Ebeni-Ezeri »(7 : 12). Ku gacuri ko mu majyaruguru k'umusozi hari Gabawoni, aho Yosuwa yasabye ko « izuba rihagarara ntirirenge » !

Gibeya (ubu niho Tei-E-fulu), mu cya kabiri hagati ya Rama na Yerusalemu, niho hari gakondo ya Sawuli .

I Betelehemu ahantu Dawidi yavukiye kandi nyuma cyane Yesu akahavukira , hari ku bilometero 20 mu majyepfo ya Rama.

I Silo, ku bilometero 24 mu majyaruguru ya Rama, niho hari ubuturo bw'ihema ry'ibonaniro (naryo rikabamo isanduku y'isezerano irimo ibisate by'amategeko kugeza igihe urusengero Salomo yubatse rwuzuriye) ryo kuva kuri Yosuwa ukageza kuri Samweli, aho niho Samweli yakoreraga umurimo w'Imana akiri umwana.

Kirijati-Jeyarimu, aho isanduku y'isezerano yarindiwe ubwo yari igarutse ivuye mu Bafilistiya, hari hafi ku bilometero 13 mu majyepfo y'iburengerazuba ha Rama.

Umuhamagaro w'ubuhanuzi wa Samweli*(1 Samweli 3)*

Samweli yari umuhanuzi (1 Samweli 3 :20). « Yakoraga umurimo w'ubutambyi » atamba ibitambo(1Samweli 7 :9). « Yacaga n'imanza » z'Abisirayeli (1 Samweli 7 : 15-17), yasirisimbaga i Beteli n'i Giligali, n'i Mitsipa ariko aho yari afite ubuturo bukuru hakaba i Rama. Niwe waherutse abandi bacamanza, niwe muhanuzi wa mbere, niwe kandi

- **DAWIDI** (Abaheburayo 11 : 32)

Dawidi na Goliyati

Biraboneka ko iminsi Dawidi yamaze i bwami itabaye myinshi ahubwo asubiye i Betelehemu niho yamaze imyaka runaka. Muri iyo myaka Dawidi yarahindutse kuburyo Sawuli atabashije kumumenya. (1 Samweli 17 :55-58). Ahantu Goliyati yarunze ingabo ze, hitwa Soko(Soco) hari ku bilometero 25 iburengerazuba bwa Betelehemu. Goliyati yari afite uburebure bwa metero 2 na 70, intwaro ze zapimaga ibiro 70, kandi icumu rye ryonyine ryapimaga hafi ibiro

Kiriya kiraka cyo kurwana na Goliyati akoresheje inkoni ye yonyine n'umuhumetso we gusa, cyari igikorwa gisaba ubutwari budasanzwe , ariko na none kigaragaza icyizere gikomeye Dawidi yagiriraga Imana. Gutsinda kwe kwatumye abantu basazwa n'ibyishimo. Ubwo yahereyeko aba umukwe w'umwami, aba umuyobozi w'ingabo, n'intwari ikunzwe n'abaturage b'igihugu bose

.

Dawidi asigwa amavuta y'ubwami mu ibanga

Ibi ntibyari gukorwa ku mugaragaro, kuko icyo gihe Sawuli yari kwica Dawidi. Intego ya kuriya gusigwa amavuta yari uguha Dawidi ubushobozi bwo kwitegura kubw'umurimo wari umutegereje. Imana ubwayo niyo yirindiye Dawidi.(1Samweli 7 :13). Dawidi yari muto ku gihagararo, afite ibara ry'uruhu ryiza, mwiza mu maso no ku buranga, yagiraga imbaraga utasangana buri wese, waramurebaga ntumuhage, ukumva utamuva iruhande , akaba umunyantambara, yavuganaga ubushishozi, akagira umwete n'ubutwari,kandi yari umucuranzi, akaba umuntu w'Imana cyane. Ubuhanga bwe mu gucuranga bwatumye amenyekana kuri Sawuli,uretse ko uyu atamenye ko uriya mwana w'umuhungu yari yarasizwe amavuta ngo azamusimbure. Ubwo Dawidi ahabwa umurimo wo gutwara intwaro za Sawuli bituma abasha kumenya imikorere n'amabanga by'i bwami, n'iby'abajyanama be.

Ku musaraba , Yesu yikoreye ibyaha byacu, afata umwanya wacu, ahabwa mu buryo bwuzuye igihano twari dukwiriye. Gupfa kwe kwabaye igisubizo cyuzuye kuri byose Imana yategekaga umunyabyaha ngo abone yashyikira agakiza. Imana mu kuzura Umwana yagaragaje ko igitambo cya Yesu Kristo cyari cyuzuye mu buryo bwose. Reba Yesaya 53 : 5-6 ; 1 abakorinto 15 : 1-4 ;

Abaroma 5 : 7-8.

- **Ibisabwa**

« Nayireba ». Igikorwa gusa cy'uko inzoka mu muringa yari yamanitswe, nticyahaga umuntu gukira. Abari bariwe n'inzoka banagombaga kwitegereza iyo nzoka yacuzwe kugirango babone kubaho.

- **Igisubizo (**Kubara 21 :9).

Uwo inzoka yariye « yareba iyo nzoka y'umuringa, agakira » Ako kanya iyo Umwisirayeli warumwe n'inzoka (bisobanura ko ibyo bihwanye n'uko yabaga yapfuye) yarebaga inzoka y'umuringa, yahabwaga ubugingo bushya kandi yasaga n'ubyawe ubwa kabiri. Umunyabyaha wazimiye iyo yizeye Ubutumwa Bwiza bumumenyesha ko Kristo yamupfiriye, maze akemera burundu Yesu Kristo nk'Umukiza, ahabwa ubugingo bw'Umwuka , ubugingo buhoraho. Umwuka Wera aza gutura muri we akamugira umwe mu basangiye kamere y'Imana , aba abyawe mu buryo bw'ijuru,cyangwa aba yabaye mushya. Ngibi rero kubyarwa ubwa kabiri, dukurikije uko Yesu Kristo ubwe yabishyize ahagaragara ku buryo budasubirwaho. Iki gikorwa ni ingenzi cyane kugirango umuntu abashe kubona ubwami bw'Imana cyangwa ngo abwinjiremo.

II.6.4. Nigihe ki umuntu ashobora kubyarwa ubwa kabiri ?

Kubyarwa ubwa kabiri biba igihe umunyabyaha yuburira amaso Kristo kandi akishyira mu maboko ye kugirango akizwe. Nuko rero , reka imbaraga zawe z'imburamumaro ukoresha ushaka agakiza, ahubwo wishyire mu maboko y'Umwana w'Imana, kandi ba ariwe ushakiramo

uburuhukiro yakuronkeyemo ku bw'umurimo we wo ku musaraba. Yarangije byose, kandi agakiza aguha karuzuye.
Reba 2 Abakorinto6 : 12 ; Abaheburayo 4 :7.

II.7. Isano n'ubusabane uwizera afitanye n'Imana.

Mu gihe wizeraga Yesu Kristo, hatangiye ubumwe hagati yawe na we. Wahindutse umwana w'Imana (Yohana 1 : 12), wahawe ubugingo bwe, none ubu ufite izina rye kuko witwa umukristo. Abakristo benshi bibaza ibibazo bikurikira : « Bigenda bite iyo nkoze icyaha n'ibyangwa n'Imana ? « Ni ukuvuga ko ubumwe bwanjye n'Imana buba buvuyeho ? » cyangwa Yesu ava mu bugingo bwanjye ? Turasobanukirwa neza n'ibisubizo by'ibi bibazo ,
nidutandukanya ubumwe bwacu n'Imana n'ubusabane bwacu nayo. Tubanze twibukiranye ko wamaze gukingurira Yesu akaba yarinjiye mu bugingo bwawe, kubwo kumwizera(Ibyahishuwe 3 :20), kandi ko Yesu ubwe aguhamiriza ko atazagusiga na hato cyangwa ngo aguhane (Abaheburayo 13 : 5).

- **Isano**

Twagereranya iryo tandukaniro hagati y'isano yacu n'Imana n'ubusabana bwacu na Yo, tuvuga isano y'umwana na se mu muryango. Iyo umwana avutse mu muryango, aba umwana wa se kuko aba afite amaraso ya se. Tuvuge ko uyu mwana afashe icyemezo cyo kuva iwabo, kandi agakora ibikorwa bisuzuguza se. Mbese yakomeza kuba umwana wa se ? Isano y'umubyeyi n'umwana ihoraho n'ubwo imyifatire y'umwana yaba mibi.

- **GIDEYONI** (Abaheburayo 11 : 32)

Abamidiyani, Abamaleki, n'Abarabu(Abacamanza 6 : 3 ; 8 :24) bari barigabije igihugu ku bwinshi mu gihe cy'imyaka irindwi, kugera aho Abisirayeli bagombye gushaka ubuhungiro mu myobo yo mu rutare maze banicukurira ibyobo bigari kandi birebire babikora ku buryo bw'ibanga cyane kandi buhishe, kugirango barengere imyaka yabo.
(Abacamanza 6 : 2-4 na 11).
I Mora , Gideyoni hamwe n'ingabo z'abantu 300 bafite intwaro z'amatoroshi ahishe mu bibindi , baza gutsinda kubwo gufasha kw'Imana ubwako, abanzi b'Abisrayeli batsindwa by'intangarugero ku buryo batigeze bongera kugira igiteketrezo cyo kuzagaruka kubarwanya. Kubyerekeye Abamaleki, bwari bubaye ubwa kabiri bahigarurira.
(Abacamanza igice cya 3).
Abamidiyani bakomokaga kuri Aburahamu na Ketura. Ahantu ho hagati bahuriraga hari neza neza iburasirazuba bw'umusozi Sinayi, ariko bakabasha kugera ku mpande zose. Mose yari yarababayemo mu gihe cy'imyaka 40, kandi akarongora umwe muri bo. Bagiye buhoro buhoro bajya gusa n'Abarabu.
Abarabu bakomoka kuri Ishimayeli. Ubwarabu ni ikintu cyenda kumera nk'ikirwa, buri ku bilometero 2300 kuva amajyaruguru ujya amajyepfo, n'ibilometero 1300 uva iburasirazuba ujya iburengerazuba, bufite ubuso bufite hafi inshuro 150 gusumbya ubwa Palestina. Ni mumpinga z'imisozi, ziva mu majyaruguru zerekeza mu butayu bwa Siriya, hatuwe mu buryo butatanye n'imiryango yakundaga kuzerera.

- **SAMUSONI** (Abaheburayo 11 : 32)

Akomoka mu muryango wa Dani , ku mupaka wabo n'Abafiristiya, yateguwe n'Imana mbere yo kuvuka, ngo azabohore Abisirayeli abakiza Abafilistiya. Imana yamuremanye imbaraga zisumba iz'umuntu wese,kandi koko mu gufashwa n'Imana , Samusoni yakoze imirimo itangaje. Niwe mucamanza wa nyuma uvugwa mu gitabo cy'Abacamanza. Nyuma ye hahise hatangira gahunda y'ubutegetsi bushingiye ku bwami.

idasanzwe ya Gibeyoni na Beti-Horoni aho izuba ryahagaze ntirinyeganyege mu gihe cy'umunsi wose.
Mu buryo ki ? Ibyo ntiturabimenya. Bamwe bakoze imibare ko Kalendari yaba yaratakaje , muri ibyo byabaye, igihe kingana hafi n'umunsi . Uko bimeze kose, mu buryo ubu n'ubu, umucyo w'amanywa , mu buryo bw'igitangaza warakomeje, kugirango Yosuwa agere ku ntsinzi yuzuye.

- **RAHABU**

Kwizera niko kwatumkye maraya uwo, Rahabu, atarimburanwa n'abatumviye Imana , kuko yakiranye abatasi amahoro(Abaheburayo 11 : 31).

- Abatasi babiri na RAHABU

Rahabu yari yarumvise bavuga ibitangaza byakorewe Abisirayeli, bimugeza ku kwemera ko Imana ya Israyeli ari Imana y'ukuri. (Yosuwa2 : 10-11). Amaze guhura n'abatasi, afata icyemezo cyo guhuza iherezo ryo kubaho kwe hamwe n'iry'Abisrayeli ndetse no kubaho kw'Imana yabo n'ubwo yabonaga ko bishobora kumuviramo urupfu. Birashoboka ahari ko yaba atari ari mubi cyane nkuko ijambo Maraya risobanurwa muri iki gihe cya none.
Yabaga hagati y'ubwoko butagira amategeko atuma bwitwara neza. Abahanuzikazi b'idini y'Abanyakanaani bari ba maraya b'urwa giseseka. Icyo iyo dini yigishaga abari batuye icyo gihugu bacyakiraga nk'icyubahwa kandi kidateye isoni nkuko bibaho muri iki gihe turimo. Rahabu yarongowe n'umunya Israyeli witwa Salima(Matayo 1 :5). Karebu yari afite umuhungu witwa Salima
(Ibyo ku ngoma 2 : 51). Hari igihe uyu yaba ariwe uvugwa haruguru. Niba ariwe , ni ukuvuga ko Rahabu yahise yinjira mu mibare y'imiryango iyobora, ya Israyeli, bitewe n'uwo mugabo bashakanye. Bityo ahinduka umwe wo mu gisekuru cya Bowazi, cya Dawidi, n'icya Kristo. Ni umwe mu bavugwa ko ari ibyitegererezo by'abizera nyakuri
(Abaheburayo 11 :31).

- **Ubusabane**

None se bizagenda bite mu busabane bwabo ? kubera imyifatire mibi y'umwana, ubusabane bwabo bushobora kuzamo igitotsi.
None se umwana yakora iki kugirango yiyunge na se ? Akwiye gusanga se, akemera ikosa rye kandi akamusaba imbabazi.
Dukurikize uru rugero mu isano yacu n'Imana. Isano yacu n'Imana ihoraho. Turi abana ba yo. Iyo sano ntizahinduka na rimwe. Ariko iyo dukoze icyaha, tugakora ibidashimisha Imana, ubusabane bwacu buba bujemo igitotsi.
None kugirango twiyunge n'Imana, dukwiye kuyibwira ko twakoze nabi, tukemera imbabazi zayo. Iyo dukoze ibi tuvuze ubusabane buragaruka. Aya mashusho akurikira, uko ari atatu, aratwereka itandukaniro riri hagati y'isano n'ubusabane bwacu n'Imana. Soma 1 Abakorinto 2 : 14 kugeza igice cya 3 : 3 ; hanyuma wandike ibisubizo by'ibibazo uza kubona hepfo.



= Intebe y'ubutegetsi bwo mu mibereho y'umuntu

= Yesu Kristo

1. Ntabwo ari umukristo

4. Uyu afitanye isano n'Imana ?
5. Afitanye ubusabane na yo ?



2. Umukristo uyoborwa n'Umwuka



6.Uyu afitanye ubumwe n'Imana ?

7.Uyu afitanye ubusabane na yo ?

3. Umukristo wiyobora

8.Uyu afitanye isano n'Imana ?

9. Asabana na yo ?

Mbese wakunda ko imibereho yawe yagereranywa n'iyihe shusho ?



Ibibazo n'ibisubizo :

1. 1 Abakorinto 2 :14 havuga iki ku muntu wari umukristo, N° 1 ?
   Umuntu wa kamere udafite Umwuka w'Imana
2. 1 Abakorinto 3 :1-3 havuga iki ku mukristo uyoborwa na Yesu, N° 2 ?
   Umuntu uyoborwa n'Umwuka w'Imana, afite Umwuka w'Imana.
3. 1 Abakorinto 3 : 1-3 havuga iki ku mukristo wiyobora, N° 3 ?

zose. Ariko nyamara ageze ku nkengero za Yorodani, Imana imutwara mu gihugu cyo mu ijuru, noneho ajya yasobanukirwa impamvu z'ibi byose.

- **YOSUWA**

Kwizera niko kwatumye inkike z'amabuye z'i Yeriko ziriduka, bamaze kuzizenguruka iminsi irindwi(abaheburayo 11 : 30). Yosuwa yakomokaga mu muryango wa Efurayimu (Kubara 13 : 8). Mu kigiriki iryo zina ryari « Yesu ». Kubera igikorwa cye cyo kuyobora ubwoko bwe mu gihugu cy'isezerano, ashobora kuba yari afite ibimuranga bisa n'iby'uwazaga kumusimbura, umukuriye, we ujyana ubwoko bwe mu gihugu cy'isezerano cyo mu ijuru.

Yosuwa yabaye umugaragu bwite wa Mose mu gihe cy'imyaka 40 cy'urugendo rwo mu butayu. Yari kumwe na Mose ku musozi(Kuva 24 : 13). Yari umwe muri ba batasi cumi na babiri (Kubara 13 : 8,16). Yozefe avuga ko Yosuwa yari ageze ku myaka 85 igihe yasimburaga Mose. Dutekereza ko byamufashe hafi imyaka 6 kugirango yigarurire hafi igihugu cyose.Igihe cyari gisigaye cy'ubuzima bwe yagikoresheje mu gutûza no kuyobora imiryango cumi n'ibiri.

Yabaye ku isonga ry'Abisirayeli mu gihe cy'imyaka hafi 25. Yapfuye ageze ku myaka 110 maze ahambwa i Timonati-Serafe muri Efurayimu. Yari umurwanyi ukomeye, wahaye Discipline ingabo ze, kandi akohereza abatasi ,ariko kandi wanasengaga, kandi agashyira icyizere cye mu Mana.

Intambara yatumye izuba rihagarara umunsi wose ntiryarenga.

Gibeyoni iri hafi mu bilometero hafi 16 mu majyaruguru y'iburengerazuba bwa Yerusalemu. Uwo rero wari umwe mu mijyi minini y'igihugu (Yosuwa 10 :2). Abanyagibeyoni , bamaze guterwa ubwoba no gusenyuka kwa Yeriko , n'ukwa Ayi bihutira kwemera kuba ingaruzwamuheto z'Abisirayeli. Ibyo birakaza abami ba Yerusalemu, Heburoni, Yarimati, Lakisi na Egoloni ; maze bahagurukira Gibeyoni barayirwanya. Nibwo Yosuwa yahuruye atabara i Gibeyoni. Icyo byatanze rero ni iriya ntambara

hamwe bijya kunganya impapuro n'Isezerano rishya ryose. Ubuzima bwe buri mu byiciro bitatu :- Yamaze imyaka 40 kwa Farawo

- Amara indi 40 mu buhungiro mu Bamidiyani
- Indi 40 ayobora Abisirayeli mu butayu

Yavanye mu bucakara 3.000.000 z'Abisirayeli, abavana mu gihugu abajyana mu kindi, abashyiriraho uburyo bwo kubacira imanza, ari nabwo bucamanza n'ab'iki gihe benshi bakoresha.

Ingorane Mose yagize

Yagize nyinshi. Agitirimuka mu Egiputa , ingorane zahise zitangira. Abamaleki bahise bamurwanya kandi nyuma y'umwaka umwe, ahitwa i Kadesi , ingabo z'Abanyedomu , iz'Abamowabu, iz'Abamoniti, iz'Abamori, n'iz'Abamidiyani, zashyize hamwe kugirango bakumire Abisirayeli maze bababuze kujya i Kanaani. Ubwoko bwe bwite nabwo ubwabwo, bwari bwakuwe mu Egiputa kandi mu mbaraga z'ibitangaza bikomeye, burivovota, burivumbura ndetse bumwigomekaho inshuro nyinshi. Batangiye bivovotera mu Egiputa, nyuma bongera bageze ku nyanja itukura, bongera bageze i Mara, na none mu butayu bwa Sini, nyuma bongera bageze i Refidimu, na Tabeyera, Hatserote n'i Meriba. Bageze i Kadesi aho nyine, ubwo bari bitegeye igihugu cy'isezerano , nibwo banze bivuye inyuma gukomeza urugendo, ari nabyo byenze guturitsa umutima wa Mose. Ikirenze kuri ibyo kandi ni uko Mose yagiye aremererwa n'ingorane yagiye aterwa buri gihe n'abamwungirije, abo yari yashyizemo ikizere cye : Aroni acurisha ikimasa cya zahabu kuri Sinayi, Miriyamu na Aroni bagerageza kunegura ubutegetsi bwe(Kubara igice cya 12). Abatasi 10 kuri 12 bagandisha Abisirayeli kugirango be be kwinjira muri Kanaani ndetse habura gato ngo bamutere amabuye (Kubara 14 :10 ; Kuva 17 : 4).

Indunduro y'ibi byose ni uko Mose atemerewe kwinjira mu gihugu cy'isezerano, kandi nyamara arizo nzozi z'umutima we mu gihe cyose cy'ubuzima bwe.

Hatabayeho ubuntu bw'igitangaza bw'Imana, ntabwo byakorohera umuntu gusobanukirwa ukuntu yashoboye guhangana na ziriya ngorane

Umukristo uyoborwa n'umubiri, abaho nk'abantu b'isi, nk'umwana muto mu kwizera kwa gikristo.

Icyitonderwa : Umuntu wa kamere ntagira Kristo mu bugingo bwe, nyamara Kristo ari mu bugingo bw'umukristo uyoborwa n'Umwuka, n'umukristo uyoborwa n'umubiri, abo bombi ni abakristo.

Noneho twige kuri buri shusho kugirango turebe igitangaza cy'ukuntu umuntu ashobora kugirana isano n'ubusabane n'Imana.

4. Umuntu wa kamere ku ishusho ya mbere afitanye isano n'Imana ? Oya
5. Umuntu wa kamere ku ishusho ya mbere asabana n'Imana ? Oya
6. Umukristo uyoborwa n'Imana ku ishusho ya kabiri afitanye isano n'Imana ? Yego
7. Umukristo uyoborwa n'Umwuka ku ishusho ya kabiri asabana n'Imana ? Yego

   Umukristo w'umunyamubiri ni umukristo wiyoborera ubugingo bwe kubera gukomeza gukora ibyaha. Yego
8. Umukristo uyoborwa n'umubiri ku ishusho ya gatatu afitanye isano n'Imana ? Yego.
9. Umukristo uyoborwa n'umubiri ku ishusho ya gatatu asabana n'Imana ? Oya

Icyitonderwa *:Umukristo uyoborwa n'umubiri ku ishusho ya gatatu ashobora kongera gusabana n'Imana yihana ibyaha bye. Umukristo agomba kumenya ko mu gihe acumuye akiyoborera ubugingo bwe agomba guhita yihana, Imana ikongera gusabana na we.*

Soma 1 Yohana 1:9.

10. Ukurikije uyu murongo ibyaha byacu twabigira dute ? Tugomba kwihana ibyaha byacu.
11. Imana isezeranya gukora iki nitwatura ibyaha byacu ? Idusezeranya kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.

Buri mukristo ashobora kumenya adashidikanya ko afitanye isano nyakuri n'Imana. Bitabaye bityo, ntibishoboka ko umuntu agira ubugingo bwuzuye umunezero nyakuri n'ibyishimo.

Mu gihe wakiriye Yesu mu bugingo bwawe nk'Umukiza n'Umwami kubwo kwizera, yabwinjiyemo. Dore icyo yasezeranije mu Byahishuwe 3 :20
« Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryange agakingura urugi, nzinjira iwe…

a Mbese waba warakiriye Yesu muri ubu buryo ? (Igisubizo cyawe bwite)
b Niba aribyo ubu ari he ? …….
c Ukurikije uko mu byahishuwe 3 :20 havuga, ushobora kumenya gute ko Kristo ari mu bugingo bwawe ?……

Ubwo wakiriye Yesu Kristo mu bugingo bwawe, mufitanye isano kandi wahindutse umukristo nyakuri.
Kugira ingeso nziza, kuvukira mu muryango wa gikristo, sibyo biguhindura umukristo. Ijambo « umukristo » risobanura: « Kristo muri wowe .»,Kristo ubana nawe.
Bibiliya itwigisha ko hari ibintu byinshi bihinduka, iyo Kristo yinjiye mu bugingo bwawe.

ISANO NSHYA.
Ibibazo n'ibisubizo.

1. Kuzuka kwa Yesu kwerekanye ko ari nde ? (Abaroma1 :4). Kwerekanye ko ari Umwana w'Imana.
2. Yesu Kristo ni nde ?(1Yohana 5 :20). Ni Imana, n'Ubugingo buhoraho.
3. Byajyaga kutugendekera gute iyo Kristo atazuka ? (1 Abakorinto15 : 13-17). Iyo kristo atazuka, ibyo tubwiriza byaba ari iby'ubusa ; kwizera kwacu kwaba kubaye uk'ubusa, kutagira agaciro, kutagira ibyiringiro, ndetse intumwa zose zaba ari inyabinyoma.
4. A. Wahindutse ute umaze kwakira Umwami Yesu ? Nahindutse umwana w'Imana

B. Ubwo n'abandi bakristo ari abana b'Imana mufitanye sano ki ?
Abandi bakristo ni bene Data, na bashiki banjye muri Kristo.

YOZEFU
Kwizera niko kwatumye Yozefu ubwo yari agiye gupfa, yibuka ibyo kuva mu Egiputa kw'Abisiraheli, agategeka amagufwa ye
(Abaheburayo 11 :22)
Gufungwa kwa Yozefu *(Itangiriro 39)*
Yozefu yagiraga ingeso nziza utagira icyo unenga , yari afite ubwiza n'uburanga adasangiye n'abandi, yaremanywe impano idasanzwe y'ubuyobozi, kandi akagira ubushobozi bwo kuvana ikintu cyiza mu mu bibi byosebibayeho. Yavukiye i Harani , imyaka 75 nyuma y'urupfu rwa Aburahamu, na 30 mber y'urwa Isaka mu gihe se yari amaze 90, n'imyaka 8 mberwe y'uko basubira i Kanani.
Mu myaka 17 yagurishijwe mu Egiputa , yahamaze imyaka 13 ari mu nzu ya Potifari, ndetse no munzu y'imbohe ; ageze mu myaka 30 yabaye Guverineri wa Egiputa , hanyuma apfa ageze ku myaka 110.

MOSE
Kwizera kwa Mose
Kwizera niko kwatumye Mose ahishwa n'ababyeyi be amezi atatu, amaze kuvuka, kuko babonye ako kana ko ari keza, ntibatinye itegeko ry'umwami. Kwizera niko kwatumye Mose, ubwo yari amaze gukura, yanga kwitwa umuhungu w 'umukobwa wa Farawo, ahubwo ahitamo kurengananwa n'ubwoko bw'Imana, abirutisha kumara umwanya yishimira ibinezeza by'ibyaha ; kuko yatekereje ko gutukwa, bamuhora Kristo , ari ubutunzi buruta ubwo Abanyegiputa babitse bwose, kuko yatumbiraga ingororano azagororerwa. Kwizera niko kwatumye ava mu Egiputa, ntatinye umujinya w'umwami, kuko yihanganye nk'ureba ibitaboneka. Kwizera niko kwatumye arema Paska no kuminjagira amaraso, kugirango urimbura abana b'imfura atabakoraho. Kwizera niko kwatumye baca mu nyanja itukura, nk'abaca ku musozi. Abanyegioputa nabo babigerageje bararengerwa
(Abaheburayo 11 :23-29).
Itangiriro kugeza ku Gutegeka kwa kabiri ni ibitabo Mose yanditse. Byose

imyaka 37 igihe nyina yapfaga, yarongoye afite imyaka 40, yari afite imyaka 60 mu ivuka rya Yakobo. Yagize imyaka 75 mu ipfa rya Aburahamu, agira 137 igihe Yakobo yahungaga, 157 yayigize Yakobo ahungutse, maze agira imyaka 167 igihe Yozefu yagurishwaga. Yapfuye afite imyaka 180, ari nawo mwaka Yozefu yabaye Guverineri wa Egiputa. Aburahamu yapfuye afite imyaka 175, Isaka apfa afite 180, Yakobo apfa afite 147 naho Yozefu apfa afite 110.

- **YAKOBO**

Kwizera niko kwatumye Yakobo, ubwo yari agiye gupfa ahesha imigisha abana ba Yozefu bombi, agasenga yishingikirije ku ipfundo ry'inkoni ye (Abaheburayo 11 :21).

Iyerekwa Yakobo yagiriye i Beteli *(Itangiriro 28)*

Kwimurwa k'umugisha ugenewe umwana , ukava kuri Esawu ujya kuri Yakobo byashimangiwe na Isaka. Ntibyaciriye aho kuko ijuru ryabishimangiye, ndetse n'Imana ubwayo yahaye ubwishingizi Yakobo ko kuva ubwo abaye usohoza amasezerano wemewe. Ruriya rwego rwasobanuraga mu by'ukuri ko amasezerano azagera ku kuzura kwayo mu kintu kizahuza ijuru n'isi. Yesu yavuze ko we ubwe yari urwego. (Yohana 1 :51).

Dutekereze ko Yakobo yari afite imyaka 77 icyo gihe.

Yari afite imyaka 15 mu ipfa rya Aburahamu, agira 84 ubwo yarongoraga , agira 90 mu ivuka rya Yozefu, 98 yayigize agarutse i Kanani , 120 ubwo Isaka yapfaga, 130 ubwo yajyaga mu Egiputa, naho 147 niyo yapfuye afite. Yamaze imyaka ye ya mbere 77 i Kanaani , indi 20 ikurikiraho ayimara i Harani , naho 33 ikurikiraho yayimaze i Kanaani , hanyuma 17 ya nyuma ayimara mu Egiputa.

Agakiza ni impano Imana itanga ku buntu mu gihe umuntu yizeye Yesu Kristo nk'Umukiza we n'Umwami, akabona kubabarirwa ibyaha bye.

5. A. Mbese agakiza ni igihembo gituruka ku mirimo myiza y'umuntu?
   B. Ni buryo ki wabonamo agakiza ? Tubona agakiza kubwo kwizera Yesu Kristo.
6. Mbese ibyaha byawe warabibabariwe ? (Abakolosayi 1 :13-14). Igisubizo cyawe bwite. Yego, ibyaha byanjye narabibabariwe.
7. A. Mbese Yesu Kristo azigera akureka ? (Abaheburayo 13 :5). Kristo ntazansiga na hato.
   B. Ubwo Kristo yagusezeranije ko atazakureka, ni kangahe ugomba kumwakira mu bugingo bwawe ? Twakira Yesu Kristo mu bugingo rimwe gusa.

UBUGINGO BUSHYA.
Ibibazo n'ibisubizo.

Soma 1 Yohana 5 :11-13

1. Ubugingo bw'iteka bubonerwa he ? (1Yohana 5 :11). Ubugingo buhoraho bubonerwa muri Kristo.
2. Iyo umuntu afite Yesu Kristo mu bugingo bwe ni ubuhe bugingo aba afite ?(1Yohana 5 : 12). Aba afite ubugingo buhoraho.
3. A. Mbese birashoboka ko umuntu amenya ko afite ubugingo buhoraho muri ako kanya ?(1 yohana 5 :13). Yego : umuntu ashobora kumenya ko afite ubugingo buhoraho.
   B. Mbese uzi ko ufite ubugingo buhoraho ? (Igisubizo cyawe bwite). Yego. Nzi ko mfite ubugingo buhoraho.
   C. Ubizi ute ?(Igisubizo cyawe bwite).

Kuko mu Ijambo rye, Yesu yabisezeranije abamwizeye bakamwakira, nanjye naramwizeye kandi naramwakiriye.

UBUZIMA BUSHYA.
Ibibazo n'ibisubizo.

1. None se ko ufite Yesu Kristo mu bugingo bwawe wahindutse iki ?(2 abakorinto 5 : 17). Nahindutse icyaremwe gishya.
2. Ni iki gishobora kuzagutandukanya na Kristo ? (Abaroma 8 : 38-39). Ntakibasha kuntandukanya na Yesu Kristo.
3. Ninde uzagukura kuri Yesu Kristo ? (Yohana 10 :28-29). Ntawamvana mu maboko ya Yesu Kristo.

F Ukurikije iyi nyigisho, ni ibihe bintu uzi neza ko wungutse muri uyu mwanya ?(Igisubizo cyawe bwite)

F Mbese washobora gushimira Imana muri aka kanya kubyo yagukoreye ? Gushima Imana bigaragaza kwizera kwawe : Shima Imana mu buryo bwo gusenga. Soma Yohana igice cya gatatu.[10]

II.8. Ubwishingizi uwizera afite, no kudashidikanya ku gakiza ke.

Ntabwo bikwiriye ko uwamaze kwizera Yesu by'ukuri ahora ahagaritse umutima, ashidikanya ku gakiza ke.Dufite ubwishingizi bw'amaraso ya Yesu yamenetse ku musaraba i Gologota. Ese uwizera ashobora kumenya adashidikanya ko afite agakiza ? Bibiliya ivuga yeruye ko umuntu wageze ku musaraba, akizera, akavuka ubwa kabiri,afite ubugingo buhoraho, bisobanura ko ari ubugingo butagira iherezo.
Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane , byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugirango umuntu wese umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.(Yohana 3 :16). Iyi nshinga ngo *ahabwe* irerekana ko ubwo bugingo buhoraho butangira ako kanya igihe uwari umunyabyaha yizereye.
« Umwizera ntacirwaho iteka… »(Yohana 3 : 18).
« *Uwizera uwo mwana aba abonye ubugingo buhoraho. »*
(Yohana 3 : 36) ;

[10] Campus pour Christ, Les quatre lois spirituelles.

Metusela hari imyaka 243 yamaze Adamu akiriho. Bityo Aburahamu ashobora kuba yarabwiwe na Shemu ubwe ibyerekeye inkuru ya Nowa n'iy'umwuzure, n'indi yavuzwe na Metusela ijyanye n'ibya Adamu ndetse n'iy'umurima wa Edeni.

SARA
Kwizera niko kwatumye Sara abashishwa gusama inda, nubwo yari acuze, kuko yatekereje ko Iyasezeranije ari iyo kwizerwa. Ni nacyo cyatumye umuntu umwe (kandi yari ameze nk'intumbi) akomokwaho n'abangana n'inyenyeri zo ku ijuru kuba benshi, kandi bakangana n'umusenyi uri mu kibaya cy'inyanja utabarika.
(Abaheburayo 11 : 11-12).

Urupfu rwa Sara *(Itangiriro igice cya 23).*
Urwobo rwo mu rutare rwa Makpela, aho Sara yahambwe ruri mu bumaniko bw'iburengerazuba bwa Hebuloni, mu nzu igenzurwa n'Abayisilamu babuzaga abakristo bose kwinjira.
Muw'1862, umwami wa Galesi, yemerewe kuhinjira ku ruhushya rudasanzwe rwa Sulutani. Ahinjiye yahabonye imva yubakishijwe amabuye , ya Aburahamu, iya Isaka, iya Yakobo, iya Sara , iya Rebeka, n'iya Leya, n'igisakaye cy'uruziga kigaragaza ubuvumo buri mu nsi, abantu bakeka ko bwaba bwari ubuvumo nyakuri bwa Makpela, kandi aho nta muntu wigeze ahinjira kuva imyaka 600 ishize, niko bavuga.

ISAKA
Kwizera niko kwatumye Isaka ahesha Yakobo na Esawu imigisha y'ibizaba (Abaheburayo 11 :20)
I.13.c.8.a Igihe Isaka yabaga mu Bafilisitiya (Itangiriro igice cya 26).
Ntabwo tuzi byinshi ku buzima bwa Isaka, uretse kariya kantu kabaye hagati ya Abimeleki na Rebeka n'intambara yerekanye n'amariba. Yahawe umugabane w'amashyo abyibushye n'amatungo mato mato ya se, yari akize kandi aguwe neza, yari afite kamere ituje, kandi nta bikorwa bidasanzwe byaranze ubuzima bwe ! Isaka yavutse igihe

2. Bazahinduka ubwoko bukomeye ;
3. Muri bo niho amoko yose azaheshwa umugisha.

Iryo sezerano (12 :2 na 3 ; 22 :18) ni igitekerezo-shingiro Bibiliya yose yibandaho gusobanura. Imana yahamagaye Aburahamu ari Uri (Ibyakozwe n'Intumwa 7 :2-4 ; Itangiriro11 :31) ; yongera kumuhamagara ari i Harani (12 :1-4) ; hanyuma n'i Sishemu(12 :7) na none i Beteli (13 :14-17), ubwa nyuma inshuro ebyiri yikurikiranya ari i Heburoni (15 :5na 18 ;17 : 1-8). Isezerano risubiwemo kuri Isaka (26 :3 na 4) kandi no kuri Yakobo
(28 : 13,14 ; 36 :11-12 ; 46 : 3-4).

Iyo dusomye Itangiriro 11 : 26, tubona ko Tera, se wa Aburahamu yagize imyaka 70 mu gihe cy'ivuka ry'umuhungu we. Ariko 11 : 32, 12 :4 n'Ibyakozwe n'Intumwa 7 :2-4 hashaka kwerekana ko yari afite imyaka 130. Birashoboka mu by'ukuri ko Aburahamu yaba atari we mwana we w'imfura, ahubwo kuba ariwe uvugwa bikaba biterwa n'agaciro ke mu mugambi w'Imana no mu zindi nkuru za Bibiliya. Ibyo ari byo byose, Aburahamu yari afite imyaka 75 mu gihe yinjiraga i Kanani, yari afite 80 mu gihe yajyaga gutabara Loti kandi agahura na Melkisedeki, yari afite imyaka 86 mu ivuka rya Ishimayeli, yari afite imyaka 99 mu isenyuka ry'i Sodomu , yari afite imyaka 100 mu ivuka rya Isaka, yari afite 137 mu ipfa rya Sara, Yari afite imyaka 160 mu ivuka rya Yakobo. Yapfuye afite imyaka 175, ni ukuvuga imyaka 115 mbere y'uko Yakobo asuhukira mu Egiputa.

Aburahamu yizeraga Imana imwe rukumbi

Abantu bo mu gihugu cye basengaga ibishushanyo, na se yarabisengaga (Yosuwa 24 :2). Amateka amwe avuga ko Aburahamu yaba yaratotezwaga mu bwana bwe kuko yaba yari yaranze kuramya ibishushanyo. Ariko se Aburahamu yaba yaramenye Imana ate ? bigenze gute ? Nta gushidikanya, Imana yaba yaramwihishuriye Yo ubwayo. Na none niba twemera imibare iboneka mu gice cya 5 n'icya 11 by'igitabo cy'Itangiriro, Nowa yari ariho mu gihe cy'ubuto bwa Aburahamu kandi Nowa na Metusela bahuriye ku myaka 600 yo kubaho kwabo, kandi

« *Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko uwumva Ijambo ryanjye akizera Uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho, kandi ntacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu, ageze mu bugingo »*(Yohana 5: 24).

« *Yesu arababwira ati : ni jye kuzuka n'ubugingo, unyizera naho yaba yarapfuye, azabaho, kandi umuntu wese ukiriho unyizera, ntazapfa iteka ryose. Mbese wizeye ibyo ? » (*Yohana 11 : 25-26).

« Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka na hato iteka ryose, kandi ntawe uzazimvuvunura mu kuboko kwanjye » (Yohana 10 :28).

Soma na Yohana 17 :11-12.

*« Tuzabone umurage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka niwo namwe mwabikiwe mu ijuru, mwebwe abarindwa n'imbaraga z'Imana kubwo kwizera murindirwa agakiza kiteguwe kazahishurwa mu gihe cy'imperuka.(*1Petero :4-5). Reba na Yuda umurongo wa mbere.

« *Kuko abo yamenye kera yabatoranije kera gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo , kugirango abe Imfura muri bene Se benshi.*

Abo yatoranije kera yarabahamagaye ; kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije yabahaye ubwiza. None se ubwo bimeze bityo, tuvuge iki ? Ubwo Imana iri mu ruhande rwacu, umubisha wacu ni nde ? Mbese ubwo itimanye Umwana wayo w'ikinege, ikamutanga ku bwacu twese izabura ite kumuduhana n'ibindi byose ? Ninde uzarega intore z'Imana ? ni Imana kandi ariyo izitsindishiriza ? Ninde uzaziciraho iteka ? Ni Kristo Yesu kandi ariwe wazipfiriye ; ndetse akaba yarazutse ari iburyo bw'Imana adusabira ? Ninde wadutandukanya n'urukundo rwa Kristo ? Mbese ni amakuba, cyangwani ibyago, cyangwa ni ukurenganywa, cyangwa ni inzara, cyangwa ni ukwambara ubusa, cyangwa ni ukuba mu kaga, cyangwa ni inkota ? Nkuko byanditswe ngo : turicwa umunsi ukira bakuduhora twahwanijwe n'intama z'imbagwa. Oya,ahubwo muri byose turushishwaho kunesha n'Uwadukunze. Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu, cyangwa ubugingo, cyangwa abamalayika, cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho, cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw'igihagararo, cyangwa uburebure bw'ikijyepfo, cyangwa ikindi

cyaremwe cyose, bitabasha kudutandukanya n'urukundo rw'Imana muri Kristo Yesu,Umwami wacu. (Abaroma 8 :29-39).

« Niwe namwe mwiringiye, mumaze kumva Ijambo ry'ukuri, niryo Butumwa Bwiza bw'agakiza kanyu : kandi mumaze kwizera, niwe wabashyizeho ikimenyetso, nicyo Mwuka Wera mwasezeranijwe, uwo twahaweho ingwate yo kuzaragwa wa murage, kugeza ubwo ab'Imana yaronse izabacungura, ubwiza bwayo bushimwe »(Abefeso 1 :13-14)

« Kandi ntimuteze agahinda Umwuka wera w'Imana wabashyiriweho kuba ikimenyetso, kugeza ku munsi wo gucungurwa »(Abefeso 4 : 30).

« Icyo nzi neza ntashidikanya, ni uko Iyatangiye umurimo mwiza muri mwe izawurangiza rwose, kugeza ku munsi wa Yesu Kristo »
(Abafiripi 1 :6).

« *Niwe uzabakomeza kugeza ku mperuka, kugirango mutazabaho umugayo ku munsi w 'Umwami wacu Yesu Kristo »* (1 Abakorinto 1 : 8).

« *Yesu amaze gusoma iyo vino, aravuga ati birarangiye »*
*(*Yohana 19 :30).

« *ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo, ibibahereye ubusa, kubwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo(*Abaroma 3 : 24).

« nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera dufite amahoro ku Mana, kubw'Umwami wacu Yesu Kristo wadushyikirije ubu buntu dushikamyemo kubwo kwizera ; ngo tubone uko twishimira ibyiringiro byo kuzabona ubwiza bw'Imana. Ariko si ibyo byonyine, ahubwo twishimira no mu makuba yacu kuko tuzi yuko amakuba atera kwihangana, kandi kwihangana gutera kunesha ibitugerageza, uko kunesha kugatera ibyiringiro. Bene ibyo byiringiro ntibidukoza isoni, kuko urukundo rw'Imana rwasabye mu mitima yacu kubw'Umwuka Wera twahawe » (Abaroma5 : 1-5).

« Kuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu, ariko impano y'Imana ni ubugingo buhoraho muri Yesu Kristo Umwami wacu » (Abaroma 6 : 23)

« Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera : ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana ; ntibyavuye no ku mirimo kugirango hatagira umuntu wirarira. » (Abefeso 2 :8-9)

Umusozi ARARATI

Igeze ku bilometero 800, ivuye aho yatsukiye, inkuge yaruhukiye mu mpinga y'imisozi ya Arumeniya yitwa Ararati hafi ku bilometero 320 mu maqjyaruguru y'i Ninewe. Umusozi Ararati ufite uburebure bwa metero 5165; ku kirenge cyawo hari umujyi witwa Naksuwana(Naxuana cyangwa Nakhichevan) aribyo bivuga ngo « Aha ngaha Nowa yarahatuye » biranashoboka ko imva ye iri muri uwo mujyi.[11]

1

Aburahamu.

Kwizera niko kwatumye Aburahamu yumvira Imana imuhamagariye kujya aho yari agiye kuragwa : nuko agenda atazi aho ajya. Kwizera niko kwatumye aba umusuhuke mu gihugu yasezeranijwe, akaba nk'umushyitsi muri cyo, akabana mu mahema na Isaka na Yakobo, abaraganywe nawe ibyo byasezeranijwe kuko yatekerezaga umudugudu wubatswe ku mfatiro, uwo Imana yubatse, ikawurema
(Itangiriro 11 :8-10).

Kwizera niko kwatumye Aburahamu atamba Isaka,ubwo yageragezwaga. Kandi dore uwasezeranijwe ibyasezeranijwe yari agiye gutamba umwana we w'ikinege, uwo yabwiwe ibye ngo : « Kuri Isaka niho urubyaro ruzakwitirirwa.

Kuko yibwiye yuko Imana ibasha ndetse kuzura n'abapfuye, nicyo cyatumye amugarurirwa nk'uzutse(11 : 17-19)

Guhamagarwa kwa Aburahamu *(Itangiriro 12 : 1-3)*

Aha niho inkuru yo gucungurwa itangirira. Yari yarakomojweho mu murima wa Edeni
(3 : 15). Ubu rero hari hashize imyaka ibihumbi bibiri(2000) nyuma y'irema no kugwa kwa muntu n'imyaka 400 nyuma y'umwuzure, mu isi yaguye mu gusenga ibishushanyo , n'ubugome, Imana nibwo yahamagaye Aburahamu ngo ashinge Muvoma y'Ivugurura no Gucungurwa k'umwana w'umuntu.

Aburahamu yahawe isezerano ku bazamukomokaho, muri ubu buryo :

1. Bazaragwa igihugu cy'i Kanani

11 H. Henry, Halley, Ibidem

II.13.3. Ibyitegererezo by'abizera tubona mu Abaheburayo 11

Dore amazina n'amateka ya bamwe mu bizeye Imana by'ukuri :

Abeli

Kwizera niko kwatumye Abeli aha Imana igitambo kiruta icya Kayini kuba cyiza, ni nako kwamuhaye guhamywa ko ari umukiranutsi, ubwo Imana yahamyaga ko amaturo ye ari meza, kandi ni nako kwatumye na none akivuga, nubwo yapfuye(umurongo wa 40.

Henoki

Kwizera niko kwatumye Henoki yimurirwa mu ijuru ngo adapfa, kandi ntiyaboneka kuko Imana yamwimuye, kuko yahamijwe atarimurwa ko yanejeje Imana(Umurongo wa 5)

Nowa

Kwizera niko kwatumye Nowa atinya Imana , amaze kubwirwa na Yo iby'ibitaboneka , akabaza inkuge yo gukiza abo mu nzu ye, niyo yacishije iteka ry'abari mu isi, aragwa gukiranuka kuzanwa no kwizera (umurongo wa 7)

Igihe Nowa yamaze mu nkuge

Nowa yinjiye mu nkuge iminsi irindwi mbere y'uko imvura itangira kugwa (Itangiriro 7 :4,10). Imvura yatangiye kugwa ku munsi wa 17 w'ukwezi kwa kabiri k'umwaka wa 600 Nowa avutse (Itangiriro 7 :11). Imvura yaguye iminsi 40(7 :12). Amazi yisanzuye iminsi 150 (7 : 24 ; 8 :3). Inkuge yaruhutse ku munsi wa 17 w'ukwezi kwa 7 (8 : 4). Igipfundikiye iyo nkuge cyavanyweho ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa 1 w'umwaka wa 601 Nowa avutse (8 :13). Nowa yasohotse mu nkuge ku munsi wa 27 w'ukwezi kwa 2(8 : 14-19). Igihe yamaze mu nkuge rero ni umwaka 1 n'iminsi 17. Amezi atanu, inkuge yarerembaga ku mazi, hanyuma amezi arindwi iyamara ku musozi.

Tugomba kumenya ko dufite ubugingo buhoraho « Ibyo ndabibandikiye, mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana, kugirango *mumenye* yuko mufite ubugingo buhoraho » (1 Yohana 5 :13).

Niba ukijijwe, ariko ukaba ushidikanya ku gakiza kawe, soma aha hakutrikira :1 Yohana 5 : 10-11 ; Abaroma 8 : 15-16 ; 1Yohana 3 :1-2 ; Abaroma 8 : 23-24.

Abanze umucyo n'agakiza k'Imana, kandi baramenye Ijambo ry'Imana, maze bakarwanya umusaraba ntibizere Yesu, dore uko Ijambo ry'Imana ribavugaho : soma Yohana 3 : 19-21 ; 6 : 45 ; 12 : 32 ; 16 :8-11. Uhirwa ni wa wundi ugenda atera intambwe agana imbere, hamwe no kwizera ko Uwiteka ari we Byiringiro bye (Imigani 3 : 26).

II.9. UMUTEKANO DUFITE MU KWIZERA YESU.

Bibiliya iduhamiriza ko abizera bose bafite agakiza. Soma, wongere usome iyi mirongo ikurikira iragufasha kumenya niba ufite agakiza ;

1. Bibiliya ni Ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ni ukuri. Tugomba kwiringira yuko ibyo ritubwira byose ari ukuri.

« Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu, ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe n'Umwuka Wera » (2 Petero 1 :21). Soma na 2 Timoteyo 3 :16.

2. Bibliya ivuga ko uhereye igihe wihaniye ibyaha byawe ukizera Umwami Yesu uba ukijijwe (Ibyakozwe n'Intumwa 2 :38)
3. Ubu noneho urashaka kumenya ko waje kuri Yesu Kristo nk'umunyabyaha wo kurimbuka kandi ko wamusabye ngo aguhe agakiza. Ese wamwemeye nk'uwahanwe mu cyimbo cyawe, azira ibyaha byawe ?
4. Niba igisubizo ari yego, rero Imana irakubwira muri Bibliya ko wakiriye agakiza, ko wakijijwe. Mu yandi magambo- kandi ni ngombwa gusobanukirwa ibi neza – ikitumenyesha ko dukijijwe ni Ibyanditswe Byera . Uko kuri tukubwirwa mu buryo busobanutse muri 1 Yohana 5 :13. Buri mukristo yakagombye gufata mu mutwe uyu murongo. « Ibyo ndabibandiye, mwebwe abizeye izina ry'Umwana w'Imana,

kugira ngo mumenye yuko mufite ubugingo buhoraho. »

Niba wizera Yesu Kristo, wakiriye agakiza, urakijijwe. Bibliya irabyemeza. bibazo bamwe bahura nabyo biterwa nuko bubaka kubyo biyumvamo, aho kubaka kubyo Bibliya ivuga. Baravuga ngo : « ntabwo ndikwiyumvamo ko nkijijwe ». Bahora bategereje ko hagira ibintu bidasanzwe bimeze nk'igitangaza byabaho, hanyuma bitaba bagashidikanya ku gakiza kabo.

Umuntu, ibyiringiro by'agakiza ke bishingiye ku kuntu yiyumva muri we, akwiriye kumenya ko afite ingorane kuko uko yiyumva bigenda bihindagurika cyane. Ijambo ry'Imana ryo ntirihinduka na gato. Ishingikirize ku byo Bibliya ikubwira ureke ibyo wibwira, ibyo wiyumvamo. Undi ashobora ahari kubaza ati : umuntu ntiyakagombye kugira ibyishimo igihe abonye agakiza Igisubuzo ni yego. Gusa na none, tugomba kumenya ko tubona agakiza mbere yo kumva umunezero muri twe. Kwizera kubanziriza kumenya ko dukiijwe. Tumenya ko twakiriye agakiza kubera ko Bibliya ibitubwira.

DUFITE UMUTEKANO W'ITEKA KU GAKIZA KACU.

Mbese umukristo ashobora gutakaza agakiza ke ?

Niba umuntu yizera Yesu, yaravutse ubwa kabiri, aba yararonse agakiza k'iteka ryose. Uwizera aba ari mu bwishingizi bw'iteka.

Imirongo irindwi iri mu Byanditswe Byera, tugiye kubona ko ihamya uko kuri kutagira uko gusa ; hari n'indi myinshi nayo umuntu yavuga. Iyi tugiye kuvugaho uyisome witonze.

1. Yohana 10 :27-29 : « Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi, kandi zirankurikira. Nziha ubugingo buhoraho, kandi ntizizarimbuka nahato iteka ryose, kandi ntawe uzazivuvunura mu kuboko kwanjye. Data wazimpaye aruta bose ; ntawe ubasha kuzivuvunura mu kuboko kwa Data. Reba Yohana 10 : 27-29 ; 5 : 24 ; 3 : 36 ; Abaroma
2. Yohana 5 : 24. Hasome…Hagize uwizera utakaza agakiza ke, n'ubwo yaba umwe, ubwo Yesu yaba adasohoje isezerano yaduhaye. Ibyo rero ntibishoboka.

Hari benshi bagiye kurimbuka kubera gukerensa incungu twahawe ariyo Yesu Kristo. Umuntu uzarimbuka niwe uzaba abyiteye kuko Imana yakoze byose ngo buri wese wizera Kristo abone ubugingo buhoraho. Habayeho umugabo witwa Ngoragoze, abyara umwana umwe amwita Ntawundi. Uwo mwana amaze gukura ajya guhakwa i bwami. Hashize igihe kirekire, Ngoragoze biba ngombwa ko ajya gushaka umwana we Ntawundi, kugirango atahe aze kugirango amurage ibye(ibintu). Ngoragoze ageze i bwami yinginga umwana we ariko Ntawundi yanga gutaha. Umwami asaba Ngoragoze kujya gushaka amahembe atatu y'inzovu kugirango amurekure atahe. Ngoragoze aragenda ageze iwe, ateranya umuryango, atumira inshuti. Bafata gahunda yo kujya guhiga, nuko babona ayo mahembe atatu. Arayajyana, agezeyo bahamagara Ntawundi. Ntawundi yanga kujyana na se. Ngoragoze arataha ariko asiga ayo mahembe ku irembo i bwami kugirango abe urwibutso, maze uko Ntawundi ayabonye ajye yibuka ko se yaje kumucungura ariko akaba yaranze gutaha. Ntawundi agirana amasezerano n'Umwami, arandikwa. Igihe kigeze, umwami arapfa. Hariho itegeko rivuga ko igihe umwami atanze, bamuhamba hamwe n'uwo akunda. Bazanye ibitabo basanga ari Ntawundi ugomba guhambanwa n'umwami . Babikojeje Ntawundi arabatsembera. Ati : « sinshaka guhambwa. Nabo bati nta wundi uri buhambanwe n'umwami uretse wowe. Bigeze aho aratakamba, ariko ntibyemerwa. Ati : « Nimundeke nsubire kwa Data, bati warakererewe, igihe so yazaga kugucungura ukanga nicyo cyari igihe. Nuko Ntawundi bamuhambana n'umwami ari muzima .

- **Ngoragoze** wamugereranya n**'Imana**
- **Amahembe** atatu twayagereranya na **Yesu Kristo**
- **Ntawundi** twamugereanya n'**umuntu**
- **Uwo mwam**i agereranywa na **Satani.**

Igihe kizagera impanda y'Imana ivuge, abanze kwakira agakiza bapfane na Satani. Bazifuza kwihana bitagishobotse. Bazatakamba ariko bibe iby'ubusa. Incungu yacu irahari, ni Yesu Kristo. Umwizera wese afite agakiza. Abanze kumwizera nibo bazajya mu muriro utazima.

Kwizera ni ibyiringiro byuzuye tugira mu Ijambo ry'Imana. Ni ukugira icyizere mu kudahemuka kw'Imana. Ni ukwiyumvamo no kwiyumvisha ko ibyo Imana ivuga ari ukuri kandi ko ibyo yasezeranije bizasohora. Kwizera kurebana mbere na mbere n'iby'igihe kizaza « ibyiringirwa » ndetse n'ibitagaragara « ibyo tutareba ».

Nkuko Witiye(Whittier) abivuga, kwizera kuragenda kukagera ahari ubusa kukaza gushyika ku rutare kwishingikirizaho. Ariko ntibijya bishyika aho. Kwizera ntabwo ari ugusimbukira mu kirere. Gusaba urufatiro rukomeye, kandi urwo rufatiro ni Ijambo ry'Imana. Hari bamwe bibwira, ariko bibeshya, ko Kwizera gusa, kuburyo bukomeye byaba bihagije ngo ikintu runaka kibeho. Ariko ibyo ni ukudahinyura, si ukwizera…Muyandi magambo, kwizera gukurura igihe kizaza kukagishyira mu gihe cy'ubu,kandi ibitabonwa kukabihindura ibigaragara. Ntakigwirira umuntu w'Imana. Kwizera ntikugarukira ku bishoboka ahubwo kwinjira mu cyicaro cy'ibidashoboka. Umuntu umwe yageze n'aho avuga ngo : « Kwizera gutangirira aho ibidashoboka birangirira. Niba ari mu cyiciro cy'ibishoboka, icyo gihe nta cyubahiro Imana yabikuramo. Ariko niba ari ibidashoboka, nibwo kizaboneka. »

Twagombye kuvuga ko kubaho mu kwizera kutabura kugendana n'ingorane ndetse n'ibirushya, cyangwa se ibibazo. Imana igerageza kwizera kwacu mu muriro w'umubabaro n'ibigeragezo kugirango irebe ko ari uk'ukuri.(1 Petero 1 :7). Akenshi biba ngombwa ko umuntu ategereza imyaka myinshi mbere yuko amasezerano yahawe asohora, habaho n'ubwo ayo masezerano asohora, uwayahawe atakiri mu mubiri. Ariko nkuko JORGE Mula abivuga neza « Akenshi ibirushya bibera kwizera kwacu ibyokurya . » Ariko kandi hatariho kwizera, ntibishoboka kunezeza Imana (Abaheburayo 11 :6). Mu gihe twanga kwizera Imana tuba tuyise inyabinyoma(1 Yohana 5 : 10). None se ni gute twanezeza Imana kandi tuyita inyabinyoma ?

Ibanga ry'abizera

Ibanga riri mu kwizera, ni incungu abizera bafite, ariyo Yesu Kristo. (Abaheburayo 2 :17 ; Matayo 20 :28).

simusiga ko atigeze avuka ubwa kabiri. Umutekano wacu ntugomba kuba urwitwazo ngo dukore ibyaha, ahubwo ugomba kuba inkomezi ngo twe kubikora.

15. Hari imirongo muri Bibliya ishobora gutuma umuntu atekereza ko abakristo bashobora gutakaza agakiza kabo. Nyamara kandi iyo witegereje neza iyo mirongo, usanga ko ireba abantu biyitirira abakristo, cyangwa bigeze kumenya inzira y'agakiza ariko bakayita, bakayanga. Nta na hamwe Ibyanditswe byera bitubwira ko umuntu wavutse ubwa kabiri by'ukuri ashobora kurimbuka. Ari mu mutekano wuzuye.
16. Mu gusoza iyi ngingo, turahamya ko Bibliya Yera iduha ubwishingizi bw'agakiza kacu. Ariko siyo yonyine. Ibindi biduhamiriza ko twakijijwe ni :
17. – urukundo tugirira bene Data na bashiki bacu mu kwizera – Urwango tugirira icyaha n'urukundo tugirira ugukiranuka - Uburyo dushishikarira Ijambo ry'Imana, n'ubushake bwacu bwo gusenga
18. Muri ibi byose, icya mbere kandi ari nacyo soko y'ubwishingizi ni ikintu kitabeshya umuntu kandi k'ikiringirwa mu bibaho byose ari cyo Jambo ry'Imana.

Nk'uko Jorje Kutingi mu nyandiko yitwa UMUTEKANO NO GUSHIDIKANYA abivuga : « Amaraso ni yo aduha umutekano, naho Bibliya ikaduha ubwishingizi . »

II 10. Umwuka Wera nawe adutangira ubuhamya.

Umwuka Wera nawe ni Umugabo wo guhamya ko abizera Yesu by'ukuri bafite agakiza.

II.10 .1. Umwuka Wera ni nde ?

1. Angana na Data wa twese. Angana na Yesu Kristo

2. Ahwanije ibiranga-Mana n'aba bombi.

3.. Bibliya itubwira ko Umwuka Wera ari Imana. Imana ni imwe, mu Butatu : Data wa twese, Yesu Kristo, Umwuka Wera.

n'Intumwa 5 : 3-5 ; 1 Petero 1 :2 ; 1 Abakorrinto 12 : 4-6 ;
Abafeso 2 : 18.

- Umwuka Wera ahwanije ibiranga-Mana na Data, na Yesu. Twibukiranye ibiranga-Mana bikuru : Kubaho kw'iteka, kumenya byose, gushobora byose, kubera hose icyarimwe
- Umwuka Wera ni Uwiteka

Mu Abaheburayo 9 :14 haravuga ngo : « Kristo, witambiye Imana atagira inenge, ku bw'Umwuka w'iteka, ntazarushaho guhumanura imitima yanyu… » (Abahheburayo 9 :14).

4. Umwuka Wera azi byose

« Mu gitsina cya Yesayi hazakomoka agashami, mu mizi ye hazumbura ishami ryera imbuto, Umwuka w'ubwenge n'uw'ubuhanga, Umwuka wo kujya inama n'uw'imbaraga, Umwuka wo kumenya Uwiteka n'uwo kumwubaha
(Yesaya 11 : 1-2). Soma n'Ibyahishuwe igice cya 2 n'icya 3 ; haragaruka kenshi ngo « ufite ugutwi, niyumve ibyo Uwiteka abwira Amatorero. » Kuki ? Ibi birerekana ko Umwuka Wera amenya ibikenewe na buri Torero ryose.

5.Umwuka Wera ashobora byose.

Gushobora byose kwe turakubona neza mu kurema. « Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejuuru y'imuhengeri : maze Umwuka Wera yagengagendaga hejuru y'amazi » (Itangiriro 1 :1-2).
« Umwuka wayo utera ijuru kurabagirana » (Yobu 26 :13).
« Wohereza Umwuka wawe, bikaremwa ; ubutaka ubusubizaho ubugingo bushya »(Zaburi104 :30).
« Umwuka w'Imana niwe wandemye ; kandi guhumeka kw'Ishobora byose niko kumbeshejeho » (Yobu 33 : 4).
Soma na 1 Petero 3 :18 ; Abaroma 8 :11 ; Ibyakozwe n'Intumwa 8 :39 ; Matayo 12 :31.

izajya itubonera ibidutunga n'ibyo kwambara,nidushaka mbere na mbere ikuzo ryayo. (Matayo 6 : 33). Wiliyamu, umudozi w'inkweto waje guhinduka Misiyoneri , yavugaga ko umurimo we ari ukubwiriza Ubutumwa Bwiza, naho gushyiramo indiba z'inkweto akaba yarabikoraga kubw'imibereho.

3. Inzitizi ya gatatu ni umuryango, imibanire n'abandi, « undi ati : ndi bugukurikire, Databuja ariko reka mbanze njye gusezera ku b'iwanjye. Ariko Yesu aramubwira ati : nta muntu ufashe isuka ureba inyuma, ukwiriye ubwami bw'Imana »(Luka 9 :61-62). Uriya muntu yari yagiye guhinga, ariko ari mu nzira agenda yibuka inshuti ze maze arakubanuka aragaruka. Ni nk'aho mu by'ukuri Umwami Yesu yakamubwiye ati : « Abigishwa banjye bo si uko bameze. » Kuba umwigishwa wa Yesu bisaba kudahindagurika. Amarira y'ababyeyi n'abo mu muryango yagiye abuza abakristo benshi bashya gukurikira Kristo « Bakanga kubabaza ababyeyi ! »

« Inshuti » yenda zidafite n'umugambi mubi zagiye zihindura icyemezo cya bamwe mu bigishwa bashya bababwira ngo : « ukwiye gutekereza ku buzima bwawe.»Soma Yohana12 :24.
Umwigishwa wa Yesu agomba kumenya neza ko no guca mu ruganda bishobora kuba. « Dore ndagutunganije, ariko si nk'ifeza, nkugeragereje mu ruganda rwo kubabazwa » (Yesaya 48 :10.) Imana ntijya ipfubya.Ni ngombwa ngo umwigishwa asohoke mu ruganda rwo kubabazwa , atunganijwe neza. « si nk'ifeza ! ».
« Mwebweho ntimuragera aho muvushwa amaraso »
(Abaheburayo 12 : 4).

II.13.3. Kwizera icyo ari cyo, dukurikije Abaheburayo 11 :1

Kwizera ni ukumenya rwose, ibyiringirwa, udashidikanya ko bizaba, kandi niko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri. Icyatumye aba kera bahamywa neza ni uko bari bagufite .
Kwizera niko kutumenyesha ko isi yaremwe n'Ijambo ry'Imana, nicyo cyatumye ibiboneka bitaremwa mu bigaragara.

Hari inzitizi eshatu nkuru zitambika mu nzira y'abashaka bataryarya gukurikira Umwami Yesu. Luka 9 :57-62 arabidusobanurira.

1. Icya mbere ni ukumererwa neza mu by'ubutunzi. « Bakiri mu nzira, umuntu aramubwira ati : « ndagukurikira aho ujya hose. Yesu aramubwira ati : ingunzu zifite imyobo, n'ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko umwana w'umuntu ntafite aho kurambika umusaya » (Luka 9 : 57-58). Uwo muntu yavugaga ko yiteguye kuba yakurikira Yesu aho ariho hose. Yesu amwibutsa ko ibyo bishobora kumuzanira ubukene burenze ubw'ingunzu ndetse n'inyoni.

   Nta nahamwe twumva bongera kuvuga uwo muntu. Ntabwo yari yabanje gupima ngo arebe ikiguzi ibyo bizamusaba.
2. Inzitizi ya kabiri, ni umwuga. « Maze abwira undi muntu ati: nkurikira. Nawe aramusubiza ati : Databuja, reka mbanze ngende mpambe data. Ariko Yesu ati : reka abapfuye bihambire abapfuye babo, ariko wehoho genda ubwirize abantu iby'ubwami bw'Imana. »(Luka 9 :59-60) . Uwo muntu yari afite umurimo agomba gukora , yashakaga guhamba se. Wari umurimo ufite ishingiro, ariko umubuza gukurikira Yesu. Urebye uwo muntu yaravugaga ati : « Mwami…reka nibanze ». Kuriya yabikoze, yerekanye nyine ko atari yiteguye gukurikira Umwami Yesu. Igisubizo cy'Umwami Yesu cyahishuye uko ibintu bimeze : « Reka abapfuye bihambire abapfuye babo, naho wowe, genda ubwirize abantu iby'ubwami bw'Imana. »

Mu yandi magambo : abapfuye mu buryo bw'umwuka bafite ubushobozi bwo gukora imirimo imwe n'imwe, nko guhamba abapfuye babo, naho indi mirimo nko kubwiriza abantu iby'Ubwami bwo mu ijuru, ntawundi ushobora kuyikora uretse abakristo. Ntabwo tugomba kumara igihe cyacu dukora ibyo abatizera babasha kwitunganyiriza ubwabo.

Aya magambo ntavuga ko bibujijwe ko abakristo bakora imirimo cyangwa imyuga, ariko ibikorwa by'umwuga wacu ntibigomba kuba intego nkuru yo kubaho kwacu.

Kwikenura ntibizatubere ikintu kimwe rukumbi cyo guhugiraho mu buzima bwacu. Intego yacu y'ibanze ni iyo kumenyekanisha Yesu Kristo, indi mirimo yacu ijye ijya ku mwanya wa kabiri. Imana yasezeranije ko

6. Abera hose icyarimwe

Zaburi 139 : 7-12 ibihamya mu buryo busobanutse : « Ndahungira Umwuka wawe he ? Ndahungira mu maso hawe he ? Nazamuka nkajya mu ijuru, uriyo.

Nasasa uburiri bwanjye ikuzimu, dore, uriyo. Nakwenda amababa y'umuseke, ngatura ku mpera y'inyanja ; aho naho ukuboko kwawe kwahanshorerera, ukuboko kwawe kw'iburyo kwahamfatira. Nakwibwira nti « Nukuri umwijima niwo uri buntwikire, umucyo ungose uhinduke ijoro » ; n'umwijima ugire icyo uguhisha ; ahubwo ijoro riva nk'amanywa ; umwijima n'umucyo kuri wowe ni kimwe. »

- **Bibliya iha Umwuka Wera umwanya ungana nk'uw'Imana**

Bumwe mu buhanuzi bukuru bwerekeye Mesiya, bwerekanye ko yagombaga no gusigwa Umwuka w'Uwiteka (Yesaya 61 :1). Uwo Mwuka ni we kamero (essence) k'Imana. Isezerano Rishya ribihamya rivuga ko : « Umwami ari we Mwuka… » (2 Abakorinto 3 :17-18). Ijambo Umwami rivugwa kuri buri umwe mu bagize Ubutatu bw'Imana. Yesu yavuganaga na Se nk' « Umwami w'ijuru n'isi » (Matayo 11 :25). Umwana ni « Umwami » Ibyakozwe n'Intumwa 2 :36, n'Abaroma 10 :9). Ni nako biri mu Mwuka wera, nk'uko tumaze kubibona haruguru. Ijambo « Umwami » mu gihe bivuga « Umutware w'ikirenga » ni umwanya Bibliya iha buri umwe mu Butatu bw'Imana, bityo iba ibise « Imana » kuko mu myumvire y'iryo jambo nta wundi wahabwa iryo zina uretse Imana yonyine. Soma na 2 Abakorinto 3 : 18 ; byakozwe n'Intumwa 5 : 3-4. Mu gusoza, dore umwanzuro : Umwuka Wera ari nawe waje ku isi ngo akore nk'umufasha-uwo Umwami yesu yitaga « undi muhoza » -angana na Data wa twese kandi angana n'Umwana. Niba ushaka kurushaho gusobanukirwa, soma : Zakariya 4 :6 ; Abaheburayo 9 :14 ; « Ariko Imana yabiduhishurije Umwuka wayo : kuko Umwuka arondora byose, ndetse n'amayoberane y'Imana : Mbese mu bantu ni nde wamenya ibyo undi atekereza, keretse Umwuka wa wa wundi umurimo ? N'iby'Imana niko biri ; nta wabimenya keretse Umwuka wayo (1 Abakorinto 2 : 10, 11).

II. 10. 2 Bimwe mu byo Umwuka Wera ahamya ku bizera Yesu

1. Turejejwe kandi turatunganye mu maso y'Imana

« Kuko abezwa yabatunganishije rwose igitambo kimwe kugeza iteka ; kandi Umwuka Wera niwe mugabo wo kuduhamiriza ibyo. Amaze kuvuga ati : iri niryo sezerano nzasezerana nabo....arongera ati: « ibyaha byabo n'ubugome bwabo sinzabyibuka ukundi »Abaheburayo 10:14-17.

« Uwo Muhamya w'ijuru ati : « kuko nzababarira gukiranirwa kwabo, kandi icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi »(Yeremiya 31 :33-34).

2. Twahinduwe abana b'Imana.

Umwuka w'Imana ubwe ahamanya n'umwuka wacu yuko turi abana b'Imana »

(Abaroma 8 : 16). Umwuka Wera uwizera yahawe niwe umushoboza kuvuga yeruye ati : « Abba Data ». Ubu ni ubuhamya bw'Umwuka bwo mu Abaroma 8 :16.

3. Twizeye tudashidikanya agakiza kacu

« Uwizera Umwana w'Imana aba afite uko guhamya muri we »

(1 Yohana 5 :10).

Ahangaha, Umwuka Wera ahamya uku kuri kutoroshye guhishurirwa : Imana yaduhaye ubugingo buhoraho kandi ubwo bugingo buri Mwana wayo.

« Ibihamya ni bitatu : Umwuka, amazi, n'amaraso ». Ibyo bihamya bihuriza hamwe mu guhamya mu izina ry'Imana ko abizera Yesu bafite ubugingo buhoraho.

(1 Yohana 5 : 8, 11).

Uwizera Umwana w'Imana aba afite uko guhamya muri we ». Ibyo se urumva bishaka kuvuga kindi ki, uretse kwerekana ko Umwuka Wera ubwe atura mu mutima wizeye Yesu ? « Mbese ntimuzi ko imibiri yanyu ari insengero z'Umwuka Wera uba muri mwe ? » (Abakorinto 6 : 19). Iyo avutse ubwa kabiri amaze no kwezwa n'amaraso y'igiciro cyinshi ya Kristo, Umwizera ashyirwaho ikimenyetso cy'Umwuka Wera

c. Kumukurikira ni ukujya aho atuyobora kujya,aho ariho hose, n'ikiguzi byadusaba icyo ari cyo cyose.
2. Icya kabiri, kugendera buri gihe mu Ijambo rya Kristo (Yohana 8 : 31). Ibyo bidusaba kumwubaha byuzuye, ukagendera mu bushake bwe, igihe cyose(1 Yohana 3 : 24).
3. Icya gatatu, urukundo nyakuri rw'imbere. Urwo rukundo ukunda Kristo rugomba gusumba izindi nkundo zose(Luka 14 : 26).
4. Na none umwigishwa wa Yesu agomba kugira urukundo nyakuri ku bandi bakristo(yohana 13 : 35). Ntacyo bimaze kuvuga ko dukunda Imana, niba tudakunda ubwoko bw'Imana.(1 Yohana 4 : 20).
5. Icya nyuma ni ukugira ubuzima bwera imbuto zubahisha Imana (Yohana 15 : 8). Ibyo ntibisobanura gusa gukorera Imana n'umwete mwinshi, ahubwo cyane cyane gukurira mu buntu no kugenda urushaho gusa na Yesu.

Ushobora kuba umukristo ariko ntube umwigishwa wa Yesu Kristo. Gukurikira Yesu, ni ukugendera mu nzira ifunganye, iyo kandi umukristo ashobora kwemera kuyinyuramo nkuko na none ashobora kuyanga. Intambwe ya mbere ni igikorwa kigaragaza ko umuntu yiyeguriye Kristo, igikurikiraho rero ni ukugandukira buri munsi ubushake bw'Imana (Abaroma 12 : 1-2).

Umwigishwa wa Kristo agomba kwitegura guhura :

- N'urwango ab'isi bazamugirira.
  (Luka 6 : 22 ; Yohana 15 :18-21 ; 17 :14).
- N'akarengane (Luka 10 :3 ; Yohana16 :1-3 ; 2 Timoteyo 3 : 12)
- No gusebwa (1 Petero 4 :4)
- N'ubwigunge. Ni umunyamahanga n'umugenzi hano ku isi (Yohana 17 :16 ; 1 Petero 2 : 11)
- No kwigomwa, ndetse ntiyite ku bugingo bwe kubwo guhamya Ubutumwa Bwiza (Ibyakozwe n'Intumwa 20 : 24 ; Abafiripi 3 : 4).
- N'ubukene (2 Abakorinto 11 : 27).

Muri make kuba umwigishwa bisobanura kubaho gusa ku bw'Umwami Yesu Kristo. (Matayo 6 :24).

- Umwuka Wera yari gukora mu mutima ku munsi wa pentekoti. Bamaze kumva amagambo ya Petero « Bibacumita mu mitima, nuko babaza Petero n'izindi ntumwa bati : « Bagabo bene Data, mbese dukore iki ? » (Ibyakozwe n'Intumwa 2 :37). Ntawigeze abashyiraho igitsure, Umwuka Wera wenyine niwe wakoze.
- Tuvuge na none inkone ya Filipo « Atumira atabaza, aturumbuka mu nzu ahinda umushyitsi, yikubita imbere ya Pawulo na Silasi, maze arabasohokana, arababaza ati : « Batware nkwiriye gukora nte ngo nkire ? » (Ibyakozwe n'Intumwa 16 :29-30).

II.13.2. Kuba umwigishwa wa Yesu

Hari ingorane ishobora kugera ku mwigishwa mushya: iyo kutiyegurira Imana byuzuye. Abenshi ni abakira Yesu nk'Umukiza, ariko bakagingimiranya kumukurikira n'umutima wabo wose, mu gihe bibasabye ikiguzi gihenze. Iyo usomye Ubutumwa Bwiza, nubwo utacengeramo cyane , ubonamo ko Kristo adasezeranya abigishwa kuzagira ubuzima bw'iraha, bwo gutunganirwa muri byose, cyangwa bwo gukundwa n'abantu benshi cyane. Ahubwo ku bashaka kumukurikira , abasaba ibintu bikomeye ndetse biruhije cyane. Reba bimwe mu biranga intumwa nyakuri :

1. Icya mbere ni ukwiyanga , guhora wikoreye umusaraba wawe no kumukurikira (Matayo 16 : 24).

a. Kwiyanga bisobanura kureka ibyo ufitiye uburenganzira, n'inyungu zawe, maze ukabatwa n'ubushake bw'Umwami Yesu.
b. Gufata cyangwa kwikorera umusaraba wawe bisobanura gupfa ku cyaha,gupfa mu gusaba ibikugenewe,gupfa mu gushimwa cyane n'ab'isi. Umusaraba usobanura isoni, kubabazwa, ndetse n'urupfu, ku bakurikiye Umwami Yesu. Ntugirengo hari ikindi dutegereje ku isi uretse ibyo.

wasezeranijwe. Umwuka Wera ahawe, kuri we ni Umuhamya ko afite ubugingo buhoraho, n'ingwate yo kuzaragwa wa murage kuri wa munsi w'ubwiza dutegereje.(Abefeso 1 :13-14)

Muri make :

Umwuka ni Umuhamya kandi araduhamiriza. Ageza k'uwizera Yesu uguhamya kw'Imana maze akamuhamiriza ko afite ubugingo buhoraho. Atura mu mutima we(1 Yohana 5 :10) Kandi akadusobanurira ko ubwo Kristo ari uwacu, ubugingo buhoraho ni ubwacu, kandi ko ibyo byose bikomoka ku murimo wa Yesu ku musaraba.

Igihe Satani azaza agashaka kugushukashuka agirango ushidikanye ku gakiza kawe uzamusubirishe Ibyakozwe n'Intumwa 16 : 31 ; Yohana 1 : 12 ; Yohana 3 :36 ; Yohana 5 : 24 cyangwa Abaroma 10 : 9 ; aho Imana ivuga ko ukijijwe (ufite agakiza) kubera ko wamaze kwizera Umwami Yesu.

Umwanzi ntazaguhahamirisha gushidikanya ku gakiza kawe nuramuka umusubirishije Ibyanditswe Byera.

II.10.3. Icyaha cyo gusuzugura Umwuka Wera.

Iyo urebye, usanga atari gusa gutuka Umwuka Wera nkuko tubona byanditse muri Mariko 3 :28-30, ahubwo ni ukugendera mu kutizera bukaba aribwo buzima bw'umuntu, ndetse ugasanga umuntu asa n'ubyimenyereza ; nicyo bivuga. Niba hari abantu byari byoroheye kwizera Yesu Kristo, ni Abayuda, ariko impamvu zose zabahwituriraga kwizera Yesu Kristo bazigizagayo ahubwo ibitangaza byagaragazaga ko ari Imana bakabyitirira Satani. Niyo mpamvu barekewe mu kutizera, ku bushake bwabo, maze kuva ubwo ntibabe bagishobora kwizera (Matayo 12 : 31-32 ;

Luka 12 :10 ; Yohana 12 : 37- 40).

Iyo bimeze bityo imbabazi ntiziba zigishobotse

(Mariko 3 : 29 ; Abaheburayo 10 :26-27).

Mu by'ukuri twizera tudashidikanya ko icyaha cyo kutizera Umwami Yesu ari cyo cyaha kimwe rukumbi kijyana umuntu mu irinmbukiro ry'iteka, kuko gishingiye mu kwanga imbabazi z'Imana. Iki cyaha umukristo

wageze ku musaraba ntabasha kugikora. None se twavuga iki ku muntu ushaka kwizera Yesu, ariko akaba ahora ahangayikishijwe n'uko yaba yarakoze icyaha kitababarirwa ? Igisubizo ni uko umubabaro we, n'ubushake bwe bwo kwizera, ari ibigaragaza ko mu by'ukuri atakoze icyo cyaha.Isezerano rigenewe uyu muntu riboneka muri Yohana 1 : 8 kugeza 2 : 2.

II.11. Byose bishobokera uwizeye

Kwizera ni igisubizo ku bibazo byose kuko Yesu ari byose ku bamufite. «Yesu aramubwira ati : Uvuze ngo niba bishoboka ? Byose bishobokera uwizeye « (Mariko 9 : 23). Dufatire urugero kuri Aburahamu : Imana yamusezeranije ko urubyaro rwe ruzangana n'inyenyeri zo mu ijuru. Dutekereje nk'abantu, iryo sezerano ubundi ntiryashobokaga kuko Aburaahamu yari afite hafi imyaka ijana kandi umugore we yari ashaje cyane kuburyo bitari bigishobotse kubyara. Kugeza icyo gihe nta mwana n'umwe bari bakabyara nyamara Imana yari yarabahaye isezerano maze Aburahamu agira ubutwari bwo kuryizera, kuko yari azi ko Imana ishobora gushyira mu bikorwa n'ibidashoboka. Inkuru y'Aburahamu yandikiwe kugirango tuyigireho. Natwe Imana yiteguye kudukorera ibikomeye niba tuyiringiye. Aburahamu aho yageraga agasa n'ubona ko ibyo arimo bidasobanutse yarushagaho kwihambira ku isezerano akoresheje kwizera ; akibuka ngo : « urubyaro rwawe ruzangana n'inyenyeri ». Mu bisanzwe , yari azi ko kuba ageze hafi mu myaka ijana, umubiri we utari ugifite ubushobozi bwo kubyara, ntiyari ayobewe kandi ko na Sara aho yari ageze atari uwo kuba akibyaye. Ibyo byose yarabyitegerezaga akabona bikomeye ariko ntibyamunyeganyeje mu kwizera kwe : ntiyabyitayeho. Mu kwishingikiriza ku isezerano ryavuye mu ijuru, iyo gushidikanya kwamugeragaho, ntikwamuganzaga. Kubera ko imbaraga ze yazivomaga mu kwizera, yashoboye guha Imana icyubahiro, kuko yari amaze gucengerwa byuzuye n'uko Uwiteka atajya ahindagura ngo yisubiremo kubyo yavuze kandi ko ashobora gusohoza icyo yasezeranije. Mu by'ukuri, uwo mwitwaro we niwo watumye Uwiteka imwishimira ndetse yitwa umukiranutsi. Twirinde gushidikanya ku Mana

II .13. IBYITEGEREREZO BY'ABIZERA NYAKURI.

Hari ibintu dukwiye kwigira ku batubanjirije mu kwizera.

II.13.1. Kwizera bijyana no kwihana by'ukuri

Mbere yo kwizera by'ukuri, Umwuka Wera yereka umuntu ibyaha bye maze akihana. Zimwe mu ngero zo kwihana by'ukuri :

- Mu magambo atari menshi, Dawidi yerekanye ko atsinzwe ku cyaha : « *Nacumuye ku Uwiteka* »
  (2 Samweli 12 :13 ; reba na Zaburi ya 51).
- Nyuma y'igihe kirekire ageragezwa, Yobu yaciye bugufi ku Uwiteka avuga ati : *« Ibyawe nari narabyumvishije amatwi ; ariko noneho amaso yanjye arakureba. Nicyo kinteye kwizinukwa, nkaba nihannye, nigaragura mu mukungugu no mu ivu.* »(Yobu 42 :5-6)
- Igihe Yesaya yerekwaga ubwiza bw'Imana, yavuze n'ijwi rirenga ati : *« Ni ishyano, ndapfuye we, kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bufite iminwa yanduye, kandi amaso yanjye abonye Umwami Uwiteka Nyiringabo.* » (Yesaya 6 :5)
- Simoni Petero yitegereje Uwiteka, amugwa ku birenge maze aravuga ati : « Va aho ndi Mwigisha, kuko ndi umunyabyaha »(Luka 5 : 8).

- Mu nkuru ya Luka 15 :17-19, umurimo w'Umwuka Wera ugaragara mu mutima w'uriya mwana w'ikirara mu gihe yavugaga ati : « Abagaragu ba Data ni benshi, kandi bahazwa n'imitsima bakayisigaza, naho jyewe inzara intsinze hano. Reka mpaguruke, njye kwa data, mubwire nti : « data , nacumuye Iyo mu ijuru no mumaso yawe , ntibinkwiriye kwitwa umwana wawe : mpaka mbe nk'umugaragu wawe. ».
- Umukoresha w'ikoro amaze kumenya neza uko ameze imbere y'amaso y'Imana, ahagarara kure « Ntiyahangara no kubura amaso ye ngo arebe mu ijuru, ahubwo yikubita mu gituza, ati :« Mana, mbabarira, kuko ndi umunyabyaha » (Luka 18 :13).

4. Daniyeli

ntare zatinye kurya Daniyeli. Iyo ufite kwizera naho zaba ari intare, nta bushobozi ziba zikigufiteho.

« Nuko umwami arategeka bajya kuzana Daniyeli, bamujugunya mu rwobo rw'intare. Ariko Umwami yari yamubwiye ati : Imana yawe ukorera iteka iragukiza. Maze bazana igitare, bagikinga ku munywa w'urwobo » (Daniyeli 6 :17-18a). …ageze hafi y'urwo rwobo Daniyeli yari arimo, atera hejuru n'ijwi ry'umubabaro, abaza Daniyeli ati : « yewe Daniyeli mugaragu w'Imana Ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare ? Daniyeli asubiza umwami ati : Nyagasani uhoraho, Imana yanjye yohereje Malayika wayo, abumba iminwa y'intare ntacyo zantwaye, kuko nabonetse imbere yayo ntafite icyaha, kandi nawe Nyagasani, ntacyo nagucumuyeho… Maze umwami ategeka ko bamuzanira ba bagabo bareze Daniyeli, babazanana n'abagore babo n'abana babo, babajugunya muri urwo rwobo rw'intare, zibasamira mu kirere, zibamendegurana n'amagufa yabo, batararushya bagera mu rwobo hasi (Daniyeli 6 : 21-23, 25). Izi ngero ziratwereka ko naho yaba inkota ya Goliyati, naho yaba inzoka itagomborwa, naho ryaba itanura ry'umuriro rigurumana, naho yaba indwara idakira, naho yaba amenyo y'intare, ibyo byose nta butware bifite ku bizera by'ukuri, ahubwo Imana ijya ibyemera kugira ngo yiheshe icyubahiro.

Kwizera ntabwo bivuga ko tutagera mu itanura ry'umuriro ugurumana, cyangwa mu rwobo rw'intare, ndetse ngo tube twarwara, cyangwa ngo turibwe n'inzoka. Ibyo birashoboka, ahubwo kwizera kwacu gukwiye kugera ku rwego rwo kwiyumvisha ko no mu itanura ry'umuriro ugurumana tubasha kurindirwamo. Benshi bajya bitegereza ibishashi by'umuriro w'itanura bakagira ubwoba ndetse bakabihungira kure. Aho Imana iturindira rero si ku nkengero z'itanura gusa,ahubwo ni no mu itanura nyirizina. Aho Imana iturindira kandi si hejuru y'urwobo rw'intare gusa, ni no muri rwo, hagati y'intare.

Twirinde rero gutungira Imana agatoki aho yaturindira ; ijya ibikora uko ibyumva. Mwibuke ko Imana ari Imana,si umuntu. Icyo dusabwa ni ukuyizera, tugashyira ibyiringiro byacu muri Yo.

yacu. Akenshi burya bitubera nkuko twizeye. Nk'abigishwa ba Yesu dusabe Imana itwongerere kwizera. « Ndababwira ukuri yuko umuntu wese wabwira uyu musozi ati : « shinguka, utabwe mu nyanja, ntashidikanye mu mutima we, yizeye ko icyo avuze gikorwa, yakibona. Nicyo gituma mbabwira nti : ibyo musaba byose mubishyizeho umutima mwizere ko mubihawe, kandi muzabibona

(Mariko 11 : 23-24).

Kwiringira Imana kurabuze, ariko kandi niko gufite urufunguzo rw'ibisubizo ndetse n'ibitangaza biva ku Mana.

Habayeho umuntu wari uzi Imana ndetse yageragezaga no kuyubaha. Igihe kimwe ari gutembera, agendaa atekereza ku buzima bwe, agera ahantu inzira itagaragara neza, naho ubwo imbere ye hari icyobo gifite metero ijana z'ubujyakuzimu. Agiye kumva yumva akandagiye mu cyobo. Muguhanuka muri icyo cyobo ahagana metero mirongo itanu z'ubujyakuzimu, afata ibyatsi byari byarameze mu mpande z'icyo cyobo cyari kimeze nk'icy'umusarane. Ikintu yihutiye gukora ni ugutabaza mu ijuru. Yarasenze ati : « Mana ndakwinginze ntabara, unkize, unkure aha hantu ndi » (Agomba no kuba yarahize n'umuhigo). Imana iramusubiza iti : « Niteguye kugutabara, ariko kugirango mbikore nawe ubanze urekure ibyo byatsi ufashe mu ntoki. » Uwo muntu abwira Imana ati : « Mbabarira unkize ntarekuye, kuko nawe urabona akamaro ibi byatsi bimfitiye .» Imana iramubwira iti : « Rekura ibyo byatsi ngukize », undi nawe ati : « Nkiza ntabirekuye. » Imana iramwihorera ntiyongera kumuvugisha, uwo nawe akomeza bya byatsi. Ariko hashize iminota icumi, uwo muntu yumva intoki zigiye gucika kubera kuremererwa n'ibiro bye, bigeze aho arananirwa cyane, ntiyamenye igihe yarekuriye bya byatsi, amanuka nk'ibuye agwa ku ndiba ya rwa rwobo. Arapfa, urupfu rubi kuko amagupfa ye hafi ya yose yajanjaguritse.

Iyo aza kwiringira ko Imana yamukiza, yari kurekura ibyatsi, kandi koko Imana yari kumukiza kuburyo bw'igitangaza.

Igitangaza se ubundi ni iki ? Ni igihe Imana ikoze ikintu kidashoboka,kidasanzwe.

Abantu benshi rero (harimo n'abakristo) banze kurekura ibyatsi

Twibwira ko ariyo mpamvu ahari ibitangaza bitakiri byinshi.

« Dore ukuboko k'Uwiteka ntikwaheze ngo ananirwe gukiza ; n'ugutwi kwe ntikwapfuye ngo ananirwe kumva, ahubwo gukiranirwa kwanyu niko kwabatandukanije n'Imana yanyu, n'ibyaha byanyu nibyo biyitera kubima amaso, ikanga no kumva »

(Yesaya 59 :1-2).

« *Arabasubiza ati : Ni ukwizera kwanyu guke..kandi ntakizabananira.* »

(Matayo 17 : 20).

« Yesu arababwira ati : Ndababwira ukuri yuko mwagira kwizera mudashidikanya , mutakora nk'iby'umutini gusa, ahubwo mwa… kandi ibyo musaba mwizeye, muzabihabwa byose » (Matayo 21 :21-22).

« Uwo muntu yizera iryo jambo Yesu amubwiye aragenda »

(Yohana 4 :50)

Yesu abonye kwizera kwabo abwira ikirema ati : Mwana wanjye, ibyaha byawe urabibabariwe…ndagutegetse, byuka, wikorere ingobyi yawe utahe .»(Mariko2 : 4,5,11)

« Yesu abyumvise aratangara, abwira abamukurikiye ati : Ndababwira ukuri yuko ntari nari nabona kwizera kungana gutya, haba no mu Bisirayeli… Yesu abwira uwo mutware ati : nuko genda bikubere uko wizeye. » (Matayo 8 : 10,13)

« *Arababwira ati : Kwizera kwanyu kuri he ? »* (Luka 8 : 25)

« Yumvise ibya Yesu araza, aca mu bantu, amuturuka inyuma, akora ku mwenda we, kuko yari yibwiye ati : ni nkora imyenda ye gusa ndakira … aramubwira ati mwana wanjye kwizera kwawe kuragukijije, wigendere amahoro, ukire rwose icyago cyawe.(Mariko 5 : 27,28,34).

« ageze mu nzu, izo mpumyi ziramwegera, Yesu arazibwira ati : mwizeye ko mbishobora ? Ziramusubiza ziti : yee Databuja. Ahera ko akora ku maso yazo arazibwira ati : bibabere nkuko mwizeye »

(Matayo 9 :28-29).

« Arababaza ati : ni iki kibateye ubwoba mwa bafite kwizera guke mwe ? Maze arabyuka , acyaha umuyaga n'inyanja, biratuza rwose »

(Matayo 8 : 26)

mu itanura ry'umuriro ugurumana hagati, uko bakaboshwe.Uwo mwanya umwami Nebukadinezari aratangara, ahaguruka n'ingoga abaza abajyanama be ati : harya ntitwajugunye mu muriro abantu batatu baboshywe ? Baramusubiza bati : ni koko, Nyagasani. Arababwira ati : Dore ndareba abantu bane babohowe bagenda mu muriro hagati,kandi ntacyo babaye, ariko ishusho ya kane irasa n'iy'Umwana w'Imana. Nebukadinezari yigira ku muryango w'itanura ry'umuriro ugurumana, aravuga ati : « yemwe ba Saduraka na Meshaki na Abedenego, mwa bagaragu b'Imana Isumbabyose mwe, nimusohoke muze hano. Nuko Saduraka na Meshaki na Abedenego baherako bava mu muriro. Maze abatware b'intebe n'ibisonga byabo n'abanyamategeko n'abajyanama b'umwami baraterana, bareba abo bagabo,basanga umuriro utashoboye kugira icyo ubatwara, kandi umusatsi wo ku mitwe yabo utababutse, n'imyambaro yabo ntacyo yabaye, haba ngo wakumva umuriro ubanukaho » (Daniyeli3 :19-27).

3. Hezekiya

Hezekiya yarisengeye mu kwizera akira indwara ye. « Muri iyo minsi Hezekiya ararwara yenda gupfa. Bukeye umuhanuzi Yesaya mwene Amosi aramusanga, aramubwira ati : Uwiteka avuze ngo : « Tegeka iby'inzu yawe, kuko utazakira, ahubwo ugiye gutanga .» Hezekiya yerekera ivure atakambira Uwiteka ati : « Ndakwinginze Uwiteka, uyu munsi wibuke ko najyaga njyendera mu by'ukuri imbere yawe n'umutima utunganye, ngakora ibishimwa imbere yawe. Nuko Hezekiya ararira cyane. Ariko Yesaya ataragera mu murwa hagati, ijambo ry'Uwiteka rimugeraho, riramubwira riti : Subirayo ubwire Hezekiya, umutware w'ubwoko bwanjye uti : « Uwiteka Imana ya Sogokuruza Dawidi iravuze ngo : numvise gusenga kwawe, mbona n'amarira yawe. Dore nzagukiza ku munsi wa gatatu uzazamuke ujye mu nzu y'Uwiteka. Kandi kubaho kwawe nzakongeraho indi myaka cumi n'itanu. » (2 Abami 20 :1-6)

bubyimbe cyangwa ari bupfe akindutse ariko bamaze umwanya munini bakibitegereje, babona ntacyo abaye. »
*(*Ibyakozwe n'Intumwa 28 : 3-6)

2. Ba Saduraka

Umwami Nebukadinezari yababwiye ko nibataramya igishushanyo cy'izahabu yakoze, ingaruka ari uko bari bujugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana. Saduraka na Meshaki na Abedenego banze kuramya icyo gishushanyo, bigaragaza ko batatinye urupfu. Nta mpamvu yo gutinya urupfu bari bafite kuko bari bazi ko Imana iri hejuru y'urupfu. Ndetse kwizera kwabo kwageze aho babona ko n'ubwo Imana yaba yemeye ko bakurwa mu mubiri ; ibyo nabyo nta kibazo biteye. Ahari bari bizeye ko Imana iri bubarinde kubabara hakabaho gupfa gusa, ariko cyane cyane baravugaga bati Imana dusenga turayiyiziye ifite uburyo bwinshi bwo gukiza, wowe Nebukadinezari nturi bubibashe, umugambi udufiteho nturi buwugereho ; niko guterura aya magambo bati : *« Nebukadinezari nta mpamvu n'imwe ituma tugusubiza iryo jambo. Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana ; kandi izadukiza ukuboko kwawe Nyagasani. Ariko n'ubwo itadukiza, Nyagasani, umenye ko tutari bukorere Imana zawe haba no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze »* (Daniyeli 3 :16-18).

« Nebukadineza azabiranywa n'uburakari ; mu maso ye hahinduka ukundi, areba Saduraka na Meshaki na Abedenego igitsure : ategeka ko benyegeza itanura ngo rirushe uko ryari rikwiye kwaka karindwi. Maze atoranya abanyambaraga mu ngabo ze, abategeka kuboha Saduraka na Meshaki na Abedenego babajugunya mum itanura ry'umuriro ugurumana. Nuko baboha abo bagabo uko bakambaye amafurebo n'imyambaro n'imyitero n'ibindi bambaye babajugunya mu itanura ry'umuriro ugurumana. Maze kuko itegeko ry'umwami ryari iry'ikubagahu, kandi umuriro wagurumanaga cyane, bituma ibirimi by'umuriro bisumira abo bagabo bari bateruye Saduraka na Meshaki na Abedenego, birabica. Nuko abo bagabo batatu Saduraka na Meshaki na Abedenego bagwa mu itanura ry'umuriro ugurumana hagati, uko bakaboshwe.Uwo mwanya

« yemwe bantu b'iki gihe batizera… byose bishobokera uwizeye… uwo mwanya se w'umwana avuga cyane ati ndizeye , nkiza kutizera…Yesu acyaha dayimoni ati : yewe dayimoni utavuga kandi utumva, ndagutegetse, muvemo, ntukamugarukemo ukundi .»
(Mariko 9 : 19,23-25).

« Yesu yumvise ko bamusunikiye hanze, aramushaka, amubonye aramubaza ati : mbese wizeye umwana w'Imana ? nawe aramusubiza ati : Databuja, ni nde, nkamwizera ? Yesu aramubwira ati : wamubonye kandi niwe muvugana. Nawe aramusubiza ati Databuja ndizeye. Aramupfukamira » (Yohana 9 :35-38).

« Nanjye nezerewe ku bwanyu, kuko ntari mpari , kugirango noneho mwizere : nimuze tujye aho ari …Yesu aramubwira ati nijye kuzuka n'ubugingo ; unyizera naho yaba yarapfuye azabaho : kandi umuntu wese ukiriho unyizera ntazapfa iteka ryose. Mbese wizeye ibyo ?
Aramusubiza ati : yee, Databuja, nizeye yuko uri Kristo Umwana w'Imana ukwiriye kuza mu isi…. Yesu aramubwira ati : sinakubwiye nti : niwizera uri bubone ubwiza bw'Imana ?… Ubwanjye nari nzi yuko unyumva iteka : ariko mbivugiye kubw'abantu bangose ngo bizere… »
(Yohana 11 : 15,25,27,40,42).

Yesu arayibaza ati : Urashaka ko nkugirira nte ? Iyo mpumyi iramusubiza iti : mwigisha ndashaka guhumuka. Yesu arayibwira ati : igendere, kwizera kwawe kuragukijije. Uwo mwanya arahumuka, amukurikira mu nzira.» (Mariko 10 : 54-52).

Nyuma y'izi ngero zo kwizera turabona ko byose bishobokera uwizera. Ijambo byose rirerekana ko na cya kindi uzi , gishoboka, ariko se kwizera kwawe kurangana gute ? Yesu yaravuze ngo ndetse muzakora ibitangaza birenze ibyo nkora ubu. None se aho birakorwa ? Abakristo dukwiye kureba niba nta kudohoka twagize mu kwizera, keretse niba igihe cyo gukora ibyo bitangaza kitaragera . Ariko se kizagera ryari ? Bamwe mushobora kuvuga muti nyamara ni uko utabizi, naho ubundi ibitangaza birakorwa. Nanjye nzi ko bikorwa, ariko mwibuke ko Yesu amaze kuzura Lazaro byamenyekanye hose mu bayuda, ndetse benshi baramwizera bimenyekana mu batambyi, bimenyekana mu Bafarisayo,

ndetse turibwira ko byarenze imipaka y'igihugu. None se ntubona ko natwe byatugezeho ? Igitangaza si ikintu kimenyekana mu Itorero rimwe (Eglise locale) gusa, ntabwo kiba kikiri ikibazo cy'aho cyabereye gusa. Nimuze ririya sengesho ry'abigishwa ba Yesu turigire iryacu , ubwo bavugaga cyane beruye bati : « twongerere kwizera »(Luka 17 : 5) . Abigishwa ba Yesu bananiwe gukiza umuhungu wari urwaye igicuri maze Yesu abagira inama y'ukuntu bazajya babigenza mu gihe bazajya bahura n'ubwoko bw'iyo ndwara. Yarababwiye ati : « bene uwo mudayimoni ntavanwamo n'ikindi keretse gusenga no kwiyiriza ubusa.(Mariko 9 :29). Ubanza « ibicuri » byararumbutse mu gihe cya none. Hakwiye kubaho ingamba z'Itorero muri rusange (abizera Kristo) zo gusenga no kwiyiriza ubusa . Ese mu gihe « igicuri »kiriho mu rwego rw'igihugu kuki hatabaho gushyira hamwe tukazamurira icyarimwe isengesho mu kwizera, habayeho no kwiyiriza ubusa. Dukwiye kugaragaza ko mu rwego rwa gikristo hari imbaraga zibasha kugira icyo zikora cyane cyane mu bihe bikomeye. Burya umwanzi aba aduseka iyo twirirwa tuvuga ku buremere bw'igicuri runaka, ahubwo ikimuhindisha umushyitsi ni iyo abonye umukristo ari ku mavi nubwo yaba atari umunyamwuka cyane.

Dukurikije inama Umwami wacu atugira, BYOSE bishobokera uwizera kandi tuzirinde kuvanga kutizera mu kwizera nka wa wundi wasengeye akana ke kari kamaze gupfa, nuko kazutse undi agwa nka hariya arasenuka.

II.12. Kwizera gukurura ibitangaza

Iyo twizeye by'ukuri, ubuzima bwacu ndetse n'ibikorwa byacu bigenda birangwa n'ibitangaza by'Imana :

a Kwizera niko kwatumye inkike z'amabuye z'i Yeriko ziriduka, bamaze kuzizenguruka iminsi irindwi(Yosuwa 6 :12-21).

b Kwizera niko kwatumye Abisirayeli baca mu nyanja itukura nk'abaca ku musozi. Abanyegiputa nabo babigerageje bararengerwa (Kuva 14 : 21-31)

c Ubwo Abisirayeli bari barahahamuwe na Goliyati w'umufiristiya (1Samweli 17 :11,24),

Dawidi we akimukubita amaso ubunini bwe bwamuguye neza kuko yahise abubonamo amahirwe menshi yo ku muhamya. Iyo umuntu afite kwizera, ibyo amaso y'umubiri abona binyuranya n'iby'amaso y'umwuka abona. Mu gihe abandi bahindishwaga umushyitsi n'igihagararo cya Goliyati, Dawidi we yari yarangije kumubonamo intumbi, yari yarangije kubona Goliyati atakiri mu isi y'abazima. Niko kuvuga aya magambo yuzuye Kwizera ati : « *Wanteranye inkota n'icumu n'agacumu ; ariko jyewe nguteye mu izina ry'Uwiteka Nyiringabo, Imana y'ingabo za Israeli wasuzuguye. Uyu munsi Uwiteka arakungabiza nkwice nguce igihanga , kandi ndagaburira ibisiga byo mu kirere n'inyamaswa z'inkazi zo mu ishyamba intumbi z'ingabo z'Abafiristiya, kugirango abo mu isi yose bamenye ko mu Israyeli Uwiteka adakirisha inkota cyangwa icumu, kuko intambara ari iy'Uwiteka, kandi ariwe uzabatugabiza* »
(1 Samueli 17:45-47).

d <u>Kwizera nyakuri kutubashisha gusobanukirwa ubutware bw'Imana ku rupfu</u>

Abantu muri rusange batinya urupfu , ariko abizera by'ukuri bazi neza ko urupfu atari ikintu gishobora gupfa kuza ngo kibitureho, ahubwo n'ubwo bakurwa mu mubiri , ibyo bitazaza nk'impanuka. Biba ari uko Imana ibyemeye kuko hari ingero nyinshi zerekana ko hari ibintu cyangwa abantu byagiye bigaragara kenshi ko byananiwe kwica umuntu kandi ibyangombwa byose byo kumwica bihari kandi byakoze umurimo wabyo nk'uko bikwiriye. Dufate urugero :

1. Kuri Pawulo

Inzoka itagomborwa yaramurumye, abantu bose icyo bahise bategereza ni ugupfa kwe. Barakubuze. *« Ariko Pawulo amaze guteranya umuganda w'inkwi, arazicana ; incira iva mu muriro, imuruma ku kiganza. Bene igihugu babonye icyo gikururuka kirereta ku gikonjo cye , baravugana bati : ni ukuri uyu muntu ni umwicanyi ; nturora nubwo yakize mu nyanja, Idaca urwa kibera ntimukundira kubaho ! Ariko akunkumurira icyo gikururuka mu muriro ntiyagira icyo aba. Ba bandi bategereza yuko ari*